

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

GAHUNDA Y'IGIHUGU YA KANE YO KUVUGURURA UBUHINZI (PSTA 4) 2018-24



Igenamigambi riganisha ku bukire

Nyakanga 2018

Iki gitabo cya **GAHUNDA Y'IGIHUGU YA KANE YO KUVUGURURA UBUHINZI**
(PSTA 4) 2018-24
Cyahinduwe mu Kinyarwanda na **CCOAIB**
Ku nkunga y' **Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (E.U)**
Binyujijwe muri **ActionAid**

AMAGAMBO AHINNYE

Agri-TAF	Umuryango utanga ubufasha bwa tekiniki mu buhinzi
ALIS	Uburyo bw'ikorabuhanga butanga amakuru ku butaka
ASCBP	Gahunda y'igihugu yo kongera ubushobozi urwego rw'ubuhinzi
ASWG	Itsinda ryiga ibijyanye n'urwego rw'ubuhinzi
BDF	Ikigeza cyo guteza imbere imishinga
BTC	Ikigo cy'ubutwererane mu bya tekiniki cy'Ububiligi
CAADP	Gahunda Nyafurika yo guteza imbere ubuhinzi
CEPAR	Ishyirahamwe nyarwanda ry'abatunganya bakanohereza ikawa mu mahanga
CFSVA	Isesengura mu kwihaza mu biribwa n'ingaruka bitera
CSA	Ubuhinzi bwihanganira ihindagurika ry'ibihe
CSO	Imiryango itari iya Leta
CIP	Gahunda y'igihugu mpinduramatwara mu buhinzi
DFID	Ikigo cy'ubutwererane mpuzamahanga cy'Ubwongereza
DDP	Gahunda y'igihugu y'iterambere ry'uturere
DRC	Repubulika iharanira demokarasi ya Congo
EAC	Umuryango w'ubukungu w'ibihugu byo mu burasirazuba bw'Afurika
ECCAS	Umuryango w'ubukungu w'ibihugu byo muri Afurika yo hagati
EDPRS	Gahunda y'igihugu mbaturabukungu no kurwanya ubukene
EU	Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'i Burayi
FAO	Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku biribwa n'ubuhinzi ku isi
FDI	Ishoramari ryo hanze ritaziguye
FFS	Ishuri ry'abahinzi mu murima
GAP	Guhinga kijyambere
GGCRS	Gahunda y'igihugu y'iterambere ritangiza ibidukikije
GHG	Imyuka yangiza ikirere
GIS	Uburyo bwo gukusanya, gucunga no gusesengura amakuru
GPS	Uburyo bukoresha amakuru y'ikigendajuru mu kuranga ahantu, ibiri kuhabera n'igihe biri kubera
GoR	Guverinoma y'u Rwanda
Ha	Hegitari
IA	Icyerekezo cy'ibikorwa
ICT	Ikorabuhanga mu itumanaho
INDC	Uruhare rw'ibyo Leta yiyemeje gushyira muri gahunda
IPM	Uburyo bukomataniye bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi

ISFM	Uburyo bukomatanije bwo kubungabunga ubutaka
IWRM	Uburyo bukomatanije bwo kwita ku mazi
JADF	Ihuri ry' abafatanyabikorwa mu iterambere
JSR	Inama isuzuma ibyagezweho n'ibyhutirwa mu rwego rw'ubuhinzi
LODA	Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze
MTIS	Uburyo bw'amakuru ku masoko n'ubucuruzi
M&E	Isuzuma n'ikurikirana bikorwa
MoE	Minisiteri y'ibidukikije
ME&L	Gukurikirana, gusuzuma no kwigira ku byakozwe
MINAGRI	Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi
MINALOC	Minisiteri y'ububanyi n'amahanga
MINICOM	Ministeri y'ubucuruzi n'inganda
MINECOFIN	Ministeri y'imari
MIDIMAR	Minisiteri yo kurwanya ibiza no gucyura impunzi
MIFOTRA	Minisiteri y'abakozi ba leta n'umurimo
MINILAF	Minisiteri y'ubutaka n'amashyamba
MT	Metric onnes
MYICT	Minisiteri y'urubwiruko n'ikoranabuhanga
NAEB	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi
NAIP	Gahunda y'igihugu y'ishoramari
NAMA	Ibikorwa byo ku rwego rw'igihugu byo kugabanya ubukana bw'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe
NAP	Politiki y'igihugu y'ubuhinzi
NAPA	Gahunda y'igihugu y'ibikorwa byo gucunga ihindagurika ry'ibihe
NFNCS	Ubunyamabanga bw'igihugu bwita ku kwihaza mu biribwa n'imirire myiza
NSA	Ubuhinzi bwita ku mirire myiza
NST	Gahunda y'igihugu y'impinduka zigamije iterambere
PA	Umurongo w'ibikorwa by'ingenzi
PPD	Ibiganiro hagati ya Leta n'abikorera
PPP	Ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera
PSF	Urwego rw'abikorera
PSTA	Gahunda y'igihugu yo kuvugurura ubuhinzi
RAB	Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibikomoka kubuhinzi n'ubworozi
RCA	Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere amakoperative
RDB	Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere

REMA	Ikigo cy'igihugu cyo kubungabunga ibidukikije
RYAF	Ihuriro ry'urubwiruko rikora imirimo ishingiyeye ku buhinzi n'ubworozi
RWF	Ifaranga ry'u Rwanda
RWFA	Ikigo cy'igihugu cyita ku mazi n'amashyamba
SACCO	Koperative yo kubitsa no kugurizanya
SAS	Isuzuma ry'igihembwe cy'ihinga
SAIS	Uburyo bw'ikorabuhanga mu gutanga amakuru ku buhinzi
SDG	Intego z'isi z'iterambere rirambye
SEA	Isuzuma ry'ingaruka ku bidukikije
SIDESS	Uburyo burambye bushyigikira ifatwa ry'ibyemezo byo kongera umusaruro
SME	Ibigo bito n'ibiciriritse
SPS	Ubuziranenge bw'ibihingwa
SSIT	Uburyo bwo kuhira imyaka buciriritse
SSP	Gahunda y'igihugu y'igihe kirekire y'urwego runaka
SSWG	Agatsinda k'abahuriye ku bikorwa runaka
S3A	Gahunda y'igihugu y'ubumenyi y' Afurika
USAID	Ikigo cy'ubutwererane cya Leta zunze ubumwe z'Amerika
VHS	Uburyo bw'abaveterineri bwo kuvura amatungo
WB	Banki y'Isi

1. INCAMAKE	11
2. IRIBURIRO	Error! Bookmark not defined.
2.1 URWEGO RWA POLITIKI Y'IGIHUGU.....	16
2.2 Politiki ku rwego mpuzamahanga	16
2.3 UBURYO BWAKORESHEJWE MU ITEGURWA RYA PSTA 4	17
3. URWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA N'UBUKUNGU.....	18
3.1 UMUSARURO W'URWEGO RW'UBUHINZI	18
3.1.1 ITERAMBERE RY'IGIHUGU N'URUHARE RW'UBUHINZI	18
3.1.2 URUHARE MU KUZAMURA URWEGO RW'UBUKUNGU.....	19
3.1.3 UBUHINZI n'umusaruro ubukomokaho.....	19
3.1.4 AMATUNGO N'UMUSARURO UYAKOMOKAHO	21
3.1.5 URUHARE RW'UBUHINZI MU KWIHAZA MU BIRIBWA N'IMIRIRE.....	22
3.1.6 IBYOHerezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi	23
3.1.7 Ubuhinzi no GUHANGA imirimo.....	23
3.1.8 Ingaruka zikomoka ku kazi	24
3.1.9 INGARUKA Z'IHINDAGURIKA RY'IBIHE.....	24
3.1.10 AHO GUKORERA ISHORAMARI RYAGUYE MU BUHINZI.....	25
3.1.11 IMBOGAMIZI.....	26
3.1.12 AMAHIRWE AHARI	30
4. UKO URWEGO RW'UBUHINZI RUGARAGARA MURI RUSANGE.....	33
5. IMITERERE YA PSTA 4.....	34
5.1 Inshingano, icyerekezo n'intego za PSTA 4	34
5.2 Icyerekezo gishya.....	34
5.3 AMAHAME NGENDERWAHO MU ISHORAMARI.....	36
5.4. AMASOKO N'URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO	37
5.4.1 Amasoko	37
5.4.2 URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO.....	37
5.5. IMPINDUKA N'IHINDURAMYUMVIRE BYA PSTA 4.....	39
5.5.1 IMPINDUKA 1: Kurushaho kuzamura ubukire	39
5.5.2 IMPINDUKA 2: Amahirwe y'ubukungu n'uburumbuke, guhanga imirimo no kugabanya ubukene	39
5.5.3 IMPINDUKA 3: Kurushaho kwihaza mu biribwa n'imirire myiza.....	39
5.5.4 IMPINDUKA 4: Kurushaho guhangana n'ihindagurika ry'ibihe ku buryo burambye.....	40
6. INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4	42
6.1 INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4 MU ISURA RUSANGE.....	42

6.2 INKINGI Y'INGENZI ya 1: UBUSHAKASHATSI N'IYAMAMAZABUHINZI	43
IMPINDUKA 1.....	43
IA 1.1 UBUSHAKASHATSI N'ITERAMBERE MU GUHANGA UDUSHYA	44
IA 1.2. KWEGEREZA ABATURAGE GAHUNDA Y'IGIHUGU Y'IYAMAMAZABUHINZI N'UBUJYANAMA.....	46
IA 1.3. KONGERA UBUMENYI KUBAKORA URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO MU BUHINZI	47
6.3. INKINGI Y'INGENZI 2: KONGERA UMUSARURO NO GUHANGANA N'IMIHANDAGURIKIRE Y'IKIRERE	49
IMPINDUKA 2:.....	51
IA 2.1 UBURYO BURAMBYE BWO GUKOresha UBUTAKA NA GAHUNDA Z'IGIHUGU ZIKOMATANIJE ZO KONGERA UMUSARURO W'UBUHINZI.....	51
IA 2.2 KUHIRA IMYAKA KU BURYO BUBONEYE MU RWEGO RWO GUTEZA IMBERE UBURYO BUKOMATANIJE BWO KUHIRA	54
IA 2.3 IBIKOMOKA KU BWOROZI N'UBURYO BWO KONGERA UMUSARURO WABYO	55
IA 2.4 UBUHINZI BWITA KU MIRIRE MYIZA	57
IA2.5 INGAMBA ZO KONGERA IHANGANA N'IMIHANDAGURIKIRE Y'IBIHE.....	59
6.4. INKINGI Y'INGENZI 3: AMASOKO MEZA NO KONGERERA AGACIRO UMUSARURO	60
IMPINDUKA 3.....	61
IA 3.1 GUHUZA AMASOKO NO KONGERA UMUSARURO W'IBYOHerezwa MU MAHANGA.....	62
IA 3.2 INGARUKA Y'AMASOKO Y'UBUHINZI N'IBIKORWA BY'IMARI	65
IA 3.3 KUBUNGABUNGA UBUZIRANENGE N'AMABWIRIZA ABUGENGA.....	66
6.5. INKINGI Y'INGENZI 4: GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE N'INZEGO.....	67
IMPINDUKA 4.....	68
IA 4.1. GUTEZA IMBERE INZEGO ZISHINZWE UBUHINZI N'UBWOROZI	69
IA 4.2. GUSHYIRAHU AMABWIRIZA N'AMATEGEKO ASHINGIYE KU BINTU BIGARAGARA	70
IA 4.3. URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO MU BUHINZI N'UBWOROZI.....	72
IA 4.4. IGENAMIGAMBI, IHUZABIKORWA N'INGENGO Y'IMARI	74
IA 4.5. GUTEZA IMBERE UBUMENYI.....	75
7. INGINGO RUSANGE.....	77
7.1. KUBAKA UBUSHOBOZI	77
7.2. UBURINGANIRE N'UMURYANGO	77
7.3. UBUHINZI BWITA KU MIRIRE IBONEYE	77
7.4. IBIDUKIKIJE N'IMIHANDAGURIKIRE Y'IKIRERE	77
7.5. IMIKORANIRE myiza n'ibihugu duturanye.....	77
7.6 IMICUNGIRE Y'IBIZA.....	78
7.7. IZINDI NGINGO RUSANGE Z'INGENZI	78
8. ISUZUMA RY'IBYEREKERANYE N'UBUKUNGU	78
8.1 IBYAGARAGAJWE RUSANGE KU NYUNGU IKOMOKA KU ISHORAMARI MU BUHINZI	78
8.2 IMPINDUKA KU MUSARURO W'UBUHINZI.....	79

8.3 IKIGERERANYO KU BUKUNGU BW'IGIHUGU	80
8.4 MPINDUKA KU BUKUNGU BW'INGO NO KURWANYA UBUKENE	81
8.5 IMPINDUKA KU KWIHAZA MU BIRIBWA	81
8.6 ISHUSHO Y'UBUCURUZI BW'IBIRIBWA.....	83
9. INGENGO Y'IMARI IKENEWE	85
9.1. UBURYO BWO KUBARA INGENGO Y'IMARI IKENEWE	85
9.2 INGENGO Y'IMARI IKENEWE KURI PSTA 4.....	86
10. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA PSTA 4	88
10.1 IMITERERE Y'INZEGO	89
10.1.1. IMITERERE Y'INZEGO.....	89
10.1.2. INAMA NSUZUMA BIKORWA	89
10.2 UBURYO BW'ISHYIRWA MU BIKORWA	89
10.2.1 INZEGO Z'UBUYOBOZI.....	89
10.2.2. BIKORWA N'INSHINGANO.....	90
10.2.3 IMIKORANIRE NO GUHUZA KW'INZEGO	96
10.2.4 ITEGANYABIKORWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RYABYO KU RWEGO RW'AKARERE	98
10.2.5 URUHARE RW'URWEGO RW'ABIKORERA N'ISHYIRWA MU BIKORWA.....	98
10.3. IBIKORWA BYO GUTANGIRA	99
10.3.1 INGENGO Y'IMARI.....	99
10.3.2 INYIGO	99
10.4 IGENAMIGAMBI RYEREKEYE GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA IBIKORWA	100
10.4.1 GUKURIKIRANA IBIPIMO	100
10.4.2 IMITERERE YO GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA	101
10.4.3 AKAMARO N'INSHINGANO ZEREKEYE GUKURIKIRANA NO KUGENZURA.....	102
10.4.4 GUTANGA RAPORO	102
10.5 GUSUZUMA INGARUKA MBI ZISHOBOKA	103
Umugereka 1: IMBONERAHAMWE Y'IBIZAGERWAHO.....	105
Umugereka 2: ISHUSHO Y'ISHYIRWA MU BIKORWA.....	127
UMUGEREKA 3: INGENGO Y'IMARI IRAMBUYE (FRW).....	143
Umugereka wa 4: IMYUBAKIRE YA GAHUNDA.....	175
UMUGEREKA WA 5: IMIHIGO IHURIWEHO	178
Umugereka wa 6: Imibare mu ncamake	216
UMUGEREKA 7: GAHUNDA Y'IGIHUGU YA GUVERINOMA Y'IMYAKA 7	230
Umugereka wa 8 : AMAHIRWE ASHOBOKA Y'ISHORAMARI RYUNGUKA KU BIKORERA MU RWEGO RWA PSTA 4	238
UMUGEREKA WA 9: ISANO HAGATI Y'INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4 N'INKINGI ZA NST1	240

UMUGEREKA WA 10: ISANO IRI HAGATI Y'INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4 N'INKINGI ZA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUHINZI 241

AHO AMAKURU YAVUYE..... 242

IJAMBO RY'IBANZE

Mu Rwanda ubuhinzi ni ishingiro ry'impinduka mu bukungu, bugomba kuva ku kubona umusaruro uri ku gipimo cyo hasi bwerekeza ku bumenyi bwo kwinjiza umusaruro utubutse. Ubuhinzi kandi ni inkingi ya mwamba mu iterambere ry'ubukungu burambye no mu izamuka ry'imibereho myiza y'abaturage.

Ubuhinzi bugize kimwe cya gatatu (1/3) cy'ubukungu bw'u Rwanda, bugatanga hafi ya kimwe cya kabiri (1/2) cy'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, kandi butanga akazi ku baja kungana na bibiri bya gatatu (2/3) by'abaturage bose bageze igihe cyo gukora.

Mu rwego rwo kwihutisha impinduka mu buhinzi, Minisitiri y'ubuhinzi n'ubworozi yateguye ku nshuro ya kane gahunda y'igihugu yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4). Iyo gahunda yakozwe hagendewe ku bikubiye muri gahunda y'igihugu rusange y'icyerekezo 2050 no muri gahunda y'iterambere ryihuse icyiciro cya 1 (NST1), ari zo nyandiko zikubiyemo gahunda z'ingenzi z'igihugu z'igihe kirekire n'iz'igihe kiringaniye.

Iyi gahunda y'igihugu yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi yifashishwa nka gahunda y'igihugu y'ishoramari mu buhinzi igendeye ku byatangajwe mu nama y' Afrika yunze ubumwe yabereye i Malabo ku iterambere n'impinduka byihuse mu buhinzi kugira ngo habeho uburumbuke kuri bese n'imibereho myiza y'abaturage bizatugeza ku ntego z'isi z'iterambere rirambye (SDGs).

Gahunda y'igihugu yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi yubakiye ku nkingi enye zikurikira: 1) ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi; 2) Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe; 3) Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro; 4) guteza imbere imikoraniye n'inzego. Izo nkingi zose hamwe zitanga icyerekezo cy'igihugu cyo kugera ku mpinduka tuva mu buhinzi bwa gakondo tugana mu buhinzi bwongera agaciro bushingiye ku bumenyi bugira uruhare mu bukungu bw'igihugu, bunatanga icyizere cyo kwihaza mu biribwa n'imirire myiza ku buryo burambye.

Kugira ngo tugere ku ntego z'iyi gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi birasaba ubufatanye hagati ya Leta n'abafatanyabikorwa, kunoza no guhuza gahunda n'ishoramari hamwe no gufatanyiriza hamwe kuzisesengura no kuzigira izacu. Minisitiri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yiyemeje gukora imirimo yo kuyobora no guhuza ibikorwa.

Inzira yo kugera kuri iyi gahunda yahaye agaciro ibitekerezo by'abafatanyabikorwa bo mu byiciro byose no mu nzego zitandukanye. Kubera iyo mpamvu, mboneyeho umwanya wo gushimira mbikuye ku mutima abafatanyabikorwa bacu ku bw'umusanzu wabo n'inkunga batanze kugira ngo iyi gahunda itegurwe.

Ntegereje kandi nizeye ntashidikanya ko ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi rizatugeza ku mpinduka mu buhinzi n'ubworozi mu Rwanda.

Murakoze.

Dr. MUKESHIMANA Gérardine

Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi

1. INCAMAKE

Gahunda y'igihugu ya kane yokuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) yerekana ibyihutirwa mu ishoramari mu buhinzi ikanagereranya ibikenewe mu iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi kuva mu mwaka wa 2018 kugeza mu mwaka wa 2024. Ni gahunda y'igihugu yo gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu y'ubuhinzi (NAP) ikaba kandi ari inyandiko y'igihugu yerekana ingamba z'igihugu mu buhinzi n'ubworozi hagamijwe impinduka nyayo.

PSTA 4 ishingiyeye ku byagezweho muri gahunda y'igihugu ya gatatu yo kuvugurura ubuhinzi (PSTA 3), ikaba yarateganyaga impinduka mu buhinzi bukava ku buhinzi bw'amaramuko bukaba ubwongera agaciro i bushingiyeye ku bumenyi, bugira uruhare mu bukungu bw'igihugu, bunatanga icyizere mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza ku baturarwanda bose. Muri PSTA 4 harimo kuzibanda cyane cyane ku ishoramari ry'abikorera, kuko bizwi ko iterambere ry'ubuhinzi rigomba kuyoborwa n'ishoramari ry'abikorera.

PSTA 4 rero yibanda ku ruhare rukomeye rw'abikorera, harimo n'abahinzi aho Leta ikora umurimo wo kuborohera imikorere no kugera ku masoko. Urugero: uruhare rutaziguye rwa Leta mu guhinga, mu kongerera agaciro umusaruro no gushaka amasoko bizagabanuka. Nyuma yo gushyiraho uburyo buboneye bwo gukora bubereye ubuhinzi, Leta izashyiraho ibikorwa rusange cyangwa yunganire ibizaba byatanzwe n'abikorera, birimo ibikorwa remezo, ubushakashatsi, umutekano w'abaturage no gushaka ibisubizo ku bibazo byagaragaye ku buryo bwihuse.

Ikibazo cy'ingutu kibangamiye ubuhinzi mu Rwanda ni ubutaka buto buhingwa. Iterambere ry'ubuhinzi risabakongera umusaruro uboneka kuri hegitari imwe n'inyungu iwukomokaho hakurikijwe ibyakoreshejwe byose kugira ngo uboneke no kuwongerera agaciro. Kuzamura inyungu kuri hegitari bisobanuye kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi no guhinga ibihingwa bifite agaciro gahanitse nk'ubuhinzi bw'indabo, imboga cyangwa ubworozi bw'inkoko, ingurube n'amafi. PSTA 4 izibanda kandi ku korohereza ishoramari ry'abikorera mu buhinzi bw'imboga n'imbuto binyuze mu kuzamura ibijyanye n'isuku n'isukura/amabwiriza agenga iby'ubwiza, no gushyigikira ikwirakwiza ry'uburyo bugezweho mu buhinzi burimo inzu zihingwamo, guhinga mu mazi no kuhira imyaka ku buso bugereranyije.

Kubera ko ikibazo cy'ihindagurika ry'ibihe kigenda kirushaho gukomera, PSTA 4 ishaka kubaka ubushobozi mu guhangana n'icyo kibazo hakoreshajwe gahunda zinyuranye zishingiyeye ku micungire myiza y'ubutaka n'ibihingwa kandi zigatuma umusaruro wiyongera. Iyi gahunda kandi yibanda no ku bundi buryo bwo kubungabunga ubutaka bwuzuzanya no gukora amaterasi n'ubundi buryo bukumatanyije bwo gucunga no gukoresha neza ubutaka bwo mu mabanga y'imisozi. Izita no ku itangazwa ry'amakuru ku iteganyagihe riburira abahinzi mbere y'igihe no kureba ko ishoramari ryose rigendanye n'imiterere n'ihindagurika ry'ibihe rikorwa neza.

Iterambere ry'amasoko nokongerera agaciro umusaruro bigira uruhare rukomeye ku mpinduka mu buhinzi mu Rwanda. Ibyo bisaba ishoramari ndetse n'imbaraga nyinshi ku bikorera no gukorera hamwe bakusanya umusaruro ugenewe kujyanwa ku masoko no kubona amasoko meza. Hazatangwa impushya zikurura ishoramari kugira ngo hashyirwe imbaraga mu buhinzi buganisha ku masoko ndetse no kwihaza mu biribwa hagabanywa igihombo kibaho nyuma y'isarura.

N'ubwo hagaragaye iterambere mu buhinzi mu myaka irenga 20 ishize, kwihaza mu biribwa n'imirire myiza biracyari ingorabahizi. PSTA 4 yahisemo uburyo bwo kongera ibiribwa no kuvugurura imirire, hitabwa ku buziranenge bw'ibiribwa kandi bugakomeza kubungwabungwa mu gihe cyose hari imirimo igikorera umusaruro inawongerera agaciro. Byongeye kandi, guhangana n'ihindagurika ry'ibihe n'uburyo bwo kugabanya ibyago byo kwangirika k'umusaruro bizakomeza kuvugururwa cyane cyane ku rwego rw'umuryango.

Impinduka mu buhinzi zizasaba ko hakorwa ubushakashatsi no guhanga udushya - kuzana ubwoko bushya bw'imbuto, kugabanya indwara zifata ibihingwa, n'ibindi - ndetse no kongera ubumenyi ku bahinzi no kuvugurura imikorere kugira ngo bagire ubumenyi bwihariye mu buhinzi, bakore iyamamazabuhinzi, bahinge amoko atandukanye y'ibihingwa kandi bamenye n'uburyo bwo kubongerera agaciro. Ikoranabuhanga rikoresha mudasobwa rizatezwa imbere kugira ngo

ibyiza byo kwamamaza ubuhinzi bimenyekane kandi amakuru arebana n'isoko ndetse n'ay'itangwa rya serivisi, ibigo by'imari bitanga inguzanyo, guhangana n'ingaruka z'ikirere n'ibitekerezo bivuye mu bahinzi bitangazwe. Amashyirahamwe y'abihinzi azifashishwa mu rwego rwo gushyira hamwe imbaraga ndetse no guhana serivisi ku bagize ishyirahamwe kugira ngo hatezwe imbere ubuhinzi bugezweho kandi bw'umwuga.

Kugira ngo ubwitabire bw'abagore bugere ku rugero rwo hejuru bityo bitange akazi mu cyaro n'umutungo winjira mu ngo wiyongere, hazabaho kuvugurura imikorere no guha agahimbazamusi abahinzi b'umwuga bashoboye kwihangira imirimo.

PSTA 4 igamije kuzagera ku ntego enye zigendanye na Gahunda y'igihugu ikomatanyije y'iterambere ry'urwego rw'ubuhinzi muri Afurika (CAADP) ari zo: A) kwiyoungera k'ubukungu; B) kwagura inkomoko y'ubukungu, C) Kuzamura urwego rwo kwihaza mu biribwa, D) kuzamura urwego rw'ubudatsimburwa.

Impinduka zizagereranywa hagendewe ku bipimo 8 byihariye bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

No	IGIPIMO	URUGERO FATIZO	UMURONGO NGENDERWAH O	INTEGO 2016/17	INTEGO 2018/19	INTEGO 2019/20	INTEGO 2020/21	INTEGO 2021/22	INTEGO 2022/23	INTEGO 2023/24
Izamuka ry'umusanzu/uruhare										
A1	Ijanisha ry'izamuka ry'umugaruro w'ubuhinzi rigereranyijwe n'ingano y'umugaruro n'ibiciro ntakuka byo mu mwaka wa 2014	Ijanisha ry'ubwiyongere	Ugomba kugenwa haherewe kuri anketi y'ubuhinzi yakozwe muri 2017	10%	10%	10%	10%	10%	10%	10%
A2	Agaciro k'ibyoherejwe mu mahanga: (Miliyoni 356 z'amadorari y'Amerika)	Miliyoni z'amadorari y'Amerika	378	403	432	461	501	537		
Kwaguka kw'amarembo y'ubukungu										
B1	Imiryango yo mu cyaro ibaho munsu y'umurongo w'ubukene (amakuru ku bagore n'abagabo agaragazwe)	Ijanisha	43,3%	39,0%	34,7%	30,3%	25,9%	21,6%	17,0%	
B2	Umubare w'imirimo mu buhinzi hagendewe ku murongo ngenderwaho	Umubare	Aha nta mibare	60.000	120.000	180.000	240.000	300.000	360.000	

No	IGIPIMO	URUGERO FATIZO	UMURONGO	INTEGO	INTEGO	INTEGO	INTEGO	INTEGO	INTEGO
			NGENDERWAH O	2016/17	2018/19	2019/20	2020/21	2021/22	2022/23
	(amakuru ku bagore n'abagabo agaragazwe)								
B3	Impuzandengo y'umutungo winjira muri buri rugo rw'umuhinzi wo ku rwego rwo hasi	Izamuka ry'umutungo umuhinzi w'umuhinzi yinjiza ku mwaka (agaciro nyakuri mu mafaranga y'u Rwanda)	3,7%	3,7%	3,7%	3,7%	3,7%	3,7%	3,7%
Izamuka ryo kwihaza mu biribwa									
C1	Ijanisha ry'imiryango itihagije mu biribwa	Ijanisha	20%	19%	18%	16%	14%	12%	10%
C2	Umusaruro w'igipimo cy'ingufu (Kcal) kuri buri muntu	Umusaruro w'igipimo cy'ingufu (Kcal) kuri buri muntu	1.934	2.180	2.340	2.525	2.764	2.919	3.094
Izamuka ryo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe									
D1	Umugabane w'ubutaka bwagenewe ubuhinzi mu buryo burambye	Ijanisha	56%	60%	64%	68%	73%	78%	83%

Kugira ngo izo ntego uko ari enye zigerweho, gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi yubakiye ku nkingi enye z'ingenzi:

Inkingi y'ingenzi ya 1: Ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi hatangwa ubumenyi bw'ibanze ku nkingi y'ingenzi ya 2 n'iya 3. Hazibandwa ku guteza imbere ubumenyi mu buhinzi n'ikorabuhanga hakorwa ubushakashatsi bw'ibanze no guhanga udushya, cyane cyane hagamijwe guteza imbere amoko y'imbuta z'indobanure kandi nziza. Imishinga igaragaza udushya izatezwa imbere binyuze mu bufatanye hagati ya Leta n'Abikorera (PPP) no guteza imbere amahuriro azana udushya n'imikoraniye idufitiye inyungu n'ibigo by'ubushakashatsi ndetse n'abikorera. Ubwo bufatanye ni ubuzaba ku bikoreho byateganyirijwe kuvugurura ubutaka bakora igerageza ry'inzu zihingwamo n'igerageza ry'ubuhinzi bwo mu mazi ndetse no guteza imbere abikorera batanga serivisi zijyanye n'iyamamazabuhinzi.

Inkingi y'ingenzi ya 2: Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe hibandwa ku guteza imbere uburyo bukoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bushobora kuramba kandi bukabasha guhangana n'ihindagurika ry'ibihe. Iki gice gikubiyemo ishoramari rihenze rifite ubushobozi bwo kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi. Ishoramari rinini rizajya mu kuhira imyaka hateganyijwe kuzamura igipimo cy'ubutaka bwuhirwa kuva kuri ha 48 508 kugeza kuri ha 102 284. Nyuma y'ibyo, kurwanya isuri bizakomeza kwibandwaho hacukurwa amaterasi y'indinganire bikazava kuri ha 110 906 bikagera kuri ha 142 500 ndetse n'amaterasi yikora buhoro buhoro akava kuri ha 923 604

akagera kuri ha 1 007 624. Hanyuma, ingamba z'igihugu zo kubungabunga ubutaka hakoreshejwe uburyo bwa kamere zizatezwa imbere kugira ngo habungabungwe izindi hegitari 150 000 kugeza mu mwaka wa 2024.

Ikoreshwa ry'inyongeramusaruro riteganyijwe kuzagera kuri Kg 39/ha bikazatuma habaho ikoreshwa ry'imbuta z'indobanure ku bahinzi bakabakaba 75%. Mu rwego rwo kuzamura umusaruro w'ubworozi, hazibandwa mu guhinga ubwatsi bw'amatungo binyujijwe mu bufatanye hagati ya Leta n'abikorera (PPP), hanibandwe ku buzima bw'amatungo binyujijwe mu korohereza aborozi guhabwa serivisi n'abaganga b'amatungo ndetse no kubona inkingo. Byongeye kandi, hazabaho kwandikisha/kubarura amatungo. Ku birebana n'ubworozi bw'amafi n'ibindi binyabuzima byo mu mazi, hazibandwa kuri gahunda y'igihugu yo kuyagaburira no kongera umubare w'abana b'amafi. Mu rwego rwo kuzamura umusaruro w'ubworozi, imibereho myiza y'abaturage no kugabanya ibura rya poroteyine (ibyubaka umubiri) ku bagize umuryango, gahunda y'igihugu ya Girinka izagurwa hongerwemo amatungo magufi: inkoko 5.400.000 n'ingurube 1.250.000 bizatangwa hamwe n'inka 189.000. Ku bijyanye n'ubuhinzi bwita ku mirire myiza, gahunda ziteza imbere ibihingwa bifite intungamubiri zihagije zizatezwa imbere, hazazamurwa kandi ubuhinzi bwo mu turima tw'igikoni n'uturima tw'ishuri kandi hatezwe imbere guhinga no kurya imbuto n'imboga bifite intungamubiri nyinshi.

Inkingi y'ingenzi ya 3: Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro bigamije kuvugurura amasoko no guhuza abafite umusaruro n'inganda ziwongerera agaciro. Aha hazamo n'amasoko y'ingenzi agurisha ibikenerwa byose mu buhinzi n'ubworozi harimo inyongeramusaruro, ubwishingizi, ibigo by'imari ndetse n'ibikorwa bifasha kongera umusaruro nko guhuza ubutaka, guteza imbere ibyongerera agaciro umusaruro, ibikorwa remezo by'amasoko n'ubushake bwo kohereza ibicuruzwa mu mahanga.

Ku bufatanye n'urwego rw'abikorera binyujijwe mu mahuriro agamije kongera umusaruro, ubu buryo buteganya gushyiraho ibikorwaremezo bifatika n'ibishingiye ku ikoranabuhanga mu gihe cyose hari ibikorwa byongerera umusaruro agaciro. Urugero: kuzamura ubushobozi bw'amazu ahunikwamo imyaka kuva kuri toni 295.495 kugeza kuri toni 350.431, gushyiraho imbuga 240 zo kwanikaho n'ibyumba 40 byo gukonjesherezamo, hakanatezwa imbere uburyo bw'uruherekane bwo gukonjesha. By'umwihariko ku makaragiro y'amata, Leta iteganya ko amakusanyirizo y'amata azongerwa akava kuri 56 akagera kuri 77 mu gihe cyose cy'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda. Amazu yo guhunikamo ibiribwa bigenewe ubutabazi bwihuse azongerwa ave kuri toni 184.814 agere kuri toni 260.052 mu mwaka wa 2024.

Hejuru y'ibyo, amakuru arebana n'ibiciro ku isoko agomba gutangazwa binyujijwe ku rubuga *e-soko +*. Abahinzi bazoroherezwa kugeza ibicuruzwa ku isoko binyujijwe mu isesengura rivuguruye ryo gushaka amasoko ariko cyane cyane binyuze mu guteza imbere ubuziranenge n'isuku. Hanyuma izindi serivisi zizana udushya z'ubwishingizi n'imari zizashyigikirwa.

Inkingi y'ingenzi ya 4: Guteza imbere imikoranire y'inzege. Gushyiraho uburyo buboneye n'ahantu ho gukorera haboneye byorohereza abahinzi n'ibigo bishinzwe ubuhinzi bikanakemura ibibazo bwangu bishyiraho amategeko n'amabwiriza agenga ubuhinzi binyujijwe mu gutanga ibisobanuro no guhuza ibikorwa by'uruhare rwa Leta mu buhinzi n'ubworozi. Gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi igamije kuvugurura ishyirwaho ry'amategeko ibinyujije mu buryo bwiza bwo gukusanya amakuru no kuyasesengura ndetse no kuvugurura ubushobozi bwo gusesengura no gushyiraho amabwiriza. Mu rwego rwo gutegura igenamigambi, ni ngombwa guhuza ibikorwa hagati y'abafatanyabikorwa. Ibyo bizasaba mbere na mbere impinduka mu bigo, kugira ngo havugururwe ubushobozi bwo gutanga ubumenyi ku buryo bugomba gukoreshwa ndetse haveho uruhare ibigo byari bifite ku isoko ahubwo bihinduke umuhuza ku isoko. Urugero: iyi Gahunda iteganya ko habaho inyigo ku buryo bw'iterambere bwo gutera inkunga ubuhinzi n'ubworozi bugamije kuzamura imikoranire y'inzege za Leta n'iz'abikorera ndetse hakagenwa agahimbazamusyi ku bazitabira kuzikora. Hazabaho kandi kwibanda ku isesenguramategeko no kwagura ubushobozi bwo gukusanya amakuru no kuyabyazamo amabwiriza ashingiye ku bimenyetso simusiga. Ikoranabuhanga rigezweho nko gufata amashusho hakoreshejwe icyogajuru no kwakira ibitekerezo by'abahinzi binyujijwe kuri murandasi bizakoresheya mu rwego rw'ikusanyamakuru. Kungurana ibitekerezo biteza imbere ubuhinzi hagati ya Leta n'abikorera bizatezwa imbere mu rwego ruto, no mu rwego rwagutse ndetse habeho guhuza ibikorwa by'ubuhinzi n'iby'imiryango ya Leta ikora mu buhinzi n'abafatanyabikorwa bo hanze. Hazabaho kandi kwibanda cyane mu gushaka amakuru aturuka hanze kugira ngo isura nyayo y'ubuhinzi mu gihugu ivugururwe kandi icyizere cy'abafatanyabikorwa cyiyongere mu birebana no gushyira mu bikorwa buri ntego y'izi ngamba.

Igenagaciro riteganyijwe kuri buri nkingi mu gihe cy'imyaka 6:

Ibizibandwaho	Ibizagerwaho	Igiciro (RWF bn.) Miliyoni
1.Ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi	Kuvugurura ikoranabuhanga, guha abahinzi ubushobozi kandi abagize uruherekane ry'inyongeragaciro ku musaruro mu cyaro bashobore gufata ibyemezo bishingiye ku bumenyi bafite kandi bitabire ibikorwa bitari ubuhinzi bibyara inyungu.	399
2.Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe	Izamuka ry'umusaruro, guha agaciro ibiribwa bikize ku ntungamubiri no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe binyuze mu buryo bwo guhinga ibihingwa bitandukanye kandi biramba, no guhuza ubuhinzi, ubworozi bw'amatungo n'ubworozi bw'amafi.	1 708
3.Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro	Kongera ubwiza bw'umusaruro, kwagura amasoko y'ubuhinzi, kuzamura agaciro k'umusaruro no kurushanwa ku isoko mu gutanga amoko menshi y'ibihingwa haba mu masoko yo mu gihugu, ayo hanze y'igihugu n'ayo ku rwego mpuzamahanga	528
4.Guteza imbere imikoranire y'inzezo	Gutanga serivisi nziza mu bigo bya Leta ndetse n'ibyigenga bikora mu bijyanye n'ubuhinzi.	140
Igiteranyo		2 775

Urwego rw'abikorera rushobora gutanga umusanzu warwo mu gushyira mu bikorwa izi ngamba mu byiciro rubona ko rwakuramo inyungu. Binyujijwe mu buryo bwo kuborohera n'ubufatanye, biteganyijwe ko uruhare rwabo rwangana na 15% by'igiteranyo cy'ishoramari rikubiye muri PSTA 4, imigabane yabo ikazamuka ikava kuri 1% mu mwaka wa mbere kugeza kuri 28% mu mwaka wa nyuma.

Uburyo bukoresha mudasobwa bugamije kugereranya buteganya ko izi ngamba zose nizishyirwa mu bikorwa, impuzandengo y'izamuka ry'ubukungu yagera ku 10% ku mwaka ndetse ubukene bukagabanuka kuva ku kigero cya 39,1% kugeza kuri 15% mu gihe cy'imyaka 6. Ariko mu gihe inkunga zakomeza kungana n'izo mu myaka ya vuba ishize, izamuka ry'ubukungu riteganyijwe ryaba ari 4,4% ku mwaka naho igipimo cy'igabanuka ry'ubukene kikagera kuri 21,8% mu mwaka wa 2024.

N'ubwo PSTA 4 ikubiyemo igenamigambi ryose rireba urwego rw'ubuhinzi kandi uru rwego rurenze Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi (MINAGRI), ingengo y'imari yayo ikubiyemo gusa igishoro cya Leta hamwe n'ibikorwa biyobowe na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, inzego ziyishamikiyeho n'urwego rw'abikorera.

MINAGRI ifite uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa iyi gahunda n'inkingi zayo zose uko ari enye ku bufatanye n'ibigo biyishamikiyeho, izindi Minisiteri zifite aho zihurira n'ubuhinzi, intara n'ibigo by'abikorera (harimo abahinzi n'imiryango). Imikoranire n'inzezo z'ibanze ni ngombwa kugira ngo tugere ku ishyirwa mu bikorwa ry'imirimu itandukanye iteganyijwe muri PSTA.

Bitewe n'uko urwego rw'ubuhinzi rugizwe n'ibyiciro byinshi, hariho izindi ngamba zizashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'izindi Minisiteri n'ibigo bizishamikiyeho. PSTA 4 igambiriye kongera ubushobozi bwa Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi n'ibigo biyishamikiyeho mu gufatanya no guhuza ibikorwa binyujijwe mu itegurwa ry' igenamigambi n'ingengo y'imari bikorewe hamwe ndetse n'amakuru ahagije ku ishyirwa mu bikorwa n'impinduka biturutse ku buryo buvuguruye bw'ikusanyamakuru.

Byongeye kandi, PSTA 4 ishyigikiye ko hashyirwa imbaraga mu kugirana ibiganiro n'ibigo by'abikorera birebwa n'izi ngamba z'ubuhinzi – cyane cyane ibihagarariye abahinzi, urubyiruko, abaguzi n'imiryango y'abikorera.

Uburyo bwo gukurikirana no kugenzura ibikorwa (M&E) bugamije ibintu bibiri ari byo kubona amakuru ku mpinduka zavuye ku ngamba zafashwe mu buhinzi ndetse no kumenya ikigero fatizo cy'umusaruro w'ibyakozwe. PSTA 4 ifite uburyo bwo gukora igenzura buri mu nzego ebyiri: igenzura rishingiye ku bisubizo bya gahunda y'igihugu byafashwe n'uburyo bwo kubishyira mu bikorwa. Muri rusange, ikurikirana n'isuzuma by'izi ngamba bireba Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi.

2. IRIBURIRO

2.1 URWEGO RWA POLITIKI Y'IGIHUGU

Gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi iri muri Gahunda y'igihugu y'impinduka zigamije iterambere (NST 1)¹. Ni yo izayobora ishoramari rya Leta mu buhinzi guhera mu mwaka wa 2018 kugeza muri 2024 kandi ikazashyira ahagaragara ikigereranyo cy'ubushobozi buzakenerwa mu rwego rw'ubuhinzi muri icyo myaka itandatu, bityo ikazatanga umusanzu ku nkingi eshatu za mwamba z'ingamba z'igihugu zigamije impinduka (NST 1) arizo kuvugurura ubukungu, imibereho y'abaturage n'imiyoborere nk'uko bigenwa n'icyerekezo cy'ubukungu cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050. Hagendewe kuri icyo cyerekezo, u Rwanda ruteganya kuzaba igihugu cyinjiza umusaruro uri mu kigero cyo hagati kijyana ku cyo hejuru mu mwaka wa 2035 kikazagera ku kwinjiza umusaruro uri mu kigero cyo hejuru mu mwaka wa 2050, rugamije ko abanyarwanda bihaza mu biribwa kandi bakagira ubuzima buzira umuze. icyerekezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2050 kibanda ku kamaro k'ubuhinzi bw'ibihingwa bishobora kongerera agaciro ndetse n'ubuhinzi bwibanda mu gukoresha ikoranabuhanga, bugamije gusagurira amasoko mu rwego rwo kubahiriza inkingi ya mwamba ya gatatu yo gukora impinduka zigamije kongera umusaruro.

Gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi ni gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'ubuhinzi zikubiye muri Politiki y'igihugu y'ubuhinzi (NAP) igaragaza politiki y'ubuhinzi bw'ibihingwa bifite agaciro kandi bahinga bagamije kubijyana ku isoko. Politiki y'igihugu y'ubuhinzi (NAP) kandi ni igisubizo ku mpinduka zihuse zagaragaye mu rwego rw'ubuhinzi yita kandi ku masomo yagaragaye agomba kwigirwaho n'ibibazo by'ingenzi byagaragayemo, nko gukoresha ubutaka ku buryo burenze ubushobozi bwabwo, ibikenewe mu kugaburira abatuye mu mijyi², ubwitabire bw'uruburiko rwo mu cyaro ku isoko ry'umurimo, no kuba hakenewe kuzamura umusaruro w'abahinzi bo mu rwego ruciriritse. Hejuru y'inyandiko z'amabwiriza rusange, PSTA 4 igamije impinduka mu buhinzi n'ubworozi binyuze mu mabwiriza n'ingamba zo mu nzego zishamikiye ku rwego rw'ubuhinzi. Urugero: ingamba z'igihugu ziheruka gushyirwaho vuba zigamije guteza imbere ishoramari mu nganda zitunganya ibiribwa (2017); amabwiriza ajyanye n'imihanda mito yo mu cyaro (2017); ingamba z'igihugu zirebana n'ikoranabuhanga mu buhinzi (2016-2020); amabwiriza y'igihugu agenga ikoreshwa ry'inyongeramusaruro (2014).

PSTA 4 kandi ikubiyemo ibikorwa by'iterambere mu buhinzi byo mu bigo byose n'amashami birebwa n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo. Ntabwo ari Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi n'ibigo biyishamikiyeho RAB na NAEB bifite uruhare rw'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda gusa hari n'ibindi bigo nabyo bizaba bifitemo inshingano. PSTA 4 rero ni inyandiko igamije kuyobora abafatanyabikorwa batari Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi n'ibigo biyishamikiyeho gusa, nk'uko bigaragazwa mu igenamigambi n'isuzuma bikorwa bikorewe hamwe mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ryayo iyi Gahunda ishingiyeye ku byagezweho kandi izana uburyo bushya bwo kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi no kuzamura ubukungu mu buhinzi.

2.2 POLITIKI KU RWEGO MPUZAMAHANGA

Ku rwego rw'umugabane w'Afurika n'urw'akarere, PSTA 4 yerekana uruhare rwa Leta y'u Rwanda muri gahunda nyafurika y'iterambere ry'ubuhinzi (CAADP). Muri urwo rwego ibyatangarijwe i Malabo mu mwaka wa 2014³ bigaragaza ibigamijwe by'umwihariko birebana n'uruhare rw'urwego rw'ubuhinzi mu iterambere ry'ubukungu birimo kwagura amasoko, imibereho myiza y'abaturage no kwihaza mu biribwa ndetse no guhanganan'ihindagurika ry'ibihe. . Ibyatangarijwe i Malabo kandi byibanda ku ruhare rw'abikorera n'ubufatanye bwagutse hagati y'inzego za Leta n'iz'abikorera.

¹ NST1 ikurikira EDPRS 2 yarangiye muri 2018)kandi ishyira mu bikorwa imyaka ibiri ya nyuma y'icyerekezo 2020 n'umwaka wa 1 w'icyerekezo 2050

² NST1 iteganya ko ababa mu mijyi bazagera kuri 35% muri 2024 bavuye kuri 17.3% muri 2014

³ <https://au.int/en/documents/31247/malabo-declaration-201411-26>

PSTA 4 igamije kugera ku ntego z'iterambere rirambye mu birebana n'ubuhinzi kandi u Rwanda rwashyize imbaraga mu kwakira ikigo kireba iby'itegeho z'iterambere muri Afurika⁴. Urwego rw'ubuhinzi ruzatanga umusanzu warwo mu kugera ku ntego nyinshi z'iterambere rirambye (SDGs), by'umwihariko: Intego ya mbere y'iterambere ku rwego rw'isi (SDG 1) : kurandura burundu ubukene bukabije, intego ya 2 y'iterambere rirambye (SDG 2) : kurandura burundu inzara, kuzamura imibereho myiza, n'ubuhinzi burambye, Intego ya 8 y'iterambere rirambye (SDG 8) : akazi gahesha ishema ugakora n'iterambere ry'ubukungu, intego ya 13 y'iterambere rirambye (SDG 13) : kurinda kwangirika kw'ikirere, n'itegeho ya 15 y'iterambere rirambye (SDG 15) : ibidukikije biri ku butaka, amashyamba, n'ubutaka.

PSTA 4 igendeye kandi ku cyerekezo 2050 cy'umuryango w'Afrika y'iburasirazuba kirebana no kuzamura ishoramari no kongera umusaruro w'ubuhinzi mu rwego rwo kwihaza mu biribwa no kuzana impinduka mu bukungu bw'icyaro. Binyujijwe mu misanzu yagenwe ku rwego rw'igihugu (INDCs) ku buhinzi⁵, u Rwanda rwabyitabiriye rushingiye ku byatangarijwe i Paris ku mihindagurikire y'ikirere mu mwaka wa 2015.⁶

Ibyateganyijwe gukorwa muri uyu mushinga bishamikiye ku ngamba z'igihugu zihutirwa zo kugabanya imyuka ihumanya ikirere no guteza imbere uburyo bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe. Gahunda y'igihugu y'iteganyabikorwa igamije gushyira mu bikorwa ibyemeranyijweho (NAPA) yagejeje muri UNFCCC mu mwaka wa 2007 igaragaza uburyo u Rwanda ruzakoresha kugira ngo rugabanye guhangarwa n'ihindagurika ry'ibihe no guhangana n'ingaruka ziterwa naryo. Gahunda y'igihugu y'iteganyabikorwa igamije gushyira mu bikorwa ibyemeranyijweho (NAPA) mu mushinga uteganyijwe ni uguteza imbere "ibikorwa bibyara inyungu bitari ubuhinzi" bifatwa nk'ingenzi cyane mu gufasha abatuye mu cyaro guhangana n'ibiza biterwa n'ihindagurika ry'ibihe. Byongeye kandi, mu Rwanda gahunda y'igihugu y'ibikorwa bigamije kugabanya ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe ku rwego rw'igihugu (Nationally Appropriate Mitigation Actions, Rwanda's NAMA) (2015) yashyizeho urwego rurebana n'amategeko n'amabwiriza ku bikorwa bya ngombwa bigamije kugabanya ubukana bw'ibiza. Gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi igendera ku ngamba za Leta y'u Rwanda nk'uruhare rwayo ku isoko rusange ry'Afrika y'i Burasirazuba n'iy'amajyepfo (COMESA), uruhare rwo kwagura amasoko yo mu karere yorohereza ubucuruzi n'iterambere ry'ubuhinzi.

2.3 UBURYO BWAKORESHEJWE MU ITEGURWA RYA PSTA 4

Itegurwa rya PSTA 4 ryahaye rugari abafatanyabikorwa banyuranye harimo abo mu rwego rwa Leta, urwigenga, amashyirahamwe y'abahinzi, ibigo by'abikorera, n'imiryango itari iya Leta kugira ngo buri rwego rurebwa n'iyi gahunda y'igihugu rugiremo uruhare kandi ruzakomeze kuyitabira mu gihe kiri imbere.

Hashyizweho itsinda riyobowe na Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi rishinzwe gutegura PSTA 4 harimo abahagarariye RAB na NAEB n'abafatanyabikorwa b'ibanze mu iterambere (umuryango w'ibihugu by'ubumwe bw'i Burayi, FAO, Banki y'isi, DFID, na USAID). Inkunga mu rwego rwa tekini yatanze n'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku biribwa n'ubuhinzi (FAO) binyuze mu nkunga y'umuryango w'ubumwe bw'i Burayi ku bufatanye na Agri-TAF⁷. Itsinda ryagutse ry'abafatanyabikorwa mu buhinzi ryagiye riyambazwa kenshi ndetse n'abafatanyabikorwa mu iterambere batanze inkunga n'inama zabo mu itegurwa rya PSTA 4.

Hagati ya Mata na Kamena 2017, inama nyunguranabitekerezo hamwe n'abafatanyabikorwa zarakozwe hagamijwe kwegeranya amakuru yatuma PSTA 4 itegurwa neza. Muri izo nama harimo inama ngishwanama ku rwego rw'igihugu kuri PSTA 4 harimo imiryango itari iya Leta iharanira inyungu rusange, yabaye muri Mata 2017. Isesengura ry'ingengo y'imari ya Leta igenerwa ubuhinzi mu mwaka wa 2017/18 ryakozwe muri Gicurasi 2017, kungurana ibitekerezo ku bagenerwa bikorwa b'imiryango ya Alert International na Profemmes Twese Hamwe muri Gicurasi 2017, n'ikiganiro ku rwego rw'igihugu ruhuza Leta n'imiryango itari iya Leta cyabaye muri Kamena 2017.

⁴ sdgcafrica.org/

⁵ U Rwanda rwamenyeshyeje urwego rw'Umuryango w'Abibumye rw'ubwumvikane ku mihindagurikire y'ikirere INDC yarwo ku itariki ya 26 Ukwakira 2015.

⁶ Ubwumvikane rw'ibihugu rushyiraho iteganyabikorwa rusange mu rwego rwo kwirinda ibibazo byaterwa n'imihindagurikire y'ikirere ihshyiraho urwego ntarengwa rwa'ubushyuhwe ruri hasi ya 2°C.

⁷ Ref Agri-TAF

Muri Kamena, inama nsangirabumenyi y'iminsi itatu yabereye i Kigali, ihuza abantu amagana n'imiryango inyuranye ifite ubunararibonye n'uburambe⁸ ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga kugira ngo bamenyeshweko PSTA 4 iri gutegurwa. Ibyakurikiyeho ni inama zinyuranye zakozwe ku rwego mpuzamahanga na MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho ndetse n'izindi Minisiteri n'ibigo bifite aho bihurira n'ubuhinzi, hagamijwe kujya inama, guhuza ibikorwa nokunonosora ibizakorwa n'ibiteganijwe kuzagerwaho muri gahunda ya PSTA 4.

Abandi batanze umusanzu wabo mu gutegura iyi PSTA 4 ni inzego zishinzwe ibijyanye n'uburinganire, ibidukikije n'ihindagurika ry'ibihe. Itsinda ry'impuguke mu buhinzi bwita ku mirire myiza naryo ryatanze inama z'ingirakamaro. Inama nyunguranabitekerezo n'abikorera harimo n'abahinzi n'aborozi yabaye mu kwezi kw'Ukwakira 2017 mu rwego rwo kwemeza umushinga w'inyandiko ya PSTA 4 no gutanga ibitekerezo. Mu kwezi kw'Ugushyamba 2017, inyandiko ya PSTA 4 yemejwe n'itsinda rigari ry'ubuhinzi kandi yakoreshejwe mu iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2018/19. Hashingiwe kuri izo nama zose zakozwe imbere mu gihugu, n'ubusesenguzi bwa tekini bwakozwe na NEPAD, PSTA 4 yarangiye gutegurwa muri Mutarama 2018.

3. URWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA N'UBUKUNGU

3.1 UMUSARURO W'URWEGO RW'UBUHINZI

3.1.1 ITERAMBERE RY'IGIHUGU N'URUHARE RW'UBUHINZI

U Rwanda ruri mu nzira yo kwivugurura, kugira ngo ruve ku rwego rw'igihugu gikennye kinjiza umutungo wo ku rwego rwo hasi maze rugere ku rwego rw'igihugu cyinjiza umutungo wo ku rwego ruciriritse. Hagati y'umwaka wa 2000 na 2016, ubukungu bw'u Rwanda bwiyoungereyeho 7,9 % muri rusange, ku buryo mu 2016 ubukungu bwari bumaze kwikuba inshuro 3,5 ugereranyije n'umwaka wa 2000⁹. Muri icyo gihe kandi, umusaruro mbumbe rusange ku muturage (GDP) wariyoungereye, uva ku madolari ya Amerika 242 ugera ku madolari 729¹⁰, kandi igipimo cy'ubukene¹¹ cyaramanutse kiva kuri 60,3% kigera kuri 39,1%¹². icyizere cyo kubaho cyariyoungereye kiva ku myaka 48,2 mu mwaka wa 2000 kigera ku myaka 64,5 mu 2015¹³, naho impfu zibasira abana bato ziramanuka kuva ku bana 183/1000 kigera ku bana 42/1000¹⁴. Kumenya gusoma no kwandika mu rubyiruko byariyoungereye kuva kuri 77% mu mwaka wa 2010 kugera kuri 85% mu mwaka wa 2015¹⁵. Ibikorwa by'ishoramari ridaheza byiyoungereye kuva ku rugero rwa 48% mu 2008 kugera kuri 89% mu 2016¹⁶, naho gutunga telefoni igendanwa byavuye ku rugero rwa 6% kugera kuri 65% hagati y'umwaka wa 2006 na 2014¹⁷. Ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byariyoungereye cyane biva ku rwego rwo hasi rw'ubwiyoungereye bwa 13,2% ku mwaka hagati y'umwaka wa 2000 na 2016, naho ibicuruzwa byinjizwa mu gihugu byariyoungereye biringaniye ku rugero rwa 10% ku mwaka¹⁸, bityo ubwiyoungereye buhujwe bw'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga n'ibinjira mu gihugu bugira uruhare mu kuzamura ubukungu kuva ku rugero rwa 31 kugera kuri 48%.¹⁹

⁸ http://www.minagri.gov.rw/index.php?id=469&L=0&tx_ttnews%5Btt_news%5D=1501&cHash=d5c3dfb8e7e4cdab49d16f61650d126a

⁹ NISR, Konti z'Igihugu (2016)

¹⁰ Kimwe no hejuru.

¹¹ http://www.minagri.gov.rw/index.php?id=469&L=0&tx_ttnews%5Btt_news%5D=1501&cHash=d5c3dfb8e7e4cdab49d16f61650d126a

¹² NISR, EICV 1-4

¹³ Ibigipimo bya Banki y'Isi: http://data.worldbank.org/indicator/SP.DYN.LE00.IN?locations=RW&name_desc=true

¹⁴ Kimwe no hejuru.

¹⁵ Kimwe no hejuru

¹⁶ NISR, FinScope (2016) imari kuri bese isabanurwa nko kugera ku bigo by'imari byemewe no kugira icyo ubikurmo no gukoresha serivisi zabyo

¹⁷ NISR, EICV4

¹⁸ NISR, Konti z'Igihugu (2016, igipimo cy'umutungo

¹⁹ Kimwe no hejuru.

Nk'uko u Rwanda rutera imbere mu bukungu bushingiye ku bumenyi, ubuhinzi bukomeza kuba inkingi ya mwamba ku bukungu burambye, bwerekeza ku mibereho myiza n'uburyo bwo kubaho ku baturage. Urugero rw'amateka y'inararibonye y'ibihugu by'Uburayi bw'uburengerazuba, Leta zunze ubumwe za Amerika, Ubuyapani, Tayiwani, Koreya y'epfo, Ubushinwa n'Ubuhinde yerekana ko iterambere ry'ubuhinzi ryabanjirije uburumbuke bushingiye ku nganda na serivisi.²⁰ Birashoboka ko umusaruro w'ikirenga w'ubuhinzi ufatanyije n'ibindi biteza imbere ubukungu waba warashyigikiye iterambere ry'abantu bakagera ku rundi rwego rw'ubukungu n'iterambere.²¹ Muri iki cyerekezo, ubuhinzi bw'u Rwanda ni inkingi izarugeza ku burumbuke, guhanga imirimo, kohereza ibicuruzwa mu mahanga no ku mibereho myiza ikenewe mu kuvugurura ubukungu bityo u Rwanda rukagera ku rwego rw'ubukungu buringaniye bushingiye ku bumenyi.

3.1.2 URUHARE MU KUZAMURA URWEGO RW'UBUKUNGU

Ku bwiyongere mpuzandengo bwa 5.3% mu mwaka, urwego rw'ubuhinzi rwikubye inshuro zirenga ebyiri mu gaciro karwo kuva mu mwaka wa 2000 kugeza muri 2016 (Imbonerahamwe ya mbere). Igihe habayeho ubwiyongere ku rwego rwo hejuru ni mu myaka ya 2008 kugeza mu 2012, naho igihe habayeho ubwiyongere ku rweho rwo hasi ni mu mwaka wa 2013. Ibihingwa ngandurarugo ni byo bigira uruhare runini mu kuzamura uru rwego ku rugero rwa 58%, mu ruhare rw'ubuhinzi mu musaruro mbumbe w'igihugu (GDP), hagakurikiraho amashyamba (21%), ubworozi (12%), ibihingwa ngengabukungu byoherezwa mu mahanga (7 %) n'uburobyi (1%)²². Amatsinda yose y'urwego rw'ubuhinzi aratera imbere. Ibihingwa ngandurarugo byatewe inkunga na Gahunda y'igihugu y'imbatubukungu mu mwaka wa 2008, nyuma ya cya gihe cy'uburumbuke bwo ku rwego rwo hasi. Nyamara, mu myaka ya vuba habayeho kugabanuka buhoro k'ubwiyongere bw'umusaruro w'ibihingwa. Ibihingwa byoherezwa mu mahanga byiyongereye ku rugero rwa 3,8% hagati y'umwaka wa 2000 kugeza 2016, bigaragaramo impinduka buri mwaka bitewe n'ihindagurika ry'ibiciro ku masoko mpuzamahanga ku bihingwa by'ingenzi nk'ikawa n'icyayi. Mu bworozi habayeho kwiyongera k'umusaruro ku muvuduko wo hejuru, ku rugero mpuzandengo rwa 5,2% ku mwaka kandi ubworozi ni ryo tsinda rito rizamuka cyane muri iki gihe rwiyongereyeho 8,3% hagati y'umwaka wa 2012 na 2016.

Imbonerahamwe ya mbere: Impuzandengo y'ubwiyongere bw'uburumbuke mu matsinda y'urwego rw'ubuhinzi (% ku mwaka)²³

	2000-2004	2004-2008	2008-2012	2012-2016	Impuzandengo 2000-2016
Ibihingwa ngandurarugo	5,5%	4,9%	6,6%	4,7%	5,4%
Ibihingwa ngengabukungu	12,9%	-1,4%	1,8%	2,3%	3,8%
Ubworozi n'ibibukomokaho	4,8%	3,6%	4,2%	8,3%	5,2%
Amashyamba	8,7%	5,9%	2,9%	3,4%	5,2%
Ubuurobyi	5,3%	1,5%	1,4%	3,9%	3,0%
Igiteranyo	5,9%	4,6%	6,0%	4,7%	5,3%

3.1.3 UBUHINZI N'UMUSARURO UBUKOMOKAHO

Ubutaka bwose buhingwa bwari ha 1.371.602 mu bihembwe by'ihinga bya 2016 A na B²⁴. Umusaruro w'ibihingwa wiyongereye ku buryo bugaragara kuva gahunda y'igihugu y'imbatubukungu na gahunga yo guhuza ubutaka yatangira

²⁰ B anki y'Isi: Raporo y'iterambere ry'ibihugu ya 2008: "Ubihinzi bugamije iterambere".

²¹ Kimwe no hejuru.


²² NISR, Konti z'igihugu (2016)

²³ Byabazwe bivuye mu Kigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare (NIR)

²⁴ NISR, Isesengura ry'igihemwe cy'ihinga, 2016

muri 2008²⁵ n’itangizwa rya gahunda y’igihugu yo guhuza imikoreshereze y’ubutaka mu mwaka wa 2008. ²⁶ Umusaruro wose ku bihingwa byatoranyijwe muri gahunda y’igihugu y’imbaturabukungu wiyongereye inshuro zirenga 150% hagati ya 2007 na 2013 mu mirima iterwa inkunga na gahunda y’igihugu y’imbaturabukungu kandi umusaruro w’ibihingwa byose byatoranyije wariyongereye muri icyo gihe. Kuva mu mwaka wa 2013, byaragoranye kongera igipimo cy’ubwiyongere bw’umusaruro: ubwo umusaruro wa bimwe mu bihingwa byatoranyijwe wiyongera ku rwego ruri muni y’urwo wariho mu mwaka wa 2013 (umuceri udatonoye n’ibishyimbo by’umushingiriho), muri 2016 umusaruro w’ibihingwa byinshi mu byatoranyijwe wari ukiri ku rwego rumwe n’urwo wariho mu mwaka wa 2013 (Reba ishusho ya mbere)

Ishusho ya mbere: Uko umusaruro w’ibihingwa byatoranyijwe wiyongereye mu bihembwe by’ihinga 2013A-2017A (2013A = 100)



IBISOBANURO BY’AMAGAMBO Y’ICYONGEREZA ARI MURI IYI SHUSHO:

Maize (Ibigori), Paddy rice (Umuceri udatonoye), Cassava (Imyumbati), Irish Potatoes (Ibirayi), Cooking banana (Ibitoki byo guteka), Climbing beans (Ibishyimbo bishingirirwa), Sweet Potatoes (Ibijumba)

Nk’uko bigaragazwa n’amakuru yakusanyijwe kuva 2014-2017, umuceri ni cyo gihingwa cyagize umusaruro mwiza kurusha ibindi turebye umusaruro uva kuri ha (byavuye ku biciro by’abaguzi bigaragara ku rubuga “ e-soko”) n’urugero rw’igipimo gikoreshwa mu gupima ibyo umubiri w’umuntu ukenera biwutera imbaraga (kcal) kuri ha²⁸ (ishusho ya 2) ukurikiwe bya hafi n’imbuto n’imboga turebye umusaruro uva kuri ha. Ibindi bihingwa bigira umusaruro mwinshi ni ibitoki by’imineke, ibijumba n’ibirayi Ku byerekeye urugero rw’igipimo cy’ibitera imbaraga umubiri w’umuntu biva kuri ha, ibihingwa biri imbere inyuma y’umuceri ni ibijumba, ibigori imbuto n’ibirayi.


²⁵ Guhuza ubutaka bisaba ko abahinzi ku bushake bwabo bahuza amasambu yabo, bagahinga ibihingwa byatoranyijwe bagakorana n’ibigo bitunganya imisaruro y’ubuhinzi binyuze nko mu masezerano bagirana nabyo. Uruhare rwa Leta ni ugushyiraho amategeko n’amabwiriza byorohereza imirimo ikenewe gukorwa neza, kongerera abahinzi ubushobozi ngo bashobore guhitamo neza no kureba ko amasezerano bagirana n’abandi bafatanyabikorwa yubahirizwa. Iyo abahinzi bamaze guhuza amasambu yabo bagakora amakoperative, PSTA 4 ishaka uko ibatera inkunga mu bikoresho bigezweho bituma bongera umusaruro wabo. Ni ngombwa kwibutsa ko abahinzi bagumana uburenganzira ku butaka bwabo kandi nta muntu n’umwe uzabahatira guhuza ubutaka bwabo

²⁶ Imibare ya MINAGRI

²⁷ NISR, Isesengura ry’igihemwe cy’ihinga, 2013A-2017A

²⁸ Umuceri wera gusa mu bishanga bike. Byongeye kandi, ushobora kuba utaba igihingwa cyahangana kubera ibiciro birihasi by’umuceri uva mu bihugu by’Aziya

Ishusho ya 1: Umusaruro uva ku bihingwa n'ingano y'ibitera umuntu imbaraga kuri ha (kcal/ha 2016²⁹)



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO Y'ICYONGEREZA ARI MURI IYI SHUSHO:

Cassava (Imyumbati), Banana for beer (Ibitoki bivamo inzoga), Bush beans (Inkori), Maize (Ibigori), Cooking banana (Ibitoki byo guteka), Climbing beans (Ibishyimbo bishingirirwa), Sorghum (Amasaka), Sweet Potatoes (Ibijumba), Irish Potatoes (Ibirayi), Dessert bana (Ibitoki by'imineke), Soy beans (Soya), Yams & Taro (Ibikoro n'amateke), Peas (Amashaza), Vegetables (Imboga), Groundnuts (Ubunyobwa), Paddy rice (Umuceri udatonoye), Fruits (Imbutu), Wheat (Ingano), Other cereals (Ibindi binyampeke).

3.1.4 AMATUNGO N'UMUSARURO UYAKOMOKAHO

Mu gihe gito gishize, Politiki n'ishoramari byashyize ingufu mu kuzamura umusaruro w'ibikomoka k'ubworozi hibandwa ku bworozi bw'inka za kijyambere. U Rwanda rwihatiye kugabanya umubare w'inka za gakondo ugereranyije n'inka za kijyambere, binyuze mu kuzana inka zifite amaraso avanze muri gahunda y'igihugu ya Girinka. Umusaruro w'inka za kijyambere ushobora kuba munini nk'uko byagaragajwe ko uruhare rw'inka za gakondo ku musaruro wose w'amata ari 9% gusa n'ubwo zo zingana na 43% by'inka zose ziri mu gihugu. Nyamara ariko, kuvugurura amaraso y'inka bisaba gushyigikirwa n'ishoramari ry'inyongera nko mu byerekeye imirire y'amatungo, uburyo bwo kugaburira amatungo n'ubuzima bwayo.

Mirongo ine na gatandatu ku ijana (46%) by'inyama ziva ku nka naho 21% zikava ku ngurube³⁰. Nyamara imibare n'akamaro by'ingurube, inkoko n'ihene byariyongereye. Kubera ko amatungo magufi atarya byinshi, biteganyijwe ko azatanga umusaruro munini mu minsi izaza³¹. Mirongo itandatu n'umunani ku ijana (68%) by'inyama z'inkoko zituruka ku nkoko za kijyambere zitera amagi cyangwa zitanga inyama, naho 66% by'amagi akava ku nkoko za kijyambere zitera amagi. Amoko ya kijyambere ku nka yageze ku rugero rwa 16% n'inkoko zigera ku rugero rwa 16% ku mwaka kandi azakomeza kwiwongera³².

Mu mwaka wa 2016, ubworozi n'uburobyi bw'amafi byatanze umusaruro wo ku rwego rw'igihugu w'amafaranga agera kuri miliyari 23³³. Uburobyi bwageze ku musaruro wa Toni 25.013 naho ubworozi bw'amafi bwatanze umusaruro wa Toni 1.579³⁴. Umusaruro w'ubworozi bw'amafi wiyongereyeho 16% ku mwaka mu myaka ine ishize kandi umusaruro mwinshi utegerejwe mu myaka iri imbere. Ibyanya by'ubworozi bw'amafi bigera kuri 20 biriho birakorerwamo mu gihe cy'imyaka itatu itaha, bikaba bitegerejweho kongera umusaruro kugeza kuri Toni 15.000 muri 2021³⁵. Byongeye kandi, inganda 3 zikora ibiryo by'amafi ziriho zirubakwa, zikaba zitegerejweho gukemura ikibazo cyo kugaburira amafi

²⁹ Imisaruro ni impuzandengo guhera muri 2014 kugera muri 2017 bivuye mu isesengura ry'igihembwe cy'ihinga rikorwa na NISR; Ibiciro byakoreshejwe mu kubara inyungu byavuye ku rubuga rwa e-soko 2016, kcal/kg zavuye mu nyigo kun go yakozwe na NISR, Raporo y'imiterere y'ubukene)

³⁰ MINAGRI, Igishushanyo mbonera cy'ubworozi (2017)

³¹ Kimwe no hejuru.

³² Kimwe no hejuru.

³³ NISR, konto z'igihugu (2016)

³⁴ Imibare ya MINAGRI

³⁵ MINAGRI/RAB

kibangamiye umusaruro wayo muri iki gihe. Inyigo inonosoye yerekana ko umusaruro w'ubworozi bw'amafi ushobora kwiyongera kugeza kuri Toni 95.000 mu gihe cy'imyaka 5 hakoreshejwe ishoramari rya Leta rigera kuri miliyari 5,8 n'ishoramari ry'abikorera ringana na miliyari 12,7³⁶. Umusaruro w'uburobyi wiyongereyeho 2% buri mwaka mu gihe cy'imyaka 4 ishize.³⁷ Uwo musaruro uzakomeza kwiyongera bitewe no kongera gutera amafi mu biyaga no kugabanya kuroba mu kajagari.

3.1.5 URUHARE RW'UBUHINZI MU KWIHAZA MU BIRIBWA N'IMIRIRE

Nubwo umusaruro w'ubuhinzi wiyongereye mu myaka 10 ishize, kwihaza mu biribwa n'imirire myiza biracyafite ibibazo cyane cyane iyo turebeye ku kujegazwa n'ibihe bibi ku rwego rw'umuryango. Niyo mpamvu kwihaza mu biribwa n'imirire iboneye ari ibintu by'ingenzi urwego rw'ubuhinzi rugomba gushyiramo imbaraga. Mu gihe kugwingira kw'abana n'indwara ziterwa n'imirire mibi byagiye bigabanuka ku ntera ishimishije, ibipimo byo kugwingira biracyari hejuru ugereranyije n'urwego mpuzamahanga (38%)³⁸, na 17,8% ku bana bamaze hagati y'amezi 6 na 23 bavutse batabona indyoyuzuye³⁹. Tugendeye ku bipimo bya CARI, 20% by'ingo zo mu Rwanda ntizifite ibiribwa bihagije⁴⁰.

Igipimo cy'ibiribwa bikoreshejwe cyariyongereye kuva kuri 65% muri 2006 kugeza kuri 74% muri 2015⁴¹, ariko igice kinini cy'abaturage kiracyahanze amaso ku buhinzi bushingiye ku mvura no guhinga hagamijwe kubona umusaruro w'ibyo barya. Ku bw'iy mpamvu, ubushobozi bw'abaturage mu kwihaza mu biribwa ntibufite ingufu zo guhangana n'ibibazo byibasira umusaruro nk'amapfa n'imyuzure bijya bibaho⁴². Kubungabunga ukwihaza mu biribwa bisaba ingamba z'igihugu zigamije kurinda umutekano w'ibiribwa nk'ibigega byo guhunika ibinyampeke. Ibi bishobora gufasha mu gutanga inkunga y'ibiribwa mu gihe gito no gushyiraho gahunda z'igihugu z'ubudatsimburwa z'igihe kirekire, nko gutanga amatungo magufi ku miryango ikennye cyane kandi ifite ubutaka buto. Mbere na mbere, ubuhinzi bufite inshingano yo gutanga ibiribwa, binyuze mu gukora ibishoboka kugira ngo umusaruro uhure n'ibikenewe mu ifunguro riboneye ry'abaturage. Mu by'ukuri, intungamubiri zikenerwa n'umuntu ku bwinshi n'izikenerwa ari nke zose zirakenewe mu mirire myiza. N'ubwo umusaruro wiyongereye mu myaka 10 ishize, umusaruro w'ibiribwa uracyari muni y'ukeneze kuribwa, ukunganirwa n'ibiribwa biva hanze y'igihugu. Biteganyijwe ko umusaruro w'imbere mu gihugu wa Kcal ubu uhagaze kuri kcal 1950/ku muntu/ku muni⁴³, naho umurongo wo hasi w'ibiribwa nkenerwa ukaba kuri Kcal 2500kcal/ku muntu/ku muni⁴⁴.

Icyakabiri, ubuhinzi bufite uruhare ruziguye ku byerekeye kuboneka, kugumaho no gukoreshejwe kw'ibiribwa. Umusaruro w'ubuhinzi ufite uruhare rukomeye mu kwinjiriza umuhinzi amafaranga no kubona ibiribwa by'ibanze. Ingo zo mu cyaro zihinga amoko menshi anyuranye y'ibihingwa ziba zibona indyoyiboneye muri rusange⁴⁵. Amahirwe yo kongerera ingo uburyo bwo kubona umusaruro anyuranye kandi bitabaruhije ufite intungamubiri nyinshi ariho nk'amagi n'amafi (inkomoko z'intungamubiri nyinshi ziva ku matungo uretse "alige" (aligae) n'udukoko) no ku mbuto n'imboga. Inyigo yakozwe n'umuryango utegamiye kuri Leta witwa CRS⁴⁶ yerekana ko umusaruro w'akarima k'igikoni ukoreshwa mu rugo mbere na mbere aho kugurishwa. Byongeye kandi, akarima k'igikoni kazarira nyirako amafaranga kuko abasha kugurisha ibyo yejeje adakeneye gukoresha mu rugo.

Byongeye kandi, amasoko y'ibiribwa akora neza ni ingenzi mu gushyiraho ibiciro bibereye abaguzi n'abahinzi. Nyamara ariko, ibinyuranyo bikabije by'ibiciro ku masoko y'ibiribwa anyuranye mu gihugu⁴⁷ byerekana kudakora neza kw'amasoko y'ibiribwa, n'inyungu zishobora kuboneka zava mu bucuruzi, haba ku baguzi no ku bahinzi.

³⁶ RAB (2015) "Inyigo y'umushinga w'iterambere ry'ubworozi bw'amafi n'uburobyi mu Rwanda: Umushinga wo guteza imbere ubworozi bw'amafi n'uburobyi (FADP)" (ishoramari mu biciro byo mu mwaka wa 2015).

³⁷ Imibare ya MINAGRI

³⁸ NISR, Isesengura ry'imibereho y'ingo n'ubuzima (2014/2015)

³⁹ Kimwe no hejuru.

⁴⁰ NISR, Isesengura ryo kwihaza mu biribwa no kutishobora (CFSVA), (2015)

⁴¹ Byapimwe n'ijanisha ry'ingo zifite inota "ryiza" ryo kwihaza mu biribwa muri CFSVA (2015)

⁴² Kimwe no hejuru.

⁴³ Byabazwe bihereye ku isesengura ry'igihembwe cy'ihinga rya NISR muri 2016; no ku ibarura ryasange ry'abaturage ryo muri 2012 ryakozwe na NISR.

⁴⁴ NISR, EICV4, Raporo y'imiterere y'ubukene

⁴⁵ FAO MAFAP (2017) Gupima ingaruka zo guhuza ubutaka ku bijyanye no kwihaza mu biribwa n'imirire: urugero rw'U Rwanda

⁴⁶ Catholic Relief Services (2016): Kurya cyangwa kugurisha : inyigo ku ikoreshejwe ry'umusaruro uva mu karima k'igikoni mu Turere twa Muhanga na Karongi Dmu Rwanda

⁴⁷ MINAGRI, amakuru ya E-soko 2016. Urugero, muri 2015, igiciro mpuzandengo cy'amata y'inshyushyu mu karere ka Rutshiro cyari 137 ku ijana hasi y'igiciro mpuzandengo mu karere ka Rusizi, mu gihe igiciro mpuzandengo cy'ibirayi cyari hafi 50 kunijana hasi y'icyo muri Rusizi. Ibi biciro ni mpuzandengo mu mwaka wose, bityo ntibireba ibiciro by'igihe umusaruro wabayemucye.

3.1.6 IBYOHAREZWA MU MAHANGA BIKOMOKA KU BUHINZI

Ubuhinzi bugira uruhare runini mu bisanzwe byoherezwa mu mahanga kandi bushobora no kuba inkomoko y'ibyoherazwa mu mahanga binyuranye. Mu mwaka wa 2016, ibikomoka ku buhinzi n'ibyatunganyijwe mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi byari bifite agaciro ka miliyoni 252 z'amadorari y'Amerika, bihwaye hafi na 52% by'ibyoherazwa mu mahanga byose hamwe (ibigengwa n'ibitagengwa n'amategeko) (Ishusho ya 3). Hafi 65% by'ibyoherazwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi bica mu nzira zemewe kandi zizwi naho 35% ni ibica mu nzira zitemewe z'ubucuruzi bwambukiranya imipaka, cyane cyane ku mupaka wa Repuburika iharanira demokarasi ya Congo.

Ishusho ya 3: Ibyoherejwe mu mahanga mu mwaka wa 2016⁴⁸

	Miliyoni z'amadorari y'Alerika	Ijanisha
Ubuhinzi bugengwa n'amategeko	135	28%
Inganda zigengwa n'amategeko	30	6%
Ibindi bigengwa n'amategeko	210	43%
Ubuhinzi butagengwa n'amategeko	57	12%
Inganda zitagengwa n'amategeko	30	6%
Ibindi bitagengwa n'amategeko	26	5%
Igiteranyo	488	100%

Mu mwaka wa 2016, ibyoherazwa hanze ku buryo bugengwa n'amategeko byakomeje kwiganzamo ikawa n'icyayi, byari bifite uko bikurikirana 35% na 39% by'agaciro k'ibyoherazwa hanze byose bigengwa n'amategeko. Ibyoherezwa hanze bikomoka mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi (byiganjemo ifarini) byari bifite 18% by'agaciro k'ibyoherazwa mu mahanga ku buryo bugengwa n'amategeko. Ibindi byoherejwe mu mahanga bikomoka ku buhinzi byari byiganjemo imboga n'indabo zifatwa nk'ibicuruzwa bishya biri gutera imbere.

Ni ngombwa kongera ubwoko bw'ibyoherazwa mu mahanga birenze ku ikawa n'icyayi kugira ngo hatezwe imbere ubudahangarwa ku mihindagurukire ya buri kanya y'ibiciro ku masoko mpuzamahanga. Leta y'u Rwanda iri guteza imbere ibyoherazwa mu mahanga bindi bitari ikawa n'icyayi nk'imboga, imbuto n'indabo n'ibikomoka ku matungo. Kugera ku masoko mpuzamahanga, bizaba ngombwa kongera ubwiza bw'umusaruro binyuze mu bikorera no mu kunoza imihurize y'amasoko, ibikoresho na za serivisi bikenewe, hatibagiwe kandi no kongera ingano n'ubwiza bw'ibyoherazwa ku masoko bivuye mu bahinzi bato. Na none ubucuruzi butagengwa n'amategeko bwambukiranya imipaka ni amahirwe yo kongera ingano y'ibyoherazwa hanze binyuranye bidasaba ibintu bihambaye mu kubigeza ku masoko.

3.1.7 UBUHINZI NO GUHANGA IMIRIMO

Mu murongo w'icyerekezo cy'igihugu mu mwaka wa 2020, hari impinduka zihanywe z'ubukungu buva ku buhinzi bw'amaramuko bugana ku zindi nzego zitari ubuhinzi, ku buryo uruhare rw'ubuhinzi mu gutanga akazi rwagabanutse ruva kuri 88,6% mu mwaka wa 2001 rugera kuri 68% mu mwaka wa 2014. Igice kinini cy'imirimo yo mu buhinzi kigizwe n'abahinzi ku giti cyabo (65%), mu gihe abakozi bahembwa mu buhinzi ari 35%. Abagore bagize 66% by'abakora mu buhinzi⁴⁹. Muri rusange, abagabo usanga bafite imirimo ihemba cyane mu buhinzi (25%) naho abagore ni 19, 7%, mu gihe abagore aribo benshi bakora imirimo ihemba (42,1%) kurusha abagabo (40%) mu mirimo itari iy'ubuhinzi⁵⁰.

Isesengura ry'igihembwe cy'ihinga ryo muri 2016 rigaragaza ko igice kinini (26,1%) cy'ingo zihinga mu Rwanda ziyobowe n'umuntu uri mu kigero cy'imyaka y'ubukure 55 no hejuru; kandi abagore nibo barimo ari benshi muri iki kigero. Ni mu gihe kandi guhinga bikiri inkomoko yonyine nini y'umurimo mu rubyiruko. Abarenze 50% b'urubyiruko rwo mu cyaro (imyaka 16-24 y'ubukure) baracyakora gusa mu buhinzi, kandi benshi muri bo ntibakoreshwa uko bikwiye kubera udusambu duto⁵¹ n'imirimo yo mu buhinzi ikorerwa ku bihe bizwi ku buryo idahoraho. Ibirenze ku buhinzi, inganda

⁴⁸ BNR, Iboherazwa mu mahanga ku buryo bwemewe n'ubutemewe, imibare y'ubucuruzi bwambukiranya imipaka

⁴⁹ NISR, EICV 4

⁵⁰ Kimwe no hejuru.

⁵¹ Kimwe no hejuru

zitunganya ibikomoka ku buhinzi⁵² nazo zitanga akazi ku bacuruza inyongeramusaruro, abatanga za serivisi n’izindi nzezo zishamikiyeho. Imirimo mishya myinshi iboneka hanze y’ubuhinzi bw’ibiribwa, kurusha mu bice bigize ubuhinzi bw’ibiribwa. Kuva muri 2011-2014 imirimo yariyongereye ku rugero rwa 24,4% muri rusange, naho mu cyaro urwo rugero rwari 38,1% ugereranije no mu mijyi aho rwari kuri 7,3%. Muri icyo gihe kandi, 34,5% by’akazi gashya kavuye ku bikorwa bibyara inyungu binyuranye (47,9% mu cyaro naho 22,4% mu mijyi)⁵³.

3.1.8 INGARUKA ZIKOMOKA KU KAZI

Igabanuka ry’akazi mu buhinzi ni kimwe mu mpinduka zirimo kuba zo kuva mu buhinzi bw’amaramuko ugana ku mirimo yo hanze y’urwego rw’ubuhinzi no gukoresha imashini mu buhinzi. Iyo uburumbuke bw’ubuhinzi bwiyongereye, utuma abakozi bakenerwa baba bake mu kongera umusaruro. Kwiyongera k’uburumbuke bw’umusaruro buzagira uruhare mu mirimo mu buhinzi bunyuranye. Urugero ni uko uhareye ku burumbuke buteganijwe, ubuhinzi bw’ibyoherezwa mu mahanga buzakoresha 20% by’inyongera y’abakozi, umuceri n’ingano 30-40% by’inyongera y’abakozi, n’ubworozi 30% by’inyongera y’abakozi. Ariko, muri rusange inyongera y’uburumbuke bw’umusaruro w’ubuhinzi ituma imirimo mu buhinzi igabanuka.

K’urundi ruhande, inyongera y’umusaruro w’ubuhinzi butuma habaho imirimo mu ruhererekane nyongera gaciro mu buhinzi no mu bukungu muri rusange : Inyongera y’umusaruro w’ubuhinzi utuma imirimo yiyongera mu nganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi, ubucuruzi bw’ibiribwa, no gutegura ibiribwa. Bizanatuma kandi ibiciro by’ibiribwa bigabanuka (mu gihe ibindi byose bidahindutse) bityo uruhare mu kongera imirimo mu bukungu hanze y’ubuhinzi rukiyongera. Niyo mpamvu muri PSTA 4⁵⁴ aho twizeye izamuka rigaragara ry’uburumbuke bw’umusaruro w’ubuhinzi, hateganijwe imirimo igera kuri 45,000 mu gutunganya ibikomoka ku buhinzi kandi uyu mubare ungana na 21% by’imirimo yose iteganijwe muri NST1 ; imirimo 214,000 buri mwaka. Byongeye kandi, mu mirimo izaboneka mu gutunganya ibikomoka ku buhinzi, imirimo 28,000 izaboneka mu kongera umusaruro w’ubuhinzi, naho isigara 17,000 izaboneka mu ruhererekane nyongera gaciro rw’ibiribwa ; gutunganya ibikomoka ku buhinzi, inyongeramusaruro z’ubuhinzi, ubucuruzi bw’umusaruro w’ubuhinzi n’amahoteli na resitora bikoresha ibikomoka ku buhinzi) nk’uko byerekanwa mu mbonerahamwe ikurikira :

Imbonerahamwe ya 2 : Imirimo izaboneka buri mwaka bitewe na PSTA 4

Urwego	Imirimo ku mwaka (x 1000)
Uburyo bw’ibiribwa	45
Ubuhinzi	28.3
Gutunganya ibikomoka ku buhinzi	5.1
Inyongeramusaruro zo mu buhinzi	0.8
Ubucuruzi bw’ibikomoka ku buhinzi	10.3
Amahoteli na za resitora	0.4

3.1.9 INGARUKA Z’IHINDAGURIKA RY’IBIHE

Ingaruka z’ihindagurika ry’ibihe ku buhinzi ziragenda ziyongera. U Rwanda ubusanzwe rufite ibihe byiza, impuzandengo y’ubushyuhe mu mwaka iri hafi ku gipimo cya 20°C. Igihugu gifite ibihembwe bibiri by’imvura bitandukanywa n’ibihembwe bibiri by’izuba naho imvura igwa ku mwaka iri ku gipimo cya 1.250 mm. Ariko hari itandukanirwo hagati y’uduze tw’igihugu. Ubushyuhe buragabanuka cyane mu duce tw’imisozi miremire nko mu majyaruguru bukagera ku gipimo cyo hejuru mu bibaya by’iburengerazuba no mu burasirazuba bw’igihugu. Imvura nayo ntigwa ku rugero rumwe mu gihugu hose. Igenda igabanuka uko uva mu Burengerazuba werekeza mu Burasirazuba. Hari impinduka igaragara buri mwaka mu kugwa kw’imvura zitewe n’imiyaga (El Niño na La Niña). Kubera iyo mpamvu, igihugu kigenda kigira ibibazo by’imyuzure itewe n’imvura nyinshi n’amapfa atewe n’izuba ryinshi.

⁵² Kaminuza ya Leta ya Michigan (2016) Inyigo y’imirimo n’akazi k’urubyiruko mu buhinzi

⁵³ NISR, EICV 4

⁵⁴ This scenario accounts productivity growth in agriculture only. Annual productivity growth in other sectors are set conservatively at 1%.

Ubuhinzi bugizwe ahanini n’abahinzi bato bato, bakora ubuhinzi bw’amaramuko, bugengwa n’ibihe by’imvura, bakoresha ubuhinzi bwa gakondo butuma urwego rw’ubuhinzi rutabasha guhangana n’ihindagurika ry’ibihe. Amakuru y’isesengura ry’ibihembwe by’ihinga A na B⁵⁵ mu mwaka wa 2015, hagati ya 1,1% na 1,5% by’abahinzi bato nibo bakoresha ikoranabuhanga ryo kuhira imyaka, mu gihe abahinzi banini bo bari ku kigero cya 24% na 25% mu bihembwe by’ihinga A na B Uburyo bukoreshwa mu buhinzi ku misozi ihanamye nabwo butuma ubutaka butwarwa n’isuri mu duce imvura igwa ari nyinshi. Urwego rw’ubworozi narwo rugerwaho n’ingaruka z’amapfa atewe n’izuba ryinshi riva mu gihe kirekire, by’umwihariko Uburasirazuba n’Amajyepfo. Ayo mapfa atuma aborozi batabona ubwatsi n’amazi by’amatungo, bityo amatungo akarushaho kwibasirwa n’indwara z’ibyorezo. Igihombo cy’umusaruro w’amata kiba kinini mu bihe by’izuba ryinshi cyane cyane mu Burasirazuba. Ibyo byose bigira ingaruka ku musaruro w’ubuhinzi muri rusange, mu kuwongerera agaciro no kuwohereza mu mahanga.

Imihindagurikire y’ibihe mu gihe kiri imbere ishobora kuzarushaho kugira ingaruka mbi ku musaruro w’ubuhinzi mu Rwanda. U Rwanda rugenda rurushaho gushyuha⁵⁶ nk’uko ibipimo binyuranye bibyerekanaga, ndetse abahanga mu iteganya gihe⁵⁷ bateganya ko ubushyuhe bushobora kuzazamukaho ~1 kugera kuri 2,5°C mu myaka yo hagati y’iki kinyejana turimo. Hateganywa ukwiyongera kw’iminsi y’ubushyuhe n’imvura nyinshi z’amahindu. Nubwo imihindagurikire y’ibihe yo izakomeza kubaho, ntitwakwemeza yuko ibyo bavugaga mu iteganyagihe ariko bizagenda koko iyi mihindagurikire y’ibihe izagira ingaruka zikomeye ku buhinzi mu Rwanda, uhereye ku izamuka ry’ibipimo by’ubushyuhe n’iby’by’imvura, ihindagurika ry’uturere tw’ubuhinzino kugira indwara n’ibyonyi bitari bisanzwe biba mu Rwanda. Kongera ubudahangarwa bw’ubuhinzi bw’u Rwanda ni ngombwa kugira ngo tugire ubuhinzi burambye n’umusaruro wiyongerebizatuma twihaza mu biribwa kandi tukabona indyo yuzuye .

3.1.10 AHO GUKORERA ISHORAMARI RYAGUYE MU BUHINZI

U Rwanda ruri ku mwanya wa 41 ku isi n’umwanya wa 2 muri Afurika mu korohereza ishoramari ryaguye mu buryo rusange⁵⁸. Iki ni igisubizo cy’amavugurura ya Banki y’isi yagiye abaho mu myaka myinshi ishize akaba yari agamiye gushyiraho uburyo bwiza bwo gukora bworohereza abashoramari aha twavugaga nko kwiyandikisha ushaka gutangira ishoramari, ubucuruzi bwambukiranyaga imipaka, no kurushaho gukorera mu mucyo.

Mu guha agaciro ubuhinzi, Banki y’isi mu gice cyayo cyo “Koroshya ishoramari mu buhinzi”⁵⁹ cyagenzuye amahame agenga abakora ubuhinzi ku giti cyabo mu bihugu byose. Hagendewe ku makuru yabonetse mu mwaka wa 2016, u Rwanda rwaje ku mwanya wa 62 mu bihugu 189 no ku mwanya wa mbere muri Afurika y’iburasirazuba. Igihugu kandi gishyirwa ku mwanya uri hejuru y’impuzandengo muri gahunda y’ubukungu, gutwara abantu n’ibintu, n’amazi. Ku rundi ruhanda, igihugu gishyirwa ku mwanya uri muni y’impuzandengo harebwe ibipimo by’ imbuto, ifumbire, gukoresha imashini, isoko, n’ikoranabuhanga. Imbogamizi zagaragaye muri iriya raporo harimo kutabonekera igihe kw’imbuto nziza zitanga umusaruro bitewe nuko imbuto ziboneka, amabwiriza agoranye yo kubona ifumbire, harimo kwandikisha ifumbire, uburyo bwo gutumiza no kuzigera ubwiza bwayo, amabwiriza yo kubona no gukoresha imashini ku bahinzi cyane cyane ibisabwa mu gutumiza imashini zikoreshwa mu buhinzi, kwiyandikisha mu kuzibona no kuzigenzura, kuzigerageza, no kureba ko zuzuje ubuziranenge. icya nyuma ni amategeko n’amabwiraza aca intege abahinzi bato n’abakora ubuhinzi bw’umwuga mu kugera ku isoko ry’imbere no hanze y’igihugu.

U Rwanda rwateye intambwe ndende mu kuvugurura imicungire n’imikoreshereze y’ubutaka, hamwe n’uburyo bwiza kandi bwemewe no mu guhindura inzego. Ni cyo gihugu cy’Afurika cyashoboye gushyiraho amategeko y’ubutaka yumvikana, atabogamye kandi yashyizweho mu buryo bunogeye abafite ubutaka hagati ya 2004 na 2012. Itegeko ry’ubutaka ryashyize u Rwanda ku mwanya wa 12 ku isi muri raporo ya banki y’isi yo gukora imishinga n’ishoramari⁶⁰ mu gice cyo kwandikisha umutungo⁶⁰. Byongeye itegeko rigenga imicungire y’umutungo w’abashyiriranywe, impano

⁵⁵ Igihembwe cy’ihinga A gitangira muri Nzeri kikageza muri Gashyantare y’umwaka ukurikira; igihembwe cy’ihinga B gitangira muri Werurwe kikagera muri Kamena y’uwo mwaka; igihembwe cy’ihinga C gitangira muri Nyakanga kikagera muri Nzeri y’uwo mwaka.

⁵⁶ MINIRENA, 2012, Itangazo rya kabiri ku rwego rw’igihugu

⁵⁷ Ikirere cy’Afurika mu gihe kizaza (2014). Raporo k’U Rwanda

⁵⁸ Banki y’isi (2017): “Gukora imirimo yunguka”

⁵⁹ Banki y’isi (2017): Guteza imbere imirimo yunguka y’ubuhinzi 2017. Ishusho y’igihugu: Rwanda

⁶⁰ Banki Nyafurika y’Iterambere (AfDB), Ivugurura ry’imicungire y’ubutaka mu Rwanda (2016)

n'izungura ryo mu mwaka wa 1999 riha ubushobozi abagore n' uburenganzira bwo kuzungura ubutaka kandi rikabaha n' uburenganzira bungana ku mutungo w'abashakanye. Ibi bikaba ari igisubizo ku bagabo n'abagore bahagarariye ingo bafite ubutaka aho bari ku rugero rungana (89% muri 2013/14⁶¹). Ubutaka ni wo mutungo w'ibanze ku ngo nyinshi z'abanyarwanda.

MINAGRI hamwe n'ibindi bigo bikora mu buhinzi bahora baharanira guteza imbere ishoramari mu buhinzi, cyane cyane bakora ku byerekeranye n'isoko. Ibyo birimo gahunda n'inzira zo kubona amakuru ku bashoramari, guha imbaraga ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera, no guhangana n'ingaruka binyuze mu kongera agaciro n'amavugurura.

3.1.11 IMBOGAMIZI

Amasambu mato no kubura ubutaka bwo gukoreraho ubuhinzi n'ubworozi ni ingorabahizi mu kongera umusaruro n'inyungu ku bahinzi benshi. U Rwanda ni igihugu gito gifite ubutaka buhingwa bungana 48% by'ubuso bwose bungana na 26.338 Km². Hafi 96% by'ingo zituye mu cyaro bakora umwuga w'ubuhinzi mu buzima bwabo⁶². Nubwo imirima yabo ari mito muri rusange (impuzandengo y'ingano y'umurima ari 0,6 ha nayo igabanyijemo ibice bitatu-bine) ibi bikaba bifata igice kinini. Hafi ya 30% by'ingo bahinga ku butaka buri muni ya 0,2 ha (bungana na 5% y'ubutaka bwose buhingwa). Mu gihe hafi ya 25% bahinga ubutaka buri hejuru ya 0.7 ha (bungana na 65% by'ubutaka bwose bw'igihugu buhingwa) 15% by'ingo zo mu cyaro bahinga ubutaka buri muni 0.1 ha (ishusho 9) abenshi mu bakuru b'imiryango ni abagore bakaba bahinga gusa 1.32% by'ubutaka buhingwa bwose⁶³ mu gihugu. Abenshi muri abo bahinzi bafite imirima mito cyane ku buryo badashobora gusagurira amasoko kandi bigatuma badashobora kurwanya ubukene n'imirire mibi. Bamwe muri bo bashobora kubona indi mirimo itari iy'ubuhinzi ariko bagakomeza gukenera ubufasha binyuze muri gahunda yo gufasha abatishoboye. Nubwo imirima iba ari mitoya igiye itandukanye bitewe n'aho iherereye. Mu turere 10 tugize intara y'iburengerazuba, amajyaruguru n'amajyepho, 40-50 % by'abahinzi bafite ubutaka buri muni ya 0.2 ha (46, 4 % y'ubutaka bwose bw'igihugu bungana gutyo).

Ubutaka buto cyane bwiganje mu ntara y'iburengerazuba (31% y'ubutaka bwose). Muri Rubavu, intara y'iburengerazuba, hafi ya 70% by'abahinzi bafite imirima iri muni ya 0,2 ha⁶⁴.


⁶¹ NISR, EICV 4, Raporo y'uburinganire (2014)

⁶² NISR, EICV 4

⁶³ IPRI imibare ishingiye kuri EIVC, amakuru ya 2013/2014

⁶⁴ Kimwe no hejuru

Figure 9: Ijanisha ry'umubare w'ingo turebye ingano y'ubutaka bahinga⁶⁵



Ijanisha ry'ingo zo mucyaro zifite ubutaka buhingwa

⁶⁵ Kimwe no hejuru

Turebye ingano y'ubutaka abahinzi bo mu Rwanda bafite, bigaragara abahinzi beza ibyo kurya mu ngo zabo gusa badasagurira amasoko. Abo bahinzi kandi bahura n'imbogamizi nyinshi zituma batabona umusaruro uhagije zirimo umusaruro, nko kutabona serivisi z'ibigo by'imari, ubwishingizi, ikoranabuhanga, ubumenyi, kuhira imyaka, gukoresha imashini, imbuto, amafumbire, n'izindi nyongeramusaruro. Kugira ubutaka buto bituma hataboneka imirimo myinshi ijyanye n'ubuhinzi: Impuzandengo y'amasaha y'akazi ku bahinzi bikorera yanganaga n'amasaha 20 mu cyumweru muri 2013/14⁶⁶, kubera ko imirima ari mito cyane ntishobora gutanga akazi ku buryo buhoraho.

N'ubwo hari imbogamizi z'ubutaka mu Rwanda, kwangirika kwabwo na byo n'ikibazo mu buhinzi. Hari ibirimo gukorwa bigaragara mu kurwanya no kugabanya kwangirika k'ubutaka binyuze mu materasi n'izindi ngamba, ubutumburuke hamwe n'imvura nyinshi bituma ubutaka butwarwa n'isuri kandi bukwangirika. Impamvu ubutaka budatanga umusaruro uko bikwiye ni uko busharirira bityo ibihingwa bahinzemo ntibibashe gukura neza kubera bitabonye amazi n'itungagihingwa z'ingenzi. Tugendeye kuri raporo y'igihugu y'ibidukikije (2015) bitatu bya kane by'ubutaka bw'u Rwanda burasharira ku kigero kiri munsi 5.5 kandi ntabwo bufite imyungungu irimo Azote na Fosifore.

Umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi ugomba guhuzwa n'ubwiyongere bw'abaturage mu kubonera abatuye mu mijyi ibibatunga no gutanga akazi mu cyaro. Tutitaye k'uburumbuke, abaturage bo mu Rwanda baragenda biyongera ku buryo bugaragara. icya kabiri cy'abaturage ni urubyiruko ruri munsi y'imyaka 20 kandi abaturage bafite imyaka yo gukora baragenda biyongera aho bigaragara ko bazava kuri miliyoni 5,6 bakagera hafi kuri miliyoni 10 bitarenze 2032⁶⁷. Igihe uruhare rw'ubuhinzi mu gutanga akazi rukomeza kugenda rugabanuka (bitewe n'imihindagurikire y'inzeho) hateganyijwe ko nibura hahangwa imirimo mu buhinzi iri hagati ya 60-80 000 buri mwaka⁶⁸. Abaturuka mu cyaro bajya mu mijyi biteganyijwe ko bazongera umubare w'ingo zo mu mijyi ho inshuro 4 zikava kuri miliyoni 0,4 z'ingo 2012 zikagera kuri miliyoni 1,6 bitarenze 2032. Ubwo mu cyaro ho biteganyijwe ko hazaboneka izindi ngo nshya miliyoni 1,3 hagati ya 2017 na 2032 aho ubuhinzi buzafatwa nk'umurimo winjiza amafaranga cyane⁶⁹. Ariko ikibazo cy'ubutaka mu Rwanda kizatuma ubukorerwaho ubuhinzi butiyongera. Ubwiyongere bw'abaturage nibwo butuma ubutaka buhingwa bukoreshwa cyane kugira ngo abaturage babone ibibatunga bityo n'ubutaka bukarushaho kugabanuka kandi no kugunduka kurushaho. Mu rwego rwo guhangana n'iki kibazo, ni ngombwa ko hahangwa indi mirimo idaturutse ku buhinzi, ubutaka bukabwiza umusaruro mwinshi ku buryo burambye. Ingamba nshya mu buhinzi zirakenewe mu bijyanye no guhanga udushya, kongera umusaruro dushishikariza urubyiruko kubigiramo uruhare no guhanga imirimo mishya yaba ituruka cyangwa idaturuka ku buhinzi⁷⁰.

Kudashyira ahagaragara ibikorwa bituma ubuhinzi butagira imbaraga mu rwego rw'ubucuruzi. Mu mwaka wa 2017, u Rwanda rwabaye urwa kabiri muri Afurika n'urwa 56 mu rwego rw'isi muri gahunda yo gukora imishinga ya banki y'isi (ruvuye ku mwanya wa 59 muri 2016)⁷¹ cyane cyane mu kwandikisha imishinga, kubona inguzanyo aho u Rwanda ruri mu babikora neza. Ariko nanone haracyari byinshi byo kugaragazwa. Gahunda yo gushora imari mu buhinzi (2017) igamije kongerera abashoramari uburyo bwo kubona amakuru. Urugero: Arebana n'mategeko n'amabwiriza, ubutaka n'ikirere, arebana n'amasoko, ibiciro by'inyongeramusaruro, abakozi n'arebana n'ibikorwa abafatanyabikorwa bashoramari imari. Byongeye kandi leta y'u Rwanda ihora ishaka ibisubizo bigendanye n'ibyifuzo by'abashoramari yongera ubushobozi mu mikoranire hagati y'ibigo. Guha imbaraga ibiganiri mu buhinzi hagati ya leta n'abikorera, ni ingenzi mu gukemura ikibazo cy'imikorere, guha imbaraga gahunda y'ibiganiri hagati ya leta n'abikorera ku bashoramari basanzwe ni yo nzira yo gukurura ishoramari rishya no kugumana ubucuruzi bw'imbere mu gihugu.

Amasoko n'uruhererekane nyongeragaciro bitanoze bigira ingaruka ku nyungu z'abahinzi no kwihaza mu biribwa. Hari imbogamizi nyinshi mu ruhererekane nyongeragaciro rw'umusaruro kuva mu murima kugera ku babitunganya, amasoko yo hanze n'ababigira bakabirya. Ibi bijyanye n'ikibazo cy'ibikorwaremezo nk'amasoko, kubona amasoko, isuku n'isukura by'umusaruro, amakuru ku masoko, ibikoresho n'amabwiriza agenga ubucuruzi. Amasoko akora neza n'uruhererekane nyongeragaciro ni byo byahamya ko abagura umusaruro wo kurya, abahinzi n'abacuruzi bameze neza kandi n'ibiciro ari bimwe hose mu gihugu –bitandukanijwe gusa n'ikiguzi cy'ubwikorezi biva ku isoko rimwe bijya ku rindi.

⁶⁶ NSIR, EICV4 2013/2014

⁶⁷ NISR, Ibarura rusange ry'abaturage, 2012

⁶⁸ IFPRI, Uburyo bwa CGE, hifashishijwe imibare ya EIVC 4

⁶⁹ Kimwe no hejuru

⁷⁰ Kaminuza ya leta ya Michigan State (2016) Inyigo y'ibiribwa bikomoka ku buhinzi n'akazi ku rubyiruko

⁷¹ Urubuga rwa: <http://www.doingbusiness.org/data/exploreeconomies/rwanda#starting-a-business>

Byongeye kandi ibice byo mu cyaro bigomba guhangana n'ikibazo cy'ibura ry'umusaruro nkuko kubura ubwoko bw'ibyo kurya biva mu kandi gace byiyongera.

Kutabona amafaranga yo gushora mu buhinzi bibuza abahinzi bato gufata ingamba zo kongera umusaruro no kubona inyungu ibukomokaho. Ubuhinzi bukenera gushorwamo amafaranga, bitandukanye na banki z'ubucuruzi aho zikorana n'ibice by'umujyi n'izindi nzego z'umurimo. Gushyira amafaranga mu buhinzi bikorwa buri gihembwe cyane ko akenerwa ari menshi mu gihe cyo kugura inyongeramusaruro no mu gihe cyo gusarura na nyuma yahoo, Niyo mpamvu igihe cyo kwishyura kiba gito ugereranyije n'ibihe bisanzwe by'andi mabanki kandi ugasanga ari kirekire ugereranyije n'igihe cyo kwishyura ibigo biciriritse bitanga. Inguzanyo zahura n'ibyo tumaze kuvuga ziri ku rwego rwo hasi kandi ugasanga bigendana n'ingano y'inguzanyo watse n'inyungu ikaba iri hejuru ya 21%⁷². Ugereranyije n'abagabo, abagore usanga batabona inguzanyo bikamera nkaho bo bitabareba⁷³. Gusa 25.5% y'ababona inguzanyo ni abagore nk'uko bigaragazwa n'imibare y'ikigo gishinzwe uburinganire n'ubwuzuzanye⁷⁴. Bigaragaza ko hakenewe serivisi nyinshi z'imari zifasha abagore.

Kugira ngo ubuhinzi bugende neza birasaba ko abahinzi bashyigikirwa kugira ngo bashobore guhangana n'imihandagurikire y'ibihe, amasoko atanoze kandi bongere n'umusaruro. Imbogamizi zo mu buhinzi, cyane cyane ibyonnyi n'indwara, imvura nyinshi n'izuba ryinshi (by'umwihariko mu Burasirazuba), zibangamira umusaruro kandi bikagira ingaruka ku muhinzi ku giti cye no ku batuye mu byaro. Ugendeye kuri CFSVA 2015, 27% by'ingo zahuye n'izo mbogamizi (35% y'imiryango ikenye)⁷⁵. Ibibazo bigaragara cyane ni ibijyanye n'ikirere; bituruka cyane cyane ku izuba ryinshi n'imvura itabonekera igihe bigatuma habaho uburwayi n'izindi mpanuka mu ngo ndetse no kubura akazi/kutagira icyo winjiza. Isesengura ry'ibibazo rigaragaza ko hakenewe gushyiraho ingamba za gahunda y'iterambere n'uburyo bwo gukora. Abafatanyabikorwa bakeneye kubona amakuru yerekeranye n'ibibazo bashobora kuzahura nabyo kugira ngo bamenyekanishe umwanzuro babishakira.

Ubumenyi budahagije bw'abahinzi bubangamira ubwiyongere bw'umusaruro n'inyungu bawukuramo. Ikigero cy'amashuri bamwe mu bahinzi bize kiri hasi cyane. Ibarura mu buhinzi rikorwa buri gihembwe, muri 2016 (igihembwe cy'ihinga B) ryagaragaje ko 66% by'abahinzi mu Rwanda bageze mu mashuri abanza, 26% ntabwo bageze mu mashuri abanza, turebye ku burunganire (71,5% by'abahinzi ni abagabo naho 53.8% ni abagore bageze mu mashuri abanza). Ariko nanone, hejuru y'amashuri, abahinzi bakenera ubumenyi kubuhinzi, no gukora ubuhinzi bw'umwuga kugira ngo bakoreshe ubutaka neza, batere ibihingwa neza kandi babone amakuru yaho bahitamo gushora imari kugira ngo bongere umusaruro kandi babone inyungu nyinshi. Urugero abahinzi bakeneye ubumenyi kugira ngo bareke gushora bike/kubona bike mu bihingwa ngandurugo ahubwo bakore ubuhinzi bw'ibihingwa bifite agaciro nk'imboga n'imbuto. Icyifuzo cyo guhindura urwego rw'ubuhinzi kugira ngo bube ubwa kijyambere kandi bufite agaciro cyazagerwaho ari uko abahinzi babonye ubumenyi nyabwo kugira ngo bongere urwego rwo kubona umusaruro.

Uretse kongerera ubushobozi abahinzi, hakenewe no kongerera ubumenyi abakora mu kongerera agaciro umusaruro batuye mu giturage hibandwa cyane cyane ku bagore n'urubyiruko mu guteza imbere ubuhinzi bw'umwuga kugira ngo haboneke abakozi babishoboye hakemuke ikibazo cy'abakozi bakenerwa n'abashoramari n'abatunganya ibituruka ku buhinzi.

Urwego rw'ubuhinzi rwananiwe kugira uruhare ruhagije no kuzanira inyungu abagore n'urubyiruko. Abagore nibo bakora cyane ubuhinzi kurusha abagabo (aho bafite 92% naho abagabo bakagira 77%⁷⁶). Hafi 25% by'ingo z'icyaro mu Rwanda ziyobowe n'abagore, mu gihe urubyiruko ruri mu kigero cyo gukora (hagati y'imyaka 15-34) ari 77% by'abaturage bose batuye mu cyaro⁷⁷. Abagore n'abagabo babana mu ngo barangwa cyane n'ubusumbane mu mibanire, aho abagore batagira uruhare mu gufata ibyemezo. Ibi bigira ingaruka ku micungire y'umutungo ukomoka ku buhinzi, inyongeramusaruro, gutanga umusaruro, no kongerera ubushobozi, bigatuma umusaruro uba muke. Bitewe n'uko batagira uburenganzira ku nyongeramusaruro, umusaruro uva mu mirima yahinzwe n'abagore uba mutoya ugereranyije n'uva ahahinzwe n'abagabo. Byongeye kandi abagore ni bo bagerwaho n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe n'ukugunduka

⁷² USAID/PSDAG. Internal Assessment of Access to Finance for Agriculture. July 2015.

⁷³ NISR, FinScope (2016)

⁷⁴ Uburinganire n'ubuhinzi, 2017

⁷⁵ Isesengura ryo kwihaza mu biribwa no kutushobora (2015)

⁷⁶ NISR, ibarura rusange ry'abaturage 2012.

⁷⁷ Kimwe no hejuru

k'ubutaka kubera ko nta kindi kintu bagira gishobora kubinjiriza amafaranga kugira ngo babashe gutunga ingo zabo. . Kuba abagore bagira uruhare ruto mu bikorwa bya serivisi z'imari⁷⁸ bituma batagira uruhare mu buhinzi bw'umwuga kandi ntibashobore kugira ibyo binjiza ugereranyije n'abagabo.

Uruhare rw'urubyiruko rw'u Rwanda mu bikorwa by'ubuhinzi no gutunganya umusaruro bigomba gutezwa imbere. Urubyiruko rutinye kwinjira mu bikorwa by'ubuhinzi no gutunganya umusaruro, ibi kandi bigaterwa n'uko bafite imyumvire itariyo y'uko ubuhinzi budatanga umusaruro kandi atari umwuga ukunzwe, kandi batakora bitewe n'amashuri menshi bafite. Gukurura urubyiruko rubifitiye ubushobozi ni igikorwa cyo kwitabwaho mu rwego rwo guhanga imishinga, mu guteza imbere ibikorwa by'ubuhinzi no gutunganya umusaruro, no mu kongerera agaciro umusaruro mu gutunganya ibiribwa.

3.1.12 AMAHIRWE AHARI

Ubukungu buzamuka ku buryo bushimishije buri kongera amahirwe yo kugera ku masoko y'imbere mu gihugu no mu karere mu rwego rwo kumenyekanisha umusaruro w'ubuhinzi. Afurika y'iburasirazuba irimo irazamuka cyane ku isi⁷⁹ kandi n'u Rwanda rurimo kugaragara cyane mu bikorwa byiza. Umusaruro uhoraho mu buhinzi uhuye cyane n'ubwiyongere bw'ibikenerwa mu duce tw'imijyi yo muri Afurika byo kongererwa agaciro n'ibiribwa biboneka ku buryo buhoraho. Amahirwe ahari imbere mu gihugu ni ukugabanya ibyatumizwaga hanze cyane cyane ibyo kurya bifite intungamubiri nyinshi byoherezwa mu mijyi iri gutera imbere. Hari n' amahirwe kandi muri gahunda yo kohereza ibiribwa hanze n'imbere mu gihugu yibanda cyane mu gucuruza ibintu byiza mu rwego rwo guhangana n'igiciro kiri hejuru n'amasoko aciriritse yohereza ibyo kurya kubantu baciriritse baba bakeneye ibyo kurya byiza kandi byujuje ubuziranenge.

Ubukungu bw'u Rwanda bugenda bufungura amarembo ku bucuruzi bwo mu karere n'ubucuruzi mpuzamahanga niyo mpamvu bugira uruhare runini mu bukungu⁸⁰. Kuva 2000, ibitumizwa n'ibyoherezwa hanze byongereye uruhare mu bukungu kuva kuri 31% kugera kuri 48%⁸¹. Ibyoherezwa hanze nabyo byariyongereye ku kigero cya 13,2% hagati y'umwaka wa 2000 n'uwa 2016⁸². Ariko na none ibyoherezwa hanze byikubye inshuri 7,2 muri 2017 kurusha uko byari bimeze mu ntangiriro z'icyo kinyejana, aho uruhare rwiyoungereye rukava kuri 6 rukagera kuri 15%. Serivisi zitangwa mu kohereza ibintu hanze zariyongereye ku kigero cya 16,3% mu gihe ibyoherezwa hanze byiyongereyeho 10,6%⁸³ mu gihe kimwe. Ibitumizwa hanze byiyongereye ku kigero cya 10% naho uruhare rwabyo mu bukungu rwiyoungereyeho kuva 25 kugera kuri 33%⁸⁴ hagati y' umwaka wa 2000 n'uwa 2016. Kongera ubucuruzi bwo hanze y'igihugu ni igisubizo cy'ibanze ku Rwanda mu rwego rwo kongera imikoranire n'abafatanyabikorwa bo mu karere binyuze muri EAC, COMESA, UMUHORA WA RUGURU na ECCAS biganisha mu kuzamura uburyo bw'imikoranire no kugabanya igihe n'ikiguzi cy'ibicuruzwa binyura mu mu mazi. Igihe cyo kohereza no gutumiza ibintu hanze binyuze ku cyambu cya Mombasa cyavuye ku minsi 95 kigera ku minsi 60 muri 2007 byongera kuva ku minsi 27 bigera ku minsi 26 muri 2015⁸⁵. Amavugurura ya vuba y'ishyirwaho ry'ubufatanye mu bucuruzi mu karere, byagabanyije igihe kigera ku minsi 6,3⁸⁶ muri 2016 mu gihe muri 2014 ikiguzi cya containeri imwe cyavuye ku madorari ya Amerika 5.000 kigera kuri 3.633⁸⁷.

. U Rwanda rukoresha amahirwe ari muri aka karere arimo kuba umunyamuryango w'ibihugu by'Afrika y'iburasirazuba (EAC) (bivuga ko ushobora gutumiza no kohereza ibintu hanze nta kiguzi), kuba ruri hagati mu guhuza ubucuruzi bw'umuhora wa ruguru n'uwo hagati no kuba ari inzira ijya mu burasirazuba bwa Congo. U Rwanda ruboneka mu gace koroheye ubwikorezi bwo mu kirere bikaba byoroshye kohereza ibintu nko muri Gabon, Congo Brazzaville no muri Nigeria.

⁷⁸ NSIR, FinScope (2016)

⁷⁹ IMF, Ishusho y'ubukungu bw'isi (2016)

⁸⁰ NISR, amakonti y'Igihugu 2016, Ishusho y'umutungo

⁸¹ Kimwe no hejuru.

⁸² NISR, amakonti y'Igihugu 2016, Ishusho y'umutungo

⁸³ Kimwe no hejuru

⁸⁴ Kimwe no hejuru

⁸⁵ Banki y'isi, Gukora imirimo yunguka, 2015

⁸⁶ NCTTCA Rapro y'ikurikirana (Ugushyirwa 2016)

⁸⁷ Kimwe no hejuru

N'ubwo ubukungu n'inyungu zituruka ku bucuruzi mpuzamahanga bikomeje kwiyongera, hagenda habaho abunguka n'abahomba. Abaguzi babona inyungu biturutse mu guhitamo ibyo bashaka. Abacuruzi ibintu na serivise aho u Rwanda rufite inyungu bazabona amahirwe menshi. Bitandukanye n'abacuruzi ibintu na serivise aho u Rwanda rudafite inyungu bazabona igihombo bitewe no kongera amasoko mu gihe gito aho bazahura n'ihangana rikomeye. Ariko kongera imikoranire birasa no guha imbaraga umusaruro w'ubuhinzi biganisha mu kubona inyungu.

Urubuyiruko ruzoroherezwa mu kwihangira imishinga⁸⁸. Nubwo ubwiyongera bw'abaturage ari ikibazo mu iterambere ry'ubuhinzi, ariko nanone ni amahirwe. Mu guhuza imishinga n'iburyo bwiza bwo gukora, urubuyiruko rw'u Rwanda ni umutungo wo rwahanga imishinga mishya kugira ngo rubone inyungu iva mu buhinzi bwa kijyambere⁸⁹. U Rwanda rwashoye imari mu gufasha ba rwiyemezamirimo bakiri bato bashaka gukora umwuga w'ubuhinzi ugezweho binyuze muri gahunda zigenewe kwigisha abanyeshuri bize Kaminuza ubuhinzi bw'umwuga bugezweho n'ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi, gutanga ubufasha bw'amafaranga binyuze mu kigo giteza imbere imishinga (BDF) n'ikigo cy'abikorera (PSF). Progaramu y'igihugu yo guhanga umurimo⁹⁰ nayo yita ku ishoramari mu buhinzi aho igira uruhare mu guhanga akazi cyane cyane ku banyeshuri barangije za Kaminuza. (Ihuriro ry'urubuyiruko rikora imirimo ishingiyeye ku buhinzi n'ubworozi (RYAF)⁹¹ rifite intego yo guhuza imishinga yose y'urubuyiruko ijyanye n'ubuhinzi n'iyi guhindura imitekerereze y'urubuyiruko ibashishikariza gushora imari mu buhinzi .

Guhanga udushya mu buhinzi bishobora kongera umusaruro tugana ku kwihaza mu biribwa, kongera ubukungu mu bahinzi no kurinda umutungo kamere. Igenzura rigaragaza uko ibihingwa bikunze guhingwa ryakozwe muri 2006⁹² ryagaragajeko umusaruro uboneka ku bihingwa byinshi uba uri muni y'icya kabiri cy'uwo bari bateganyije teze kubona twitaye cyane cyane ku bice bihingwamo. Byongeye kandi umusaruro utakara nyuma y'isarura uba uri hejuru ya 30% mu mirimo ikorwa y'uruhererekane nyongeragaciro. Andi mahirwe ahari ni ukongera umusaruro w'ibituruka ku bworozi. Kongera uwo musaruro bishobora guterwa no kongera ubwiza (ubwatsi, ibiryo by'amatungo bitunganyijwe, uburyo ibiryo by'amatungo bikorwa, kimwe n'ibibigize) ingano by'ibiryo by'amatungo, korora amatungo ya kijyambere, kongera ubumenyi mu bijyanye n'ubworozi no kurwanya indwara z'amatungo. Korora amatungo ya kijyambere bikubiyemo gutera intanga amatungo gakondo bizatuma tubona umusaruro ugaragara kubera ko amatungo gakondo ari ubwoko butanga amata, amagi n'inyama biri ku kigero cyo hasi.

Inzira imwe yo gukoresha ubutaka neza ni ukongere umusaruro hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka bwatuma wiyongera burimo ubushakashatsi, iyamamazabuhinzi, uburyo bwo kubona inyongeramusaruro no kubona inguzanyo. Ariko nanone amahirwe arahari yo kongerera umusaruro agaciro no kongera ubukungu mu bahinzi binyuze mu kugabanya ibitakara nyuma y'isarura no mu gushora imari mu gutunganya umusaruro n'uburyo bwo kuwubika Gukorana cyane na za kaminuza, imiryango iteza imbere abahinzi n'abikorera byatuma habaho guhanga udushya dushingiyeye ku buumenyi n'ikorabuhanga. Kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego yarwo y'iterambere mu buhinzi, rugomba gushyira imbaraga mu iyamamazabuhinzi kandi rugashyiraho ingamba zo guhugura abaturage. . Kwishakamo ibisubizo byaba ari kimwe mu byahindura ubuhinzi mu Rwanda. Ibi byitaweho u Rwanda rwaba umurongo w'ubumenyi mu buhinzi bugenderwaho muri Afurika⁹³ (S3A); byagaragara nk'umurongo ngenderwaho mu kumenya intego za Malabo. Umurongo w'ubumenyi mu buhinzi bugenderwaho muri Afurika (S3A) ugaragaza inyungu nyinshi ituruka mu gushora imari mu buumenyi mu buhinzi, hagati ya 40-60% yagaragaje gushikama mu masomo yatanzwe mu bihugu bitandukanye ku kigero gitandukanye cy'iterambere⁹⁴.

⁸⁸Hifashishijwe ibarura rusange ry'abaturage 2012, hafi ya kimwe cya kabiri cy'abanyarwanda ni urubuyiruko rufite muni y'imyaka 20.

⁸⁹Fondasiyo Mpuzamahanga y'urubuyiruko(IYF) mu nyigo yayo "Isoko ry'umurimo mu Rwanda n'urubuyiruko" (2011) yasanze ko ikoranabuhanga rishobora gukurira urubuyiruko mu mirimo mito n'iciriritse kandi igateza imbere abikorera mu buhinzi.

⁹⁰ MIFOTRA (2014) http://www.mifotra.gov.rw/uploads/media/NEP_Raproo_ya_nyuma_yemejwe_01.pdf

⁹¹ <http://www.ryaf.rw/>

⁹² Isuzuma ry'umusaruro w'ibihingw mu Rwanda Assessment, MINAGRI, 2016

⁹³ www.scienceagenda.org

⁹⁴ Alene & Coulibaly 2009, Beintema & Elliot 2009, Nin-Prat & Fan (2010)

Gukoresha neza ikoranabuhanga bishobora kongera umusaruro mu rwego rw'ubuhinzi kandi niyo nzira yo kugera ku baturage ku kigero gihagije. Ikoranabuhanga rishobora gufasha iterambere ry'ubuhinzi mu kugeza amakuru nyayo ku bahinzi ndetse no ku bandi bafatanyabikorwa kandi ku gihe. Ibikorwa shingiro ikoranabuhanga ryagaragazamo impinduka ni⁹⁵: iterambere muri rusange ryo kubona amakuru ku buhinzi, kongera ubumenyi ndetse n'ubwenge binyuze mu kwiga hakoresheje ikoranabuhanga, kugira uruhare mu guhanga imirimo mu rubyiruko mu buhinzi n'ahandi, kongera uburyo bwo kubona amakuru y'ubuhinzi, ubumenyi, amasoko, kubona amafaranga mu mirimo yo mu cyaro ndetse n'ubuhinzi.

⁹⁵ NK'uko byagaragajwe n'Ingamba y'Igihugu y'Itermabere ry'Ikoranabuhanga mu Buhinzi (ICT4Ag Strategy)

4. UKO URWEGO RW'UBUHINZI RUGARAGARA MURI RUSANGE

MINAGRI ihuza ibikorwa byose byo mu buhinzi haba ibya Leta ndetse n'iby'imiryango itari iya Leta ikora mu buhinzi. Intego yayo ni ukubangabunga ibyo kurya no kwihaza mu biribwa no kugira uruhare mu bukungu bw'igihugu mu gushyiraho, mu guteza imbere no kubungabunga gahunda zose zateza imbere ubuhinzi mu Rwanda⁹⁶.

Bitewe n'uko ubuhinzi bugaragara ahantu henshi nk'umurongo rusange w'iterambere ry'ubuhinzi muri Afurika (CAADP) n'intego zatangarijwe Malabo nk'intego z'iterambere rirambye (SDG), gukorana cyane na Minisitiri, ibigo byigenga n'imiryango itari iya Leta iharanira inyungu rusange (CSO) ni ikintu cyo kwitondera. Uru ruhurirane rutuma ubuhinzi buhura cyane n'izindi nzego mu gushyira mu bikorwa politiki y'ubuhinzi, twavugaga inzego zirebana n'ibikorwa remezo, ibidukikije, ibigo by'iterambere by'abikorera, imirimo ku rubyiruko, kubungabunga ubutaka, uburezi, (social protection) ubuzima. Urwo ruhurirane rwagize akamaro mu gushyiraho ingamba igihugu kigenderaho. MINAGRI yuzuzanya kandi igakorana n'izindi nzego mu kuzishyira mu bikorwa kugira ngo haboneke inyungu nyinshi mu bagenerwabikorwa no ku gihugu.

MINAGRI ifite ibigo bibiri bishyira mu bikorwa gahunda zayo: Ikigo cy'igihugu gishinzwe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (RAB) n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB). Intego ya RAB ni uguteza imbere ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi binyuze mu bushakashatsi, iyamamazabuhinzi kugira ngo umusaruro wiyongere⁹⁷. NAEB yo yibanda mu gushyira mu bikorwa gahunda n'uburyo bwo gufasha iterambere mu mishinga mu kwagura ubuhinzi ndetse n'ibituruka mu bworozi byinjiza amafaranga. Muri 2017 NAEB yahindutse Ikigo cy'igihugu cy'ubucuruzi⁹⁸.

Gukomeza kwegereza abaturage ubuyobozi biha ubushobozi inzego z'ibanze kuyobora gahunda zose zigenewe umuhinzi byongeye kandi akaba ari rwo rwego shingiro ruhagarariye inyungu n'ibikenerwa byose ku muturage no kuyobora ibikorwa byose n'inzego zitandukanye. PSTA 4 ni igikoresho cy'ibanze mu kuyobora gahunda zose zo kwegereza ubuyobozi abaturage mu rwego rw'ubuhinzi.

Inzego z'ibanze zuzuzanya inshingano zose z'ibigo bya MINAGRI byavuzwe haruguru kandi zongera imikoranyirye n'inzego z'igihugu. Buri karere gafite umukozi ushinze ubuhinzi n'umutungo kamere, ushinze ubuhinzi, ushinze ibihingwa ngengabukungu, ushinze amashyamba n'umutungo kamere, ushinze ubworozi. Ku rwego rw'umurenge, hari umukozi ushinze ubuhinzi n'ushinze ubworozi, mu gihe ku rwego rw'akagari hari umukozi ushinze iterambere ry'abaturage ufite mu nshingano ubuhinzi. Ivugurura rikomeje muri RAB aho ibikorwa bimwe bigerazwa abaturage n'abakozi bamwe bakajyanwa mu turere bakazayoborwa na MINALOC.

Uretse abakora mu nzego za Leta ku rwego rw'igihugu n'inzego z'ibanze, hari inzego z'abikorera (abahinzi, abakora ubuhinzi bugamije amafaranga n'ibigo by'imari), ibigo bya Leta (ibigo by'ubushakashatsi, amashuri na za kaminuza), imiryango itari iya Leta yo mu gihugu na mpuzamahanga y'abafatanyabikorwa bagira uruhare runini mu gufasha abahinzi.

Abahinzi mu Rwanda bagira uburyo gakondo bwo kwishyira hamwe baharanira inyungu zimwe na zimwe nko kubona isoko ry'umusaruro wabo, guhuza ubushobozi bwabo bibafasha kubona inguzanyo n'inyongeramusaruro. Ikigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA) cyashyizweho kugira ngo giteze imbere uburyo bwo gucunga neza amakoperative no kubafasha mu iterambere ryabo ubwabo no hamwe mu buryo bw'ubukungu bugaragara. Ku rubuga nkoranyambaga rwa RCA⁹⁹ muri 2017 bari bafite amakoperative aciriritse 8.145, ibigo byishyize hamwe 141 n'amashyirahamwe 15. Kimwe n'amakoperative yo kubitsa no kuguriza (SACCOs) 486. Tugendeye ku byavuye mu ibarura rya buri gihembwe ku buhinzi, 15,1% by'abakora ubuhinzi mu gihugu cyose bari mu makoperative.

⁹⁶ Iteka rya Minisitiri w'Intebe No. 40/03 ryo kuwa 27/02/2015 rigena intego, inshingano n'imiterere y'inzego za MINAGRI.

⁹⁷ Itegeko N°14/2017 of 14/4/2017 rishyiraho Ikigo cy'igihugu cy'iterambere ry'Ubuhanzi n'Ubworozi (RAB) rikanashyiraho intego, imiterere n'imirimo byacyo.

⁹⁸ Itegeko No. 13/2017 (ryemejwe kuwa 14 April 2017) rishyiraho NAEB nk'ikigo cy'ubucuruzi cya Leta, harimo n'imiterere n'imirimo byacyo

⁹⁹ <http://www.rca.gov.rw/?article13#>

Nyamara abenshi mu bahinzi bafite amasambu manini¹⁰⁰, 66,7% ni abanyamuryango ba za koperative z’ubuhinzi, byerekanako bafite gahunda mu kwishyira hamwe kurusha abahinzi bafite ubutaka butoya. Byongeye kandi mu Rwanda hari imiryango y’abahinzi usanga akenshi bikura mu mashyirahamwe y’abantu bamwe cyangwa amashyirahamwe atazwi.

Koperative n’imiryango y’abahinzi bifite akamaro mu gufasha abahinzi, nk’urugero mu iterambere ry’ubushobozi, amahugurwa, uburyo bwo kubona inguzanyo, kubahuzza n’amasoko no kubona amakuru ajyanye n’isoko, kongera ubukungu, ibiganiro ku mategeko, ubujyanama. Leta ikorana n’amakoperative mu bikorwa by’iterambere ry’uruhererekane nyongeragaciro, ubushakashatsi n’iyamamazabuhinzi. Guhugura amakoperative ku buryo bwo gucunga no kuyayobora, kwita kubayagize no kongera uruhare rw’abayagize bizabongerera imbaraga no kubona inyungu ku bayagize¹⁰¹.

Ubuhinzi bugamije amafaranga mu Rwanda ugereranyije n’ibindi bihugu byo mu karere biri mu nzira imwe, bugizwe n’umubare muto w’inganda nini n’umubare munini w’inganda nto, nta nganda ziciriritse zihari. Inganda nto n’inini mu Rwanda ni 98% by’imirimo yose zingana na 41% ry’imirimo y’ibigo byigenga. Umubare munini w’inganda zo mu buhinzi ziciriritse kimwe n’abakora indi mirimo¹⁰² harimo abacuruzi, abakora ubwikorezi, abacuruzi b’inyongeramusaruro aribo bafatanyabikorwa mu bucuruzi ku bahinzi bato. Gahunda y’imbaturabukungu mu buhinzi (CIP) yongereye ishoramari ry’abikorera mu rwego rw’abahinzi, haba mu nyongeramusaruro ndetse no mu bakozi guhera kubafite ubutaka buto kugera kubafite ibikingi mu buryo bwo kongera umusaruro. Mu rwego rwo guha uburenganzira abacuruzi inyongeramusaruro ku giti cyabo, leta yakoranye n’abikorera mu rwego rwo kubibegurira akaba aribo batumiza kandi bakageza inyongeramusaruro ku bahinzi mu rwego rwo gucuruzi no guteza imbere imikoraniye y’abacuruzi b’inyongeramusaruro. Ubu hari abacuruzi b’inyongeramusaruro barenga 800 bakorana n’abikorera babagezaho amafumbire n’imbuto, ariko abahinzi baracyafite ikibazo cyo kubona no kugura inyongeramusaruro nk’uko byatangajwe mu gihe twabazaga abahinzi ubwo twateguraga PSTA 4.

Ikigo cy’abikorera (PSF) giteza imbere kandi kigahagararira inyungu z’abikorera kikanatanga ibyatuma ishoramari ritera imbere. Gishyira hamwe urwego rw’imirimo icyenda aho ubuhinzi buza imbere, ariko nanone imikorere y’abikorera bashora imari mu buhinzi iracyari hasi. Bitewe n’urusobe rw’ababikorera hashingiwe ku byo bafite n’inyungu babona, imyubakire iracyari hasi mu ruhererekane nyongeragaciro. Ibindi bigo bikora mu buhinzi harimo ikigo cy’ishoramari muri Afurika y’iburasirazuba n’ibindi bigo twavugaga nk’ikigo gishinzwe gutunganya no kohereza ikawa mu mahanga (CEPAR), ishyirahamwe ry’abacuruzi imboga n’imbuto mu Rwanda n’ishyirahamwe ry’abatunganya amata mu Rwanda.

5. IMITERERE YA PSTA 4

5.1 INSHINGANO, ICYEREKEZO N’INTEGO ZA PSTA 4

PSTA 4 igamije kuvugurura ubuhinzi mu Rwanda bukava ku buhinzi bw’amaramuko bukaba ubuhinzi bushingiye ku bumenyi kandi bwongera agaciro, bugira uruhare mu bukungu bw’igihugu, kwihaza mu biribwa n’imirire myiza ku buryo burambye.

PSTA 4 ni gahunda y’igihe kirekire y’ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y’igihugu y’ubuhinzi (NAP). Kubera iyo mpamvu, ihuje icyerekezo na NAP: “Igihugu kihagije mu biribwa, mu mirire myiza, no mu izamuka ry’umusaruro w’ubuhinzi bishingiye ku buhinzi butanga umusaruro mwinshi, butangiza ibidukikije kandi buganisha ku masoko mu mwaka wa 2030”.

PSTA 4 yunganira intego nyamukuru ya gahunda y’igihugu y’iterambere ryihuse icyiciro cya 1 (NST1) yo “kwihutisha iterambere ry’ubukungu rusange bushingiye ku rwego rw’abikorera ku giti cyabo, ubumenyi n’umutungo kamere w’ u Rwanda”, no guteza imbere abanyarwanda bakaba abaturage bafite ubushobozi n’ubumenyi banafite imibereho myiza n’igihugu gishinze imizi kandi gitekanye”

5.2 ICYEREKEZO GISHYA

PSTA 4 icumbukura PSTA 3 ikubakira ku byiza byagezweho n’amasomo yabonetsemo. Ariko mu rwego rwo gusubiza ibibazo bigenda bigaragara n’impinduka z’imiterere y’inze, PSTA 4 izanye impinduka ku buryo bukurikira:

¹⁰⁰ Umuhinzi munini asobanurwa nk’uhinga ibihingwa ku butaka bungana cyangwa buri hejuru ya hegitari icumi, cyangwa umworozi Worora inka 70 cyangwa zirenze, ihene cyangwa intama 350, ingurube 140, inkoko 1,400 cyangwa imizinga y’inzuzi 50.

¹⁰¹ Politiki y’igihugu yo guteza imbere amakoperative (2006)

► **Uruhare rukomeye rw'urwego rw'abikorera (harimo n'abahinzi), aho Leta irekurira abikorera imirimo imwe n'imwe ikanashyiraho uburyo butuma babasha kuyikora neza.** PSTA 4 ishyira imbere ko Leta yatanga ibikenerwa rusange, ikagabanya uruhare rwayo mu bikorwa nyir'izina byo kongera umusaruro, kuwutunganya no kuwucuruza. Na none kandi

Leta y'u Rwanda izashaka ubundi buryo bushya bwo gukorana n'urwego rw'abikorera mu ishoramari mu bikorwa bihindura ibintu nko gushyiraho ibikorwa-remezo no kubicunga, guhanga udushya no kunoza amasoko y'ibikomoka ku buhinzi.

► **Kwita by'umwihariko ku nyungu y'ibikomoka ku buhinzi n'ubucuruzi bw'ibibukomokaho.** Kuzamura umusaruro uva ku butaka buto bizitabwaho cyane kugira ngo haboneke inyungu ku byashowemo no ku mirimo yakozwe kubera ubutaka ari buto n'abaturage bakaba biyongera cyane. Kongera inyungu zikomoka ku ikoreshwa ryiza ry'ubutaka n'inyungu ku muhinzi bizakorwa hifashishijwe "ikoranabuhanga mu kubungabunga ubutaka" hagamijwe: 1) kongera umusaruro; 2) kubona ibikoresho no kugabanya igihombo kiboneka nyuma yo gusarura imyaka; 3) kugera ku masoko mashya; 4) guhanga ibihingwa no korora amatungo bifite agaciro kanini tugereranyije n'ibyashowemo n'imirimo yakozwe. bizana inyungu nini ku byashowemo n'umurimo.

► **Gukoresha uburyo bwongera ibiribwa kugira ngo imirire no kwihaza mu biribwa byitabweho.** Gukora ku buryo ubuhinzi no kwihaza mu biribwa bijyana n'imirire iboneye, birasaba ko uruhererekane rw'inyongeragaciro ku bihingwa cyangwa ubworozi rwitabwaho. Muri PSTA 4, MINAGRI izakorana n'abafatanyabikorwa kugira ngo hanozwe uburyo bwo kweza ibiribwa bihagije, kubigeraho, kubuhunika no kubikoresha neza. Guhangana n'ihindagurika ry'ikirere no kugabanya ingaruka ziterwa naryo bizakomeza kwitabwaho by'umwihariko kuva ku rwego rw'umuryango. Kugira ngo ubuhinzi n'uburyo bwo kubona ibiribwa burusheho kwita ku mirire iboneye birasaba ko ibikorwa bizana ikizere ku bwiza bw'intungamubiri za buri gihingwa cg ubworozi bikomeza kurindwa ndetse bikanatezwa imbere mu bagize uruhererekane nyongera gaciro bese. Mu bibazo by'ingenzi byitabweho harimo, ubwiza bw'inyongeramusaruro (zihujwe n'ibiribwa byifuzwa n'ibikenerwa kuri buri gihingwa), uburyo bunoze bwo kongera umusaruro, gutunganya umusaruro, kuwubika no kuwongerera agaciro (hagamijwe kongera ubwiza, ubuziranenge n'imirire, ubuzima buzira umuze, n'ibindi.), agaciro k'umusaruro kiyongereye (inyungu nyinshi n'imirimo yiyongera bitewe no kwihaza mu biribwa), kudandaza umusaruro (uburyo utwarwamo ujya mu mijyi iri guturwa cyane) no gukoresha umusaruro (kuzamura imyumvire bityo hakitabwa ku biribwa binyuranye kandi bifite intungamubiri) kugira ngo haboneke ubuzima bwiza n'ibiribwa bifite intungamubiri mu mwaka wose ku baturage bo mu cyaro n'abo mu mijyi.

► **Guteza imbere ubuhinzi bwihanganira ihindagurika ry'ibihe.** PSTA 4 izubaka ubushobozi bwo guhangana n'ihindagurika ry'ibihe binyuze mu bikorwa byo mu mirima bizamura umusaruro, hitabwa ku bihingwa binyuranye kimwe n'imikoreshereze myiza y'ubutaka. Ku ikubitiro, kwita no guteza imbere imikorere y'abahinzi mu guhanga imbuto z'ibihingwa binyuranye kandi bifite ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere, indwara n'ibyonnyi bizatuma tubona ibyo kurya kandi binyuranye buri munsu. Na none, PSTA 4 yita by'umwihariko ku micungire y'ubutaka mu rwego rwo kunganira amaterasi hakoreshwa uburyo bw'ubuhinzi bwihanganira ihindagurika ry'ikirere bushingiye ku ikoreshwa ryiza ry'ubutaka n'amazi. PSTA 4 ihera ku bunararibonye bw'igihe kirekire bw'u Rwanda muri ibyo bikorwa aho uburyo bwiza kuruta ubundi ari ubuha uruhare abaturage. PSTA 4 kandi izana uburyo bwiza bwo gutanga amakuru ku bumenyi bw'ikirere no kuburira abahinzi hakiri kare kandi ireba ko ishoramari ryose ryita ku kibazo cy'ihindagurika ry'ibihe, guteza imbere ubushakashatsi no gutanga amakuru turushaho gukorera hamwe.

► **Kwita by'umwihariko ku buhinzi n'ubworozi bifite agaciro ko hejuru ugereranije n'ibindi (imboga, imbuto n'indabo, inkoko, ingurube n'amafi).** PSTA 4 yita ku korohereza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu kongera umusaruro w'imboga n'imbuto ibinyujije mu bufasha bwo kugabanya ibigenda ku musaruro n'ubuziranenge ndetse no kumenyekanisha ikoranabuhanga rigezweho nko guhanga mu mazu yabugenewe, ubuhinzi bwo mu mazi, n'uburyo buciriritse bwo kuhira. Gukemura ikibazo cy'imirire mibi bitewe no kurya indyo idafite intungamubiri z'ibanze bizibandwaho cyane dushishikariza abantu guhanga imbuto n'imboga zikungahaye kuri izo ntungamubiri kandi bagashishikarizwa kuzirya. . PSTA 4 izashyira imbere kongera umusaruro ukomoka ku matungo mu rwego rwo gukemura ibura ry'ibyubaka umubiri mu mirire. Ibi bizakorwa hakemurwa ikibazo cy'ibura ry'iburyo by'amatungo (mu bwinshi no mu bwiza), ubuzima bw'amatungo n'ubwoko bw'amatungo borora n'amasoko y'ibikomoka ku bworozi. Mu gihe ibikorwa

biteza imbere uruhererekane nyongeragaciro rw'amata bizakomeza kwitabwaho, ingufu nyinshi zizashyirwa ku bworozi bw'inkoko n'ingurube¹⁰³, ndetse no ku mafi aho abikorera babonamo inyungu itubutse.

► **Guha ingufu ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi.** Kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi bizasaba ubushakashatsi n'udushya ku isonga- kubonera abahinzi imbuto nshya, kurwanya indwara, n'ibindi- kimwe n'ubumenyi n'ubushobozi by'abahinzi mu rwego rwo kuba abanyamwuga, kongera umusaruro, guhinga ibihingwa binyuranye no kongerera agaciro umusaruro. . Ikoranabuhanga mu itumanaho rikazafasha kongera impinduka zivuye mu ikwirakwiza ry'amakuru yafasha ubuhinzi n'ubworozi, gutanga serivisi, ishoramari, kugendana n'ihindagurika ry'ikirere, no gutanga amakuru avuye mu bahinzi. Imiryango y'abahinzi ikomeye kandi ikora neza ibasha kugira ijamba ku masoko ikanavuganira abanyamuryango bayo. Guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi bizajyana n'iterambere ry'isoko n'abaguzi kandi hazitabwaho by'umwihariko uburyo bwo kugera ku bagore n'urubyiruko. Guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi n'agahimbazamushyi kuri ba rwiyezemamirimo mu buhinzi, by'umwihariko ku bagore n'urubyiruko bizaba ingenzi mu kongera imirimo n'ubukungu mu cyaro.

► **Kurushaho kunoza ubuhuzabikorwa bukoze na Leta no kureshya abafatanyabikorwa.** Mu gihe gishize hatangijwe imihigo ihuriweho n'inzezo za Leta n'abikorera. Mu rwego rw'ubuhinzi, biragaragara ko iterambere ry'abikorera n'urubyiruko mu ishoramari, ubucuruzi, kongerera agaciro umusaruro, n'ubuhahirane- Mu rwego rw'ibidukikije, ubutaka n'amashyamba mu gucunga ubutaka n'amazi n'ibiti bivangwa n'imyaka; mu rwego rw'ubuzima na MINALOC ku bijyanye n'imirire no kwihaza mu biribwa; n'urwego rw'ibikorwa-remezo ku bijyanye n'imihanda yo mu cyaro, kuhira imyaka, n'amasoko. Imikoraniye n'inzezo z'ibanze ni ingenzi mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe byose. PSTA 4 igamije kongera ubushobozi bwa MINAGRI mu gukorana no guhuza ibikorwa by'izo nzezo zose, hakajyaho uburyo bwo gukora iteganya bikorwa rihuriweho (n'ingengo y'imari), kimwe no gutangaza amakuru neza ku ishyirwa mu bikorwa n'impinduka zagezweho binyuze mu ikusanyamakuru rinoze. Na none kandi Leta y'U Rwanda ishyigikiye guha ingufu ibiganiri n'imiryango itari iya Leta ikora mu buhinzi, by'umwihariko ihagariye abahinzi, urubyiruko, abaguzi n'imiryango y'abikorera.

5.3 AMAHAME NGENDERWAHO MU ISHORAMARI

Ivugurura riyihuse ry'ubuhinzi kugira ngo ubukungu bwiyoungere no kwihaza mu biribwa ku rwego rw'ingo bisaba ishoramari ry'igihe kirekire mu kongera umusaruro, uruhererekane nyongeragaciro n'ibikorwa remezo nyunganizi. PSTA 4 ishyiraho amabwiriza mu ishoramari rya Leta mu buhinzi, hagamijwe kongera ireme ry'ishoramari rya Leta no kureshya abikorera kugira ngo intego za NAP, NST ndetse n'icyerekezo cy'u Rwanda mu mwaka wa 2020/50 zizagerweho.

Amahame akurikira niyo azagenderwaho mu guhitamo aho Leta yashora imari cyangwa bigakorwa n'abikorera:

Icyamba mbere Leta yorohereza abikorera mu gushora imari no kubafasha gukoresha neza bihagije ubushobozi bwabo. Leta izibanda kuri ibi bikurikira:

- (i) Kwita ku ireme ry' ibikorwa bya Leta bikenewe, bifitiye inyungu abaturage ariko bitakorwa n'abikorera (urugero: ibikorwa-remezo, ubushakashatsi, uburezi, kwita ku batishoboye, ibidukikije, kugoboka mu bihe by'amakuba, n'ibindi);
- (ii) Kwita ku byatuma imikorere igenda neza, binyuze mu gushyiraho za politiki zireba kure kandi zihamye zo mu buhinzi n'andi mabwiriza ashingye ku birebana n'amasoko;
- (iii) Gukemura ibibazo bijyanye n'amasoko binyuze mu bikorwa, uduhimbazamushi, ihuzabikorwa rinoze, gucunga neza iherekanyamakuru no kubaka ubushobozi.

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa ry'ibi bimaze kuvugwa, PSTA 4 izita kuri ibi bikurikira:

- Kwibanda ku bikorwa, byita ku bikenewe n'ibyifuzo by' abahinzi banyuranye, harimo no koroshya kugira ngo birusheho kugira akamaro kanini;
- Guha inshingano zimwe na zimwe abandi, gufasha uturere kuyobora neza itegenyabikorwa ry'inzezo z'ibanze n'itangwa rya serivisi, kuzuza no gushyigikira gahunda z'iterambere ry'uturere.
- Gukora igenamigambi n'ingengo y'imari bihuriweho aho ibiteganyijwe kugerwaho bisaba uruhare rw'izindi nzezo (by'umwihariko imirire, kwita ku batishoboye, kuvanga ibiti n'imyaka, ibidukikije, no guteza imbere urwego rw'abikorera n'ubucuruzi), guteza imbere ikoranabuhanga ry'itumanaho no kurisesengura, kongera

¹⁰³ Yagaragajwe nk'amahirwe mesnhi mu Gishushanyo Mbonera cy'Ubworozi (2017) hashingiyeho ahanini ko bikenera ibiribwa bike.

ubushobozi bw'inzego, no guha ingufu ihuzabikorwa ry'inzego zinyuranye, kugera ku mpinduka nziza kandi nini zishoboka biturutse ku ishoramari rya Leta.

Icy a kabiri, ishoramari rizaba rishingiye ku bikorera: Leta y'u Rwanda yemera uruhare runini rw'urwego rw'abikorera mu guhindura ubuhinzi bw' u Rwanda bukava ku buhinzi bw'amaramuko bukaba ubuhinzi buhangana ku masoko¹⁰⁴. Impinduka zizazanwa n'urwego rw'abikorera guhera ku bahinzi bato n'amakoperative kugeza ku bahinzi bahingira amasoko mu buhinzi n'ubworozi by'ibanze, inyongeramusaruro no gutanga serivisi, abacuruzi/ abohereza ibintu mu mahanga, abanyenganda z'ibikomoka ku buhinzi n'abahinzi n'aborozi.

5.4. AMASOKO N'URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO

Gushyira imbere amasoko n'uruhererekane nyongeragaciro bituma habaho ikoreshwa ryiza ry'imitungo n'ubushobozi bw'inzego, aho serivisi za Leta n'amabwiriza y'imikorere byibanda ku ruhererekane nyongeragaciro rwatoranijwe hagamijwe kunoza iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage. Mu rwego rwo kunoza imicungire y'uruhererekane nyongeragaciro, hazashyirwaho kandi hashyigikirwe uburyo bwo kwihuza kw'abaruhuriyemo kugira ngo banoze imikoranire kandi bakomeze gutera imbere.

5.4.1. AMASOKO

Hari amoko atatu y'amasoko:

- 1) **Isoko ry'imbere mu gihugu** rigizwe ahanini n'ibihingwa bitunga abaturage kandi rizahora ryitabwaho mbere y'ayandi kugira ngo ibyeze bihuzwe n'ibiribwa bikenewe n'abaturage imbere mu gihugu. Kunoza imitandukanire y'ibigezwa kuri aya masoko n'ibikenewe n'abaturage (ibikorwaremezo, ubwikorezi, n'ihananamakuru n'ibindi) ni ngombwa cyane ku bahinzi n'abaguzi. Isoko ry'ibifite agaciro kanini kurusha ibindi riracyari rito ariko riragenda rikura nk'uko bigarara mu maduka y'ibiribwa manini yo mu mijyi itandukanye, amazu ategura akanatanga amafunguro, na za hoteli. Ku bw'ibyo rero, ibyemezo by'ubuziranenge bw'ibiribwa ritegerejweho kugira uruhare runini.
- 2) **Isoko ryo mu karere** rigizwe ahanini n'ibiribwa by'ibanze. Kuri ubu, Repubulika iharanira demokarasi ya Congo niryosoko rinini ry'ubucuruzi bwambukiranya imipaka bukorwa n'abanyarwanda, by'umwihariko ubworozi, ibirayi n'ibijumba, amata, indabo, n'amavuta yo kurya¹⁰⁵. Muri EAC, guteza imbere isoko rihuriweho bizakomeza kandi rizagura isoko ry'u Rwanda mu Karere no guhuza ibicuruzwa n'ibikenerwa n'abaguzi bo muri EAC bizitabwaho muri PSTA 4. Mu karere hari isoko rigenda ryaguka mu mijyi bityo amahirwe y'u Rwanda azaba ari mu kugurisha ibikomoka ku buhinzi bifite agaciro ko hejuru.
- 3) **Amasoko mpuzamahanga** yakomeje kwibanda ku bucuruzi bwohereza ikawa n'icyayi mu mahanga. Kuri ibi bihingwa byombi ikizibandwaho ni ukunoz uburyo bicuruzwamo kugira ngo igiciro cyabyo muri ayo masoko kiyongere. Kandi ubucuruzi bw'indabo, imboga n'imbutu buragenda nabwo butera imbere. Kuri ubu, isoko ryabyo rinini riri mu Burayi. Ariko amahirwe yandi yagaragaye ahandi henshi hanyuranye- by'umwihariko muri Afurika y'uburengerazuba. Ikizibandwaho ku ndabo, imboga n'imbutu ni ukunoz uburyo bwo guhuza ibyo ducuruzwa n'ibyo amasoko anyuranye akeneye, ubuziranenge no kuzuz ibisabwa n'ayo masoko. Ibikomoka ku bworozi nirwo rwego rukurikiraho mu kugenda ruzamuka mu byoherezwa mu mahanga. Aha ariko hakenewe guhuza ibikomoka ku matungo n'ibisabwa kuzuzwa kuri ayo masoko. Nk'urugero, gufunga ukoresheje ikirango mpuzamahanga, n'amakuru ku bworozi bizakenerwa kugira ngo ibicuruzwa byacu bigezwe kuri ayo masoko mpuzamahanga yagutse.

5.4.2 URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO

Ibice byingenzi by'uruhererekane nyongeragaciro harimo:

Ibihingwa ngandurarugo bituma twihaza mu biribwa n'imirire myiza harimo ibitoki, ibigori, imyumbati, ibirayi, ibijumba n'ibishyimbo. Ibiciro by'ibihingwa ngandurarugo biri hasi kandi bidahinduka bizagerwaho binyuze mu guhuza amabwiriza

¹⁰⁴ Ingamba y'Igihugu y'ishoramari mu buhinzi bwunguka, MINAGRI, 2017

¹⁰⁵ Banki Nkiuru y'Igihugu, Imibare y'ubucuruzi butemewe bwambukanya imipaka, 2016

ubuhinzi n'ubucuruzi yo ku rwego kugira ngo ibihingwa ngandururugo bisa nkaho bidatanga inyungu cyane bizashobore gutumizwa hanze ku giciro kiri hasi kugira ngo abahinzi bazashobore kubona umusaruro uri hejuru uva mu butaka buto bafite bitumen binjiza amafaranga menshi maze babashe kugura ibyo kurya.

Imiryango myinshi iracyahinga ibihingwa byo kubatunga mu ngo zabo aho kugurisha umusaruro ngo bazagure ibyo kurya ku isoko. Ibihingwa byinshi bigira agaciro ku isoko igihe bitunganyijwe kuko bishobora guhangana mu giciro n'umusaruro uba watumijwe hanze y'igihugu. Ahaboneka abatunganya umusaruro usanga guhuza umusaruro no kuwongerera agaciro bimeze neza bigendanye n'ibikenewe ku isoko. U Rwanda rwashyize imbaraga mu bucuruzi bw'umusaruro mu rwego rwo kwesa umuhigo aho kureba ku bitumizwa mu mahanga bidatunganyije usanga bidahenze cyangwa bifite ubwiza cyane.

Ibicuruzwa bya kera byoherezwa mu mahanga: harimo icyayi, ikawa, ibireti. Ibi biracyafite akamaro n'uruhare mu iterambere. Urwego rw'abikorere basanzwe bakora mu ruhererekane nyongeragaciro kandi bakagira uruhare mu kongera ibituruka mu byoherezwa mu mahanga n'ibyo buri rugo rwinjiza.

PSTA 4 izakomeza gufasha ibihingwa ngandururugo n'ibyoherezwa hanze y'igihugu kimwe n'uko izibanda kandi igafasha ibicuruzwa byose bigaragaza impinduka¹⁰⁶.

Ibicuruzwa bigaragaza impinduka iri hejuru ni ibicuruzwa byose biva mu buhinzi aho icyerekezo cy'u Rwanda kiganisha mu kubyaza umusaruro abakozi n'umusaruro uri hejuru w'ibiva kuri hegitari no kugira uruhare mu kubona ibyo kurya no kwihaza mu biribwa. Ubucuruzi bw'ibyongerewe agaciro bicuruzwa cyane mu masoko yo mu gihugu, mu masoko atandukanye yo hanze, bikongerera inyungu abahinzi. Ariko nanone ishoramari rya Leta n'abikorera rirakenewe mu kugaragaza imbogamizi zihari no mu kugabanya igihombo ku bahinzi.

Ibizibandwaho ni:

- **Ibikomoka ku matungo:** Harimo amakaragiyo y'amata (n'ibiyakomokaho), inyama n'amata by'amatungo magufi, ubworozi bw'inkoko (inyama n'amagi), uburobyi n'ubworozi bw'amafi. Mu rwego rw'amakusanyirizo y'amata, umusaruro wariyongereye hafi inshuro enye mu myaka 10 ishize¹⁰⁷ ku buryo ikigero cy'amata akenewe mu kunyobwa usanga kiri hejuru y'amata aboneka mu Rwanda. Uburobyi (kuroba amafi no kuyorora) nibikorwa neza akaba aribwa ku buryo butandukanye. Gushora imari mu bworozi bw'inkoko¹⁰⁸ n'uburobyi n'ingenzi cyane mu buryo bwo gutuma haboneka inyama n'itungamubiri zikenewe cyane ndetse no kuzohereza mu mahanga¹⁰⁹.
- **Imboga, imbuto n'indabo:** Gukorera isi yose, akarere, amasoko y'imbere mu gihugu mu rwego rwo kwegerazwa ifunguro ryuzuye, uruhererekane nyongeragaciro mu biribwa u Rwanda ruboneramo inyungu harimo: ibishyimbo, amashaza, ibigori, urusenda, ibitunguru, ibihumyo, imbuto nk'ibinyomoro, pome, imineke, amatunda, avoka n'indabo. Byongeye kandi imbuto n'imboga bigira akamaro kanini mu mirire no kwihaza mu biribwa ku baturage bo mu bice bitandukanye mu Rwanda kandi bizatezwa imbere bijye biribwa cyane mu ngo.

Nkuko ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 ryatangiyeye, guhitamo uruhererekane nyongeragaciro bizakorwa neza, hagendewe ku isesengura riyobowe n'ibizagenderwaho byavuzwe haruguru mu gihe inyongeragaciro yafatwa nk'amahirwe y'isoko rishya.

¹⁰⁶ Byatoranijwe hakuruikijwe ibi bikurikira: ubutaka n'ikirere:kuba biberanye n'ibice bitatu by'ingenzi by'ubutumburuke bw'ubutaka n'uturere tw'ubuhinzi 12 (kuri ubu no mu gihe kizaza), no gutanga umusaruro mwiza uvuye ku nyongeramusaruro zakoreshejwe; amahirwe y'amasoko no kongera umusaruro; gutanga akazi/imirimo; imibereho myiza y'abaturage no kongera imari; kongera agaciro, amahirwe yo koherezwa hanze umusaruro, amahirwe ku mibereho y'abaturage n'ubukungu; kwihaza mu biribwa n'imirire, kugabanya ubukene n'ubusumbane; n'ibijyanye na politiki n'ingamba: isoko ry'imbere mu Gihugu n'amahirwe y'ishoramari.

¹⁰⁷ Imibare ya MINAGRI

¹⁰⁸ Ingamba rusange y'iterambere ry'Ubworozi (2017)

¹⁰⁹ Amatungo magufi ntiyitetezweho gukemura bigaragara ikibazo cy'ubuke bw'inyama bitwe n'umubare wayo muto, byongeye kandi n'ibiryo byayo ntibyoroshye kuboneka, n'amoko ya gakondo y'amatungo.

5.5. IMPINDUKA N'IHINDURAMYUMVIRE BYA PSTA 4

PSTA 4 ni uburyo bwo kugera ku ntego z'itangazo rya MALABO zikurikira:

1. Kurushaho kuzamura ubukire
2. Amahirwe y'ubukungu n'uburumbuke, guhanga imirimo no kugabanya ubukene
3. Kurushaho kwihaza mu biribwa n'imirire myiza
4. Kurushaho guhangana n'ihindagurika ry'ibihe ku buryo burambye

5.5.1 IMPINDUKA 1: KURUSHAHO KUZAMURA UBUKIRE

Ubutaka ni yo mpamvu ya mbere ituma umusaruro utaboneka mu Rwanda. Ukwiye umusaruro mu bukungu bisaba kongera inyungu iva kuri buri hegitari no kubona umusaruro mu gihe cyo kuwutunganya. Kongera inyungu kuri buri hegitari bisobanura kongera umusaruro kandi n'ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi bikagira agaciro kanini, bikaba bisaba ibikorwaremezo nko kuhira, gukora amaterasi, gukoresha ikoranabuhanga (imbuto z'indobanure, amafumbire n'ibindi) n'amakuru ku bijyanye n'isoko. Bizasaba nanone ubumenyi bw'abahinzi buri hejuru na Gahunda y'Igihugu yo guhingira amasoko.

Umusaruro uzaboneka habayeho kugabanya ibyangirika bitewe n'ikirere, ibitakara nyuma yo gusarura no gushyira imbaraga mu gutunganya no kuwongerera agaciro. Ibi bisaba gushaka ubumenyi, amakuru n'ikoranabuhanga n'ibikorwaremezo mu rwego rwo kubona amasoko. Kubona inyungu no gukora ubucuruzi bizasaba kugira umusaruro ushobora kuzoherezwa kandi ukazahangana n'amasoko yo hanze. Kubona amasoko yo hanze bisaba ishoramari rya Leta mu isuku n'isukura (SP) n'ibikorwaremezo byujuje ubuziranenge.

5.5.2 IMPINDUKA 2: AMAHIRWE Y'UBUKUNGU N'UBURUMBUKE, GUHANGA IMIRIMO NO KUGABANYA UBUKENE

Kubyaza umusaruro imirima no kubona amasoko birakenewe ku bahinzi kugira ngo bazabone inyungu nyinshi ikomoka ku buhinzi kandi bagire n'imiberereho myiza mu ngo. Ibyinjira mu ngo birateganywa ko bizagira ingufu binyuze mu kongera agaciro k'umusaruro guhera ku murima, bivuga ko iyongereragaciro ari kuri buri mukozi wese uri mu buhinzi. Ibyinjira mu ngo biziyongera ari uko bongereye imbaraga mu ruhererekane nyongeragaciro hahangwa akazi katari mu buhinzi. Mu guhuza inyungu umuhinzi abona, guhangana ku masoko, n'umusaruro bigirira ikibazo mu ngo z'abahinzi, ubufasha butegerejwe no kubakira imiryango ikennye cyane bizagira uruhare mu kugabanya ubukene. Mu guha abagore ubumenyi no kubahuzi n'ibigo by'imari bizabatera imbaraga mu gukora imirimo ibyara inyungu.

5.5.3 IMPINDUKA 3: KURUSHAHO KWIHAZA MU BIRIBWA N'IMIRIRE MYIZA

Kubona inyungu nyinshi iva ku buhinzi no kongera ibituma imirire iba myiza bizagira uruhare runini mu mafunguro afitanye isano n'imirire mibi, cyane cyane ibituma abana batagwingira ari cyo cyifuzo cya PSTA 4. Impinduka mu mirire myiza no mu kwihaza mu biribwa izaboneka kandi igaragazwe no guhuza ibikorwa hagati y'impande z'abahinzi n'abaguzi hakoreshejwe inkingi enye zo kwihaza mu biribwa:

Kuboneka kw'ibiribwa byinshi binyuranye kandi byiza ku masoko yo mu gihugu no mu karere bizagerwaho ari uko habayeho kongera umusaruro ku bintu bitandukanye ku rwego rw'umuhinzi, hamwe n'umusaruro wabonetse nyuma yo kuwongerera agaciro.

Kuba ukeneye ibiribwa wese bimugeraho bizongerwa binyuze mu kongera inyungu mu muryango ndetse no kubona amasoko no kutagabanuka k'umusaruro. Kongera umusaruro no gukemura ikibazo cy'amasoko bizagira uruhare mu kuba ibiribwa byagera kuri buri wese binyuze mu kubibika neza, mu kubona amakuru agendanye n'amasoko na gahunda y'igihugu y'ubwishingizi.

Kongera kudahungabana kudahindagurika kw'ibiribwa, akazi kenshi kagomba gukorwa mu rwego rwo kugira ngo igiciro cy'ibiribwa kigume hasi kandi ntigihindagurike. Kwegereza abatwariye gahunda y'igihugu yo kwirwanaho n'uburyo bwiza bwo guhangana n'ikirere n'ikibazo cy'amasoko.

Gukoresha umusaruro w'ibihingwa bitandukanye bizongera uburyo bwo kubona ibiribwa bitandukanye bifite intungamubiri zinyuranye bizatugeza ku imirire myiza nibihuzwa na gahunda y'igihugu yo gushaka ibikenewe binyuze mu kongera ubumenyi ku biribwa bifite intungamubiri nyinshi bitunganyije neza kandi bibitswe neza mu ngo z'abahinzi. PSTA 4 izavugaga ku mahugurwa y'abagura ibiribwa, ubushishozi, gushyigikira abagore mu kubongerera ubumenyi, imyumvire n'imirimo igendanye n'imirire.

5.5.4 IMPINDUKA 4: KURUSHAHO GUHANGANA N'IHINDAGURIKA RY'IBIHE KU BURYO BURAMBYE

Kongera umusaruro no gushaka ibyinjiza amafaranga bitandukanye bitari ubuhinzi bizaba igisubizo ku guhangana n'ingaruka zatuma tutabona umusaruro. Ibi bigomba guhuzwa no kugabanya ibyangirika bitewe n'ikirere, kugendana n'ihindagurika ry'ibihe no gukora imirimo yose ihuye n'uko ikirere kifashe, gufata neza ubutaka n'amatungo mu kongerera icyizere ingo, gukuraho ingaruka ziterwa n'ikirere bityotukongerera umusaruro.

Gukuraho imbogamizi ku masoko y'umusaruro mu gihugu bizakemurwa no gufata ubwishingizi no kubona inguzanyo cyangwa ubundi buryo mu kugabanya imbogamizi, nko kubona ibikoresho, guhinga ibihingwa bitandukanye, kubona amakuru ku masoko no gushyira imbaraga mu buhinzi bw'umwuga. Ibi bikorwa bikenewe kuzuzwa no kubyegereza abatwariye, kubibungabunga bizadufasha guhangana n' mu gukuraho izamuka ry'ibiciro by'ibyo kurya mu gihugu.

Ubukungu bwagutse buzongerwa mu buryo butandukanye harimo ibyoherezwa mu mahanga, kongera umusaruro w'imboga no guteza imbere amasoko atahungabanywa cyane n'ihinduka ry'ibiciro ku masoko yo hanze.

Imbonerahamwe ya 4 irerekana uko ibitegerejwe kuri buri nkingi y'ingenzi ya PSTA 4 bizafasha kugera ku impinduka mu bice bine bya CAADP. Nkuko bigaragara mu imbonerahamwe, umusaruro wa PSTA 4 ugira uruhare mu mpinduka nyinshi, igihe izindi usanga zihariye kandi zikagira uruhare mu gice kimwe. Ibi bizagaruka ku mikoranire hagati y'ibice by'impinduka ya CAADP n'impamvu y'uko ibice by'umwihariko biri mu bice byibandwaho na PSTA 4 bizagira uruhare muri byinshi muri byo.

Imbonerahamwe ya 4: PSTA 4: Imitekerereze y'impinduka: Uko impinduka z'ibigamijwe bitandukanye muri PSTA 4 zizafasha ibice by'impinduka bya CAADP.

Ibigamijwe mu nkingi y'ingenzi ya PSTA 4	Kurushaho kuzamura ubukire	Amahirwe y'ubukungu n'uburumbuke, guhanga imirimo no kugabanya ubukene	Kurushaho kwihaza mu biribwa n'imirire myiza	Kurushaho guhangana n'ihindagurika ry'ibihe ku buryo burambye
1. Ubushakasha tsi n'iyamamazabu hinzi	gukoresha ikoranabuhanga; guteza imbere ubumenyi na servise mu ibikorwa by'ishoramari mu buhinzi	Kongera ubwenge, ubumenyi, n'agashimwe mu mirimo y'ubuhinzi n'itari iy'ubuhinzi cyane cyane ku bagore n'urubyiruko	udushya mu ikoranabuhanga, ubushobozi n'ubumenyi mu kubona ibyo kurya bitandukanye bikungahaye ku ntungamubiri	Gukoresha ikoranabuhanga n'ubumenyi mu kurusahaho guhangana n'ihindagurika ry'ikirere
2. Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe	Kongera umusaruro w'ubuhinzi mu bihingwa bitandukanye no kongerera agaciro ibicuruzwa	Kongera umutungo biturutse ku musaruro; Kubakira ingo zitishoboye	Kubona ibyo kurya bikungahaye ku ntungamubiri igihe ubishakiye no kubikoresha	Kongera imbaraga mu guhangana n'ihindagurika ry'ibihe no gufata neza ubutaka

<p>3.Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro</p>	<p>Kugabanya ibitakara nyuma y'isarura, Kongera umusaruro n'agaciro k'ibicuruzwa</p>	<p>Guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro mu kongera imirimo mu buhinzi ndetse no hanze y'ubuhinzi, Kugabanya impamvu zose zituma umusaruro utagira inyungu</p>	<p>Kutongera igiciro ku bicuruzwa, ubwishingizi, kugabanya imbogamizi zaturuka mu kuwucunga</p>	<p>Ibyinjira mu rugo, ibijanywa hanze bitandukanye, ubwishingizi, kugabanya imbogamizi zaturuka ku gutwara umusaruro no kuwucunga</p>
<p>.Guteza imbere imikoranire n'inzego</p>	<p>Kongerera ishoramari rya leta gutanga ubufasha bwose kandi neza</p>	<p>Koroherereza ishoramari ry'abikorera; gukorana mu guhuza ibikorwa no mu gufashanya</p>	<p>Guhuza ibikorwa bya za Minisiteri zose bireba</p>	<p>Guhuza ibikorwa muri za Minisiteri zose bireba; Gushyiraho Gahunda y'igihugu no gutegura ibikorwa</p>

6.INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4


6.1 INKINGI Z'INGENZI ZA PSTA 4 MU ISURA RUSANGE

Ishusho ya 4 yerekana inkingi z'ingenzi za PSTA 4, aho zihuriye n'uburyo zuzuzanya.

- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 1: Ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi** ni umusingi w'ubumenyi ku nkingi ya 2 n'ya 3. Ikingamijwe ni ukurushaho kunoza ubumenyi n'ikorabuhanga mu buhinzi n'ubworozi mu bijyanye n'ubushakashatsi n'udushya by'ibanze, guteza imbere serivisi z'iyamamazabuhinzi, kimwe n'ubumenyi n'amakuru bigera ku bagize uruhererekane nyogeragaciro rw'ubuhinzi cyangwa ubworozi. .
- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 2: Kongera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe:** inshingano z'ibanze za MINAGRI ni ukongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi. PSTA 4 izibanda cyane ku buryo umusaruro wagenda n'imirire, ku buryo burambye kandi udahungabanywa n'ihindagurika ry'ibihe.kandi buhagije. Iyi nkingi y'ingenzi itegurira uruhererekane nyongeragaciro mu nkingi y'ingenzi ya 3.
- ▶ **Inkingi y'ingenzi ya 3: Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro: Iyi nkingi inoza ibijyanye n'amasoko, guhuza umusaruro no kuwutunganya.** . Ibi birimo inyongeramusaruro nk' amafumbire, ubwishingizi, imari kimwe n'ibikorwa bibanziriza amasoko nk'umusaruro ukusanyirijwe hamwe, kubona amasoko atandukanye, kongerera agaciro umusaruro, ibikorwaremezo no kwitegura kuwohereza mu mahanga.

Inkingi y'ingenzi ya 4: Guteza imbere imikoranire y'inzezo: gutanga amabwiriza ngenderwaho no gusobanura uruhare rwa Leta. PSTA 4 ishyira imbere ishyirwaho rya politiki zisubiza ibibazo bihari binyuze mu ikusanya n'isesenguramakuru rinoze na politiki zishyirwaho, no kunoza igenamigambi by'umwihariko guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa.

Ishusho ya 4: Inkingi z'ingenzi za PSTA 4



6.2 INKINGI Y'INGENZI YA 1: UBUSHAKASHATSI N'IYAMAMAZABUHINZI

IBIKUBIYEMO

Ubushakashatsi busubiza ibibazo kandi buzana udushya n'iterambere (R&D) ni inshingano ya Leta ifite akamaro mu gufasha iterambere ry'ubuhinzi¹¹⁰. Gahunda y' ubumenyi ku buhinzi ya Afurika igaragaza inyungu ziri hagati ya 40-60% by'igishoro mu bumenyi mu buhinzi buba bwakoze ku isi mu bihugu bitandukanye bifite iterambere ritandukanye. Hari uburyo bwo guteza imbere R&D mu buhinzi mu Rwanda, muri PSTA 3 yafashe gusa 0,7% igihe hari hagambiriwe 7,1%¹¹¹. Kongera ubushakashatsi n'iterambere R&D byabaye imbarutso yo guhanga udushya mu buhinzi kongera imikorere myiza no kugabanya ingaruka zirimo iz' ihindagurika ry'ibihe.

Muri gahunda y'igihugu yo gukwirakwiza iyamamazabuhinzi, u Rwanda ruri mu nzira nziza, ingo zakoreweho igenzura muri 2015 zagaragaje ko zagezweho na serivisi z'iyamamazabuhinzi. Muri 2012, 32% by'ingo zakoreweho igenzura zagaragaje ko zigirwa inama, mu gihe 2015 byiyongereye kugera kuri 69% (aho 54% ari abagore). Gahunda y'igihugu ya Twigire Muhinzi na Twigire Mworozi¹¹² zitanga inama n'ubumenyi n'uburyo bwo gukoresha ngo bagere ku iterambere mu buhinzi. Intego ni ukongerera abahinzi ubumenyi butuma bamenya ibibazo bihari, bakagerageza ibisubizo bishoboka no gukoresha uburyo bwiza bwo guhanga n'ikorabuhanga rikwiye bizabageza ku mpinduka nziza aho batuye. Ubu buryo bwatumye abahinzi babasha kumenya no kwemera uburyo bushya bwo guhanga, kandi bashobora no guhanahana amakuru hagati yabo, mu miryango y'abahinzi no mu bandi bafatanyabikorwa batandukanye¹¹³. Twigire Muhinzi yuzuza ibikorwa n' abakozi ba Leta bashinzwe iyamamazabuhinzi kandi igashyirwa mu bikorwa na MINAGRI (ishinzwe gutanga ubufasha mu ishyirwa mu bikorwa) na MINALOC (ishinzwe gukurikirana umunsi ku wundi no gutegura ibikorwa binyuze mu karere). PSTA 4 yibanda cyane ku ruhare rw'abikorera mu gutanga serivisi z' iyamamazabuhinzi.

Haracyakenewe imbaraga nyinshi mu kongera ubumenyi n'ubushobozi by'abahinzi n'imiryango y'abahinzi. Gukomeza gushora imari muri uru rwego birakenewe mu gusohozza gahunda y'igihugu yo guhingira isoko bikanasaba ubumenyi butandukanye n'ubushobozi mu bakora ubuhinzi mu Rwanda. Nk'uko byagaragajwe na NAP, amashuri y'ubumenyingiro n'amahugurwa arasaba ikiguzi kiri hejuru kugira ngo haboneke ubwenge n' ubumenyi bujyanye n'akazi runaka mu ruhererekane nyongeragaciro mu buhinzi. Nk'uko byagaragajwe na EICV 4, kubura akazi ku barangije za kaminuza biri kuri 14% kandi imbaraga zihariye zirakenewe mu guteza imbere iterambere mu ishoramari mu buhinzi hagati yabo.

IMPINDUKA 1

Impinduka itegerejwe ku nkingi ya 1 ni ukugira ikoranabuhanga ryo ku rwego rwo hejuru no kongerera ubushobozi abahinzi n'abakora uruhererekane nyongeragaciro bo mu byaro kuko aribo bafata imyanzuro bakanakora indi imirimo ibyara inyungu itari ubuhinzi. Ibi bizagerwaho binyuze mu (1) Gushyira ingufu mu bushakashatsi n'ikoranabuhanga binyuze mu guhuza ibikorwa ku buryo bunozwe. ; (2) Gukora iyamamazabuhinzi ku byerekeye ibyo abahinzi bakeneye nk'imirire, uburinganire, gushora imari no kuyicunga neza; (3) Guhugura abakora uruhererekane nyongeragaciro no kubongerera ubushobozi.

¹¹⁰ Alene & Coulibaly (2009); Beintema & Elliot (2009); Nin-Prat & Fan (2010)

¹¹¹ Isuzuma ry'amafaranga yakorehsejwe mu buhinzi (2016)

¹¹² Uburyo bw'Ishuri ry'Abahinzi mu Murima mu Rwanda

¹¹³ Inyandiko nyunguranabitekerezo kuri *Twigire Muhinzi* (2016) yanditswe na MINAGRI na BTC nyerekana ko mu mpera za 2015, abafashamyumvire 2,300 FFS bafashije ishyirwaho ry'imirima shuri 8,500 FFS ihafi muri kimwe cya kabiri cy'imidugudu yoze. Abajyanama b'ubuhinzi bageraga ku 14,2000 mu mpera za 2015 kandi babashije gushyiraho amatsinda y'abahinzi (amatsinda ya Twigire) agera ku 75,800 bityo bashobora kugera kun go zigera kuri 1,100,000

IA 1.1 UBUSHAKASHATSI N'ITERAMBERE MU GUHANGA UDUSHYA

Intego: Gushyiraho urwego rukomeye rw'ubushakashatsi rushyiraho kandi rugakwirakwiza uburyo bwiza bwo gukoresha inyongeramusaruro ikoranabuhanga n'udushya kugira ngo umusaruro wiyongere kandi n'imbogamizi zigabanuke.

Ubushakashatsi mu buhinzi mu guteza imbere no gukwirakwiza imbuto z'indobanure n'uburyo bushya mu buhinzi nko kuhira bifite uruhare rw'ingenzi mu kongera umusaruro, mu gukoresha ubutaka neza no kububya umusaruro, kugabanya no gushobora guhangana n'ihindagurikire ry'ibihe. Ubushakashatsi buri muri PSTA 4 bwibanda ku burumbuke bw'ubutaka, ibyonnyi n'indwara (harimo uburyo kamere bwo kubirwanya), gutegura ubwoko bw'imbuto bwihangana n'amatungo ya kijyambere, ubuhinzi cyangwa ubworozi bukomatanyije burimo, by'umwihariko gukora uburobyi n'ubworozi bw'amafi ku butaka budatuwe. Gahunda y'ubushakashatsi ya PSTA 4 isubiza ibyo abahinzi bakeneye ikibanda no kuri gahunda igihugu gishyize imbere. Ubushakashatsi buzagaragaza n'ibyavuye mu bahinzi bifitanye isano n'iyamamazabuhinzi no kongera uruhare rw'abikorera. Ibi kandi bizagaragaza uburyo bwo kubishyira mu bikorwa ku buryo bwihuse. Inkunga za Leta zagenewe ubushakashatsi zizibanda mu gice abikorera batagiramo uruhare cyane ariko hategerejwe inyungu igaragara.

1.1.1 IBIKORWAREMEZO BY'UBUSHAKASHATSI MU BUHINZI

Ishoramari rirakenewe mu guteza imbere no gufata neza ibikorwaremezo by'ubushakashatsi ku rwego rw'igihugu no mu nzego zegerejwe abaturage. Birimo guteza imbere no kubaka laboratwari (laboratoires), ibigo by'ubushakashatsi, amazu ahingwamo, guhinga mu mazi n'ibikoresho bijyana nabyo n'ibifasha mu bushakashatsi nyuma y'isarura. Ishoramari rikenewe kandi no mu guteza imbere uburyo bwo kugumana imbuto n'amatungo gakondo kugira ngo tutayatakaza. Ishoramari kandi ryatekereje no guteza imbere ibikoresho by'ikoranabuhanga uburyo bwo gutanga amakuru no kuyabika.

1.1.2 ITERAMBERE RY'UBUSHOBOZI BW'ABAKOZI

Kongerera ubushobozi abakora ubushakashatsi hazibandwa cyane mu bice bijyanye no guhindura uburyo ubuhinzi bukorwa mu Rwanda. Harimo ubushakashatsi bw'igihe kirekire ku ihindagurika ry'ibihe n'ingaruka zaryo ku buhinzi (zirimo ibihingwa biberanye n'ahantu runaka, amatungo no gutunganya umusaruro) n'ubushakashatsi ku mibereho n'ubukungu hibandwa ku ruhare rw'uburinganire n'impinduka z'ikoranabuhanga. Kongerera ubushobozi abakozi mu byerekeye gukora amatungo n'ibiribwa muri laboratwari GMOs (Genetically modified organisms), nabyo biri mu byo MINAGRI ishyize imbere, muri 2020 aho abashakashatsi bazaba bashobora kumenya ibyo biribwa bikoze kuri ubwo buryo mu gihe muri 2022 u Rwanda narwo ruzaba rushobora kubikora..

Kwagura ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu bushakashatsi mu buhinzi, ishoramari rirakenewe mu gutangiza no mu guhanga mu buhinzi.

1.1.3 GUKORANA NO GUHUZA UBUSHAKASHATSI

Kongera no gukoresha ubushobozi busanzwe buhari mu bushakashatsi, guteza imbere gukorana n'ibigo by'ubushakashatsi na za kaminuza bizahabwa agaciro. Ibikorwa birimo ibyo guteza imbere amasomo y'ubushakashatsi mu buhinzi, kugenzura abanyeshuri barangije kaminuza n'abashakashatsi no kubana nabo, gahunda y'igihugu yo kwimenyereza akazi mu bushakashatsi bwo muri RAB na NAEB. Guhuza ibikorwa by'ubushakashatsi, guhanahana ibyavuye mu bushakashatsi no gukorana amasezerano na za kaminuza mu gukora ubushakashatsi cyangwa gukora ibikorwa by'iyamamazabuhinzi bizashyigikirwa. Impamvu y'ibi bikorwa ni ukuziba icyuho hagati ya za kaminuza n'urwego ry'ubushakashatsi mu buhinzi n'iyamamazabuhinzi.

Gutera inkunga igitekerezo cyo guhuza ubushakashatsi hagati y'abikorera na Leta, uburyo bwo kunoza ubushakashatsi bikazashyigikirwa n'ikigega cy'iterambere ry'ubuhinzi (reba 4.3.3), mu gufasha imishinga y'ubushakashatsi n'iterambere no guteza imbere igerageza ry'ibyavuyemo mu buryo bw'imikoranire/PPP. Kumenya neza ko ubushakashatsi busubiza ibibazo by'abahinzi, uburyo bw'imikoranire mu bakora iyamamazabuhinzi n'abahinzi bizatezwa imbere (reba 1.2.1).

Gushyigikira imikoranire y'ubushakashatsi bwo mu karere na mpuzamahanga bishobora kuzamura impinduka igaragara mu bushakashatsi bwo mu gihugu no kongerera ubumenyi abo mu gihugu. Abahanga n'abashakashatsi bo mu Rwanda bazafashwa mu kubona uburyo bwo gukora ubushakashatsi mpuzamahanga no mu gukora ingendo mu rwego rwo guteza imbere imikoranire mu bushakashatsi bw'imbere mu gihugu no hanze yacyo. Ubushobozi na bwo buzaboneka bwo kwandika no guhabwa uburenganzira binyuze mu mikoranire. Ni muri icyo nzira ikoranabuhanga ryavuye mu bindi bihugu rizagera mu Rwanda ku buryo bworoshye kugira ngo abagenerwabikorwa babashe kugera ku byiza.

1.1.4 IBIKORWA BIGANISHA KU BUSHAKASHATSI MU KONGERA UBURUMBUKE BW'UBUTAKA

Ibibazo ubutaka bw'u Rwanda bufite harimo ugutakara kw'imyungu bitewe n'isuri, ubusharire, ifumbire karemano nkeya n'ibibazo by'umunyu mwinshi uboneka mu bishanga bituma ibihingwa bidatanga umusaruro uko bikwiye. Mu gufata neza imyungu tugombakwita cyane ihindagurika ry'ibihe tukareba kandi n'impinduka zazabaho mu gihe kizaza. PSTA 4 izashyira imbere gusuzuma ubutaka hakoreshejwe ikoranabuhanga rihambaye kimwe n'ibikoresho ngendanwa bipima ubutaka kugira ngo bamenye neza ubwoko bwabwo. Ubushakashatsi buzakorwa kugira ngo hagaragazwe ahakenewe ubufasha bwihariye harimo nko gukoresha amafumbire. Ikarita igaragaza imiterere y'ubutaka izasubirwamo, ibikoresho bigezweho bizakoreshwa mu kugena ingano y'ifumbire ikenewe bitewe n'ubwoko bw'ubutaka bizakenerwa kandi bigeragezwe hagenwe n'uburyo bwo kugeza amakuru ku muhinzi burimo gukora ibikoresho bizakorwa. Uretse gupima ubutaka, hazakorwa ubushakashatsi bugamije kureba uburyo bwiza bwo kurwanya isuri bukazakwirakwizwa mu gihugu cyose.

Hazibandwa cyane cyane ku buryo bukumatanyije bwo gufata neza ubutaka (ISFM) n'uburyo bukumatanyije bwo kurwanya ibyonnyi (IPM). Ubushakashatsi ku mafumbire akorwa mu binyabuzima (ingero: amafumbire akorwa n'iminyorogoto, ifumbire y'umwimerere, ifumbire y'imborera ...) bizashyirwa imbere hatangwa ibikenewe n'ibisabwa byose mu gukora ifumbire nyinshi kandi nziza no kuyikoresha mu buhinzi. .

1.1.5 GUHANGA UDUSHYA MU BUSHAKASHATSI MU GUTEZA IMBERE IBIHINGWA N'IKORANABUHANGA MU BUHINZI

Inyongeramusaruro n'ikoranabuhanga riberanye n'uturere tw'ubuhinzi tw'u Rwanda bikenewe gutezwa imbere. Kugeza ubu kubona imbuto z'indobanure biracyari ikibazo. Umubare munini w'imbuto z'indobanure utumizwa hanze, ubushakashatsi buracyari ku rwego rwo hasi. Guteza imbere ubwoko bw'imbuto zihangana n'impinduka zituruka ku binyabuzima cyangwa ibitaribyo (indwara, ubushyuhe bwinsi n'ibyonnyi) n'imbuto zera vuba kandi zitanga umusaruro mwinshi bizatezwa imbere. Ibihingwa bikize ku ntungamubiri bizatezwa imbere binyuze mu bushakashatsi ku bihingwa bikomeza umubiri aho abikorera bazabigiramo uruhare kugira ngo u Rwanda ruzashyirwe ku mwanya w'ibihugu bitanga ibiribwa bifite intungamubiri nyinshi kandi zikomeza umubiri mu karere. Uretse guteza imbere ibihingwa hakenewe kandi ubushakashatsi mu kurinda ibihingwa gakondo.

Mu rwego rwo kubanza umusaruro igihingwa, ubushakashatsi buzakorwa mu gukoresha amazi neza, gufata neza umusaruro, kurinda imyungu no kongera ikoranabuhanga.

1.1.6 GUHANGA UDUSHYA MU BUSHAKASHATSI MU GUTEZA IMBERE- UBWOROZI N'IKORANABUHANGA

Kugabanya guhora u Rwanda rutumiza amatungo ya kijyambere hanze, hazashorwa imari muri gahunda y'igihugu yo kubangurira amatungo mu rwego rwo kongera umusaruro no kuyabungabunga. Ubushakashatsi ku bwoko bwiza bw'amatungo, indwara z'amatungo, inkingo, imiti, ubwatsi, ibyo aya n'umusaruro w'ibiyakomoka buzongerwa kugira ngo hongere umubare w'amatungo yabungabunzwe haba ayakomotse ku gutera intanga cyangwa ku kubangurira.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'ibiryo by'amatungo, ubushakashatsi buzongererwa imbaraga mu gushaka ibisubizo mu kugira ubwoko bw'inshi bw'ibiryo by'amatungo no mu kubicuruza haba ku matungo maremare n' amagufi. Mu kurwanya indwara z'amatungo, ishoramari rirakenewe mu kongera ubushobozi bw'abavuzi b'amatungo, laboratwari ngendanwa, kongera imbaraga mu bushakashatsi no kuzamura urwego rwo gukwirakwiza ibyabuvuyemo.

1.1.7 GUHANGA UDUSHYA MU BUSHAKASHATSI KU BWOROZI BW'AMAFI N'UBUROBYI

Imbaraga mu bushakashatsi ku iterambere ku burobyi n'ubworozi bw'amafi buzibanda mu guteza imbere ibikoresho amafi yororokeramo, harimo kubona amako atandukanye y'amafi n'uburyo bwo kuyabangurira. Guteza imbere uburyo bwo kugaburira amafi bizitabwaho cyane no kwagura harimo kugabanya itakara ry'umusaruro, ubwiza bw'amafi no kuyongerera agaciro no kwiga amasomo ajyanye n'amazi n'uko ibinyabuzima biba mu mazi bibaho.

1.1.8 GUHANGA UDUSHYA MU BUSHAKASHATSI BW'IBITI BIVANGWA N'IMYAKA

Gushyira ibiti bivangwa n'imyaka mu murima bishobora gufasha ubutaka kutangirika no kugumana imyunyungungu Imbaraga mu bushakashatsi zizibanda mu kureba uburyo ibiti/ibihingwa n'ubutaka byabana no gushyiraho uburyo bukwiye bwo kongera ibiti bivangwa n'imyaka. Ubushakashatsi buzakorwa buzibanda mu gufasha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'igihugu nshya yo kuvanga ibiti n'imyaka (ubu birimo gukorwa). Igerageza rizakorwa mu kureba uburyo bwo guteza imbere ubuhinzi mu mijyi binyuze mu gutanga ibiti by'imbutu mu bice by'imijyi.

1.1.9 UBUSHAKASHATSI KU MASOKO NA GAHUNDA Y'IGIHUGU Y'IBIRIBWA

Kumenya amahirwe ahari mu masoko, mu bushakashatsi ku masoko yo mu gihugu, mu karere no hakurya y'inyanja bifite akamaro cyane. Ubushakashatsi ku masoko no guteza imbere umusaruro harimo gusesengura amakuru y'ibanze (ingero: ingano y'umusaruro, n'uko ukoreshwa) kuyanonosora (ingero: uko isoko rihagaze, uko ikirere kimeze) birakenewe mu kongera ibyoherezwa mu mahanga n'igiciro ku masoko y'imbere mu gihugu, ayo mu karere na mpuzamahanga. Ubushakashatsi bw'imbere mu gihugu buzibanda mu gutanga ibikenewe n'abaguzi ndetse n'ababihinga nko kureba ibikenewe mu mafunguro, kureba uko bigurwa ukabihuza n'umusaruro, gusesengura ubucuruzi, impinduka ku mategeko, n'ibindi. Ku masoko yo mu karere hibandwa ku nyungu z'u Rwanda mu karere no kureba niba isoko ryo mu karere ryaha inyungu abahinzi n'abaguzi bagurishije ibyongerewe agaciro cyangwa ibitakongerewe. Byongeye kandi ubushakashatsi bufasha kumenya ibyabangamira ubucuruzi mu karere. Ibi bizafasha ibigo bya Guverinoma y'u Rwanda bifite mu nshingano ubucuruzi bufite aho b'uhuriye na gahunda y'ubuhinzi n'ibiribwa. Ku masoko yo hakurya y'inyanja, inyigo zarakozwe ku masoko atandukanye mu myaka ishize¹¹⁴. Umwanzuro muri rusange ku izo nyigo ni uko mu Rwanda baja bagurisha imboga, imbutu n'indabo n'ibikomoka ku matungo, ariko ikibazo ni ukubona umusaruro uhagije¹¹⁵ no kubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge yo kubibika neza. Ariko ubushakashatsi mu buhinzi ku isoko mpuzamahanga buzibanda mu kumenya umusaruro no kumenya ikiguzi no gushaka ibisubizo ku kibazo cyo kuwuhunika bizatuma bagira umusaruro mwiza kandi wujuje ubuziranenge ku rwego rwose rw'uruherekane nyongeragaciro.

Mu rwego rwo guhuza ibikorwa mu bushakashatsi, urwego rushinzwe amasoko cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi ku masoko kizashyirwaho mu kumenya ubwoko bukundwa n'abaguzi bitewe n'isoko rigamijwe (mu mijyi/mu byaro, mu karere) no kumenya ubwoko bw'ibihingwa byakwera neza bitewe n'ikirere cy'ahantu muri iki gihe no mu kizaza.

IA 1.2. KWEGEREZA ABATURAGE GAHUNDA Y'IGIHUGU Y'IYAMAMAZABUHINZI N'UBUJYANAMA

Intego: Guha abahinzi ubushobozi bwo gufata imyanzuro no kwemera udushya mu buhinzi bigamije konger mu buryo bunyuranye umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi kandi ukaba mwinshi cyane.

Muri rusange iyo abahinzi bahisemo neza bahabwa ubufasha kandi bagakenera kwegerwa bihagije.. PSTA 4 iteza imbere uburyo bw'iyamamazabuhinzi buhuriweho na benshi no gutanga serivisi ku buryo bworoshye twitaye ku bintu binyuranye bituma tubona umusaruro, ingano y'imirima, ubushobozi n'urwego umuntu arimo. Gukorana n'abikorera mu gutanga serivisi bizatezwa imbere.

¹¹⁴ MINICOM yakoze inyigo yo kwinjira ku masoko ku bihugu bikurikira: Gabon, Kongo, Dubai, na Nigeria

¹¹⁵ Kimwe no hejuru

1.2.1 KONGERA UBUSHOBOZI

Mu murongo wo kwegereza abaturage iyamamazabuhinzi kugira ngo rigire umusaruro, MINAGRI izakomeza gutanga ubufasha mu kuyobora no kugenzura, ku buryo iyamamazabuhinzi rizegerezwa umuhinzi bizatuma abasha kugera ku ntego, kugera kuri bese kandi rigaragaze impinduka. Kugira ngo bizagenzurwe neza, hateganyijwe imikoranire ku rwego rw'umurenge, akarere n'igihugu. Abakozi bazongererwa ubushobozi kuri gahunda runaka izaba ikenewe nko ku bworozi bw'amafi n'amatungo. Uburyo bwo gukoresha ubushakashatsi buzashyirwaho mu kongera ibiganiro hagati y'abakora iyamamazabuhinzi n'abashakashatsi.

1.2.2 IREME RY'IYAMAMAZABUHINZI RIGERA KU BAHINZI

Ubufasha buhoraho bw'abashinzwe iyamamazabuhinzi mu rwego rwa Leta n'abandi baterankunga buzibanda mu kongerera ubushobozi abajyanama b'ubuhinzi (FP), abafashamyumvire n'amakoperative yabo. Igenzura ku mikorere n'agahimbamusyi karateganyijwe mu kongera uburyo abajyanama b'ubuhinzi bashyira mu bikorwa inama baba bahawe. Ibyo bizibanda mu gutanga ubufasha, kugenzura no gutanga ibibafasha mu rugendo no mu itumanaho. Byongeye amakoperative y'abafashamyumvira azashyirwamo imbaraga kandi azafashwa. Ibintu bizatangwa ni amafaranga kandi azahabwa abajyanama n'abafashamyumvire mu rwego rwo kubafasha (reba 4.3.3). Mu kongerera abushobozi, ingufu zizakomeza gushyirwa ku bamamazabuhinzi harimo abakozi ba RAB, inzobere mu guhugura, abafashamyumvire n'abajyanama b'ubuhinzi. Ibyo bazahugurwamo harimo guha ubushobozi ibitsina byombi, iyamamaza bworozi, uburobyi no kwigisha ubworozi bw'amafi.

Ubutumwa butangwa buranonosorwa hagashyirwamo ukuri n'ibigenderewe, kugaragaza ibibazo bihari nk'imirire, uburinganire, kwizigamira, gukoresha amakuru y'iteganyagihe, kurwanya ibyonnyi, gukora ubuhinzi bujyanye n'imihindagurikire y'ibihe. Uburyo bwo gutangamo amakuru bwahujwe n'ikwirakwizwa rya za telefone zigendanwa n'ikorabuhanga. Kubera ibyo, uburyo bwo guhanahana amakuru buzubakwa ku buryo umuturage azajya abona ubutumwa buvuye kushinzwe iyamamazabuhinzi haba mu gusubizwa kubyo yabajije cyangwa mu kubaza. Ubufasha buzahabwa imiryango ibayeho nabi (ingero : abahabwa inkunga z'ingoboka, abatarageze mu ishuri mu kubona amakuru ku buhinzi n'ubworozi. Ibyinshi bizashyirwa mu bikorwa n'inzego z'ibanze bityo ikizibandwaho ni uguhuza ibikorwa hagati ya MINAGRI, ibigo byayo, inzego z'ibanze n'abandi bafatanyabikorwa.

1.2.3 KUNOZA NO GUKORA IBIKENEWE N'URWEGO RW'ABIKORERA

Gahunda y'igihugu ya Twigire Muhinzi igamije gufasha abahinzi harimo n'abahinzi bato bahinga gusa ibibatunga, urwego rw'abikorera mu iyamamazabuhinzi no gukora imirimo inoze, kwagura uburyo buhamye buganisha ku masoko n'ubujyanama ku bahinzi bizatezwa imbere.

Ubu iyamamazabuhinzi ry'abikorera rikorwa ku bicuruzwa bimwe na bimwe bifite agaciro kari hejuru. Kubaka umubano no kwizerana hagati y'abakora uruhererekane nyongeragaciro ku bicuruzwa runaka ni ingenzi kandi izashyigikirwa, cyane cyane PSTA 4 izashyigikira ibyongerewe agaciro ku rwego rwo hejuru. Mu myaka ya mbere y'ino gahunda y'igihugu, uruhare rw'abikorera ku rwego rw'akarere ruzakenerwa mu kugaragaza akamaro abikorera bafitiye abahinzi bahingira amasoko. Uburyo bubiri buzakoreshwa mu kwagura uruhare rw'abikorera mu gufasha abahinzi. Kongerera imbaraga abikorera kugira ngo bahe abahinzi ibyo bakeneye mu gihe ibyo bakeneye bizashishikarizwa kubisaba harimo gahunda y'igihugu yo kugabanyiriza abahinzi igiciro binyuze muri gahunda y'igihugu yo kwamamaza y'ikigega k'iterambere mu buhinzi.

IA 1.3. KONGERA UBUMENYI KU BAKORA URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO MU BUHINZI

Intego: Gushyigikira no kongerera ubushobozi abakora uruhererekane nyongeragaciro batuye mu byaro bakora imirimo ijyanye n'ubuhinzi n'itari ubuhinzi muri gahunda y'ubuhinzi n'ibiribwa.

Imiryango y’abahinzi, amahuriro ndetse n’amashyirahamwe y’abakora ibitandukanye nibyo shingiro ry’iterambere ry’ubuhinzi mu buryo burambye kandi bwagutse. Bakeneye kwiteza imbere bari mu miryango yigenga kandi ikora neza, icunzwe neza mu bijyanye n’umutungo kandi kandi ifasha abanyamuryango bayo mu kongera ubukungu, ibumvikanisha n’abakiriya ikanabahagararira mu biganiro birebana n’amabwiriza bagirana n’abandi bafatanyabikorwa. Imiryango y’abahinzi ikenera ubufasha mu gucunga no kongererwa ubushobozi mu guhanga imirimo bakora bitewe n’ikigero bariho n’imirongo ngenderwaho yabo. Binyuze mu kongererwa ubumenyi mu bijyanye no gucunga umutungo n’ishoramari, iyi miryango izashobora gufasha abanyamuryango bayo kandi bishakemo ubushobozi aho guhanga amaso leta n’abandi bafatanyabikorwa batanga ubufasha mu iterambere.

Abahinzi n’imiryango y’abahinzi sibo bonyine bagomba kongererwa ubumenyi, bukenewe kandi nanone mu bigo bishya by’imishinga iciriritse, ibigo bito cyangwa imirimo mishya mu ruhererekane nyongeragaciro mu buhinzi, harimo abakozi bakora imirimo yo gutunganya ibiribwa. PSTA 4 izita ku iterambere ry’ubukungu mu gutuma habaho uburumbuke, babyaza umusaruro kugabanya ubukene mu rubyiruko haba mu mirimo y’ubuhinzi cyangwa itariyo. Kuba abagore n’urubyiruko babona imirimo cyangwa bakabona indi mirimo bakora ibyara inyungu mu cyaro, bigomba kwitabwaho cyane hashyirwaho gahunda zihamye zo guteza imbere ubumenyi n’amahugurwa.

1.3.1 GUFASHA AMAKOPERATIVE N’IMIRYANGO Y’ABAHINZI

Ubufasha buzibanda mu gushyiraho uburyo bwiza bwo kuyobora, binyuze mu mucyo bunatanga umusaruro no kubaka umuco wo kwihangira imirimo ijyanye n’ibikenewe ku isoko. Imiryango y’abahinzi irimo amakoperative, amahuriro n’ingaga z’abahinzi bizongererwa imbaraga kandi bihugurwe mu icungamutungo, imiyoborere no gucuruza mu gihe ubafasha buzatangwa mu kongerera abanyamuryango ubumenyi no kugira intego. Ikungamutungo mu miryango y’abahinzi rizahabwa imbaraga binyuze mu mahugurwa no guhabwa abakozi bashinzwe umutungo b’igihe gito bagengwa n’amasezerano.

Amahugurwa kubumenyigiro mu miryango y’abahinzi ajyanye no gukora ibikenewe ku isoko azafasha kongerera agaciro umusaruro, mu kubona ibiribwa bitandukanye byongerewe agaciro, cyangwa kugira ubunararibonye hibandwa cyane cyane mu biribwa agaciro ko hejuru. Kugira umubare ungana w’abagabo n’abagore muri ayo mahugurwa no gushyira abagore mu myanya y’ubuyobozi mu miryango y’abahinzi bashyigikiwe. Amakoperative amaze igihe azabona inyungu mu gukora ingendoshuri no gusangira ubumenyi n’abo mu bihugu by’abaturanyi. Amenshi mu makoperative mashya azafashwa mu gukora ingendoshuri ku makoperative afite uburambe yo mu Rwanda.

Hari ibintu bitangwa mu guha ingufu amakoperative mu rwego rwo kongera ubutunzi bwayo, urugero: Gufata neza umusaruro no kuwongerera agaciro binyuze mu kigeza gishinzwe iterambere ry’ubuhinzi. (Reba 4.3.3).

1.3.2. GUTEZA IMBERE UBUMENYI MU RUHEREREKANE NYONGERAGACIRO MU BUHINZI

Kongera ubumenyi mu ishoramari mu buhinzi bizibanda ku bumenyi bw’ishoramari no guhingira amasoko (urugero. Amahugurwa ku guhanga imirimo no ku ibaruramari). Ba rwiyemezamirimo mu mishinga iciriritse n’amatsinda mu ishoramari mu buhinzi bakenera ubufasha bwo kumenya uko amasoko y’ umusaruro ahagaze n’ibyo bakora kugira ngo babone ibiribwa byujuje ibisabwa. Urubyiruko rukenera amahugurwa yimbitse no gushyigikirwa kugaragaza imbogamizi zihari zirimo kuzuza ibisabwa mu buziranenge bw’ibiribwa haba ku rwego rw’igihugu no ku rwego mpuzamahanga no guteza imbere ibyagezweho, igiciro gito mu gupfunyika no gushiraho ibirango. Byongeye kandi imbaraga zizashyirwa mu guteza imbere ubumenyi bwo kwikorera ibikoresho n’ikoranabuhanga by’umwihariko hibandwa ku rubyiruko.

Gahunda y’igihugu yimbitse y’amahugurwa mu guhanga ibihingwa bitanga ibyo kurya n’inyigisho birakenewe bitewe n’ubumenyi ku murimo runaka, turebye mu mabwiriza y’ikigo cy’igihugu gishinzwe iterambere. Uruhare rw’urwego rw’abikorera muri gahunda y’igihugu ruzongerwa kugira ngo hizerwe ko amahugurwa yageze ku ntego yifuzwa. Amahugurwa azatangwa mu bigo by’imyuga (VET) nk’iyakure. Uburyo bushya bwo gutanga amahugurwa buzagaragazwa harimo impuguke mu bigo by’abigenga mu gutanga amasomo binyuze mu itangazamakuru yibanda cyane ku rubyiruko rutanyuze mu mashuri. Inyigisho zizatezwa imbere zigere ku bagore n’urubyiruko ku buryo buboroheye kandi bijyanye n’urwego rw’amashuri bafite.

1.3.3 GUSHYIGIKIRA ABAGORE N'ITERAMBERE RY'UBUMENYI

Gushyigikira abagore ni ingenzi ku iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage kandi akaba ari igice kinini mu bigize ibyunganirwa byose. Bihuzwa kandi n'ibikorwa byose bigira ingaruka nzinza ku bukungu muri rusange, ubuzima bw'abagize ingo, urwego rwo kwihaza mu biribwa n'imirire, kugabanya ihohoterwa n'ivangura. Gushyigikira abagore muri PSTA 4 hibandwa cyane ku mahugurwa no kubaka ubushobozi mu bijyanye n'imiyoborere n'icungamutungo bizatuma agira uruhare mu gufata ibyemezo mu muryango, ku makoperative, aho batuye no mu rwego rw'ibigo. Bigendanye n'uko gushyigikira abagore mu bukungu bizashyigikirwa binyuze mu gutanga ubumenyigiro no guteza imbere uburyo bwo kubona inyongeramusaruro. Ibi harimo gufasha abagore kugera ku bikorwa bifatika bizana amafaranga bikabazanira inyungu, bitanga umusaruro no mu bikorwa bitari iby'ubuhinzi. Gufasha abagore mu kwihangira imirimo binyuze mu buryo bwo gushora imari binyuze mu kigeza cy'iterambere mu buhinzi (Reba 4.3.3). Abagore bazahabwa inkunga y'imbuto kugira ngo batangire imishinga yo gushora imari mu buhinzi cyangwa se yo gukora imirimo ibyara inyungu.

1.3.4 ITERAMBERE RY'URUBYIRUKO MU ISHORAMARI MU BUHINZI

Urubyiruko rwo mu cyaro ruzitabwaho mu guhanga imirimo muri PSTA 4 nk'uko biri mu by'ingenzi bikubiye muri NST1. Gahunda y'igihugu y'iterambere ry'urubyiruko izatanga imirimo myinshi ku batangizi kimwe no gufasha iterambere mu bikorwaremezo bihuriweho. Ibi byubakiye ku gitekerezo cyo gushyiraho ikigeza gifasha ba rwiyemezamirimo bagitangira cyashyizweho 2016 na BDF na PSF, kugira ngo hashyirweho uburyo bwo kwihangira imirimo binyuze mu buryo bwo gushora imari mu buhinzi (reba 4.3.3) iha amahirwe abagore n'urubyiruko. MINAGRI izafasha guhuza ibiganiro n'uturere, imiryango y'abaturage bo mu cyaro, kugenera ubutaka budakoreshwa amatsinda y'urubyiruko atari ku buryo bwa burundu, bakabubanza umusaruro babukoreramo imirimo y'ubuhinzi.

Ubufasha bundi buzahabwa abagenerwabikorwa b'urubyiruko ni ukugira ubumenyi ubwabo mu mirimo yo guhanga no korora kimwe na gahunda y'igihugu y'iterambere ryo kubitsa mu mabanki. Ubufatanye hagati y'inzego z'abikorera n'inzego z'ibanze buzakenerwa mu gufasha abimenyereza umwuga, imyanya yo kwiga no mu guha ba rwiyemezamirimo b'urubyiruko n'abakozi uburyo bwo kubakurikirana buhoraho. Ni iby'agaciro kumenya Gahunda y'igihugu y'iterambere izafasha urubyiruko ruzaba rwaritabiriye amashuri y'ubuhinzi n'ubworozi muri za kaminuza n'amashuri yisumbuye. Uretse gahunda y'igihugu y'iterambere, urubyiruko rw'abakobwa n'abagore batitabiriye amashuri y'ubuhinzi n'ubworozi bazabona inyungu mu buhinzi n'ubworozi binyuze mu mahugurwa n'ingendoshuri bazakora zo mu buhinzi. Uburyo buzakoreshwa ni ugufata urubyiruko rufite nibura imyaka 18 kandi bize nibura amashuri 12 cyangwa 9 yisumbuye kandi na gahunda y'igihugu yuko abahuguwe bakazahugura abandi izakoreshwa. Nibamara kubona ubumenyi mu buhinzi, ubufasha mu kubanza umusaruro ubuhinzi n'ubworozi, kongerera agaciro umusaruro no kuwucuruza bizaba bitegerejwe.

6.3. INKINGI Y'INGENZI 2: KONGERA UMUSARURO NO GUHANGANA N'IMIHINGA Y'IKIRERE

IBIKUBIYEMO

Umusaruro w'ubuhinzi ni ingenzi bicuruzwa bikomoka ku buhinzi mu Rwanda. Ni ihuriro ry'ibikenerwa mu kwihaza mu biribwa ndetse ukaba isoko y'ibanze mu kwinjiza amafaranga ku buhinzi benshi. Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu gutuma abahinzi babasha kubona imbuto nziza, ifumbire mvaruganda kandi igatanga ubwunganzizi kuri izi nyongeramusaruro.

Mu myaka ishize, amategeko n'amabwiriza byaravuguruwe hagamijwe gufasha Guverinoma gusohoka mu bucuruzi n'itumizwa mu mahanga ry'inyongeramusaruro (2007-11), ku buryo itumizwa, ikwirakwizwa ndetse n'icuruzwa ry'inyongeramusaruro (imbuto n'ifumbire mvaruganda) bikegurirwa abikorera (2012-16). Mu buryo buhari ubu bwa

Nkunganire binyuze muri program yo guhuza ubutaka, ifumbire mvaruganda n'imbuto nziza byunganirwa na Leta ku kigero kiri hagati ya 50-85 ku ijana.

N'ubwo hakomeje gushyirwa imbaraga muri izi gahunda z'igihugu zose, umusaruro ku bihingwa binyuranye uracyari hasi ugereranije n'ushobora kuboneka ndetse ibihingwa bikunzwe cyane n'abahinzi biracyagaragaza ikibazo kijyanye n'ibiciro ku isoko. Ingaruka ziterwa n'ibi bibazo ni uko umusaruro ukiri hasi, ibyinjizwa n'umuhinzi bikaba bikiri hasi. Impamvu zabyo zishobora gutandukana bitewe n'agace umuhinzi akoreramo, zimwe muri izo harimo kutabonera ku gihe no kudakoresha neza inyongeramusaruro, ubumenyi budahagije, ubushobozi ku mutungo ndetse n'amasoko y'umusaruro. Ubutoya bw'ubutaka butera abahinzi gukomeza gukoresha cyane ubuhari ndetse hagahingwa n'ahafite ubuhaname burebure, bakagabanya ibyatsi bifata ubutaka bigatera igabanuka ry'umusaruro mu gice kinini cy'umwaka.

Imihindagurikire y'ibihe na yo igira ingaruka ku musaruro w'ubuhinzi mu Rwanda, ibura ry'imvura n'ubwiyongere bwayo mu bihe bimwe na bimwe bigira ingaruka zitari nziza ku musaruro w'urwego rw'ubuhinzi. Ibi byatekerejweho muri gahunda y'igihugu y'iterambere yerekanye akamaro kogushyira imbaraga mu gukumira no guhangana n'ibibazo biterwa n'imihindagurikire y'ibihe.

N'ubwo bimeze bityo ariko, ikirere cy'u Rwanda kirahinduka kandi mu bihe biri imbere bishobora gutera ingaruka ku musaruro w'ubuhinzi, akaba ariyo mpamvu hakenewe ko umusaruro ukomeza kwiyongera, hifashishwa uburyo burambye bw'umicungire ikomataniye y'ubutaka n'amazi, ndetse no kwitegura guhangana n'ingaruka zaterwa n'imihindagurikire y'ibihe.

U Rwanda rufite ubutaka bungana na hegitari 589.711 bushobora kuhirwa, muri bwo 47% bubarizwa mu mibande n'ibishanga, mu gihe 63% buherereye imusozi¹¹⁶. Kuri ubu butaka 7,5% bwabashije kuhirwa bingana na hegitari 48.508¹¹⁷.

Mu guteza imbere uburyo burambye bwo kuhira, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwo kunganira abakoresha ikoranabuhanga rihendutse mu kuhira hagamijwe gukomeza guteza imbere ubuhinzi bugamije amasoko.

Haracyakenewe gushorwa imari ihagije muri ubu buryo bwo kuhira ku buso buto hagamijwe kunganira uburyo bwo kuhira ku buso bunini bukorwa muri iki gihe. Nk'uko igihugu kirimo gushyira mu bikorwa gahunda y'igihugu y'umicungire ikomataniye y'ubutaka n'amazi hagamijwe gutuma umusaruro w'ubuhinzi urushaho kwiyongera, imishinga na gahunda y'igihugu byo kuhira bikeneye guhuzwa n'ibi byagezweho.

Hatirengagijwe agaciro k'umusaruro ukomoka ku buhinzi, Guverinoma y'u Rwanda iha agaciro gakomeye uruhare rw'umusaruro ukomoka ku bworozi mu musaruro mbumbe w'igihugu, kugabanya ubukene, kwihaza mu biribwa, no guteza imbere agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga. Ibi bigaragara cyane mu byagezweho mu rwego rw'umusaruro w'amata, inyama n'ibindi bikomoka ku bworozi.

Ubworozi kandi bufite uruhare runini mu guteza imbere ubukungu ku rwego rw'urugo mu cyaro, cyane cyane ku ngo zikiri mu nsi y'umurongo w'ubukene, urugero: binyuze muri gahunda y'igihugu ya Girinka, ndetse n'ubworozi bw'amatungo magufi. Ubwiyongere bw'amatungo mu buryo binyuranye bwagize uruhare rugaragara mu bwiyongere bw'umusaruro, gutanga imirimo, umusaruro ukomoka ku bworozi ugira uruhare mu kubona inyongeramusaruro ndetse n'indi mirimo n'ishoramari rikenewe mu buhinzi. Ubworozi bufatwa nk'inkingi ya mwamba mu gutuma igishoro gikenewe mu buhinzi kiboneka ku rwego rw'umuryango nyarwanda.

Mu bibazo bigaragara mu rwego rw'ubworozi, hagaragaramo ibijyanye no kubona ku burambye ibiryo by'amatungo, ubuzima bw'amatungo no kongera umusaruro uyakomokaho. Kumenya bibazo bihari, bizatuma umusaruro ukomoka ku bworozi wiyongera kandi binagabanye ingaruka mbi ku micungire y'ibidukikije harimo kwangirika k'ubutaka, ku matungo yuza, hagabanuke imyuka ihumanya ikirere iva mu kuza kw'inyamaswa.

Nyamara, gutera imbere k'ubworozi bikwiriye gutekerezwa mu buryo bwagutse kuko ubworozi burenga amatungo amenyerewe kororwa mu rugo, aha hakaba hakwiriye gutekerezwa no gutezwa imbere ubworozi bw'amafi mu myaka iri imbere. U Rwanda ruzwiho ku buryo bushoboka ko rwateza imbere ubworozi bw'amafi kuberako bufite ibiyaga, imigezi n'ibishanga bigereranwa ku buso bwa 8 % (210.000ha) by'ubuso bwose buriho amazi. Kudashora imari ihagije muri ubu bworozi bituma uruhare rwabwo rukibarirwa kuri 10% gusa ugereranije n'umusaruro uteganyijwe. Kutabona

¹¹⁶ Igishushanyo mbonera cyo Kuhira (2010)

¹¹⁷ Raporo y'Imihigo, Umwaka wa 2016/17

ibigaburirwa amafi byakomeje kuba imbongamizi ku bworozi bwayo. Imishinga myinshi izashora imari mu bworozi bwo mu mazi n'indi isanzwe ihari bizatuma ubu bworozi butera imbere cyane mu myaka iri imbere.

IMPINDUKA 2:

Impinduka itegerejwe ku nkingi ya 2 ni ukwiyongera k'umugaruro, imirire myiza no guhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe binyuze mu ikoresha ry'uburyo bunyuranye bwo kongera umugaruro ku buryo burambye bukomatanyu ubuhinzi, ubworozi bw'amafi ndetse n'amatungo magufi.

Ibi bizagerwaho binyuze mu ishoramari mu buryo burambye no guhangana n'ingaruka zaterwa n'imihindagurikire y'ibihe, kongera ibikorwaremezo n'ikorabuhanga rikenewe mu kongera umugaruro w'ubuhinzi (ubutaka, amazi no gukoresha imashini), umugaruro mwinshi kandi mwiza no gukoresha ibishoboka byose byatuma uboneka ku bwoko bw'amasambu atandukanye, guteza imbere ubuhinzi bunyuranye kandi bukomatanyije, ibikorwa byihariye bigamijwe kwihaza mu biribwa n'imirire myiza no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe ku rwego rw'umuryango.

Iyi nkingi yubakiye ku byabaye bishingirwaho mu buhinzi n'ubworozi bukomatanyije byuzuzwa no guhanga udushya tugamijwe kongera inyungu zikomoka kuri iyi mirimo, kwigira, kwihaza mu biribwa n'imirire myiza ku rwego rw'umuryango, nk'uko bigaragara mu buryo burambuye mu bika bikurikira: Kongera umugaruro w'ubuhinzi n'ubworozi ntabwo bireberwa gusa ku kwiyongera kw'ishoramari n'ikorabuhanga. Hakenewe kongera ubumenyi, imitunganirize y'amasoko ndetse n'amabwiriza byorohera iterambere n'uburyo bwiza bwo gukora. Ibi ni byo bizitabwaho mu buryo bukomatanyije kugira ngo tugere ku ntego za (PSTA 4) binyuze mu nkingi zayo zose.

Nk'uko 30% y'abahinzi bafite ubutaka butageze kuri 0,2ha kandi hakaba hakoreshwa 5,4% by'ubutaka bwera mu Rwanda, kongera imirimo n'umugaruro uva kuri ha kuri ubwo butaka butoya bisaba uburyo byihariye. Ibihingwa byera kandi bitanga umugaruro mwinshi nk'imboga, imbuto n'indabo cyangwa ubworozi bw'inkoko bizitabwaho cyane. Igihe abahinzi bazaba bibumbiye mu ma koperative akomeye kandi akora neza, bizabafasha kubona inkunga iturutse ku bashoramari ijyanye n'ibikoresho bijyanye n'igihe nk'amazu bahingamo n'ibikoresho bakwifashisha mu buhinzi bwo mu mazi. Byongeye kandi, abahinzi bafite ubutaka butoya bazafashwa guhuriza hamwe ubutaka bwabo hagamijwe kugerwaho serivisi zikenewe ndetse n'ikoreshwa ry'imashini mu buhinzi.

IA 2.1 UBURYO BURAMBYE BWO GUKOresha UBUTAKA NA GAHUNDA Z'IGIHUGU ZIKOMATANIJE ZO KONGERA UMUSARURO W'UBUHINZI

Intego: Kongera umugaruro w'ibihingwa byera mu Rwanda mu buryo burambye kandi bujyana n'imihindagurikire y'ibihe.

Mu Rwanda, ubutaka nibwo butuma tubona umugaruro w'ubuhinzi niyo mpamvu bugomba gukoreshwa neza. Ibi bisaba ishoramari rihagije mukubungabunga ubutaka n'amazi mu buryo burambye. Iri shoramari rikenewe cyane cyane mu kubaka ibikorwaremezo byo kuhira hagamijwe gutuma ubu butaka bubasha kubyazwa umugaruro inshuro nyinshi mu mwaka.

Mu buryo burambye, hakenewe gutezwa imbere gahunda z'igihugu zikomatanijwe zigamijwe kwigira mu bijyanye no kongera umugaruro no kubungabunga ibidukikije kugira ngo uburumbuke bw'ubu butaka bukomeze kubungwabungwa. Ibikorwa nk'ibingibi bikwiriye gukorwa mu buryo buteguye neza, bigashyirwa ahantu hanyuranye. Binyuze mu gushyira hamwe gahunda z'igihugu zo guteza imbere ubuhinzi no kubungabunga ibidukikije no no kwita cyane cyane ku bihingwa bizana inyungu nyinshi kandi vuba ndetse bifite amahirwe menshi yo kubona amasoko meza, kwiyongera k'umugaruro mu buryo burambye bizaba bishobora kugerwaho.

2.1.1 IMIKOreshereze IRAMBYE Y'UBUTAKA N'IBIKORWA BIBUNGABUNGA IKIRERE

Ibikorwa by'imikoreshereze irambye y'ubutaka buhingwa bigamijwe kubungabunga umutungo kamere w'ubutaka n'amazi no kongera ubushobozi bw'ubwo butaka ku kwiyongera k'umugaruro. Ibi bikorwa hashyirwa mu bikorwa gahunda y'igihugu yo kurwanya isuri, guteza imbere ubushobozi bw'ubutaka mu kwinjiza amazi no kuyafata, kugira imyunyungu ihagije no kongera ibinyabuzima biburimo.

PSTA 4 izateza imbere imicungire myiza y'ubutaka n'amazi nka bimwe byafasha muri gahunda y'igihugu yo kubungabunga ibishanga n'ibibaya, bitewe n'uko uburyo bwiza bwo gushyira mu bikorwa izo gahunda y'igihugu ari

ugukorana bya hafi n'abaturage begereye ibikorwa, cyane cyane mu guhuza ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba. PSTA izashishikariza abantu gukora ibikorwa bidahenze byo kurwanya isuri kubera mu bihe byashize hashyizwe imbaraga cyane mu bijyanye no gukora amaterase.

Ishoramari mu gufata neza ubutaka ku misozi ihanamye no gufata neza amazi (urugero: amaterase ndinganire n'amaterase yikora buhoro buhoro, ingomero, imirwanyasuri, uburyo bwo kugabanya umuvuduko w'amazi, imiyoboro y'amazi,...), Uburyo bwo kurwanya isuri harimo gutera ibiti ku mirwanyasuri, gutera ibyatsi ku mirwanyasuri, gutera ibyatsi cyangwa ibiti bimara igihe kirekire cyangwa gitoya ku miringoti, no gutera ibiti bivangwa n'imyaka (kubihinga byonyine tubisimburanya n'imyaka, kubivanga n'imyaka, kubizitiza, kubitera nk'ishyamba, bikongera umusaruro kandi bigafata Azote, bikarwanya n'isuri,...). PSTA 4 yerekana amahirwe ari mu kongera ibiti bivangwa n'imyaka hagamijwe imikoreshereze myiza y'ubutaka mu buryo burambye. Gahunda y'igihugu yihariye yo guteza imbere ibiti bivangwa n'imyaka n'iteganyabikorwa biri mu murongo umwe n'impinduka itegerejwe muri gahunda y'igihugu igamije iterambere ku bijyanye no gucunga neza amashyamba, kuyabyaza umusaruro kandi tukabona inyungu ku buryo burambye, bizerekana isano iri hagati y'ubuhinzi n'amashyamba, abahinzi n'aborozi, amatungo, ibiti ku buryo bugaragara, tutibagiweko hakenewe imikoranire n'iteganyabikorwa rihuriweho. Gahunda yo kongera ibiti bivangwa n'imyaka yagaragajeko muri 2017 ku buso bungana na hegitari hateye ibiti 22 kandi yerekanako hashobora guterwaho 78 kandi umusaruro ugakomeza kungana uwavaga kuri iyo hegitari.

Mu Kongera ishoramari rigamije kongera ibikorwaremezo bifata neza ubutaka, abahinzi bahugurwa ku gucunga neza ubutaka mu buryo burambye. Kurinda ukwangirika kw'ikirere mu buhinzi –harimo uburyo bwo mu murima hamwe no gukorana n'izindi nzego -nkuko bisobanuye mu nkingi y'ingenzi ya 4) bifite uruhare rugaragara mu kongera umusaruro, mu ikumirwa ry'ingaruka mbi zaterwa n'imihindagurikire y'ibihe no kugabanya imyuka mibi ihumanya ikirere. Hakubiyemo guhinduranya ibihingwa, ibyatsi ndumburabutaka, ubuhinzi bubungabunga ubutaka (by'umwihariko kudahinga ubutaka bwose, gukoresha neza ibisigazwa by'umusaruro/ gusasira no gusimburanya ibihingwa mu murima), gusiga ibisigazwa by'umusaruro mu murima, kuraza umurima ku buryo buvuguruye, no gusimburanya ibihingwa mu murima. PSTA 4 iteganya amahugurwa y'abahinzi ku byerekeye uburyo bwiza bwo guhinga kugira ngo babashe kubukoresha ari benshi. Ikigega kigamije guteza imbere ubuhinzi kizatanga agahimbazamusyi ku bashyize mu bikorwa izi gahunda, no ku bikorera bazashora imari muri gahunda yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

2.1.2 IMIKOreshereze MYIZA Y'INYONGERAMUSARURO

Ibiteganijwe muri iyi gahunda y'igihugu byibanda cyane ku kubonera inyongeramusaruro ku gihe, ndetse no kuzikoresha neza mu buryo burambye, bizahuzwa no gukoresha inyongeramusaruro mu buryo butabangamira imicungire myiza y'umutungo kamere.

(PSTA 4) yibanda cyane cyane mu gukoresha uburyo bukomatanyije bwo gucunga neza uburumbuke bw'ubutaka bwo buhuza ubuhinzi bubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere no kongera gukoresha inyongeramusaruro zikungahaye ku myunyangugu binyuze mu gukoresha ifumbire y'amatungo, ibisigazwa by'ibihingwa n' ifumbire y'imborera mu buryo duhingamo muri iki gihe. PSTA 4 izateza imbere gukora ifumbire mu buryo bwa kamere n'ikoreshwa ryayo nk'uburyo bukomatanyije bwo gucunga neza uburumbuke bw'ubutaka bitabangamiye abifuzaga gukoresha amafumbire. Ifumbire ikoze mu buryo bwa kamere izwiho gufasha ubutaka kugumana ubwiza bwabwo. Inkunga n'amahugurwa bizahabwa abahinzi ku bijyanye no gukoresha amafumbire akoze mu buryo bwa kamere. Nubwo gukoresha amafumbire mvaruganda atuma tubona umusaruro ushimishije mu gihe gitoya, abahinzi bazahugurwa ku buryo bwiza bwo kuyakoresha bagabanya ingaruka zatuma ubutaka bwangirika bugatakaza uburumbuke bwabwo. Bazahugurwa kandi no ku bijyanye n'ikoreshwa ry'imiti yica udukoko mu buryo bwiza kandi burambye.

Imbaraga zizakomeza gushyirwa mu gutubura imbuto n'ingemwe bikenewe kandi bikorewe mu gihugu. Ibi bizatuma imbuto z'ibinyampeke, ingemwe z'ibiti by'imbuto n'ibivangwa n'imyaka ziboneka ku gihe. . Mu gukomeza gukurikirana uburyo ibikenewe ku isoko bihuzwa n'ibiboneka, Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) izakomeza guharanira gushyiraho gahunda zizatuma u Rwanda rwihaza mu butubuzi bw'imbuto. Izakomeza gukora inyigo ku buryo buhoraho zigamije kugaragaza ibikenewe kandi itere inkunga amakoperative akora ubutubuzi bw'imbuto.

2.1.3 UBURYO BUKOMATANYIJE BWO KURINDA INDWARA N'IBYONNYI MU BIHINGWA

Kugera ku ntego yo kongera umusaruro w'ubuhinzi bisaba ikurikirana rihoraho ry'ubuzima bw'ibihingwa no kubirinda buri gihe indwara n'inyonny. Bizwi neza ko uretse ingaruka zisanzwe zihari, imihindagurikire y'ibihe izahindura ingano no gukwirakwira kw'ingaruka zisanzwe zihari, bisaba kongera ubutabazi kubera ingaruka nshya zabonetse. Mu rwego rwo guhangana n'ingaruka zihari n'izizaza, n' uburyo bukomatanyije bwo kurwanya indwara n'ibyonny buzatezwa imbere hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka mu gukumira ukwiyongera kw'ibyonny. Imbaraga zizashyirwa mu ikoresha ry'imito yica udukoko n'ubundi buryo budahenze kandi butatera ikibazo ku buzima bw'abantu no ku bidukikije muri rusange. Hazatezwa imbere kandi uburyo bwa kamere bwo kurwanya indwara n'ibyonny. Abahinzi bazakomeza kongererwa ubumenyi mu bijyanye n'imikoreshereze myiza y'imito n'ubundi buryo bwo kurwanya indwara n'ibyonny mu bihingwa kandi bakomeze gukurikiranirwa hafi muri ibi bikorwa hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga agenga uburyo bwo kubika, gukoresha imiti yica udukoko no kuyikwirakwiza.¹¹⁸

2.1.4 IKORESHWA RY'IMASHINI N'IKORANABUHANGA

Gukoresha imashini ni bumwe mu buryo buzwi bugabanya imvune hagamijwe kongera umusaruro. Umuhinzi ukoresha imashini ashobora guhinga hegitari zigera kuri 200 mu gihe akoresheje isuka adashobora guhinga na hegitari imwe¹¹⁹. Gahunda y'igihugu yo gukoresha imashini n'ikoranabuhanga mu buhinzi bigomba guhuzwa n'ibikenewe mu gihugu. Nk'uko biteganyijwe muri gahunda y'igihugu y'iterambere (NST 1), ijanisha ry'imikoreshereze y'imashini mu buhinzi rigomba kuzamuka rikava kuri 25% (2017) rikagera kuri 50% muri 2024. Kugira ngo iyi ntego igerweho, hagomba gukoreshwa uburyo butandukanye harimo kwifashisha gahunda y'igihugu yo kunganira ibi bikorwa binyuze mu kigeza kigamije iterambere ry'ubuhinzi. Ibi bizafasha abashoramari kubona inguzanyo mu gihe cyiza. Byongeye kandi uburyo bw'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera buzifashishwa, aho ibikoresho by'ikoranabuhanga rikataje bizunganirwa mu gihe runaka. Mu rwego rwo gutuma ibyo bikoresho bikoresha kandi bigafatwa neza, hazashyirwaho ibigo byo guteza imbere gahunda y'igihugu y'ikoresha ry'imashini mu buhinzi hirya no hino mu gihugu binyuze mu bufatanye n'abikorera.

Guteza imbere no kumenyekanisha ikoranabuhanga ryakwifashishwa bizagabanya imvune zatumaga umusaruro utazamuka nk'uko byifuzwa. Kugira ngo ibi bigerweho, hazitabwa cyane cyane ku kureba uburyo bushobora gukoreshwa muri buri gace, ibyifuzwa n'abaturage n'ubushobozi bafite, turebye n'ibyiciro byihariye (abagore, urubyiruko n'ingo zikennye. Aho bishoboka uburyo bwo gukoresha imashini hagamijwe kugabanya imvune ku bagore bo mu cyaro by'umwihariko (urugero: guhingisha imashini, ikoresha rya gaz, amashyiga arondereza ibicanwa, n'ibindi) bizatezwa imbere mu rwego rwo kugabanya imirimo myinshi bakoraga hagamijwe gutuma bongera umwanya bakoresha mu mirimo ibaha umusaruro bakoraga, kugaburira abana no kubitaho.

2.1.5 KONGERA UMUSARURO W'IKAWA, ICYAYI, IMBOGA, IMBUTO N'INDABO

Ikawa n'icyayi bifite akamaro kanini kuko kugeza ubu aribyo bigize igice kinini cy'ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi. Nubwo Guverinoma igenda igabanya uruhare rwayo muri ibi bikorwa bigaharirwa abikorera kuva 1996, haracyari uruhare rukenewe hagamijwe gukomeza kongera ingano n'agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi.

Ku ikawa, umusaruro ku giti ubu ubarirwa kuri kg 2,8 mu gihe bishoboka ko havaho ibiro 5. Ibityi bihari ubu biragenda bisaza ku buryo bikeneye kugenda bisazurwa. Guverinoma izashyira imbaraga ku gusazura ibityi by' ikawa ku buryo nibura 30% bizaba byasazurwe mbere ya 2024. Imikoreshereze y'inyongeramusaruro nayo igomba kuzamurwa ku buryo iva kuri Toni 4.700 ikagera nibura kuri Toni 18.750 binyuze mu bufasha bwa Leta. Ubutaka buhinzeho ikawa bukwiriye kuzamuka bukava kuri hegitari 37.500 bukagera kuri 50.000, hakazaterwa kandi ubwoko bw'ibityi bushobora kurushaho kwihanganira indwara n'ibyonny. Gusasira ikawa bukwiriye kuzamuka bukagera nibura kuri 80%. Ibi bikorwa byose bizazamura umusaruro wohererezwa mu mahanga ugere kuri 71%.

Ku cyayi, umusaruro ukwiriye kuzamuka ukava kuri toni 7 kuri hegitari ukagera kuri toni 9 binyuze mu kongera inyongeramusaruro zikoresha zikava kuri toni 7.000 zikagera kuri toni 10.000 kuri buri mwaka. Imbaraga kandi zizashyirwa ku bwoko bw'ingemwe zitanga umusaruro mwinshi.

¹¹⁸ <http://www.fao.org/agriculture/crops/thematic-sitemap/theme/pests/code/en/>

¹¹⁹ Mazoyer & Roudart in Histoire des agricultures du monde du néolithique à la crise contemporaine

Ubuso bw'ubutaka buhinzweho icyayi buzava kuri ha 26.879 bugere kuri ha 45.000. Ibi byose bizatuma umusaruro w'icyayi cyoherezwa mu mahanga uzamuka ku kigereranyo cya 73%.

Ubuhinzi bw'imboga, indabo n'imbuto, nka bimwe mu bihingwa bifite agaciro kanini kandi biberanye n'ubutaka n'ikirere cy'u Rwanda kandi bikaba byera ku butaka butoya, Guverinoma iteganya gukomeza guteza imbere abikorera bari muri uru rwego hongera ubuso buteyeho ibi bihingwa ku buryo indabo zava kuri ha 20 zikagera kuri ha 500, ubuso buhinzeho imboga bukava kuri ha 20.000 bukagera kuri ha 100.000 naho ubuso buteyeho ibiti by'imbuto bukava kuri ha 6.500 bugere kuri ha 9.000.

IA 2.2 KUHIRA IMYAKA KU BURYO BUBONEYE MU RWEGO RWO GUTEZA IMBERE UBURYO BUKOMATANIJE BWO KUHIRA

Intego: Guteza imbere imicungire y'umutungo kamere w'amazi hagamijwe kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi ku buryo burambye hitawe cyane cyane ku guteza imbere uruhererekane rw'umusaruro

Kuhira bifasha abahinzi kuva mu buhinzi bushingiye ku kuboneka kw'imvura, bakajya mu buhinzi bw'ibihingwa binyuranye, bifite agaciro kanini bityo umusaruro ku buso bwahinze ukiyongera. Mu Rwanda inyigo iheruka yagaragaje ko mu gihe cy'impeshyi aho kuhira bishoboka hahingwa 16% ugereranyije n'ubutaka butuhirwa naho 8-27% bagakoresha imvaruganda. Nyamara hari 9-38% bakunda guhinga imboga, indabo n'imbuto.

Hakurikijwe impinduka ziteganijwe mu mikoreshereze y'inyongeramusaruro no guhitamo ibihingwa bahinga, umusaruro ~~ushobora~~ ukwiyongera hagati ya 31-77% bityo ingano y'umusaruro ugezwa ku masoko ukiyongera. Kubera ko 1/3 cy'abahinzi aribo gusa bashobora guhinga mu gihe cy'izuba, umusaruro mu mafaranga uzuyongera kuva ku 210.000-300.000 by'amafaranga y'u Rwanda ku bahinzi bazahinga muri icyo gihe¹²⁰.

N'ubwo kuhira ari ingenzi, uburyo bukoreshwa bugomba gukoreshwa neza mu buryo burambye mu bijyanye no kubona amazi ndetse n'imicungire y'ibikorwaremezo bikoreshwa. Tugendeye ku gishushanyo mbonera cyo kuhira n'amahame agenga uburyo bukomatanyije bwo gufata neza umutungo w'amazi, PSTA 4 iteganya guteza imbere ukuhira ku buso bugereranyije (imusozo no mu bishanga) ndetse no kuhira ku buso butoya. Ibi bizagerwaho hitawe kuri gahunda yo gufata amazi n'amabwiriza agenga imicungire y'amazi no kuyakoresha neza binyuze mu gukoresha uburyo bwa kijyambere, imbuto nshyashya, kwita kubyo igihingwa gikeneye no guhuza ugukura kw'ibihingwa n'amazi aboneka mu gihembwe cy'ihinga bikajyana n'uburyo bukomatanyije bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi.

2.2.1 GUTEZA IMBERE UMUTUNGO W'AMAZI

Kongera ubuso bwuhirwa no gushaka amazi agenewe ibikorwa by'ubuhinzi mu buryo burambye bisaba ibikorwa binyuranye. Muri ibyo bikorwa harimo kuhira ibishanga, kuhira imusozo, kuhira ahantu harinzwe habigenewe (inyubako zagenewe guhingwamo-greenhouses), kuhira ku buso buto ndetse no kwita ku mazi. Kuhira ku buso buto no kwita ku mazi byorohera abahinzi mu kubikoresha no kubicunga. Muri byo harimo ibyobo bifata amazi, ingomero z'amazi, ibyuzi by'amafi, aho bakura ayo guha amatungo n'ayo gukoresha mu bindi bikorwa bigamijwe ku kubona umusaruro. Kugira ngo izi ngamba zibashe kugera ku ntego, harasabwa guhuza ishoramari rikenewe n'amahirwe aboneka muri buri gace, abahinzi bakabigira ibyabo ndetse bakabigiramo uruhare rufatika, hagakurikiraho gukora inyigo yo gutunganya mu buryo bwa tekini uko bizakorwa no kubyubaka neza. Kuhira ku buso bugereranyije (mu bibaya n'imisozo), guteganya ikiguzi cyo kubungabunga ibyakozwe ni imwe mu ngamba zikomeye zatumye ibyakozwe biramba. Tutirengagijeko ahantu henshi imusozo huhirwa hakenera uburyo bwo gukurura amazi kandi bigasaba amafaranga menshi yo kubaka no kubungabunga, kubyemera no kuramba kwabyo bikeneye kubanza kwigwaho ku buryo bwimbitse.

Guteza imbere ibikorwa byo kuhira bizashingira ku gusuzuma ibikenewe hashingiwe ku miterere y'ubutaka mu gace kagiye gukorwa ndetse n'ibikenewe ku isoko. Turebye agaciro k' ibikorwa byo kuhira, ishoramari muribyho ryakwiye kubanzirizwa no gukora inyigo isesengura neza ibikenewe n'uburyo byahuzwa n'ibizava mu byakozwe.

¹²⁰ DIME (2017): "Ingaruka n'uburambe byo kuhira imyaka mu Rwanda" – Raporo y'isuzuma ryo hagati

Ubwunganizi buzajya bugenerwa abikorera bashoye imari mumishinga yo kuhira no gutanga serivise zijyanye no kuhira (ingero : ibikoresho byo kuhira no gutanga serivise zijyanye no kubaka no kubibungabunga) aho bishoboka nko gukurirwaho imisoro, kubona cyangwa kugabanirizwa inyungu ku nguzanyo) ibi byose bizakorwa binyuze mu kigega cyo guteza imbere ubuhinzi (reba 4.3.3). Iki kigega kizafasha kandi abashora imari mu kuhira ku buso buto aho MINAGRI izabunganira ku ijanisha ry'ikiguzi cyashowe muri ibi bikorwa ariko hitawe ku bizakorwa ku buso buhurijwe hamwe bityo bikazatuma abahinzi bitabira gahunda y'igihugu yo guhuza ubutaka.

Kongera ubuso bw'ubutaka bwuhirwa bizakorwa hitabwa ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu zikomatanije z'imicungire myiza y'amazi n'ubutaka. Hazatezwa imbere ihuzabikorwa ku rwego rwa buri cyogogo hirindwa amakimbirane hagati y'abakoresha amazi, hakumirwa kandi ingaruka mbi zaterwa n'imicungire mibi y'amazi n'ubutaka bikazatuma habaho ikurikiranirwa rya hafi kuri buri gikorwa. Kubera izi mpamvu hazashyirwaho uburyo bwo gupima amazi yakoreshejwe ndetse buri wese wayakoresheje azabashe kwishyuzwa ikiguzi kingana n'ayo yakoresheje gusa. Ikindi mbere yo gushyirwa mu bikorwa, buri mushinga wo kuhira uzajya ugaragaza inyigo kungaruka uzagira ku bidukikije harimo n'ingaruka wazagira ku mutungo kamere w'amazi mu gihe hitawe ku burambe bwawo.

2.2.2 GUTEZA IMBERE GUHANGA UDUSHYA MURI GAHUNDA Z'IGIHUGU ZO KUHIRA

Kuhira hakoreshejwe ibitonyanga by'amazi (drip irrigation) ubuhinzi bwo mu mazi no kugaburira igihingwa ibigitunga (aquaporin) ni uburyo bunyuranye bw'ikoranabuhanga bushobora gutezwa imbere mu rwego rwo guhangana n'inzitizi zijyanye n'ubutaka buto, kugunduka kwabwo, kubika amazi neza, bityo tukayacunga neza ndetse tugahinga n'ibihingwa bitanga umusaruro mwinshi (urugero: imboga). Ubu buryo bugitangira bwahuzwaga n'ikoranabuhanga rihanitse ry'ubuhinzi bukoresha kuhira imyaka, ariko muri iki gihe, ubu buryo bukoreshwa n'abahinzi benshi bo mu bihugu bifite ubukungu buringaniye n'ibiri mu nzira y'amajyambere. Inyigo zizagaragaza neza uko byakorwa hagendewe ku mwihariko w'u Rwanda zizakorwa. PSTA 4 iteganyije ubufasha buzatangwa mu kuzana ibikorwaremezo byadufasha kubona umusaruro birimo amazu bahingamo imboga n'indabo n'ibyo gukoresha mu buhinzi bwo mu mazi binyuze mu bufatanye n'abikorera. Ibi bizatuma abashoramari bitabira gushora imari yabo muri ibi bikorwa mu gihe kizaza.

2.2.3 GUHANGA UDUSHYA MU MICUNGIRE Y'IBIKORWAREMEZO BYO KUHIRA

Imicungire y'ibikorwaremezo byo kuhira isaba ubumenyi, ikoranabuhanga n'ingengo y'imari akenshi birenze ubushobozi bw'abahinzi n'imiryango babarizwamo. Ku rundi ruhande imicungire y'ibi bikorwaremezo ikozwe na Leta igaragara nk'umutwari ku ngengo y'imari y'igihugu.

Uburyo bushya bw'imicungire y'ibi bikorwaremezo buzatezwa imbere burimo gushyiraho no guha ingufu amashyirahamwe y'abakoresha amazi mu bishanga no kugerageza uburyo bw'imikoranire n'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera mu gucunga ibikorwaremezo bikoreshwa mu kuhira.

IA 2.3 IBIKOMOKA KU BWOROZI N'UBURYO BWO KONGERA UMUSARURO WABYO

Intego: Kongera umusaruro w'ibikomoka ku bworozi, uburobyi mu Rwanda mu buryo burambye no kunoza uburyo ibibikomokabo biboneka kandi bidahenze. .

Amahirwe agaragara ku isoko haba imbere mu gihugu no mu karere agaragaza inyungu twakura mu guteza imbere ubworozi mu gihugu cyacu. Urwego rw'ubworozi rwakomeje kuzamura umusaruro mu myaka ishize ikigamijwe ni ugukomerezaho muri PSTA 4.. Mu bworozi, hazibandwa ku kongera umusaruro ukomoka ku matungo. Inka zikamwa zizakomeza kwiyongera hagamijwe kongera umukamo, mu gihe amatungo magufi, ubworozi bw'inkoko n'uburobyi bizakomeza gushyirwamo imbaraga hagamijwe kongera ingano y'inyama zikeneye kuribwa.. Amatungo magufi agira uruhare mu kongera amafaranga mu ngo, kwigira mu bukungu bw'ingo bigatuma babasha kubona indyo yuzuye. Gusimbuza inyama zitukura zikoreshwa imbere mu gihugu inyama z'inkoko n'iz'ingurube bizatuma igiciro cy'inyama kigabanuka imbere mu gihugu, kandi byongere ingano y'inyama zoherezwa hanze y'igihugu., Kugira ngo dukoreshe amahirwe n'ubushobozi bwo kongera umusaruro w'inkoko n'ingurube birasaba kongera ishoramari mu bikorwa byo guhindura amahitamo y'abaguzi¹²¹.

Kubungabunga ubuzima rusange bw'amatungo ni inshingano y'ibanze ya serivisi y'igihugu ishinze ubuvuzi bw'amatungo. Ikaba yibanda cyane ku bijyanye no gukumira ibyorezo, gupima, kuvura no gushyiraho gahunda z'igihugu

¹²¹ ILRI (2017) Raporo y'agateganyo y'isesengura ry'imiterere y'ubworozi mu rwego rw'igishushanyo mbonera cy'ubworozi

zo kuvura ahagaragaye uburwayi hagamijwe kubungabunga ubuzima rusange bw'abaturage. Izi serivisi zigomba kwegera mu buryo burushijeho abaturage cyane cyane mu bice by'icyaro ari naho hagaragara cyane ibikorwa by'ubworozi. Aho ishoramari ry'abikorera rikeneye kwiyongera bikajyana n'inyungu ikomoka kuri ibi bikorwa, ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera buzakomeza gutezwa imbere hagamijwe gukomeza kugabanya imfu z'amatungo mu gihugu.

Kimwe no ku bindi bikomoka ku matungo, ibikenewe ku mafi bikomeza kwitabwaho mu gihugu. Mu biribwa bikomoka ku matungo bifite intungamubiri nyinshi amafi niyo yaragaragaje kuba igisubizo ndetse ahabwa n'umwanya wihariye kuberako yongera ubukungu mu cyaro ariko nanone akaba afite intungamubiri z'ingenzi na proteyine nyinshi biteza imbere imirire myiza. Ubufasha butandukanye burakenewe kugira ngo ubworozi bw'amafi bukomeze butezwe imbere. Umusaruro ukomoka ku nzuki n'ibiguruka wongera ubukungu hitawe cyane cyane ku bagore, uruburiko n'abahinzi baciriritse. Mu gihe abaturage bazabafasha kuhabwa ubufasha kandi bakabona n'amasoko, ubworozi bw'inzuki n'ibiguruka buzatera imbere bityo babashe kurwanya ubukene.

2.3.1 KUGABURIRA AMATUNGO N'IBINDI BIKORWA BIGAMIJE KUYITAHU

Ukuboneka kw'iburyo bihagije by'amatungo ni ibyibanze mu guteza imbere ubworozi mu gihugu. Inyigo zimbiteza zirakenewe kugira ngo hamenyekane neza ibikenewe muri uru rwego. Hakenewe kandi uburyo bukomataniye bwo gushyiraho gahunda z'igihugu zo kugaburira amatungo haba ku rwego rw'urugo no ku rwego rw'igihugu, aha hakenewe kandi uburyo bwo guhuza ubuhinzi bw'ibiribwa bikenerwa n'abantu ndetse n'ubuhinzi bw'ibiribwa bikenerwa mu kugaburira amatungo. Abahinzi bakora ubuhinzi bukomatanyije (ubworozi, ubuhinzi buvanga ibiti n'ibihingwa) bazafashwa kugira ngo hanozwe imikoreshereze y'imyunyungugu hanatezwe imbere uburyo bwo kurwanya indwara n'ibyonyi.

Guhinga ubwatsi bwa kijyambere bw'amatungo ku rwego rw'aborozi ni uburyo bwo kubwongerera agaciro bizatezwa imbere kugira ngo amatungo abashe guhindurirwa indyo kandi n' igiciro cy'ibishyirwa mu bworozi kigabanuke. Kubona amakuru ajyanye n'imbuto z'ubwatsi bw'amatungo n'ibikoresho bizagezwa ku borozi hagamijwe guteza imbere uburyo bwo kugaburira amatungo n'ubucuruzi bw'ubwatsi bwa kijyambere bugaburirwa amatungo. Guhinga ubwatsi bwa kijyambere¹²² n'ibinyamisogwe bizatezwa imbere mu buryo butandukanye burimo kubihinga mu gikari, ku ruzitiro ndetse no mu rubibi. Guhunika ubwatsi mu gace kose cyangwa ku rwego rw'umuryango bizatezwa imbere kimwe no gutera ubwatsi buberanye n'igihembwe cy'ihinga cyangwa ibiti bimara igihe kirekire mu murima mu mashyamba rusange cyangwa bigahingwa byonyine mu murima mu rwego rwo kuwura. Kongera uburyo bwo kugaburira amatungo asanzwe ahari yuzi mu buryo burambye nibyo biteganyijwe kandi bikazagera no ku rwego rw'igihugu¹²³.

Uburyo bwo kubona amazi akenewe mu buzima bw'amatungo buzatezwa imbere mu duce twatoranyijwe binyuze mu kubaka amariba rusange kuri buri cyogogo. Aborozi bazahugurwa mu bijyanye no gutegura uburyo bakorora burimo kubaka ibiraro n'uburyo bwo gucunga inzuri zabo bitewe n'agace baherereyemo. Gushyiraho uburyo bworohereza buri mworozi guhitamo ubwoko bw'amatungo n'uburyo yayororamo cyangwa uburyo yayagaburira bizatuma amererwa neza kandi yororoke.

2.3.2 KURWANYA INDWARA Z'IBYOREZO NO GUTEZA IMBERE UBUZIMA BW'AMATUNGO

Gahunda y'igihugu yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) yerekanye ibisubizo by'impamvu zituma indwara z'amatungo ziyongera mu Rwanda harimo ingendo z'amatungo yambukiranya imipaka, gahunda yo guteza imbere amoko mashya y'amatungo¹²⁴, n'izindi mpamvu nk'ibirondwe, udukoko dukwirakwiza indwara z'amatungo.

Ibizibandwaho muri uru rwego ni ugukumira (harimo gukingira) no kugenzura hakiri kare niba hari indwara yagaragaye, kuburira no gutanga ubufasha bwihuse bakoresheje uburyo buboneye tutiyabagijeko imihindagurikire y'ibihe ituma hiyongera kandi hagakwirakwira indwara n'ibyonyi bisanzwe bihari ndetse hakavuka n'ibishya bitari bisanzwe. Ubushobozi bw'abashinzwe ubuzima bw'amatungo mu gukurikirana indwara no gukingira buzakomeza kongerwa mu

¹²² Hashingiwe ku byakozwe na González *et al* (2016) mu bihugu binyuranye harimo n'U Rwanda, ubwitabire bwo guhinga no gukoreshwa ikoranabuhanga mu kubika ubwatsi buzagera kuri 60%, na 80% mu myaka 5 ya mbere n'icumi ya mbere

¹²³ SIDESS iri gukoreshwa mu Rwanda na Banki y'Isi hamwe na Princeton University

¹²⁴ Amatungo ya kijyambere yinka zitanga amata zihabwa ingo zitishoboye binyuze muri gahunda ya Girinka. Ariko, izi nka zifite amaraso yo hanze zibasirwa cyane n'indwara kurusha inka za gakondo

rwego rw'ubutabazi bwihuse nko ku ndwara zabaye karande, ubushobozi bwa laboratwari zo kuzisuzuma nabwo buzashyirwamo imbaraga. Amabwiriza ku rwego rw'igihugu azashyirwaho mu byerekeye kurwanya indwara, gukingira no kuzikurikirana n'uburyo bw'ikoranabuhanga bugamije gusangira amakuru ku buzima bw'amatungo. Ibi bizatuma hirindwa ingaruka indwara z'amatungo zishobora kugira ku buzima bw'abaturage kandi bifashe mu ikumirwa ryazo.

2.3.3 KUZAMURA UBWIZA BW'AMATUNGO HAGAMIJWE KONGERA UMUSARURO UYAKOMOKAHO

Ubworozi bw'amatungo ya kijyambere kandi meza ni ingenzi mu kongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo no kugabanya imyuka ihumanya ikirere. . Mu kuzamura umusaruro w'inkoko n'ingurube no kuwukoresha mu mafunguro no kugabanya imyuka ihumanya ikirere, guhangana n'imihindagurikire y'ibihe mu bworozi bizatezwa imbere cyane. Guteza imbere ubwoko bw'amatungo buvuguruye haboneka amatungo yihanganira amapfa ndetse n'indwara. icyihutirwa ni ukuzamura ubwiza bw'amatungo binyuze mu kuvugurura amaraso yayo ndetse n'uburyo yororwamo. Ibikorwa ni ugutanga ubufasha mu guteza imbere amoko y'amatungo amenyereye muri buri gace ndetse no kuzamura ubwoko bw'amatungo hakoreshejwe uburyo bwa kijyambere bwo kubangurira. Byongeye kandi, ubwiza bw'amatungo buzatezwa imbere binyuze mu kuyahuzza n'andi matungo avuguruye bizakenera ishoramari mu gutera intanga no mu kubungabunga amatungo n'ibigo bizabikorwa bikorana cyane n'ibikorwa by'ubushakashatsi (reba 1.1.6). Mu bworozi bw'inka, hazibandwa cyane cyane ku nka zitanga umukamo ushimishije n'inyama nyinshi kandi zitariye byinshi cyane. Mu bworozi bw'inkoko, hazatezwa imbere ubworozi bukorewe ku rwego rw'umuryango hatezwa imbere ubwoko butandukanye bw'inkoko (izitanga inyama n'izitanga amagi).

2.3.4 GUTEZA IMBERE UBWOROZI BW'AMAFI N'UBUMENYI KU BUROBYI

Gahunda y'igihugu yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) izashyira imbaraga mu bikorwa byo kongera ubumenyi mu bijyanye n'ubworozi bw'amafi n'uburobyi no gushyiraho uburyo buzafasha kugera kuri iyi ntego mu gihugu. Ibikorwa bizibanda ku guhugura abakozi n'aborozi no kubaha ibikoresho bikenewe kugira ngo bakore uyu murimo kinyamwuga. Kongera ibyuzi by'amafi bizashyigikirwa hagamiywe kubungabunga ubuzima ndetse n'amahame agamije guteza imbere uburobyi n'ubworozi bw'amafi muri rusange (Reba 3.3).

Ku ruhanda rw'ibikenewe, ubufasha bujyanye no kumenya gukora ibiribwa by'amafi ndetse n'ibikoresho bindi bikenewe mu rwego rw'uburobyi buzahabwa ababukeneye bihujwe n'ibikorwa by'ubushakashatsi mu bworozi (Reba 1.1.7). Haziyongeraho kandi kongera ubwoko bw'amafi mu biyaga no mu byuzi. Amakoperative y'abarobyi azafashwa mu bujyanye no kwiyubaka no gucunga kongera agaciro no guhunika umusaruro ukomoka ku burobyi. Mu bijyanye no guteza imbere kubaka ubushobozi bw'inzego, PSTA 4 ishyize imbere kubaka ubushobozi bw'abarobyi, kugenzura no gukurikirana abafatanyabikorwa bose mu bworozi no kubaha amakuru arebana n'ubworozi n'ikusanyamibare rihoraho. Rwanda rwemera kugendera ku mabwiriza agenga abarobyi baciriritse binyuze muri FAO no muri gahunda y'imyaka 10 yo guteza imbere abarobyi baciriritse muri Afurika binyuze mui gahunda ya Afurika yunze ubumwe (AU).

2.3.5 ITERAMBERE RY'UBWOROZI BW'INZUKI NO KONGERA UMUSARURO UBUKOMOKAHO

Ubworozi bw'inzuki bufite amahirwe yo kugira uruhare mu iterambere ry'imiryango myinshi mu cyaro, cyane cyane ku bice bimwe by'abaturage harimo abagore bari muri uyu mwuga. Ibikorwa muri uru rwego bizibanda ku kongera ubumenyi no kwegerezwa ibikenewe kandi bidahenze cyane cyane ubwoko bw'inzuki n'imitiba. Imbaraga zizashyirwa cyane mu gukomatanya ubworozi bw'inzuki, ubworozi bw'ibiguruka ndetse n'ibikorwa by'ubuhinzi. Ibikorwa bizibanda cyane ku bagore n'urubyiruko bibumbiye mu makoperative. Hazibandwa kandi ku guhuza aya makoperative y'abavumvu n'akora ubuhinzi n'ubworozi bw'andi matungo kugira ngo habeho ubwumvikane igihe barekera inzuki hanze n'igihe bazirekera mu mizinga kuberako hari igihe abahinzi batera umuti ushobora kwica inzuki. Kongera umubare w'ibiti bivangwa n'imyaka nabyo bizagira uruhare mu kuzamura umusaruro w'ubuki.

IA 2.4 UBUHINZI BWITA KU MIRIRE MYIZA

Intego: Guharanira ko ubuhinzi bwagira uruhare mu gutuma haboneka ibiribwa binyuranye kandi byiza haba ku rwego rw'umuryango n'urw'igihugu.

Hitawe ku buremere bwo kurwanya igwingira mu Rwanda, imirire iboneye ihabwa umwanya ndasimburwa muri gahunda y'igihugu yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi n'ishyirwa mu bikorwa ryayo ku nzego zose. Ubuhinzi bwita ku mirire myiza (Nutrition-sensitive agriculture /NSA) buzateza imbere ibihingwa byihariye bizana impiduka mu mirire y'abantu nko kugabanuka kw'intungamubiri no kugwingira. Tugendeye ku mabwiriza mashya y'ubuhinzi bwita ku mirire myiza ya MINAGRI, ibikorwa bigaragara biri muri PSTA 4 ni ibizazana impiduka mu kugira ibiribwa byinshi kandi bifite intungamubiri nyinshi ku buryo buri wese ashobora kubibona kandi akanabikoresha mu mafunguro ye ya buri muni.

MINAGRI izahuzza ibikorwa n'ubunyamabanga bwa programu y'igihugu yita ku mirire no kwihaza mu biribwa bushinzwe guhuza ibikorwa bijyanye n'imirire mu nzego zinyuranye mu gihugu. MINAGRI kandi izakorana na Minisiteri y'ubuzima (MINISANTE) ndetse na Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu (MINALOC) kugira ngo itahure no gukemura ikibazo cy'intungamubiri zidahagije binyuze mu ishoramari ry' uturere mu rwego rw'ubuhinzi n'iterambere ry'icyaro.

2.4.1 KWINJIZA GAHUNDA Z'IGIHUGU Z'IMIRIRE IBONEYE MU BUHINZI N'UBWOROZI

Muri uru rwego ikigamijwe ni ukongera uruhare rwo kwinjiza gahunda z'igihugu z'imirire iboneye mu buhinzi kandi bitagize ingaruka ku biciro. Muri gahunda y'igihugu yo guteza imbere ubuhinzi n'Ubworozi ya kane (PSTA 4), umusaruro n'ibikeneye kuribwa bikungahaye ku ntungamubiri cyane cyane ibishyimbo bikungahaye ku butare, bizitabwaho cyane. .Igerageza zizakorwa mu turere twatoranyijwe twiganjemo imirire mibi ituruka ku kuba barya indyo irimo ubutare budahagije. Imiryango izahabwa amabwiriza ajyanye n'imirire myiza ndetse n'uburyo bwo gutegura indyo yuzuye binyuze mu bajyanama b'ubuhinzi n'abajyanama b'ubuzima. Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza rizakorwa mu midugudu hakoreshwa imirimashuri ndetse n'ubundi buryo bwashyirwaho n'abakozi bo mu bigo nderabuzima. Abazagerwaho bwa mbere n'iyi gahunda y'igihugu ni imiryango ikennye kurusha iyindi irimo abana n'abagore. Porogaramu z'ubuhinzi n'ubworozi zishobora kugira ingaruka mbi ku mirire zizashyirwa ahagaragara kandi zigabanuke binyuze mu kugenzura urutonde rw'ibisubizo ku mirire. Urugero: nko mu turere aho ibihingwa ngengabukungu bizatezwa imbere, ubufasha buzatangwa ni ugutera inkunga abazavanga ibihingwa, abazahinga mu gihe cy'izuba mu karima k'igikoni n'inyigisho ku mirire. MINAGRI izakorana kandi na MINISANTE mu ikumirwa ry'ingaruka zaterwa no kororera amatungo mu rugo ndetse n'ibikorwa byo kuhira (urugero: Ingaruka zaterwa n'amazi n'ibiribwa byanduye, indwara zaterwa no kubana n'amatungo) binyuze mu ngamba zikwiriye.

Mu buryo bwimbitse, imbaraga zizashyirwa mu guteza imbere ikoresha ry'ibishyimbo bikungahaye ku butare no kongerera ubumenyi abakozi n'abafatanyabikorwa muri iyi gahunda y'igihugu harimo abakozi ba MINAGRI, RAB, abajyanama b'ubuhinzi n'bafashamyumvire (Reba 1.2.2). Kubera ko ibishyimbo bikungahaye ku butare ari kimwe mu bihingwa byatoranjwe muri gahunda y'igihugu mpinduramatwara mu buhinzi, ubwo ubumenyi buzaba bugaragaza uburyo ibikorwa byihariye by'ubuhinzi byagira uruhare mu kurwanya burundu ibyagaragaye nk'ibitera imirire mibi. Komite z' uturere twatoranyijwe zizahugurwa ku bijyanye n'uburyo bwo gukoresha ubushobozi bafite hafi yabo kugira ngo bakemure ' ikibazo cy'imirire mibi mu turere twabo.

2.4.2 GUTEZA IMBERE GAHUNDA Z'IGIHUGU ZO KUGABURIRA ABANYESHURI KU ISHURI N'UTURIMA TW'IGIKONI

Gahunda y'igihugu y'akarima k'igikoni izakomeza gushyirwamo imbaraga ndetse ivugururwe hagamijwe guhuza n'ibizagaragazwa n'isuzuma riri kuyikorwa bityo ikomeze kugira uruhare mu guteza imbere imirire myiza. Mu rwego rwo gushyiramo imbaraga, kwamamaza ibintu bitatu (ibihaza, ipapayi, amatunda) n'ibindi biti by'imbutu byasabwe na MINAGRI/RAB bizateza imbere umusaruro n'ikoresha ryabyo mu kugabura indyo ifite intungamubiri. . Ibi kandi bizahuzwa na gahunda z'igihugu zo kuzamura imibereho myiza y'abaturage (reba 2.5.2).

Mu bufataye na Minisiteri y'uburezi n'ibigo biyishamikiyeho hamwe n'abandi bafatanyabikorwa, gahunda y'igihugu igamije guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) izateza imbere itangwa ry'amasoko y'ibiribwa mu mashuri hashingiwe ku bwoko bw'ibiribwa biboneka mu gace ishuri rihereyemo.

Amakoperative y'abahinzi azongererwa ubushobozi ku buryo ashobora kugemurira ibigo biyegereye ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri nk'imboga, imbuto ndetse n'amata bityo bakabona isoko rihoraho kandi bakongera

ubukungu bwabo bakora ibindi bitari ubuhinzi. Nyamara uturima tw'ishuri tuzongerwa cyangwa dushyirweho mu rwego rwo kongera ibihingwa bikungahaye ku ntungamubiri. Uturima tw'igikoni ku mashuri ni uburyo bw'itumanaho ryakoreshwa guhindura imyumvire mu guteza imbere imirire yabo ku muni, ubuhinzi, guhinduranya imirirere ku ishuri no mu ngo zabo. Mu gukorana n'abandi bafatanyabikorwa, MINEDUC n'ibigo biyishamikiyeho, ibi bikorwa bizafasha mu kubaka ubushobozi mu bijyanye n'ubuhinzi bwita ku mirire myiza mu bigo by'amashuri.

IA2.5 INGAMBA ZO KONGERA IHANGANA N'IMIHANDAGURIKIRE Y'IBIHE

Intego : Kugira no guteza imbere uburyo bwo gukumira no guhangana n'ingaruka zaterwa n'imihindagurikire y'ikirere kugira ngo tugabanye kandi tugendane n'ihindagurika ry'ibihe n'ingaruka zaryo binyuze mu kunoza serivise z'iteganyagihe.

Ibikorwa biteganyijwe bigiye guhura n'ibyateganijwe byavuzwe ku nkingi ya 2.1 (gahunda y'igihugu yo guteza imbere guhuza ubutaka n'imirungire myiza yabwo) ndetse n'ibyavuzwe mu ya 2.3 (gahunda z'igihugu zigamije guteza imbere ubworozi) n'ubufasha buzateza imbere kongera umusaruro mu buryo burambye. Hazitabwa cyane cyane ku gushyiraho uburyo bwo kumenyekanisha amakuru arebana n'iteganyagihe no kuburira abashobora kugerwaho n'ingaruka z'ibiza bitewe n'imihindagurikire y'ibihe. Ibi birasaba guteza imbere iteganyagihe n'itegura ry'ibihembwe by'ihinga, gukurikirana ibiza no kugenzura indwara n'ibyonyi hagamijwe kumenyekanisha amakuru hakiri kare no kurwanya indwara ku buryo buhamye, hanashyirwaho uburyo bwiza bwo gushumbusha ingo zikennye zahuye n'ibyo biza.

2.5.1 ITEGANYAGIHE, SERVISI Z'UBUMENYI BW'IKIRERE N'UBURYO BWO KUBURIRA ABANTU HAKIRI KARE

Igikorwa icyo aricyo cyose kigamije kuburira no kugabanya ingaruka zaterwa n'imihindagurikire y'ikirere gikenera ko habaho serivisi nziza z'iteganyagihe n'iz'ubumenyi bw'ikirere., Gahunda y'igihugu ya kane yo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) iteganya imikoranye isesuye hagati y'abafatanyabikorwa bose, aho biteganyijwe ko mu guteza imbere uru rwego hazashyirwaho itsinda rihuriweho n' abo bireba bose ku bufatanye na MoE n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ubumenyi bw'ikirere rikubiyemo kubaka ubushobozi no gutara amakuru, kuyahura no kuyasesengura. Serivisi zizatanga ni ukubona amakuru ajyanye n'iteganyagihe mu gihe gito, ajyanye n'ibihembwe by'ihinga, umusaruro ni ibitakara nyuma yo gusarura no kugabanya ibiwugendaho nyuma y'isarura. Kubona aya makuru bizafasha abaturage mu gufata ibyemezo (gucunga neza isambu ye, guhinga, gusarura, n'ibindi) n'ibigo by'ubuhinzi (iteganyabikorwa no gutegura porogaramu). Kugira ngo witabira amakuru na serivisi ukeneye, inyigo kugira ngo barebe ibikenewe mu iteganyagihe na serivisi zikenewe izakorwa, guteza imbere serivisi ku bazikoresha bizashyirwaho kandi zishyirwe mu bikorwa n'abaturage (zirimo gushaka amakuru no kuyemeza, uburyo bw'ikoranabuhanga bwo guhanahana amakuru, n'ibindi) na guverinoma (kugira ngo bakore iteganyabikorwa, bamenye igihe cy'ihinga, bategure imfashanyigisho, n'ibindi).

Servise z'ubumenyi bw'ikirere zizashyirwaho kandi zishyirwe mu bikorwa hagamijwe kuburira abaturage hakiri kare (reba 2.5.3). Ibi harimo gutegura igihembwe cy'ihinga (bijyanye n'ibikorwa bikorwa) ariko nanone n'ikurikirana rihoraho (harimo ikigereranyo cy'amazi mu gihingwa). Ubushobozi bwo kuburira no gukurikirana bizatezwa imbere ku rwego rw'igihugu. Nibimara gutezwa imbere bizatuma abaturage bamenya kubikoresha: iteganyagihe, imihindagurikire y'ibihe, igihe cy'ihinga, indwara n'ibyonyi, ibyaterwa n'amazi bigatuma guverinoma yitegura guhangana n'ibiza, kubicunga no kubigabanya)

2.5.2 KUZAMURA UBUSHOBOZI BW'AMATSINDA Y'ABATISHOBOYE

Abahinzi badafite ubushobozi ni bo n'ubundi bagerwaho n'ingaruka z'ibiza harimo nk'ihindagurikira ry'ibihe ndetse n'izamuka ry'ibiciro by'umusaruro. Nibo usanga bahura n'ingaruka zijyanye n'ukwangirika ubutaka kandi buba busanzwe ari butoya, bikabaganisha mu kuguma mu bukene. Hazibandwa cyane cyane ku gushyira imbaraga mu guhuza ubufasha butangwa bujyanye n'ubuhinzi na gahunda y'igihugu yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage (VUP) zirimo gutanga akazi koroheje ku bantu batishoboye, imirimo igamije inyungu rusange, imitungo yimukanywa cyane cyane amatungo magufi). Amatungo yororoka azakomeza gutangwa, hashingiye ku byagezweho muri porogaramu ya Girinka yashyirwe mu bikorwa muri PSTA 3 mu gihe hazibandwa cyane cyane ku gutanga amatungo magufi aho gutanga inka.

Guhuriza hamwe gahunda z'igihugu zunganira ubuhinzi n'izifasha abatishoboye bizatuma iyamamazabuhinzi, serivisi z'ubworozi n'ibindi biva ku buhinzi byari bigamiye kuva kuri porogaramu zubaka ubushobozi ahubwo zikajya kuzitanga amahirwe yo kubona umusaruro no kongera ubukungu. Uko guhuriza hamwe kandi kongera kwibanda ku bikorwa rusange (kongera ingamba zo guhangana n'ikirere ku buryo burambye muri 2.1.1) no gutera inkunga.....

2.5.3 UBURYO BWO GUHANGANA N'INGARUKA Z'IBIZA DUHEREYE KU MURIMA

Igihe ibiza bibaye, uguhangana na byo byagombye gukorwa mu buryo bwiza kandi vuba hashoboka. Ibikorwa biteganyijwe muri uru rwego ni ukubaka ubushobozi buzatuma ubuhinzi bubasha gusubiza ibibazo byaterwa n'ibiza kandi ku gihe. Ibi bizakorwa hashyirwaho uburyo n'ibikoresho bifasha gusesengura neza imiterere y'ibiza byabaye ndetse no kubishakira ibisubizo, gushyiraho no kuvugurura gahunda y'iteganyabikorwa ihujwe no gutanga ubufasha bw'ingoboka no kubisana hagamiywe iterambere rirambye. Ibi bikorwa bizahuzwa na Gahunda nshya y'igihugu ya Ministeri y'ibiza no gucya impunzi (MIDIMAR) yo izatanga ibisubizo nyabyo kandi ikanakora iperereza nyuma yaho ku buryo bukomatanyije bwo gukumira no kurwanya ibiza. Guha abahinzi ibikoresho n'inyongeramusaruro no kubasubiza amatungo bizahuzwa no gushyiraho uburyo bwo gufashanya ku rwego rw'umudugugu kugira ngo biyubake kandi ntibahungabanywe n'ibiza ku buryo burambye. Ingaruka ku musaruro zaterwa n'ihindagurika ry'ibihe nazo zatekerejweho binyuze mu gusubizwa ibyangiritse na gahunda y'ubwishingizi mu buhinzi n'ubworozi (reba 3.2.2) bijyanye n'ibintu byihariye n'ubushobozi mu byiciro bitandukanye by'abahinzi.

6.4. INKINGI Y'INGENZI 3: AMASOKO MEZA NO KONGERERA AGACIRO UMUSARURO

6.4.1 IBIKUBIYEMO

Guverinoma y'u Rwanda izirikana akamaro k'amasoko n'urwego rw'abikorera mu guhindura ubuhinzi mu Rwanda bukava ku buhinzi bugamiye ibyo kurya gusa bukaba ubuhinzi buganisha ku isoko. Ibi bikubiyemo ishoramari no gukorana n'abikorera¹²⁵ baturutse hirya no hino no guhuza abahinzi n'abaguzi beza kimwe no kubagezaho inyongeramusaruro, serivisi no kubahuzwa n'amasoko nk'uko abikorera bagira uruhare rugaragara mu gushyigikira ishoramari ryaguye n'iterambere mu buhinzi, kurikoresha neza bizatuma tugera ku iterambere rirambye. Byongeye kandi, ku bw'ibyo kandi, guverinoma y'u Rwanda ifite uruhare rugaragara mu gutanga no gusakaza amakuru ku byerekeye amahirwe ari mu ishoramari hamwe no gutanga serivisi nziza zirimo kugaragaza no gutanga ubutaka no kugira ngo dukoreshe neza ishoramari bityo ritugirire n'akamaro.

Guverinoma y'u Rwanda izakomeza gushyigikira no kugaragaza uruhare rwayo mu gufasha amasoko gukora neza, ireka kuyabangamira, kugira ngo abikorera babashe gutera imbere. Urwego rw'ubuhinzi mu Rwanda rugaragara nk'uruciyemo ibice, aho usanga abahinzi benshi bafite imirima mito, badafite aho bahurira n'amasoko, abatanga inyongeramusaruro, abongerera agaciro umusaruro ndetse n'abacuruzi. Uburyo kwo kuwukusanya no kuwujyana ku isoko usanga bukiri hasi, abahinzi usanga badafite amakuru y'ibanze ku masoko harimo no kutamenya amabwiriza agenga ubwiza bw'umusaruro bukenewe n'abawutunganya ndetse n'abacuruzi. Zimwe mu mbogamizi zikomeye abashoramari bahura nazo ni amasoko adahoraho y'umusaruro utongerewe agaciro uva ku makoperative n'abahinzi n' igihombo kiboneka nyuma yo gusarura bitewe no kutawuhunika neza nkuko byagaragajwe.

Zimwe mu nzego ziri mu ruhererekane nyongeragaciro zikora neza kurusha izindi. Urwego rw'urhererekane nyongeragaciro mu byoherezwa mu mahanga twavuga icyayi, ikawa, imboga, imbuto n'indabo rukora neza kandi ugasanga rufitiye abahinzi akamaro kurusha ibihingwa ngandurarugo aho byo usanga bicuruzwa mu nzira zitanoze zirangwa no kubamo abantu benshi batandukanye bawongerera agaciro n'abacuruzi.

Ukwiyongera k'umusaruro mwiza w'ibihingwa ngandurarugo kwabaho habayeho gukemura ikibazo cy'igihombo gituruka mu kudahunika no mu kudatunganya umusaruro nyuma y'isarura. Ibicuruzwa biva mu buhinzi bitandukanira mu buryo

¹²⁵ Urwego rw'abikorera rurimo abahinzi/aborozi bato n'amakoperative-bafite uruhare runini muri uru rwego, n'abahinzi banini, abakwirakwiza inyongeramusaruro, abacuruzi n'abajyana bicuruzwa hanze y'igihugu, kimwe n'abatunganya bakanongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi/ubworozi

byangirika aho usanga biri ku kigero cya 15% ku bishyimbo, 33% ku mata, 43%¹²⁶ ku myumbati, 45%¹²⁷ ku birayi. Igihombo no gupfusha ubusa ibiribwa bibaho cyane mu gihe cy'uruhererekane nyongeragaciro, guhera mu gufata neza umusaruro (kwangirika kw'igihingwa) harimo kuwutwara no kuwutunganya (kuzana uruhumbu mu gihe cyo kuwuhunika) kugeza ku bazawurya (urugero: kubora no kuwupfusha ubusa mu ngo). Ibi biterwa no kubura ubumenyi n'ikoranabuhanga, ibikorwaremezo byo gutunganya umusaruro bidahagije, harimo uburyo bwo kuwuhunika neza, aho kuwumishiriza n'ibikorwa bidahwitse hagati y'abakora uruhererekane nyongeragaciro.

Iterambere ry'ibikorwaremezo riracyari ikibazo mu Rwanda bitewe n'ubushobozi mu bijyanye n'amafaranga, ubumenyi bidahagije kimwe n'uko abikorera badashoramwo imari ku buryo buhagije. Ibi bituma umubare munini w'abaturage bo mu cyaro babura uburyo bwo gutwara umusaruro kuberako nta mihanda ihari. Muri 2015, imihanda ifite uburebure bwa 13,350 niyo yashobora kunyurwamo, ariko u Rwanda rufite intego y'uko bitarenze 2028 imihanda ifite uburebure bwa km 30,000 izaba ishora kunyurwamo.¹²⁸

Uburyo bwo gushyira amafaranga mu buhinzi biracyari muri bimwe mu byashyizwe imbere na Leta. U Rwanda rwageze ku rwego rwiza mu myaka 8 ishize aho 88% by'abaturage bakuze bafite uburyo bwo kubona amafaranga anyuze muri SACCO¹²⁹. Ariko 7%¹³⁰ y'inguzanyo zitangwa ni zo zijya mu buhinzi ariko uburyo bwo gushyira amafaranga mu buryo bw'ubucuruzi bw' ibikomoka ku buhinzi buracyari hasi cyane¹³¹. Uburyo butazwi neza bugira uruhare mu kwagura uburyo bwo guhana amafaranga, by'umwihariko mu cyaro no ku bagore.¹³² N'ubwo ubwishingizi mu buhinzi bwagejewe ku isoko guhera muri 2012, abari muni ya 50 ku ijana¹³³ nibo bavuga ko bakoresha ubwo bwishingizi.

Uruhererekane nyongeragaciro ntiruragera ku rwego rw'ubwiza n'urugero rwifuzwa kugira ngo rugere ku rwego rw'amasoko mpuzamahanga aho umusaruro mwinshi ucuruzwa unyuzwa mu nzira zitazwi no mu masoko yo mu karere aho usanga amabwiriza adakomeye. Uburozi buterwa n'uruhumbu buracyari ikibazo mu byo kurya no mu buzima bw'abantu mu Rwanda.

IMPINDUKA 3

Impinduka itegerejwe ku nkingi y'ingenzi ya 3 ni ukongera umusaruro no kubona amasoko adaheza, kongerera agaciro umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi binyuranye kugira ngo ubashe guhangana haba ku masoko y'imbere mu gihugu, ayo mu karere n'ayo mu mahanga.

Ibi bizagerwaho ari uko hashyizwe imbaraga mu guhinga tugamije kohereza umusaruro ku isoko, kongera umusaruro no gutunganya ibicuruzwa bitandukanye byo mu buhinzi binyuze mu kuba urwego rw'abikorera rwabigiramouruhare. Ibi bizagerwaho binyuze mu guteza imbere amasoko adaheza no kubona umusaruro mwinshi kandi mwiza w'ibihingwa byatoranyijwe byakongererwa agaciro, gushyira imbaraga muguhuza amasoko, gushora imari mu buhinzi, abahinzi n'abandi bongerera agaciro umusaruro binyuze mu gushyira imbaraga mu gukorera hamwe, gusinyana amasezerano hagati y'abahinzi n'abatunganya umusaruro ndetse n'abaguzi n'uburyo bwo kubona amakuru agendanye n'amasoko. Ibindi bizakorwa harimo guteza imbere kongerera agaciro umusaruro ugurishwa, iterambere ry'ibikorwaremezo bijyanye n'amasoko (harimo imihanda yo mu giturage, aho bakusanyiriza umusaruro n'uburyo bwo kuwuhunika), guha imbaraga uburyo bwo kubona inguzanyo, gukorera mu mucyo, uburyo bwo gushyiraho ibiciro no guteza imbere amabwiriza agenga ubwiza n'ubuziranenge no gukumira abatayubahiriza no gushyira imbaraga mu kuyamenyekanisha.

¹²⁶ Inyigo y'amasoko y'ibikomoka ku buhinzi, ireambere ry'abikorera, kugeza ibicuruzwa ku masoko no guhangana ku masoko mu Rwanda, Inyandiko ya CAADP, 2014

¹²⁷ Imibare ya MINAGRI ku musaruro wangirika nyuma y'isarura

¹²⁸ Politiki y'Igihugu y'imihanda yo mu cyaro (April 2017)

http://www.mininfra.gov.rw/fileadmin/user_upload/national_feeder_roads_policy_and_strategy_for_rwanda.pdf

¹²⁹ NISR, FinScope (2016)

¹³⁰ Imibare ya Banki Nkuru y'Igihugu

¹³¹ Ingwate rimwe na rimwe ziruta inguzanyo, kandi n'inyungu zisabwa zirenga 21 ku ijana. Byongeye kandi, amahoro yakwa kuri serivisi zatanzwe ni nini ugereranije n'inguzanyo iba yatanzwe uko ingana, byiyongera k'ukuba banki z'ubucuruzi zitegera neza mu cyaro.

¹³² NISR, FinScope (2016)

¹³³ Kimwe no hejuru

IA 3.1 GUHUZA AMASOKO NO KONGERA UMUSARURO W'IBYOHAREZWA MU MAHANGA .

Intego: Koroshya uburyo bwo kugera ku masoko no gushyira imbaraga mu ruhererekane nyongeragaciro rudaheza bityo hagahuzwa amasoko y'imbere mu gihugu, hagaraniwa ko ibikenewe ku masoko biboneka, tukerekeza no ku masoko agenda akura yo mu karere n'ayo mu mahanga. Amasoko y'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi ahura n'igorane kandi haba hari n'ipiganwa mu bwiza bigahuzwa no kuba umusaruro uba mwinshi cyangwa muke haba mu masoko mpuzamahanga, ayo mu karere nayo mu gihugu akarangwa kandi n'uko hari urwego rutitaweho mu ruhererekane nyongeragaciro cyane cyane ku bihingwa ngandururugho. Inyungu ziboneka mu kuwutunganya neza kandi ari mwinshi no kugira ubumenyi mu kuwucunga. Uruhererekane nyongeragaciro rudafite imbaraga kandi rudakozwe neza rubangamira imikoranire hagati y'abahinzi n'abaguzi. Ibimenyetso by'isoko rihoraho by'umwihariko nk'ibiciro, bishobora gutuma haboneka umusaruro mwinshi kandi mwiza no gushora imari mu guteza imbere ubwiza bw'umusaruro cyangwa kongera ubushobozi bikiyongera. Guteza imbere ibikorwa remezo no gushyiraho amabwirizai ahanye kandi aboneye, bizatuma umusaruro w'ubuhinzi ugera ku masoko kandi ku buryo bworoshye.

Hakenewe kunozwa uburyo ubucuruzi bukorwamo no kongera uruhare amakoperative y'abahinzi n'amakusanyirizo y'abikorera afite mu kugena no kwamamaza amasoko y'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi. Ibi bizakorwa binyuze mu guteza imbere uburyo bwo kubona amakuru ku isoko, guteza imbere imikoranire hagati y'abahinzi n'inganda zitunganya umusaruro no guha imbaraga amasezerano akorwa hagati y'abahinzi n'abaguzi umusaruro wabo. Umusaruro mwinshi waboneka habayeho kugabanya igihombo kiboneka nyuma yo gusarura aho byagaragayeko ibigera kuri 30% by'umusaruro bitakara nyuma yo gusarura mu Rwanda¹³⁴.

Ikindi cyiyongereye ku nyungu zituruka ku masoko y'umwihariko, gushyira ibirango ku bicuruzwa no kubiteza imbere bizakorwa kandi imbaraga zizakomeza gushyirwa mu nyungu zituruka ku masoko yo mu karere no ku masoko mpuzamahanga.

3.1.1 GUTUNGANYA UMUSARURO NO KUWUSHYIRA HAMWE

Kongerera agaciro umusaruro bizashyirwamo imbaraga binyuze mu guteza imbere ubushobozi, ikoranabuhanga n'ibikorwaremezo. Mu bigendanye na gahunda y'igihugu yo gutunganya umusaruro, ibizakorwa harimo guteza imbere itumanaho no kubona amakuru ku gihombo kiboneka nyuma yo gusarura mu ruhererekane nyongeragaciro, uburyo bwo kubona amakuru afasha ubucuruzi, kongerera ubushobozi abahinzi n'abakusanya umusaruro bo ku rwego rwa mbere, kuzamura urwego ry'ikoranabuhanga mu gutunganya umusaruro twavugaga nko gukoresha imashini, inganda zitonora n'izumisha, ibikenewe no kuwufata neza.

Byongeye kandi, PSTA 4 ishyigikira kongerera agaciro umusaruro binyuze mu ruhererekane nyongeragaciro haba mbere yo kuwutunganya no mu gihe cyo kuwutunganya, by'umwihariko ku cyayi, ku ikawa, imboga, indabo n'imbutu n'urwego rutunganya amata¹³⁵. Ibi harimo ubufasha mu mikorere (guteza imbere ikoranabuhanga bigendanye) mu rwego rwo guha imbaraga kongerera agaciro umusaruro no kuwugurisha kugira ngo bigire uruhare runini mu kongera agaciro mu gihugu. Muri ibyo harimo ibirango bya "Made in Rwanda", nk'urwego rwihariye rw'ubucuruzi. Binyuze mu ishoramari mu buhinzi (muri 3.1.2) mu kigeza cy'iterambere ry'ubuhinzi mu nkingi ya 4, PSTA 4 ifite intego yo korohereza ishoramari ry'abikorera mu gutunganya no kongerera agaciro umusaruro w'ubuhinzi mu ruhererekane nyongeragaciro rwatoranyijwe.

Mu guha imbaraga uburyo bwo kubona amasoko, ibikenewe ku masoko bizagerwaho ari uko habayeho kubona umusaruro w'ubuhinzi uhagije, kongera ubukungu n'ubushobozi bw'abahinzi mu guciririkanwa biciro. Ibi bikorwa bihura n'ibiri muri 3.1.2, biteza imbere uburyo bwo kunozwa ubucuruzi habaho guteza imbere amakusanyirizo azwi y'umusaruro, gushyira hamwe no guhuza ibikenewe hifashishijwe uburyo bwo gukora amasezerano hagati y'abahinzi n'abacuruzi ba hafi. . Amasezerano akozwe neza hagati y'abahinzi n'abacuruzi yubakiye ku kwizerana hagati y'abafatanyabikorwa mu ruhererekane nyongeragaciro no ku gukora ishoramari binyuze mu mucyo. Guhuza ubufasha mu makoperative ku banyamuryango burimo guhuza ibikorwa, ubufasha mu bijyanye n'imari, guhanahana amakuru ku masoko, gushaka

¹³⁴ Inyigo y'amasoko y'ibikomoka ku buhinzi, ireambere ry'abikorera, kugeza ibicuruzwa ku masoko no guhangana ku masoko mu Rwanda, Inyandiko ya CAADP, 2014

¹³⁵ Bigenzurwa na MINAGRI

amasoko no gutanga serivise. Ubushobozi bw'amakoperative y'abahinzi bukeneye gutezwa imbere mu guhabwa amakuru ku iteganyagihe n'ubuhinzi bugendanye n'ihindagurika ry'ikirere, mu kwamamaza no mu gushyira hamwe serivise zihabwa abanyamuryango. . Amasezerano hagati y'abahinzi n'inganda zitunganya umusaruro atanga ingufu mu kongera ubuhinzi bugendanye n'ihindagurika ry'ikirere, kimwe no gutanga amakuru mu kugabanya ingaruka ziterwa n'ihindagurika ry'ibihe binyuze bufasha mu iyamamazabuhinzi cyangwa mu gutanga amakuru. Guteza imbere uburyo bwo gushyira mu byiciro, kwita ku buziranenge n'ubushobozi bwo gutwara ibiribwa ubushyuye bugenzurwa nabyo bizakoresha. Byongeye kandi, uburyo bwo guhamba abakiriya na bwo buzatezwa imbere, aho abahinzi bahabwa serivise (urugero: amahugurwa, ubuvuzi bw'amatungo) iyo bagurishirije ku bigo bikusanya umusaruro byemewe.

3.1.2 AMASEZERANO KU MUSARURO

PSTA 4 ishyigikira iterambere no kongerera intera amasezerano ku musaruro, yibanda cyane mu guhuza isoko n'abahinzi baciriritse atari ku masoko yo hagati gusa no kugera ku muguzi ahubwo no ku masoko y'inyongeramusaruro n'izindi serivise za ngombwa mu kongera umusaruro n'inyungu. Icy'ibanze muri ibi ni ukoroshya amasezerano hagati y'abahinzi n'inganda zitunganya umusaruro, hamwe no kubahiriza amasezerano no gutanga uduhimbazamusyi ku bakiriya b'indashyikirwa. Mu gufasha ibikorwa biri muri 3.1.1, mu rwego rwo guteza imbere uburyo bwo gutunganya umusaruro no kuwuhuriza hamwe, gushyigikira amasezerano mu buhinzi bizateza imbere uburyo bwo gukora ubucuruzi aho abahinzi babona amasoko yizewe kandi bakagurisha ku giciro cyumvikanyweho. Mu kubihuza n'ibindi bikorwa harimo iby'imari, bizafasha kuzuzwa ibikenewe ku masoko. Bizafasha kandi abaguzi kubona umusaruro uhagije kandi mwiza wubahirije ibikenewe ku isoko.

PSTA 4 inonosora amabwiriza igendeye ku duce tw'ahantu mu rwego rwo guha agaciro aho ibicuruzwa bituruka no kugirana amasezerano n'abaguzi. Guhagarika ubucuruzi butemewe no gufasha abahinzi kugira ishyamba mu byo bakora ni ngombwa ko abaguzi n'abafatanyabikorwa mu ruhererekane nyongeragaciro nabo bubaha amasezerano yo kwishyurira ku gihe abahinzi. Byongeye kandi, abahinzi bazashishikazwa no kubona inyungu mu bicuruzwa bagurishije no gukorana n'ibigo by'imari bibabereye. Uburyo bwo gutanga icyemezo cy'uko abahinzi bagejeje umusaruro wabo mu buhunikiro aho uzagurishirizwa nabwo buzatezwa imbere mu myaka itandatu iri imbere. PSTA 4 ikoresha uduhimbazamusyi mu gushyigikira ubwitabire mu masezerano hagati y'abahinzi n'ababagurira umusaruro no guhuza abahinzi n'abashoramari bo mu buhinzi. Bimwe mu bibazo by'ingutu abashoramari bo mu buhinzi bahura na byo ni ukubura ibikoresho by'ibanze, uduhimbazamusyi (mu buryo bwo guhuza impano zitangwa na leta cyangwa abandi) tuzatangwa mu guhuza abashoramari mu buhinzi no guteza imbere amasezerano ku musaruro n'amakoperative harimo kugira uruhare mu bushakashatsi no mu bigo byita ku bwiza bw'umusaruro kugira ngo tubone umusaruro mwiza kandi wujuje ubuziranenge. Ibi kandi bikorwa no ku nyongeramusaruro na serivise z'ishoramari mu buhinzi.

PSTA 4 iteza imbere nanone amasezerano ku musaruro hagati (abikorera) y'abatanga inyongeramusaruro, binyuze mu guhuza abacuruzi b'inyongeramusaruro n'amakoperative y'abahinzi.

Hamwe no kugira ubwisanzure mu masoko y'inyongeramusaruro, PSTA 4 ifite intego yo guteza imbere, kwemeza no guhuza ubwiza bw'inyongeramusaruro ku bahinzi. Ariko, PSTA 4 izafasha mu koroshya amasezerano hagati y'abatubura inyongeramusaruro n'abazitungira mu mahanga n'abazikwirakwiza binyuze mu mikoranire y'abacuruzi b'inyongeramusaruro. Gahunda y'igihugu yo kunganira abahinzi haba ku mbuto n'amafumbire izatuma zigera ku bahinzi bose kandi zitabahenze. PSTA 4 izatanga amakuru ku mbuto n'amafumbire biriho nkunganire mu turere dutandukanye tw'ubuhinzi n'uburyo bakoresha mu guhanga byose bigahuzwa na serivise zose zifasha abahinzi kubona ibyo bakeneye (twavuga iyamamazabuhinzi n'ubushakashatsi). Hamwe n'ibizatungwa byose, gutanga amasoko no gukwirakwiza izo nyongeramusaruro zunganiwe bigamije kunoza no kutabangamira iterambere ry'amasoko y'inyongeramusaruro. Nkunganire izuzuzwa na gahunda y'igihugu y'itangwa ry'amafaranga mu kuzamura ubukungu bukomoka ku buhinzi n'ikoresha ry'inyongeramusaruro (inkingi ya 1), hibandwa cyane ku miryango itishoboye, ubwisanzure mu masoko (inkingi ya 4) no guteza imbere ibikorwaremezo mu kugaragaza imbaraga z'abikorera mu gutanga inyongeramusaruro ku masoko. Ibyo bigaragara mu bizibandwaho mu nkingi ya 4 birebana n'amabwiriza azagenderwaho na Nkunganire.

Binyuze muri gahunda y'ishoramari I mu kigeza cy'iterambere mu buhinzi ku nkingi 4, PSTA ifite intego yo korohereza abashoramari mu kongera umusaruro, mu gutanga amasoko no mu gukwirakwiza inyongeramusaruro ku masoko

hibandwa cyane cyane ku mafumbire, ingemwe, intanga, ibiryo by’amatungo n’imiti yo mu buhinzi n’ ibikoresho bapfunyikamo kimwe n’ubufasha muri serivise (ingero: ubwikorezi n’imari). Iki kigeza gifite intego yo guteza imbere umuyoboro wo gukwirakwiza inyongeramusaruro na serivisi zitangwa ku bahinzi binyuze mu bacuruzi.

3.1.3 GAHUNDA Y’IGIHUGU YO GUTANGA AMAKURU KU MASOKO N’UBUCURUZI (MTIS)

Uburyo bwo kubona amakuru nyayo kandi ku gihe nibyo biyobora amasoko bigafasha n’abashaka gufata umwanzuro mu ishoramari. Muri PSTA 4, inzira isanzwe inyuzwamo amakuru arebana n’ isoko, e-soko¹³⁶ izongererwa imbaraga kugira ngo uburyo bwo kubona amakuru ku isoko bwaguke. Muri bwo harimo uburyo bwo kubona amakuru ku bucuruzi bwambukiranya imipaka kimwe no gutanga serivise z’ubujyanama mu bijyanye n’ubuzima bw’igihingwa n’amakuru yerekeye ibipimo by’ikirere na serivise z’ikirere (bihuye n’ibiri mu nkingi ya 2.5.1) E-soko yoroshya isano iri hagati y’abahinzi, Koperative, abacuruzi n’inganda zitunganya umusaruro no gutanga umurongo wa terefoni uzakoreshwa mu koroshya itangwa ry’amafaranga.

E-soko ishahiraho uburyo bw’ubucuruzi bufasha ubukungu gushikama binyuze mu bufasha bwa Guverinoma, mu gusangira amakuru ku byinjije binyuze mu buryo bwo koherezanya ubutumwa bugufi hakoreshejwe ibigo bicuruza telefone zigendanwa n’amafaranga atangwa mu kuzikoresha no mu kwamamaza. Byongeye kandi amahugurwa no gukwirakwiza amakuru kubayikoresha bikozwe n’ikoranabuhanga bikoresheya no mu gutanga amakuru. NK’igisubizo kitarambye, ubu buryo buzakomeza gufasha leta mu gukusanya amakuru akenewe mu buryo bwo kugaragaza amakuru ku buryo bworoshye no guhuzaservise z’ubuhanga mu bucuruzi bwo mu karere nka RATIN¹³⁷. E-soko ishingiye ku kubaka, gukoresha no ku buryo bwo guhererekanya aho Guverinoma yashora imari mu bikorwaremezo by’ibanze no mu gutangiza serivise zimwe zigamije kugirana amasezerano muri serivise zitandukanye zirebana na e-soko.

Na none kandi, igiciro cy’ikawa n’icyayi kigomba gushyirwaho mu rwego rwo kongera amasoko y’ikawa nziza n’icyayi. Ibi bizagura ubucuruzi busanzwe nk’ubudashyikirwa bw’uburyohe bwa kawa (cup of excellence).

3.1.4 GUTEZA IMBERE IBIKORWAREMEZO BY’AMASOKO

Guteza imbere ibikorwaremezo by’amasoko y’ibikomoka ku buhinzi ni ingenzi mu kwagura uburyo bwo kubona amasoko, mu kugabanya ibitakara nyuma yo gusarura bityo bikongera inyungu ku muhinzi. PSTA 4 yibanda mu kongera ishoramari ry’abikorera binyuze mu guteza imbere uduhimbazamushyi n’ imikoranire hagati ya leta n’abikorera.

U Rwanda rukeneye kuvugurura imihanda ikoresheya igihe cyose (harimo n’ituruka mu mirima mito) igana ku masoko y’ibikomoka ku buhinzi ari mu turere. Amabwiriza y’igihugu y’imihanda yo mu cyaro n’imiterere y’ishyirwamubikorwa ryayo byerekana neza inshingano z’abafatanyabikorwa batandukanye, guteza imbere mu gukoresha ikoranabuhanga rishingiye ku bakazi mu iterambere no kugaragaza uburyo inkunga zizakoreshwa mu iterambere ry’imihanda no kuyifata neza mu hubahirijwe ihame ry’uburinganire n’uburyo bwo guhangana n’ihindagurika ry’ibihe. Amabwiriza afite intego yo gukora imihanda inyuranamo ya 2 km kuri buri murima bitarenze 2027¹³⁸.

Guteza imbere uburyo bwo gutunganya umusaruro ni ingenzi igihe igihugu kiri muri Gahunda y’igihugu yo guhindura urwego rw’ubuhinzi no kugira ubuhinzi bw’umwuga, uburyo bwo gutunganya umusaruro no kuwuhunika birakenewe mu kugabanya utakara. Ishoramari rya leta mu iterambere no gufata neza ibikorwaremezo n’ikoranabuhanga bya muri Gahunda y’igihugu yo kugenzura ikoranabuhanga, kwemeza, kwerekana n’amahugurwa n’iterambere ry’amasoko. PPP (uburyo bwagaragajwe mugice cyibandwaho 4) izatezwa imbere, mu kureshya urwego rw’abikorera guteza imbere ibikorwaremezo, harimo imbuga zo kwanikaho, ikuzanyirizo, aho kubika ubwatsi, uburyo bwo gukonjesha, imitere y’amasoko y’abaturage, amasoko rusange, uburyo bwo gutwara umusaruro wohererwa hanze. Umushinga ushyizwe

¹³⁶ www.esoko.gov.rw

¹³⁷ www.ratin.net

¹³⁸ National Feeder Roads Policy (April 2017)

imbere uri hafi kurangira ku bufatanye n’urwego rw’abashoramari rw’abikorera mu buryo bw’itegurabikorwa ni isoko rusange rya Kigali, rizafasha uburyo bwo kubona isako, amakuru y’ikiguzi kubahinzi, abacuruzi n’abaguzi.

Ibikorwa byo gukora no gufata neza bizemeza gutanga umusaruro no kuramba kw’ibikorwaremezo, kubona inyungu zitezwe no kugera kukigero cyuzuye. Muri ibi harimo Gahunda y’Igihugu y’ikoranabuhanga na Gahunda y’Igihugu y’imikorere.

IA 3.2 INGARUKA Y’AMASOKO Y’UBUHINZI N’IBIKORWA BY’IMARI

Intego: Guha imbaraga serivise z’ishoramari mu buhinzi hamwe n’umusaruro, imirimo n’umusaruro w’imari mu buhinzi hagenewe ku bikenewe, no kugabanya ingaruka zituruka ku masoko n’umusaruro, hongera uburyo bwo kubona amafaranga no kubona igishoro gifatika mu kongera umusaruro n’agaciro kawo.

N’ubwo u Rwanda hari icyo rwakoze, gahunda y’igihugu yo kwandikisha ubutaka yatumye abahinzi babasha gukoresha ubutaka no kubutangaho ingwate¹³⁹ guhabwa serivise z’imari n’ibindi bintu biracyari hasi mbere babihabwaga n’izitari banki zitwa SACCOs n’abatanga amafaranga hakoreshajwe terefone zigendanwa.

Isoko (urugero: igiciro gihindagurika) n’umusaruro (urugero: ihindagurika ry’ibihe, ibyonnyi n’indwara) bigira ingaruka ku kwiyoungera k’umusaruro¹⁴⁰. Nubwo ubwishingizi mu buhinzi bwashyizweho kuva 2012, muni ya 50% ni bo bakoresha ubwishingizi mu buhinzi¹⁴¹. Gushyigikira igitekerezo nk’icyo nko gushyira hamwe ingaruka ku rwego rw’igihugu (binyuze mu bushobozi bwo gushaka ibisubizo by’ingaruka ziterwa n’ibiza) kimwe n’urwego rwihariye rw’ubwishingizi (urugero: mu buhinzi bw’icyayi) bifite agaciro gakomeye. Byongeye kandi, gukorera mu mucyo, uburyo bwo gushyiraho ibiciro ku masoko birakenewe mu kugabanya ingaruka z’amasoko mpuzamahanga n’ihindagurika ry’ibiciro by’imbere mu gihugu. PSTA 4 igaragaza uko urwego rw’ubuhinzi rukeneye gucunga imari hatezwa imbere uburyo bwo gusobanurira abahinzi uburyo bwo gucunga umutungo i no kubaka inganda ziciriritse hibandwa cyane cyane ku bagore.

3.2.1 IBIKORWA BYO GUSHORA IMARI MU BUHINZI

Ibikorwa ni ugutanga ubufasha mu by’imari na tekini n’ibindi bigo bitanga serivise z’imari na MFIs mu gushyiraho uburyo bwo kubona inguzanyo hibandwa cyane cyane ku bahinzi baciriritse n’abafite inganda ziciriritse (reba ibivugwa mu nkingi ya 4). PSTA 4 ishira gahunda y’igihugu y’ubwishingizi no kwagura urwego rusanzwe ruhari rw’ubwishingizi binyuze mu kigeza cy’iterambere mu buhinzi mu nkingi ya 4. Uburyo bwiza bwo kubona imari na serivise buzatezwa imbere, harimo uburyo bwo kubona icyemezo cy’uko wagemuye umusaruro ku makusanyirizo, uburyo bwo gushora imari mu bucuruzi, gahunda y’igihugu igaragaza imari ihamye mu bucuruzi, uburyo bwo kubona inguzanyo, abakozi bakora imirimo y’amabanki (bigeza serivise z’imari mu bice by’icyaro), ikoresha n’itangwa ry’amafaranga rishingiye mu gutera inkunga no kongera uburyo bwo gutera inkunga uruhererekane nyongeragaciro (haba abatanga inyongeramusaruro n’abaguzi). Amatsinda yo kuzigama ku bahinzi batishoboye azatezwa imbere kugira ngo abayarimo babashe kwiyubaka.

Imbaraga nyinshi zishyirwa mu kubaka ubushobozi no guteza imbere uburyo bwo gusobanura ikoresha ry’umutungo n’uko ucungwa, guteza imbere uburyo bwo gukemura ibibazo by’amakoperative n’inganda ziciriritse (SMEs) binyuze mu guteza imbere uburyo bwo kwishyura no gutangaza icyerekezo cy’ishoramari mu nganda zitunganya umusaruro. Abagore n’urubuyiruko bihangiyeye umurimo nibo bazibandwaho mu koroherezwa gushora imari mu buhinzi.

¹³⁹ Mu ngo zihabwa inguzanyo mu bigo bizwi bizitanga, 41% bakoresheje ubutanka nk’ingwate kugirango babone inguzanyo (Banki y’Isi- 2016)

¹⁴⁰ N’ubwo ibihugu byinshi muni y’ubutayu bwa Sahara bakunze kugira ubwiyongere bw’umusaruro buri muni ya zero, UU Rwanda rwo rwagize umwaka umwe gusa utaragize ubwiyongere mu myaka 20 ishize, muri 2003 aho amapfa atewe n’izuba ryinshi yateye mu Rwanda. Ariko rubona ubwiyongere buke kandi izuba ryinshi rikunze kwibasira igice cy’uburengerazuba bw’igihugu.

¹⁴¹ Banki y’Isi, Raporo y’Imari mu buhinzi (2016)

3.2.2 INGARUKA ZO MU BUHINZI N'IKIZITERA

Ibi bikorwa bigaragaza ingaruka zo mu buhinzi bikanateza imbere ugukorera mu mucyo n'uburyo bwo gushyiraho ibiciro. Hazashyirwa imbaraga cyane mu guhangana n'ingaruka binyuze mu guteza imbere ibigo by'ubwishingizi n'ibitanga serivise. Ibi bifitanye isano n'ingaruka z'umugaruro n'amasoko, kumenya ubufasha bw'ibanze bukenewe mu rwego rwo guteza imbere ubwishingizi. Ibindi bikorwa bya Leta harimo: kuvugurura uburyo bwo gutanga amakuru yerekeranye n'ikirere (reba ibivugwa ku nkingi ya 2), kongera ubushobozi no kumenyekanisha uburyo bwo kuzamura inyungu no gukoresha ubwishingizi, gushyira imbaraga mu guhangana n'ingaruka¹⁴² no guteza imbere uburyo bwo guhuza ibikorwa hagati mu bigo n'ababigiramo uruhare no guteza imbere uburyo bwo kugirana amasezerano nk'ay'imikoranire mu bucuruzi n'ay'ibiciro bihoraho bumvikanyeho.

Mu gukorana bya hafi na MINICOM na MINALOC, gukorera mu mucyo no gushyiraho ibiciro ku bicuruzwa byatoranyijwe bizashyirwamo imbaraga. Ikusanyamakuru ku musaruro rihoraho, gutunganya umugaruro, ikiguzi cy'ibyoherezwa mu mahanga bizibandwaho mu gushyiraho igiciro hagamijwe kwongera ikiguzi cy'agahimbazamusyi ku musaruro, gihujwe n'ibiciro biri ku rwego rw'akarere no kureba igiciro cyo hasi kuri buri gihembwe. Kwishyura menshi ku musaruro mwiza bizongerwa mu buryo bwo guteza imbere ishoramari mu rwego rwo kuvugurura ubwiza bw'umugaruro no kugira amasoko azwi yawo.

3.2.3 IKIGEGA CY'IGIHUGU CY'IBIRIBWA (Ibinyampeke n'ibinyamisogwe)

Kugira ngo twizere neza ko abanyarwanda bese bihagije mu biribwa, gukurikirana no gufata neza ibiribwa biri mu gihugu ni ingenzi. Muri ibi harimo gushyira imbaraga mu buryo abanyarwanda bahunika imyaka (RSGR) n'uburyo bwo kubifata neza kugira ngo bibe igisubizo ku ibura ry'ibiribwa. Uburyo bwiza bwo gufata neza ibibitswe burakenewe. Muri ibyo harimo gusinyana amasezerano n'urwego rw'abikorera yo gufata neza ubuhunikiro, uburyo bwo kugura no kugurisha (kongera gukoresha cyangwa kurekura) imbuto, guhunika na serivise zose zirebana no gufata neza amazu bahunikamo. Hakenewe kandi kumanura gahunda y'igihugu yo guhunika ikegerezwa uturere n'imirenge kugira ngo twizereko twihagije mu biribwa.

Ibyemezo birebana no gufata neza ububiko bikeneye kumenyekanishwa ku gihe kugira ngo hakurikiranywe ibizagenderwaho. Kuburira abo birebana hakiri kare ku kibazo cyo kwihaza mu biribwa bizashyirwamo imbaraga binyuze mu gukusanya amakuru ajyanye n'ibiribwa biteganijwe kuzaboneka no kuyasesengura (harimo gukurikirana ibiciro binyuze MTIS), kugira ngo ingamba zo kuwucunga neza ziteganywe hakiri kare.

IA 3.3 KUBUNGABUNGA UBUZIRANENGE N'AMABWIRIZA ABUGENGA

Intego: Gushyigikira uburyo bwo kugira umugaruro mwiza n'amabwiriza abigenga binyuze mu ruhererekane nyongeragaciro, kongera umugaruro no kongera uburyo bwo kubona amasoko, kongera uburyo bwo kurushanwa mu bwiza no kunoza ubwiza n'isuku y'ibiribwa haba ku masoko y'imbere mu gihugu no ku byoherezwa hanze y'igihugu. Uburyo bwo gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga ubuziranenge, hamwe no guhuza ibikorwa mu bigo birebana no kuyashyira mu bikorwa ku buryo bunoze byongera umugaruro w'uruhererekane nyongeragaciro no gupigana ku isoko. Byongeye kandi, bituma tugera ku masoko yo hanze y'igihugu kandi tukita ku buzima n'ubwiza bw'ibiribwa n'ubw'ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi. N'ubwo u Rwanda rwashyizeho umurongo ngenderwako mu guteza imbere amabwiriza, kubigeza hose n'ubushobozi bw'ababikora biracyari hasi. Guteza imbere ishoramari no kongera ubucuruzi bwambukiranya imipaka, guteza imbere amabwiriza n'uburyo bwo kuyubahiriza bikeneye gushyirwa mu mwanya mu murongo wa COMESA, EAC n'ubuziranenge mpuzamahanga.

¹⁴² Banki y'Isi, Raporo y'Imari mu buhinzi (2016)

3.3.1 AMABWIRIZA AGENGA UBUZIMA BW'IBIHINGWA

Gushyira imbaraga muri gahunda y'igihugu yo gushyiraho amabwiriza n' amategeko akwiriye birakenewe ku bihingwa, no ku musaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi ndetse no ku miti ikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi. Kugenzura no kugerageza ubwoko bw'ibihingwa, kubutangaza no kubwandikisha bizakenerwa kugira ngo bifashe mu kuzana ubwoko bushya bw'ibihingwa bitanga umusaruro mwinshi, kubwizera no kuburinda twitaye ku mabwiriza mpuzamahanga y'ubuziranenge.

Ikigo gishinzwe igenzura n'amarushanwa (kizashyirwaho vuba) nicyo kizashyiraho amabwirizwa arebana n'imyumvire ku nyongeramusaruro, umusaruro, kuwutunganya kurusha ibindi, ugendeye ku mahame, amategeko, amabwiriza mu bumeningiro. Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibyo kurya no kubitunganya (kizashyirwaho nacyo vuba) gishinzwe kugenzura ibibazo byose bigendanye n'ubwiza bw'ibiribwa (CODEX Alimentarius). Guhuza ibikorwa no gukorana hagati y'ibigo bishinzwe ubwiza n'ibishyiraho amategeko bizaba ari ngombwa mu rwego rwo kugabanya uruhurirane no kumenya neza niba servise zitangwa neza.

Imbaraga zizashyirwa nanone muri servise zirebana no kwemeza n'ubugenzuzi, harimo gushyira mu bikorwa amategeko agenga imbuto n'ubwoko bw'ibimera, ubuzima bw'ibimera n'amatungo n'amategeko abiherekeza. PSTA 4 izemeza umusaruro w'ibihingwa n'amatungo harimo kubahiriza amategeko agenga isuku, gukurikirana no gukumira indwara z'amatungo kimwe no kugenzura amatungo no kuyemeza.

Ku mpamvu yo koroshya ubucuruzi mu karere n'ubucuruzi mpuzamahanga, ikigero cyemejwe muri ibyo ni kimwe muri COMESA na EAC ku bw'ibyo rero bizashyirwa mu bikorwa kandi byubahirizwe

3.3.2 KUBAKA UBUSHOBOZI N'UBUMENYI KUGIRA UBUSHISHOZI

Kubaka ubushobozi n'ubumenyi ku nyungu n'ibikenewe muri gahunda y'igihugu yo kwemeza n'amahame arebana n'uruhererekane nyongeragaciro bizatangwa. Muri byo harimo ubufasha mu bya tekini no kongera ubushobozi mu bijyanye n'amahame y'umwihariko agenga kwemeza umusaruro (Global GAP, ISO standard) ndetse no mu gutunganya umusaruro w'ubuhinzi harimo ikirango cy'ubuziranenge "S" cya RSB. Ishoramari mu buhinzi rishobora gukoresha ubufasha mu mafaranga mu kwemeza mu ruhande rw'ishoramari mu buhinzi. Mu bagenerwabikorwa harimo abaguzi hamwe ishoramari mu buhinzi n'abahinzi harebwa uburenganzira n'amategeko y'ubwiza bw'ibiribwa n'ubuziranenge bwemejwe.

3.3.3. IBIKORWAREMEZO

Kwita ku buzima bw' ibihingwa, ibikorwaremezo n'amazu akorerwamo bizahabwa imbaraga. Harimo kuvugurura ibikoresho bapimisha, porogaramu zikoreshwa n'ubushobozi bwo gushyira ahantu mu kato, Laboratwari z'imiti n'ibikomoka ku buhinzi na sitatiyo zo mu duce twiharire ku kibuga cy'indege cya Kanombe no ku mipaka ya Gatuna, Rusumo na Kagitumba kugira ngo bubahirize ibikenewe ku isoko. Amasezerano y'imikoranire hagati ya (RSB), Laboratwari zemewe ku rwego rw'akarere na mpuzamahanga mu gukoresha neza servisi n'ubufasha mu bya tekini biziyoungera, no guha agaciro Laboratwari zemewe mu Rwanda. Hanyuma, abashinzwe kwandika ibikomoka ku bihingwa n'imiti ikoreshwa mu buhinzi bazakenera ibiro (harimo abakozi) kugira ngo bohorehezwe gukora neza.

6.5. INKINGI Y'INGENZI 4: GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE N'INZEGO

6.5.1. IBIKUBIYEMO

Kwihutisha ubucuruzi n'ishoramari ry'abikorera mu buhinzi n'ubworozi, bisaba ko habaho politiki nziza, amategeko n'amabwiriza ndetse n'inzego zisubiza ibibazo by'abihinzi n'aborozi n'abashoramari. Ubuhinzi nibwo shingiro ry'ubukungu bw'u Rwanda bukaba bugaragara muri urwo rwego kuva mu bucuruzi kugera mu gufata neza ubutaka, ibidukikije kugera mu burezi.

Ibi byose kugira ngo bikorwe neza bisaba imicungire inoze mu buryo bwo guteza imbere politiki n'ishyirwamubikorwa ryayo kugira ngo habeho gukorera hamwe, kwirinda amakimbirane no kuzana impinduka igaragara mu ishoramari. Politiki y'igihugu y'ubuhinzi n'ubworozi iteganya uburyo bwumvikana buzifashishwa kugira ngo impinduka mu bigo. Muri bwo twavugaga: (i) Kureka gukora ubucuruzi ku rwego rwa guverinoma ahubwo igatuma bukorwa neza. (ii) Gushyira imbaraga mu guhuza ibikorwa uru rwego; (iii) Kwegereza abaturage ubuyobozi kugira ngo serivise ziyanye n'ubuhinzi n'ubworozi bazibone mu buryo bwiza kandi bitabagoye. (iv) Imikoranire ya hafi n'abihinzi n'aborozi ndetse n'imiryango itari iya Leta; (v) Guteza imbere politiki ishingiyeye ku bintu bigaragara, kugira porogaramu n'uburyo bwiza bwo kubona amakuru (vi) Kunoza ibijyanye n'amategeko n'amabwiriza agenga amasoko y'inyongeramusaruro n'ay'umusaruro.

(PSTA 4) ikeneye ko hashyirwa imbaraga mu nzego z'ubuhinzi n'ubworozi mu buryo bw'imikorere, amabwiriza n'amategeko ahanywe, kubaka ubushobozi mu nzego zose (harimo n'iz'aturere), guhuza ibikorwa n'abikorera, ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa, kongera ubumenyi, itangazamakuru no guhanahana amakuru.

Hakurikijwe uko inzego z'igihugu zigenda ziyubaka ndetse zirushaho kwegerezwa abaturage, MINAGRI ubu ifite inshingano 5 z'ingenzi zikurikira:

- Gushyiraho politiki y'ubuhinzi n'uburyo izashyirwa mu bikorwa;
- Kugena uruhare rw'amategeko n'amabwiriza mu rwego rw'ubuhinzi;
- Kubaka ubushobozi bw'inzego n'abakora muri uru rwego;
- Ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa;
- Gushyiraho uruhare rw'abaturage mu guteza imbere imikoranire hagati ya minisiteri n'abikorera.

Ibijyanye n'imitangire ya serivisi mu bahinzi bizakurikiranwa n'ibigo bishamikiye kuri MINAGRI ari byo RAB na NAEB ariko cyane cyane bikorerwe ku rwego rw'inzego z'ibanze.

Guteza imbere ibijyanye n'isoko ry'umusaruro byashoboka binyuze mu gihe gushyigikira ibiganiro hagati ya Leta n'abikorera bagira uruhare mu ruhererekane nyongeragaciro, guteza imbere gahunda y'imikoranire hagati ya Leta n'abikorera (PPP) no guteza imbere ishoramari. Ibi ni bihuzwa n'amategeko n'amabwiriza yorohereza ishoramari mu buhinzi n'ubworozi, ubwisanzure mu masoko no guteza imbere urwego rw'ubushakashatsi, ibi bizafasha mu kuzamura ubushake bw'abashoramari baba abaturuka imbere mu gihugu ndetse n'abava hanze yacyo. PSTA 4 iteganya kandi gukomeza gushyirwaho abikorera kugira uruhare rufatika mu mitangire ya serivisi z'ubuhinzi n'ubworozi ndetse n'imitangire y'ibikorwaremezo mu rwego rw'ubuhinzi.

IMPINDUKA 4

Impinduka itegerejwe ku nkingi ya 4 ni itangwa rya serivise nziza mu buhinzi kandi mu buryo bwiza mu nzego za Leta n'iz'abikorera ku bafatanyabikorwa bose.

Inkingi y'ingenzi ya 4 iteza imbere ubushobozi mu gutanga serivisi mu bunzego zishinzwe ubuhinzi n'ubworozi ndetse hashyirwaho amategeko n'amabwiriza yorohereza abifuzaga gushyirwaho imari muri uru rwego.

Izakomeza gutanga ubufasha mu ishyirwamubikorwa ku rwego rwegereye abaturage no mu gusesengura gahunda nyinshi zitandukanye (urugero: imirire, uburinganire n’ubwuzuzanye, urubyiruko no guhangana n’ingaruka). Ishyirwamubikorwa rya PSTA rizafashwa no kongera imbaraga mu ikurikirabikorwa n’isuzumabikorwa no gushobora kwiga, guhuza ibikorwa mu buhinzi n’abafatanyabikorwa.

Iyi nkingi ya 4 ihuza izindi nkingi zose kuberako iteganya uburyo bwiza bwo gukora kugira ngo habe impinduka mu buhinzi. Ku bw’ibyo rero, ishyirwamubikorwa ryayo rigomba guhuza kandi rigakurikiranya ibikorwa kugira ngo bihure n’ishyirwamubikorwa ry’ibyateganyijwe mu nkingi zayo zindi.

IA 4.1. GUTEZA IMBERE INZEGO ZISHINZWE UBUHINZI N’UBWOROZI

Intego: Guteza imbere imikorere no guha ingufu itangwa rya serivisi zegerejwe abaturage.

Icy’ibanze kugira tugere kuri iyi ntego, ni ukuvugurura inzego no tugakoresha ubumenyi bushya mu buryo bwo gutanga serivisi no gutuma haboneka uburyo bwo gukora bukenewe kugira ngo abahinzi bave ku buhinzi bugamije amaramuko ahubwo bakore bagamije kugemura umusaruro wabo ku masoko.

4.1.1 GUTEZA IMBERE INZEGO

Gahunda yo kuvugurura inzego ku rwego rwa MINAGRI n’ibigo biyishamikiyeho (RAB, NAEB) izategurwa kandi ishyirwe mu bikorwa hagamijwe kugera ku bikenewe muri politiki y’igihugu y’ubuhinzi (NAP) n’ubworozi no muri PSTA 4, hazitabwa kandi ku isesengurwa no ku nama zagiye zitangwa mu myaka ishize¹⁴³. Iri vugururura rizatuma inshingano, imiterere n’imikorere ya MINAGRI n’ibigo biyishamikiyeho bishobora kuzuzanya inshingano zabyo (n’izo bahuriyeho n’abandi). Iri vugururura kandi rizatuma hagaragara neza isano ibigo bihuriyeho n’uburyo bahana amakuru, uburyo bwiza bwo guhuza ibikorwa n’ibyo bahuriyeho n’abandi, ubushobozi n’ibibura mu itumanaho, uburyo bwiza bwo gukora, uburyo, ubushobozi mu gucunga neza umutungo bizatuma MINAGRI n’ibigo biyishamikiyeho bibasha gusubiza neza ibibazo by’abafatanyabikorwa babo.

Iri hindura n’ivugururwa ry’inzego nibyo bigomba kubanza gukorwa muri PSTA 4 kugira ngo bifashe ishyirwamubikorwa ryayo. Yubakiye ku mavugurura yakozwe muri MINAGRI no mu bigo biyishamikiyeho mu bihe byashize¹⁴⁴. Gahunda y’igihugu yo kubaka ubushobozi mu rwego rw’ubuhinzi n’ubworozi ikenewe kuvugururwa kugira ngo igaragaze ubumenyi bukenewe mu ishyirwamubikorwa rya PSTA 4, hibandwa cyane cyane ku bujyane n’iterambere ry’urwego rw’abikorera, hashimangirwa uruhare rwayo rwo kuborohera.

4.1.2 KWEGEREZA UBUSHOBOZI ABAGENERWABIKORWA

Mu kubahiriza politiki ya vuba yo kwegereza ubuyobozi abaturage, inshingano zari zifitwe n’amashami ya MINAGRI zeguriwe inzego z’ibanze. Nizo zitanga serivise z’ubuhinzi ku bazikeneye, nizo zigaragaza ibikenewe mu baturage kandi zigahuza ibikenewe byose mu nzego zose. Ihuzwa ry’ibivuye muri aba bafatanyabikorwa bose rigomba kuba risubiza ibikenewe ku rwego rw’umuturage ndetse n’ahaba hakenewe amavugururwa agakorwa ku gihe.

Mu kugera kuri iyi ntego, hagomba gusuzumwa neza niba inshingano za buri rwego zisubiza neza ibikenewe cyane cyane ku nzego zegerejwe abaturage hagamijwe kugera ku ntego yo guteza imbere ubuhinzi n’ubworozi bugamije isoko. Hasuzumwa kandi amahirwe ahari mu mitangire ya serivisi z’ubuhinzi n’ubworozi ndetse n’uruhare abikorera babigiramo.

¹⁴³ Isuzuma ry’imikorere ya MINAGRI muri 2005 na 2006 ikurikira gahunda yo kwegereza abaturage ubushobozi n’ubuyobozi yo muri 2000; isuzuma ryo muri 2009 ryo kurema amavugururura yakozwe, ingaruka ku mitangire ya serivisi n’ibikenewe ku iterambere ry’inzego; isuzuma ryo muri 2015 ry’ubushobozi bw’inzego rya MINAGRI na RAB ; Isuzuma ryo hagati rya STA 3 (by’umwihariko ku mugereka wa 5 werekeye iterambere ry’inzego n’imikorere); Isesengura ry’imikorere ryo muri 2014 n’ibikenewe mu kongera ubushobozi bwa MINICOM, NAEB na RDB; n’isesengura ry’inzego ryakorewe PSTA 4, hiyongereyeho ubutumwa bugikomeza bw’abahagarariye Banki y’Isi mu bufasha bw’ubujyanama.

¹⁴⁴ Reba iteka rya Minisitiri w’Intebe No. 40/03 of 27/02/2015 ryerekeye MINAGRI; Itegeko No.14/2017 of 14/4/2017 ryerekeye RAB; n’itegeko No. 13/2017 (of 14/4/2017) erishyiraho NAEB nk’ikigo cya Leta cy’ubucuruzi.

Aya mavugururwa agendera cyane cyane ku gusuzuma neza uburyo serivisi zegera abahinzi cyane cyane binyuze ku karere aho nka serivisi z'iyamamazabuhinzi, kuhira, kurwanya isuri... bigomba guhuzwa na gahunda z'igihugu z'iterambere rya buri Karere (DDSs). Uretse ihinduka ry'imikorere y'inzeho, ivugurura mu iteganyabikorwa mu gutanga serivise mu nzego z'ibanze rizashyira ingufu mu bwuzuzanye hagati y'ibizakorwa n'abikorera ndetse n'ibizakorwa na Leta bijyanye n'ibyo abaturage bakeneye. Guteza imbere iteganyabikorwa ku rwego rw'ibanze harimo kubaka ubushobozi, ikurikiranabikorwa n'icungamutungo bizitabwaho mu iteganyabikorwa rikorewe hamwe mu mikoranire ya hafi n'abayobozi b'uturere bafite mu nshingano izo serivisi. Iteganyabikorwa rizita kandi no ku kamaro ko gusesengura ibindi bitandukanye bikorerwa ku rwego rw'akarere (nk'imirire, guhanga imirimo, uburinganire n'ubwuzuzanye no guhangana n'impinduka) no ku mitunganyirize y'ibigenerwa abakozi nk'agahimbazamusi (gahunda yo guhamba abesheje imihigo n'umukozi mwiza w'umwaka) ndetse no guteza imbere ubunyamwuga.

Byongeye kandi, gahunda yo kubaka ubushobozi mu rwego rw'ubuhinzi ikubiyemo gahunda yo kubaka ubushobozi duhereye mu nzego zo hasi mu rwego rwo kuziba icyuho kiri mu guhuza ubumenyi n'ubwenge mu bahinzi b'abanyarwanda barimo abagore n'urubyiruko ndetse n'ubushobozi bwa MINAGRI kugira ngo iyobore kandi ishyigikire uburyo bwo gutanga serivisi ku rwego rwo hasi.

IA 4.2. GUSHYIRAHU AMABWIRIZA N'AMATEGEKO ASHINGIYE KU BINTU BIGARAGARA

Intego: Kunoza ishyirwaho rya za politiki bahereye ku bintu bigaragara no guteza imbere uburyo bwatuma bakora neza kandi bubahirije amategeko n'amabwiriza.

Ishyirwaho rya politiki, amategeko n'amabwiriza agenga urwego rwa serivisi za Leta niryohyeho ryo guhindura inshingano za Leta no kuresha abikorera babashishikariza gushora imari yabo mu buhinzi n'ubworozi no mu mitangire ya serivisi.

Ibitegerejwe muri PSAT 4, ni uburyo bunozwe bwo kuganira kuri politiki y'ubuhinzi no kuzuzanya, hagati y'abafatanyabikorwa bose mu mitegurire n'ishyirwaho ry'amategeko n'amabwiriza azayobora urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, gukusanya imibare n'uburyo bwo kuyisesengura hagamijwe gufata ibyemezo bikwiye.

4.2.1. ISESENGURWA RYA POLITIKI

Hashingiwe ku ruhare rwa MINAGRI n'inshingano zayo, imikoranire ku buryo buhambaye n'izindi nzego zitari ubuhinzi, n'icyerekezo gishya cya NAP na PSTA 4, MINAGRI ikomeye kunoza umurimo wo gusesengura politiki. Intambwe zifatika (urugero: gushyira abakozi mu myanya, gushyira ingufu mu gusesengura politiki no guteza imbere ubushobozi) bizashyirwaho muri gahunda yo kunoza imiterere y'inzeho muri MINAGRI bigomba kuba byakozwe mbere yo gutangira ishyirwamubikorwa rya PSTA 4. Umurimo w'ingenzi ugomba kubanza gukorwa ni ugusesengura politiki mu kumenyekanisha iterambere n'ishyirwamubikorwa rya politiki na programu. Ibi bishobora kubamo ibikoresho bikorehwa mu gushyiraho politiki, kuvugurura amategeko n'amabwiriza, udushya muri politiki no kuvugura uburyo bukoreshwa ku rwego mpuzamahanga, ubugenzuzi, gusuzuma ingaruka n'inyandiko ziri kuri interineti. Ubushobozi mu gusesengura no kugenzura ingaruka mu rwego rw'ubuhinzi bigomba gushyirwamo imbaraga hashyirwamo ibikoresho, amahugurwa no gukurikiranwa n'impuguke. Guhuza abakoresha uburyo bumwe mu buhinzi, urubuga n'amahuriro bizashyirwaho kandi bikorehwe mu gukwirakwiza umuco wo guhugurana no gusangira ubumenyi nko mu kwemera gukoresha udushya.

Kugira ngo ibi byose bigerwemo, ku rwego rwa MINAGRI hazashyirwaho ishami rishinzwe politiki, rifite inshingano zo gushyiraho no gushyira mu bikorwa imikorere ya politiki yagutse no gufasha andi mashami n'ibigo biyishamukiyeho mu gutegura no kuvugurura andi mapolitiki ayishamukiyeho.

4.2.2. POLITIKI N'AMATEGEKO N'AMABWIRIZA NGENDERWAHO

Mu gufasha Guverinoma mu koroshya uburyo bwo gukora no guteza imbere ubuhinzi kugira ngo buzane impinduka, PSTA 4 iteganya gusubiramo no guteza imbere uburyo bukoreshwa n'ivugururwa ry'amategeko n'amabwiriza.

Guverinoma izakomeza gukuraho imbogamizi zose zatuma abikorera batitabira gushora imari mu buhinzi cyane cyane mu masoko y'inyongeramusaruro nk'uko byagaragajwe na banki y'isi¹⁴⁵. Uretse amavugurura mu bijyanye n'amategeko¹⁴⁶ n'amabwiriza azakorwa, imbaraga zizashyirwa mu kubonera ku gihe no gutubura imbuto nziza mu buryo buzwi, amategeko mu buryo bwo guhangana na GMOs, guha umurongo amategeko n'amabwiriza abahinzi batabona inyongeramusaruro (kwandikisha ubwoko bw'inyongeramusaruro, kuzamura ibyinjira n'ubwiza bwabyo), gusubiza ibibazo bijyanye n'imbogamizi zijyanye n'amategeko n'uburyo bwatuma abahinzi batabona imashini zikoreshe mu buhinzi kandi ngo bazikoreshe (cyane cyane ibisabwa ku itumizwa ryazo, kuzandikisha no mu kuzigenzura, kuzigerageza n'amahame arebana nazo) ndetse no kuvugurura amategeko n'amabwiriza azatuma abahinzi baciritse n'abashoramari mu buhinzi babasha kugera ku masoko y'imbere mu gihugu n'aho hanze yacyo.

Ibifitanye isano nabyo ni ugusubiramo uburyo busanzweho bwo kunganira abahinzi bwibanda cyane cyane ku bihingwa byatoranyijwe muri progaramu ya nkunganire izakorwa mu buryo burambye. Nkunganire ku nyongeramusaruro mu buhinzi harimo amafumbire, imbuto z'indobanure n'abahinzi borzoi bateganyijwe batarakoresha inyongeramusaruro na rimwe nk'abakene n'ingo zitishoboye. Ibi bizagabanya ingaruka zo kuva mu bucuruzi (nta nkunganire) bw'inyongeramusaruro bifasha abatishoboye. Byongeye kandi, ikoresha kandi igafasha mu iterambere ry'uburyo busanzwe buhari inyongeramusaruro zacuruzwagamo n'abikorera no gusobanura uburyo umuntu yabivamo. PSTA 4 ishyigikira kureba ibikenewe kugira ngo gahunda irambye ya nkunganire mu nyongeramusaruro mu buhinzi ikorwe neza, yongere umusaruro n'inyungu ku bahinzi. Imikorere hagati y'abajyanama muri MINAGRI n'abo mu bigo biyishamikiyeho no guhanahana imibare cyangwa amakuru hagati y'abanyamategeko n'abari mu ishami rishinzwe ibya tekini bizatuma hubahirizwa kandi hahurizwe hamwe uburyo bwiza bw'imikorere mu bijyanye n'amategeko kugira ngo dukore ibijyanye na politiki.

4.2.3. IGENAMIGAMBI RY'IMIKORESHEREZE N'IMICUNGIRE Y'UBUTAKA

Nubwo hari byinshi byakozwe mu kuvugurura ubutaka mu Rwanda, ukuboneka k'ubutaka n'imikoreshereze yabwo biracyazana amakimbirane bikanaba imbogamizi mu kubyazwa umusaruro mu buhinzi. Igenamigambi mu mikoreshereze y'ubutaka n'uburyo buvuguruye bwo gucunga ubutaka burimo guhuza ubutaka, nibyo bizatuma ubutaka bukomeza gutanga umusaruro ku rugero twifuza kandi na politiki ikubahirizwa.

Ibi bikorwa, mu gukorana bya hafi na Ministeri y'Ubutaka n'Amashyamba (MINILAF) izubakira ku byagezweho mu mavugururwa mu bijyanye n'amategeko na porogaramu byakozwe mu bihe byashize. Nubwo hari byinshi byakozwe mu bijyanye n'uburenganzira bwo gutunga ubutaka (LTR), ihererekanya ry'ubutaka mu cyaro biracyakorwa mu buryo budakurikije amategeko, bitewe no kutamenya amategeko abigenga no kuba bari kure y'ahari ibiro bya Leta. Ibi bikorwa bigamije gushyira ingufu mu mategeko no gutuma habaho uburyo bwiza bwo gukora mu guteza imbere uburyo butazwi bwakoreshwaga mu kugura no kugurisha ubutaka mu bice by' icyaro no gushyigikira ibisubizo birimo ubukode bw'ubutaka aribwo buryo bwiza bworohereza ababishaka guhuza amasambu yabo. Ibikoresho bikwiriye mu kuburizamo gucagagura ubutaka bizashyigikirwa mu guteza imbere gahunda yo kubuhuriza hamwe mu mikoreshereze yabwo no mu kugira uburenganzira bwo kubutunga. Igenamigambi mu mikoreshereze y'ubutaka, ririmo kubugabanyamo ibice no kurinda uduce tumwe na tumwe bizashyirwamo ingufu, ariko bikazasaba ubufatanye hamwe na MoE na MINILAF na abagize komite zishinzwe kwita ku mutungo kamere ku rwego rwegereye abatwaga.

Inyigo zijyanye n'uturere tw'ubuhinzi n'ubukungu zizereka Guverinoma uturere tuberanye na buri gikorwa mu guteza imbere uruherekane nyongeragaciro rwatoranyijwe. Guteza imbere uburyo bwo guhuza ibikorwa n'amahugurwa y'abakozi bafite aho baturira n'ubutaka na politiki y'ubutaka azakomeza gutangwa, bigisha cyane abaturage n'abashoramari b'ingenzi ku bijyanye na politiki y'ubutaka, kubwandikisha no ku burenganzira bw'umuntu ku giti cye nk'uburenganzira ku butaka mu buryo bwo kubona ubutaka bwo gukoresha mu ishoramari. Ibi bikorwa bizafasha kandi amatsinda atishoboye mu kwandikisha ubutaka bwabo. PSTA 4 izakomeza gufasha mu buryo bwo kubika amakuru ku butaka bukorerwaho ubuhinzi (ALIS), urubuga ruhuriweho n'abashoramari ku butaka bwo guhinga binyuze muri MINAGRI izaba ibucunze, bizatuma Minisiteri ishobora kureshya neza abashoramari. PSTA 4 igamije kurinda ubutaka buhingwa. Hakoreshejwe ALIS, amasambu azabarurwa maze ashirwe ku rubuga rwa ALIS kandi ubutaka buhingwa bushyirwe mu igazeti niyo mpamvu hagomba kubaho amategeko abugenga.

¹⁴⁵ Banki y'Isi (2017) Guteza imbere ubuhinzi bwunguka 2017. Ishusho y'igihugu: Rwanda

¹⁴⁶ Ibi birimo no kugera mu mari, ikoranabuhanga. Amasezerano, huguza kw'ibihugu biri mu Karere no kurinda uburenganzira ku mutungo w'ubwenge

IA 4.3. URUHEREREKANE NYONGERAGACIRO MU BUHINZI N'UBWOROZI

Intego: Gushyira imbaraga mu bucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi hongera uruhare rw'abikorera, guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi bugamije isoko, gushyira imbaraga mu buhinzi bw'ibikungahaye ku ntungamubiri hagamijwe kuziba icyuho cyiri mu mirire, kongera umusaruro imbere mu gihugu kandi wongerewe agaciro.

Muri uru rwego, guhuzabikorwa ni ingenzi cyane. Bisanzwe bizwiko itsinda ry'abafatanyabikorwa mu buhinzi risanzwe rihari rikenerwe kongererwa imbaraga binyuze mu kurihuza n'andi mahuriro, ariko hakongerwa uruhare rw'abikorera ndetse n'urw'abahinzi n'aborozi. Iri tsinda rizubakwa kuva ku rwego rw'akarere kugera ku rwego rw'igihugu.

4.3.1 IBIGANIRO HAGATI YA LETA N'ABIKORERA N'URUBUGA RUHUZA ABAGIRA URUHARE MU KONGERERA AGACIRO UMUSARURO

PSTA 4 ishyira imbaraga mu biganiro hagati ya Leta n'abikorera binyuze mu guteza imbere uburyo busanzweho cyangwa bushyizweho vuba bwo kugira urubuga bahuriramo, hibandwa cyane cyane ku bihingwa byatoranyijwe byongererwa agaciro, hashyigikirwa ibyifuzo by'abikorera binyuze mu guteza imbere gahunda y'igihugu yo guteza imbere abikorera n'urubyiruko 2018-2024 (PSDYES).

Mu guhuza na gahunda ya PSDYES, PSTA iteza imbere uruhererekane nyongeragaciro hibandwa cyane cyane ku guteza imbere uburyo bw'amategeko. Uru rubuga rw'abagira uruhare mu kongerera agaciro umusaruro rugamije kubaka ubufatanye, icyizere, guha umurongo uburyo bw'imikorere mu ruhererekane nyongeragaciro ku bihingwa byatoranyijwe. Uru rubuga ruzashyiraho icyerekezo gihuriweho, gisubiza ibibazo byihariye, kugira ngo habeho uburyo bwiza bwo gukora (hagati ya za minisiteri) no guteza imbere ubuhinzi bugamije amasoko ku bihingwa byatoranyijwe. Uru rubuga kandi ruzashyigikira uburyo bw'ibiganiro hagati ya Leta n'abikorera bwatejwe imbere n'ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere (RDB) mu bufatanye n'urugaga rw'abikorera (PSF) kugira ngo hakemurwe ibibazo bituma urwego rw'abikorera rudatera imbere. Rushyigikira kandi uburyo bwo kubaka uru rwego, aho ibyatuma ubucuruzi bukorwa neza bizagaragazwa, ibibazo biri mu ruhererekane nyongeragaciro bigashyirwa ahagaragara n'ibura serivise n'inyongeramusaruro z'ubwoko bwiza bizakoreshwa kimwe n'amahirwe ahari mu bucuruzi bw'ibanze mu rwego rwo guteza imbere ishoramari ku rwego rw'akarere, urubuga rw'abagira uruhare mu ruhererekane nyongeragaciro ruzatezwa imbere kugira ngo rubashe kugaragaza ibibazo bihari bijyanye na buri gace n'amahirwe ari mu ruhererekane nyongeragaciro. icyingenzi muri ibi byose ni ugutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa ihuriweho (hagati ya za Minisiteri n'abikorera bagira uruhare mu kongerera agaciro umusaruro) iterwa inkunga mu bufasha mu bya tekini no mu kubaka ubushobozi buzaboneka binyuze mu kigeza gishinzwe guteza imbere ubuhinzi mu nkingi ya 4. Hazabaho kwita cyane cyane ku mibereho myiza y'abahinzi n'aborozi no kugaragaza icyuho cyiri mu mirire nka kimwe mu bizatuma uruhererekane nyongeragaciro rutezwa imbere cyangwa se rukaguka. Byongeye kandi, PSTA 4 ishyigikira kumenyekanisha u Rwanda mu rugaga rw'ibihugu byo mu karere kugira ngo horoshywe ubucuruzi kandi ibyoherezwa bibashe kwiyongera, byiyongera ku kuba umunyamuryango wa Grow Africa¹⁴⁷ n'uwa COMESA.

4.3.2 ITERAMBERE RY'ISHORAMARI MU BUHINZI N'UBWOROZI NO KURIKURIKIRANA

PSTA 4 igamije gukoresha neza ishoramari binyuze mu gutanga ibicuruzwa rusange mu rwego rwo guteza imbere uburyo bwiza bwo gukora bworohereza ishoramari ku bikorera. Mu rwego rwo kongera uruhare rw'abikorera, MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho bikeneye gushyira ingufu mu gushyigikira abikorera b'imbere mu gihugu ndetse n'abaturuka hanze mbere na nyuma yo gutangira gahunda zabo. Imbogamizi mu ishoramari mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi zizakemurwa nkuko biteganyijwe muri gahunda y'igihugu yo guteza imbere ishoramari mu buhinzi n'ubworozi yemejwe muri 2017 ikaba ikubiyemo: kunonosora ihuzabikorwa hagati y'inzego za Leta muri gahunda y'ishoramari, kunoza ihanahanamakuru mu bashoramari mu buhinzi n'ubworozi, gutanga serivise n'uduhimbazamusyi ku bashoramari mbere na nyuma yo gutangira, zirimo kubona ubutaka bwo gukoreraho no

¹⁴⁷ "Ubufatanye bwa Grow Africa" bwashyizweho muri 2011 bugamije kongera ishoramari ry'urwego rw'abikorera mu buhinzi no kongera umuvuduko wo gushyira mu bikorwa ibyemejwe mu ishoramari. Igizwe n'ibigo birenga 200 companies na goverinoma z'ibihugu 12.

kubuhabwa, kwandikisha ubucuruzi bwabo, kubaka ubushobozi bwabo mu bya tekini, kubahuza n'abandi bacuruzi, izindi serivise n'abaguzi.

Icy'ingenzi mu guteza imbere ishoramari ni uruhare NAEB izagira mu guteza imbere ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi, no ku bicuruzwa bitari bisanzwe mu gihugu. PSTA 4 ishushyiriza uruhare rwa NAEB mu koroshya gahunda y'ishoramari, ifasha abashoramari mu gushora imaril mu bihingwa bitari bisanzwe gihugu, gushyigikira guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga n' ibindi bifatanye isano kandi byujuje ubuziranenge. Iteza imbere kandi gahunda yo kwamamaza ibikorwa mu Rwanda "Made in Rwanda", mu gushyigikira amasoko y'ibyoherezwa mu mahanga no mu buryo buhuje na gahunda yo kugerageza amasoko y'imbere mu gihugu (DMRS) igamije guha ubwisanzure abashoboye muri urwo rwego cyane cyane abatunganya umusaruro. Ibikorwa bizakorwa mu guteza imbere ishoramari bizayoborwa na RDB yo ishinzwe guteza imbere ishoramari.

4.3.3 GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE YA LETA N'ABIKORERA N'UBURYO BYAKORWAMO

Imwe mu ngamba zo gukurura abashoramari mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi ni uguteza imbere ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera, hibandwa cyane cyane mu gushora imari mu bikorwaremezo bikenewe. Hari uburyo butandukanye byakorwamo kandi bikajya kuri gahunda. PSTA 4 izakora inyigo mu rwego rw'ubuhinzi hagamijwe kugaragaza imishinga yakorwa binyuze mu bufatanye bwa Leta n'abikorera n'uburyo bwiza kurusha ubundi bwakoresha bushingiye ku bufatanye buhari nkuko biri mu itegeko rigenga ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera ryo mu mwaka wa 2016¹⁴⁸. Ibi kandi bizakorwa komite zishinzwe ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera zibamije kugishwa inama. Uburyo bubiri bwakoresha ni ukwegurira abikorera ibikorwa byo kubaka no gukoresha ibikorwaremezo by'amasoko no gusinyana amasezerano n'abikorera mu bikorwa bijyanye na gahunda yo kuhira. Itegeko rigenga ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera ryo muri 2016 ryerekana uduce tuberewe n'ishoramari n'urutonde rw' abashoramari bashoboye (ari abo mu gihugu ari n'abo hanze yacyo) hashingiye ku bibaranga bumvikanyeho. Ibi bizatuma ntawe uhezwa muri iyi gahunda kandi ubu bufatanye bubashe kuramba tugendeye ku mahame agenga uburyo bw' ishoramari mu buhinzi n'ubworozi no mu biribwa¹⁴⁹. Ubundi buryo bushoboka bw'ubufatanye bwasesenguwe, burimo uburyo bwo gusubizwa n' amasezerano yumvikanyweho mu icungamutungo n'abikorera. Gukorana bya hafi na MINECOFIN, RDB n'izindi minisiteri n'ibigo birebwa n'iyi gahunda ni ngombwa cyane kugira ngo ibikenewe mu bucuruzi cyangwa bijyanye n'uduhimbazamusyi bibashe gutangwa.

Icy'ingenzi muri ibi ni uko Guverinoma y'u Rwanda izashyiraho ikigega cy'iterambere mu buhinzi n'ubworozi kizafasha mu kongerera igishoro abashoramari no kubashishikariza gushora imari yabo mu buhinzi kugira ngo tubashe kugera ku bipimo biteganyijwe muri PSTA 4. Iki kigega kizatanga uduhimbazamusyi binyuze muri gahunda y'ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera, inkunga izahatanirwa kugira ngo ihuzwe n'agaciro, inguzanyo mu buhinzi ku bafatanyabikorwa barimo n'abahinzi baciriritse. Gahunda y'ibikorwa n'ishyirwamubikorwa ryayo igomba kuzategurwa. Hazabaho uburyo bwo gutanga amafaranga binyuze muri gahunda zitandukanye mu rwego rwo gushishikariza abikorera gushora imari mu bice bitandutanye mu rwego rw'ubuhinzi.

Ibikorwa by'ubushakashatsi:

- Gutanga ubumenyi no guteza imbere ipiganinwa mu mafaranga mu rwego rwo guha ingufu mu isano iri hagati ya za kaminuza n'inganda.

Kongera Umusaruro:

- Gushyigikira udushya twatekerejwe n'abikorera cyane cyane gukwirakwiza uburyo bwo kubyaza ubutaka umusaruro (urugero: ubwoko bw'imbuto, amazu bahingamo, n'ubuhinzi bwo hejuru y'amazi, ...)
- Ikoreshwa ry'imashini mu buhinzi cyane cyane hatezwa imbere amakoperative, inganda ziciriritse zitunganya umusaruro cyangwa zikawongereye agaciro
- Ishoramari mu bikorwa byo kuhira haba ku buso butoya ndetse no ku buso bunini

¹⁴⁸ Itegeko N°14/2016

¹⁴⁹ www.fao.org/fileadmin/templates/cfs/Docs1314/.../CFS_Principles_Oct_2014_EN.pdf

-
- Guhuza inkunga zitangwa na gahunda yo gushumbusha abagezweho n'ingaruka z'ibiza kugira ngo tubashe guhangana n'ingaruka ziterwa n'imihindagurikire y'ibihe

Ubucuruzi

- Gutanga inyongeramusaruro binyuze muri gahunda yo gutanga igishoro ku bikorera bagitangira (hibandwa cyane cyane ku rubyiruko n'abagore bafite amasosiyete)
 - Amafaranga apiganirwa mu gushishikariza abikorera mu gushora imari mu gutanga serivise z'ubuhinzi no mu kuvugurura uburyo bwo gutanga inyongeramusaruro (gutubura imbuto, kuzikwirakwiza na serivise z'ubuvuzi bw'amatungo n'ibindi)
 - Gutanga serivise z'iyamamazabuhinzi (urugero: imirima y'ishuri na sosiyete z'abikorera)
 - Amafaranga apiganirwa mu guteza imbere abahinzi
-
- Amafaranga apiganirwa kugira ngo umusaruro wongererwe agaciro, gutunganya ibicuruzwa no kubyemeza

Gahunda y'ingwate: ingwate muri SACCO

IA 4.4. IGENAMIGAMBI, IHUZABIKORWA N'INGENGO Y'IMARI

Intego: Guteza imbere uburyo bwiza kandi buzatanga umusaruro bwo gutegura iteganyabikorwa rikubiyemo ibikorwa byose, guhuza ibikorwan'ingengo y'imari.

4.4.1 IHUZABIKORWA

PSTA 4 yerekana uruhare rw'abahinzi mu ishyirwamubikorwa ryayo. Urubuga rw'abahinzi kuva ku rwego rw'umudugudu kugera ku rwego rw'igihugu ruzahabwa imbaraga binyuze mu miryango y'abahinzi no mu makoperative no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga, aho ibitekerezo byabo bizatangwa kandi n'amakuru akabagereho bityo bikazahabwa agaciro mu igenamigambi n'ishyirwamubikorwa.

Uretse abahinzi n'aborozi, ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bizaba biri kuganirwaho na Lata n'abikorera kugira babishishikarize n'abandi bikorera. Abo bandi bazongererwa imbaraga mu kuvugurura uburyo bwo gutegura igenamigambi, imiterere mu bijyanye n'amategeko n'ishyirwamubikorwa binyuze mu guteza imbere uburyo bwo kumenya ibyavuye mu bitekerezo byatanzwe n'uburyo bwo gutegura igenamigambi bahereye ku byateguwe n'abaturage.

4.4.2. IGENAMIGAMBI N'INGENGO Y'IMARI

Ubushobozi bwa Minisiteri mu gushaka imari ikenewe mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4, bwerekanoko hakenewe ubushobozi buhanitse kugira ngo hashe kuboneka ingengo y'imari izakoreshwa. Ubushobozi mu bijyanye no gutegura igenamigambi buzakenera gushyirwamo imbaraga, cyane cyane mu gutegura imishinga na porogaramu binyuze mu gushyiraho ibikoresho bizifashishwa mu rwego rw'ubuhinzi, imfashanyigisho, kongera ubushobozi no guskaka inzobere.

Ikigamijwe ni uguhuza gahunda ya PSTA 4 n'igenamigambi, kuzamura igishoro ku bikorera no kongera ubushobozi mu bijyanye no gukora imishinga no gushaka ingengo y'imari.

Mu rwego rw'ubuhinzi, igenamigambi ni inshingano y'ibanze mu ishyirwamubikorwa rya PSTA 4 kandi izagenda neza ibikorwa nibitegurwa bahereye ku bikenewe (urugero: gutegura amategeko n'amabwiriza, gusesengura ibikenewe muri uru rwego, ihuzabikorwa,...). Ni muri urwo rwego rero ubushobozi bwihariye mu gukora inyigo zikenerwa na MINECOFIN (urugero rw'imari n'ubukungu, guta agaciro k'ifaranga, uumusaruro mbumbe mu buhinzi GDP, etc.) buzashyigikirwa. Byongeye kandi uburyo bwaguye bwo gukorana ku bagize urwego rw'ubuhinzi buzatezwa imbere kugirango uruhare rw'abaterankunga rurusheho kwiyongera.

4.4.2. IMIKORANIRE N'ABANDI, IHUZABIKORWA

Igenamigambi rikorewe hamwe n'abo bireba bese rigomba gutezwa imbere. Uretse igenamigambi ry'urwego rw'ubuhinzi mu buryo buhoraho, iby'ingenzi bikenewe ubungubu ku rwego rw'igihugu bikeneyeko habaho imikoranire n'izindi nzego nk'urwo gucunga amazi, urw'ibidukikije, urw' ubucuruzi, urw'ubwikorezi n'urw' imibereho myiza y'abaturage. Uburyo bw'imirire bukeneye uburyo rusange kugira ngo bubashe kuramba. Niyo mpamvu muri PSTA 4 igenamigambi rihuriweho na MINAGRI n'abandi bo mu yindi miryango ngishwanama no gukorana bya hafi n'abandi bafatanyabikorwa mu gutezura porogaramu n'imishinga harimo n'abahinzi ndetse n'abandi bikorera rifite akamaro cyane.

Ku rwego rw'akarere, gahunda y'iterambere rya buri karere iyobowe n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF), igira uruhare rukomeye mu ishyirwamubikorwa rya porogaramu z'ubuhinzi Mbere hose MINAGRI yajyaga inama n'uturere kugira ngo bemeze ibiteganyijwe muri gahunda y'iterambere ry'uturere, nyamara muri PSTA 4, imbaraga zizashyirwa mu kwerekana mu gihe cyo kuyitegura uburyo iyi gahunda izashyirwa mu bikorwa kugira igire uruhare mu ishyirwamubikorwa rya PSTA 4 kandi n'uturere tubashe kubigira ibyatwo mu ishyirwamubikorwa ryayo, kimwe no gukurikirana ibikorwa, kubicunga no mu igenamigambi. Nkuko byagaragajwe mu bizakorwa muri 4.1 (gushyiraho inzego z'ubuhinzi) PSTA 4 iteganyako MINAGRI izavugurura inshingano n'uburyo igira uruhare mu ishyirwamubikorwa n'andi mategeko azatuma uruhare rw'uturere rwiyongera. (mu magambo arambuye wareba ibivugwa mu gice cya 10 muri gahunda y'ishyirwamubikorwa).

Ihuzabikorwa rikoze neza ni uguhuriza hamwe gahunda zinyuranye mu itegurwa ry'igenamigambi na politiki aho kugira ngo ishyirwamubikorwa ribe igikorwa kiri ukwacyo.. Gahunda zizagira uruhare rugaragara cyane muri PSTA 4 zirimo: imirire myiza, uburinganire, urubiruko no guhangana n'ingaruka (ikirere n'ibidukikije) n'izindi zatekerejweho mu zindi nzego no muri gahunda y'iterambere ry'igihugu (NST). Kugira ngo izi gahunda zinjizwe muri iteganyabikorwa no mu gutezura za porogaramu, ibibazo bisanzwe bizirimo byabanje guhurizwa hamwe bishyirwa mu bikorwa biteganyijwe muri PSTA 4 mu gihe babiteguraga. Tugiye mu ishyirwamubikorwa, hateganyijweko hazashyirwaho ubushobozi bwihariye muri buri gahunda yavuzwe noneho muri MINAGRI hashyirweho umuntu uzayikurikirana. Abazakurikirana izi gahunda bafite inshingano zikurikira: Gushyiraho uburyo bwo kubaka ubushobozi mu rwego rw'ubuhinzi no mu bindi bigo bishyira mu bikorwa gahunda zerekanyeye n' ibibazo bihari no kureba niba ibyo bibazo bihurizwa hamwe mu gutezura za porogaramu n'imishinga muri uru rwego. Hamwe n'ibi kandi hazashyirwaho uburyo bwo guhuza ibizagaragaza ikirere n'ibidukikije bizumvikanwaho na REMA kubera MINAGRI bihuzwe na NST (ubuhinzi burambye) n'icyerekezo 2050.

IA 4.5. GUTEZA IMBERE UBUMENYI

Intego: Kubaka ubushobozi kugira ngo dutenze imbere ubumenyi binyuze mu buryo bunozwe bwo gukurikirana ibikorwa, gusuzuma uko bikorwa n'uburyo bwo kwiga hakoreshejwe uburyo bumeze kimwe bwo guhanahana amakuru.

Binyuze muri PSTA 4, ubushobozi mu rwego rwo guteza imbere ubumenyi no kwigisha mu bigo buzashyigikirwa. Gukomeza kwigisha no kubaka ubumenyi ni ngombwa cyane kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'iyi porogaramu rikorwe neza cyane cyane kugira ngo dushobore kugera ku ntego zayo. Ikurikirabikorwa, isuzuma n'ubushobozi bwo kwiga bizavugururwa ndetse n'ikoresha ry'uburyo bwo guhanahana amakuru bumeze kimwe. PSTA 4 yoroshya uburyo bwo gukora uherye ku byagezweho binyuze mu buryo bunozwe bwo gukurikirana no kugenzura ibikorwa no gusesengura ibyavuyemo bizafasha mu igenamigambi ry'igihe kizaza no mu ishyirwamubikorwa hakoreshejwe uburyo bukwiye bwo kuvugurura uburyo bwakoresha ndetse no kuzana ubushya igihe bibaye ngombwa inshingano zo gukurikirana ibikorwa n'isuzumabikorwa zizashyirwa nu biro bishinzwe ibarurishamibare, ikurikirana n'isuzumabikorwa, itangazamakuru n'ikoranaubuhanga. Niyo mpamvu abakozi bo mu ishami rishinzwe ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa n'umuyobozi waryo bazashyirwa ku rwego rwa minisiteri.

4.5.1. IKURIKIRANABIKORWA, ISUZUMABIKORWA NO GUSANGIRA UBUMENYI

Ikurikirana n'isuzumabikorwa bizateza imbere icungamutungo n'uburyo bwo kwiga binyuze mu gufashanya no guhanahana amakuru nyayo kandi ku gihe yerekanyeye n'ibyagezweho mu yandi magambo bizatuma habaho uburyo bwiza bwo gukora, butanga ibisubizo, bufite akamaro, buramba kandi buzana impinduka.

Uburyo bushya bw'ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa buzategurwa, duherewe ku buryo PSTA 4 iteguye kandi butange amakuru y'ibanze mu bikorwa bijyanye n'ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa bahereye ku biranga amakurushingiro, inshingano, igihe bizakorerwa, aho amafranga azava, uburyo buzakoreshwa mu gukusanya amakuru, ubwiza bwayo n'uburyo akoreshwa. Uburyo bwo gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bugomba kuba buhuje n'ukuri kugira ngo butange amakuru yizewe abonekeye igihe cyane cyane ku rwego rw'umurima. Ubu buryo kandi buzashyigikira uburyo bwo gukusanya amakuru mu byiciro byose birimo abagabo, abagore, imyaka bafite n'uburyo bwo kuyasesengura.

Uburyo bw'ikurikirana n'isuzumabikorwa no gusangira ubumenyi hazaba harimo:

- *Gukurikirana aho ibikorwa bigeze buri gihe* byerekeranye n'ibikorwa bya porogaramu, ibyagezweho na gahunda y'uko bikorwa. Uburyo bwo gukurikirana ibikorwa buzaba kandi butanga amakuru kuri gahunda yatuma ibikorwa by'umushinga bigenda neza, ibisubizo bitanga kandi bituma tugera ku ntego yo kwigisha. Ubu buryo bushobora guhuzwa n'ikurikirana ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari. Kugira ngo tubashe kumva neza isano iri hagati y'umusaruro n'ibibazo birimo n'ibiribwa (imirire) ku rwego rw'umuhinzi, ikurikiranabikorwa rya buri gihe mu ngo zatoranyijwe rizakorwa.
- *Isuzumabikorwa* rizafasha mu gusesengura buri gihe intego zigamije kureba ibikenewe muri porogaramu, amaherezo n'impinduka bizazana n'ibipimo bizabyerekana nk'aho aribyo by'ingenzi twaheraho ariko na none twitaye ku gusesengura ingaruka zitari ziteganyijwe. Isuzumabikorwa rikubiyemo kureba ibikenewe rishobora gukorwa n'ababishinzwe nk' abaturutse ahandi ndetse n'abigenga.
- *Kwiga no kongera ubumenyi*. Guteza imbere no gushyira mu bikorwa uburyo bwo kwiga bizaba bikubiyemo amakuru ku bijyanye n'aho ikurikiranabikorwa rigeze, ibyavuyemo n'impinduka byagize, isuzuma buri mwaka, isuzumabikorwa rikozwe n'abo hanze, kwiga no gusangira amakuru ku byakozwe, no gutanga raporo.

4.5.2. IBARURISHAMIBARE

Mu gufata ibyemezo by'igihe kirekire no kubivugura ni ngomba ko ubushobozi bwo gukusanya, gusesengura no kwemeza imibare irebana n'ubuhinzi bwavugururwa iterambere mu ikoranabuhanga muri iki gihe mu Rwanda rishobora gutuma hashyirwaho uburyo bwo gukusanya amakuru yerekeranye n'ubuhinzi, kuyabika, kuyatunganya ndetse no kuyasesengura. Hakenewe kuvugururwa uburyo bwo kubona, kubika no gukoresha imibare mu nzego zose mu bijyanye n'ubuhinzi n'ibiribwa nko kwihaza mu biribwa n'imirire ku rwego rw'umuryango. MINAGRI ifite umushinga w'imyaka 7 wiswe uburyo bwiza bwo kubona amakuru arebana n'ubuhinzi (SAIS) ushyira mu ishami rimwe uburyo bwo gucunga amakuru arebana n'ubuhinzi no kuyasesengura. Ubu buryo buzaba bufite porogaramu z'ingenze kandi zagutse z'abafatanyabikorwa mu rwego rw'ubuhinzi¹⁵⁰. Ishami ryihariye rishinzwe ikoranabuhanga rizashyirwaho kandi rihabwe inshingano zihariye nko kugenzura igikorwa cyo gushyiraho uburyo rusange bwo kubika amakuru. Uretse gucunga uburyo bwo gucunga amakuru (MIS), buzwiho kuba igikoresheho cyo kureba ubushobozi bw'urwego runaka, iri shami rizaba rifite inshingano zo gushyiraho uburyo bwakwifashishwa mu kubona amakuru yerekeranye n'umurima, gucunga neza ubutaka n'ubworozi n'amasoko y'ibikomoka ku buhinzi. Gushyira imibare yizewe kandi yemewe muri MIS bizasabako hashyirwaho ishami ry'ibarurishamibare ku rwego rwa minisiteri. Uburyo bw'ikusanyamakuru buzaba burimo kwakira ibitekerezo by'abahinzi n'aborozi, kubarura abahinzi n'amakuru yabo n'ubutaka bwabo mu buryo bw'ikoranabuhanga, uburyo bwo gukwirakwiza inyongeramusaruro no kubarura aborozi. Utudege twitwara n'amashusho y'ibyogajuru bizuzura amakuru akusanywa kandi byongere ireme ryayo no kutibeshya ku makuru ajyanye n'imiterere y'ubutaka, ikoreshwa ryabwo n'ikwirakwizwa

¹⁵⁰ SAIS hifite ubushobozi bwo kunoza uburyo bwo kugera ku mibare n'amakuru nyayo mu rwego rwo gukurikirana no gusuzuma ibikorwa; guha ingufu imikoranire y'abafatanyabikorwa bo mu buhinzi n'amasoko; kunoza igenamigambi, igenzura n'ikurikirana rya gahunda za Leta za nkunganire; Kongera ubushobozi bwo gutegura no gusesengura imibare; no gutanga amakuru ajyanye n'urwego rw'ubuhinzi mu gufata ibyemezo ku nzego zinyuranye no mu bice binyuranye, harimo n'ishoramari

ry'inyongeramusaruro. Amakuru ku bicuruzwa azatezwa imbere mu rwego rwo gufasha ababikeneye no kongera imari ibukomokaho. Muri urwo rwego, ishami ry'itumanaho rizashyirwaho ku rwego rwa minisiteri.

7. INGINGO RUSANGE

7.1. KUBAKA UBUSHOBOZI

PSTA 4 igamije kubaka no guha ingufu ubushobozi bw'abafatanyabikorwa bo mu buhinzi no mu cyaro kugira ngo impinduka zitegerejwe zishoboke. Kubaka ubushobozi byibanda ku kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abantu ku giti cyabo (abagabo n'abagore), mu gihe na none hazaba hongera ubushobozi bw'imiryango cg inzego bakoreramo. PSTA 4 irareba inzego za Leta n'abikorera n'imiryango yabo ikanatanga uburyo bunyuranye bwo kubongerera ubushobozi. Ingufu zo kongera ubushobozi zibanda ku bushobozi bwa tekini no kunoza imikorere, bukenewe cyane mu gushyiraho za politiki no kuzishyira mu bikorwa no kuzivugurura; kongera umusaruro, gucunga no guhana amakuru n'ubumenyi, guteza imbere amahuriro, ubufatanye n'imikoranire; no gushyira mu bikorwa za gahunda n'imishinga, uherye ku iteganyabikorwa ukagera ku ikurikirana n'isuzuma ryabyo. Bityo, ubushobozi mu gushyiraho abakozi babigenewe, kubakoresha no kubagumana mu kazi bizitabwaho mu bakozi ba minisiteri.

7.2. UBURINGANIRE N'UMURYANGO

Leta y'U Rwanda yiyemeje bidasubirwaho guteza imbere uburinganire kandi ibi bigomba kugaragarira muri za politiki zose z'igihugu ku nzego zose. MINAGRI, igendeye kuri politiki yayo y'uburinganire mu buhinzi, izakomeza guhuza ingufu mu kubahiriza iyo politiki. Ibikorwa bya PSTA 4 biteganyaga kubahiriza uburinganire ku bagore barebwa na PSTA 4 kandi izashaka ibisubizo ku bibazo n'imbogamizi bahura nabyo. Kandi mu rwego rwo kubahiriza uburinganire, ibikorwa byihariye birateganyijwe mu guteza imbere ubukungu bw'umugore no kugira uruhare mu gufata ibyemezo. Na none hari umwihariko ku rubyiruko mu rwego rwo kurushishikariza kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi binyuze mu kububakira ubushobozi, no guteza imbere ba rwiyemezamirimo. Hazashyirwaho abakozi babishinzwe b'urwego rw' ikurikirana n'isuzuma bikorwa kugirango hakurikiranwe ko ibibazo by'uburinganire n'urubyiruko byitabwaho uko bikwiye.

7.3. UBUHINZI BWITA KU MIRIRE IBONEYE

Leta y'U Rwanda ikomeje gukora ibishoboka ngo habeho kwihaza mu biribwa n'imirire iboneye kuri bose. MINAGRI yiyemeje gukemura ikibazo cyo kwihaza mu biribwa binyuze mu kubaka ubushobozi bwayo mu kubahiriza impinduka ziteganijwe mu mirire myiza muri politiki zayo, iteganyabikorwa na za gahunda. PSTA 4 igaragaza ubu bushake ikanabutsindagira binyuze mu bikorwa byihariye bizakoresha umutungo wa MINAGRI mu gukemura ibibazo bigaragara mu ibura ry'ibiryo hifashishijwe uruhererekane nyongeragaciro cyangwa kongera gahunda y'uturima tw'igikoni. Mu rwego rwo guteza imbere no gukurikirana ingamba z'imirire myiza, abakozi b' urwego rushinzwe ikurikirana n'isuzuma bikorwa bazaba bamwe mu bagize imbonerahamwe y'abakozi ba MINAGRI.

7.4. IBIDUKIKIJE N'IMIHINGURIKIRE Y'IKIRERE

PSTA 4 ikora ubuvugizi ku ikoresha rirambye ry'imitungo kandi ikanateza imbere ibikorwa byita ku bidukikije mu ntera zose z'abagize uruhererekane nyongeragaciro. Ibi bigaragarira muri politiki n'amabwiriza bizashyirwaho n'ibikorwa bizakorwa. Bizakorwa ni byinshi birimo guteza imbere ikoresha rirambye ry'ubutaka n'amazi mu kongera agaciro no gutunganya ibikomoka ku buhinzi. Uretse guteza imbere ikoresha rirambye ry'umutungo kamere ryita ku bidukikije, PSTA 4 iha agaciro k'ibanze kubaka ubudahangarwa ku mihindangurikire y'ikirere binyuze mu buhinzi bujyanye n'imihindangurikire y'ikirere n'ikoranabuhanga.

7.5. IMIKORANIRE MYIZA N'IBIHUGU DUTURANYE

Nk'umunyamuryango w'Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bwa Afurika (EAC), n'Umuryango w'Ubuhahirane w'Ibihugu byo mu Majyepfo n'Uburasirazuba bwa Afurika (COMESA), Leta y'U Rwanda yiyemeje bikomeye kubana neza n'ibindi bihugu no guharanira umwanya mwiza mu ruhando mpuzamahanga. Amasoko yo mu Karere aracyafite byinshi tutarabasha kubyaza umusaruro bityo PSTA 4, mu murongo wa Gahunda y'igihugu y'Iterambere Ryihuse (NST) ikora ubuvugizi ku mikoranire ikomeye. Kongera ibyoherezwa mu mahanga hibandwa ku masoko yo mu karere bizoroshywa n'ingamba nko kunoza ibijyanye na politiki z'ubuziranenge n'amahuriro y'uruhererekane

nyongeragaciro mu karere. PSTA 4 ikora ubuvugizi kandi ku guhuza imbuto zo muri COMESA (no mu gihe cya vuba amabwiriza ku bijyanye n’amafumbire mvaruganda n’imiti irwanya indwa n’ibyonnyi), ku koroshya iboneka ry’inyongeramusaruro zifite ubuziranenge. Na none ikora ubuvugizi ku guhuza politiki z’ubuhinzi n’ubucuruzi bw’ibibukomokaho, kugirango ibiciro byiza by’ibihingwa by’ingenzi bihore biboneka ku buryo burambye.

7.6 IMICUNGIRE Y’IBIZA

N’ubwo PSTA 4 ishyira imbaraga ku kubaka ubudahangarwa ku mihindagurikire y’ikirere, Ibiza byashobora kuyikoma mu nkokora bishobora kuza igihe icyo aricyo cyose kandi ntawabiteganyaga. Ubuhanzi ni urwego by’umwihariko ruhura n’ibiza kandi bikabugiraho ingaruka mbi. Kongera ubudahangarwa no gucunga ibiza biri mu byibandwaho na PSTA 4. Ingufu mu mihingire iboneye zigabanyaga ibyago ku rwego rw’umuhinzi; ingufu mu bushakashatsi zibanda ku kugabanyaga uguhanga no kubana n’imihindagurikire y’ikirere; naho ubwishingizi mu buhanzi bufasha abahinzi kwijajara nyuma yo guhura n’ibiza. Na none ubushobozi n’uburyo bw’imikorere y’ inzego bihabwa ingufu kugirango dushobore kwitegura guhangana n’ibiza hatangwa amakuru ku gihe no kugira ibisubizo n’ingamba zo gusana ibyangijwe zihoraho.

7.7. IZINDI NGINGO RUSANGE Z’INGENZI

PSTA 4 yemera akamaro ko kwita ku bikenewe n’abafatanyabikorwa bose b’urwego rw’ubuhinzi no gufasha abahinzi n’abandi bakora imirimo mu buhanzi kugera ku ntego zabo. PSTA 4 ishyira imbere guha agaciro uruhare rw’abafite ubumuga, binyuze mu ngamba nk’ikoranabuhanga ribakwiriye ritanakoresha ingufu nyinshi. Kandi na none PSTA 4 yita ku kibazo cya VIH/SIDA binyuze mu kwihaza mu biribwa n’imirire myiza n’ikoranabuhanga ridasaba ingufu nyinshi kuko abafite ubwandu bwa VIH/SIDA baba bafite ingufu nkeya. Mu kurangiza, binyuze mu kwibanda ku mirire myiza no kwihaza mu biribwa, PSTA 4 ifasha mu kurwanya indwara zitandura, izishingiye ku mirire mibi zitandura, by’umwihariko yibanda ku bana bato n’ababyeyi bonsa

8. ISUZUMA RY’IBYEREKERANYE N’UBUKUNGU

U Rwanda rwashyize umukono ku Masezerano y’Abakuru b’ibihugu ya Malabo muri Gahunda Nyafurika y’Iterambere ry’Ubuhanzi (CAADP) yemeza ko ibihugu bizajya bishyira 10 ku ijana by’ingengo y’imari yabyo mu iterambere ry’ubuhinzi¹⁵¹. Igisobanuro cy’ingenzi cy’iki cyemezo ni uko ubuhinzi bukomeje kuba inkingi ya mwamba y’ubukungu bw’U Rwanda, butanga akazi ku bagera kuri 68 ku ijana by’abaturage kandi bukaba urufunguzo rwo kwihaza mu biribwa n’imirire myiza no kurwanya ubukene. Kubera icyo mpamvu, iterambere ry’ubuhinzi niryo ntangiriro yo guhindura ubukungu bugana ku bukire bushingiye ku bumenyi mu murongo w’icyerekezo 2050. Iki gika cyerekana ishusho rusange y’inyungu zizava mu ishoramari mu buhanzi bityo kikagereranya impinduka zitegerejwe ku bukungu.

8.1 IBYAGARAGAJWE RUSANGE KU NYUNGU IKOMOKA KU ISHORAMARI MU BUHINZI

Urwego rw’ubuhinzi kumwe n’ikoreshwa ry’ingengo y’imari y’Igihugu rutanga ibikenerwa rusange byorohereza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu buhanzi rituma ubukungu bwiyongera, imirimo ikaboneka, ubukene bukagabanyuka, no kwihaza mu biribwa bikagerwaho. Mu gihe inyigo zerekana inyungu iva mu ishoramari mu buhanzi ari nkeya bitewe n’amakuru ataboneka, inyigo nkeya zarakozwe mu myaka icumi ishize. Inyigo ikunze kuvugwa ni iya Fan et al. (2008).¹⁵² Ishingiyeye ku makuru yavuye mu bihugu binyuranye bigera kuri 44 bikiri mu nzira y’amajyambere byo mu bice bitatu (ni ukuvuga kugereranya inyungu iva mu ishoramari ry’ibihugu mu buhanzi muri ibyo bice bitatu. Basanze icyo wongereye 1 ku ijana ry’ishoramari mu buhanzi rizana inyongera ya 0,21 ku ijana y’umusaruro mbumbe w’igihugu (atari gusa inyongera y’umusaruro w’urwego rw’ubuhinzi). Uhereye kuri iki kigereranyo ko aricyo no ku Rwanda kandi uhereyeko urwego rw’ubuhinzi rugize hafi 30 ku ijana by’ubukungu bw’Igihugu, dusanga ubwiyongere bwa 1 ku ijana bw’ishoramari rya Leta mu buhanzi ribyara 0.7 ku ijana ry’izamuka ry’umusaruro w’urwego rw’ubuhinzi. Bityo, buri 1 ku ijana ry’inyongera y’umusaruro w’urwego rw’ubuhinzi

¹⁵¹ Reba Amabwiriza ya teknikiki mu kugera ku ntego za Malabo Declaration

¹⁵² Fan, S., B. Yu, and A. Saurkar. 2008. “Public Spending in Developing Countries: Trends, Determination, and Impact.” In Public

Expenditures, Growth, and Poverty: Lessons from Developing Countries, edited by S. Fan. Washington, DC: IFPRI.

rizasaba hafi 1,42 ku ijana ry'inyongera mu ngengo y'imari mu buhinzi. Inyigo zinyuranye zerekana ko ubuhinzi buzana inyungu nini ku ishoramari ugereranije n'izindi nzego z'ishoramari ry'ibihugu (Imbonerahamwe 5). Mu bihugu bituranye n'U Rwanda (Uganda na Tanzaniya), inyungu ku ishoramari mu buhinzi ni 12,4 na 12,5 kuri buri gihugu.

Imbonerahamwe 5: Igipimo cy' inyungu ku ishoramari rya Leta mu buhinzi ugereranije n'uburezi n'imihanda mu bihugu 6

	Ghana ¹⁵³	Uganda ¹⁵⁴	Tanzania ¹⁵⁵	Ethiopia ¹⁵⁶	China ¹⁵⁷	India ¹⁵⁸
Ubushakashatsi n'iterambere mu muhinzi	16.8	12.4	12.5	0.14	6.8	13.5
Uburezi	-0.2	7.2	9.0	0.56	2.2	1.4
Ubuzima	1.3	0.9	n.e.	-0.03	n.e.	0.8
Imihanda	8.8	2.7	9.1	4.22	1.7	5.3

8.2 IMPINDUKA KU MUSARURO W'UBUHINZI

Kubera imbogamizi yo kutabasha kongera ubuso bw'ubutaka, inyongera y'umusaruro w'ubuhinzi izashingira ahanini ku kongera umusaruro ku buso buto no kuvugurura ikoranabuhanga. Iyo tuvuga ikoranabuhanga tuba tuvuga uburyo bwiza bukomataniye bwongera umusaruro (ni ukuvuga ubutaka, umurimo, n'imari) buhurizwa hamwe, bishobora nko kuba ireme ry'umusaruro, ikoreshwa ry'inyongeramusaruro, gutunganya umusaruro, guhitamo igihingwa, ubuvuzi bw'amatungo no kuyagaburira, kubonera umusaruro amasoko n'ibindi. Ikoranabuhanga rirushaho gutera imbere iyo byinshi bishobora gusarurwa (mu mafaranga) ku buso runaka bw'ubutaka, akazi kakozwe, cg imari yakoreshejwe. Niyo mpamvu, kuvugurura bijyana no kureshya gushora imari mu mafaranga kandi hazanwa n'ikoranabuhanga mu ikoreshwa ry'ubutaka, n'imirimom itwara ingufu nkeya, bituma umusaruro wiyongera cyane ku nyongeramusaruro runaka zakoreshejwe. Bitewe n'uko ubutaka n'imari ari imitungo nyongera umusaruro idakunze kuboneka, umusaruro w'umurimo n'inyungu bizazamuka ahanini bishingiye ku kureshya ishoramari ry'amafaranga mu buhinzi no kuzana ikoranabuhanga ridakenera ubutaka bunini kurusha kuzana ikoranabuhanga rikoresha ingufu nkeya; nk'urugero mu kongera umusaruro w'igihingwa ku buso runaka no guhinga igihingwa gifite agaciro ko hejuru, cyangwa kongera ubwiza n'igiciro cy'ibikomoka ku bworozi.

Ku bijyaye n'ibihingwa, PSTA 4 ishyira ingufu cyane ku kongera umusaruro ku buso runaka no kugabanya ibihombo bituruka ku gutunganya umusaruro, naho ku bworozi n'amafi, ishyira ingufu ko kongera amatungo yororwa kimwe no kunoza ubworozi bw'amafi n'ibiyakomokaho. Kugabanya ibihombo bituruka ku kubika no gutunganya umusaruro byongera urwunguko ku butaka, bityo umusaruro w'ibihingwa uboneka ubu ukiyongera. Uhereye ku ishoramari ritegerejwe, ikigereranyo cy'impinduka izaboneka ku musaruro kiri mu mbonerahamwe ikurikira.

Imbonerahamwe: Ikigereranyo cy'impinduka itegerejwe ku musaruro

Ikigereranywa		2016/17	2018/19	2019/20	2020/21	2021/22	2022/23	2023/24	Inyon yose hamwe
Umusaruro w'ibihingwa by'ingenzi	MT/ha								
Ibigori		1.57	1.94	2.11	2.34	2.76	2.85	2.94	87%

¹⁵³ Benin, S., T. Morgues, G. Cudjoe, and J. Randriamamonjy. (2012). In Public Expenditures for Agricultural and Rural Development in

Africa, edited by T. Morgues and S. Benin. London and New York: Routledge, Taylor and Francis Group

¹⁵⁴ Kimwe no hejuru.

¹⁵⁵ Kimwe no hejuru.

¹⁵⁶ Mogues, T. (2011) "The Bang for the Birr: Public Expenditures and Rural Welfare in Ethiopia." Journal of Development Studies 47 (5): 735–52.

¹⁵⁷ Kimwe no hejuru.

¹⁵⁸ Kimwe no hejuru.

Ikigereranywa		2016/17	2018/19	2019/20	2020/21	2021/22	2022/23	2023/24	Inyon yose hamwe
Amasaka		1.11	1.16	1.22	1.28	1.35	1.42	1.49	34%
Umuceri udatonoye		3.34	3.36	3.39	3.42	3.45	3.48	3.52	5%
Ingano		0.95	1.05	1.17	1.29	1.44	1.60	1.77	86%
Imyumabti		1.94	2.29	2.71	3.20	3.77	4.45	5.25	171%
Ibijumba		7.18	7.76	8.38	9.05	9.77	10.56	11.40	59%
Ibirayi		8.18	9.90	10.60	11.60	13.50	13.76	14.00	71%
Amateke n'ibikoro		3.88	4.07	4.19	4.32	4.45	4.58	4.72	22%
Ibitoki bitekwa		3.36	3.53	3.70	3.89	4.08	4.29	4.50	34%
Ibitoki by'imineke		2.62	2.76	2.89	3.04	3.19	3.35	3.52	34%
Ibitoki by'inzoga		2.82	2.97	3.11	3.27	3.43	3.60	3.78	34%
Ibishyimbo		1.21	1.36	1.50	1.69	1.86	2.04	2.22	83%
Ubunyobwa		0.44	0.46	0.48	0.51	0.53	0.56	0.59	34%
Soya		0.55	0.64	0.73	0.84	0.97	1.11	1.28	133%
Imboga		9.92	10.52	11.15	11.82	12.53	13.28	14.08	42%
Imbutu		3.2	3.8	4.5	5.3	6.2	7.4	8.7	172%
Kawa ¹⁵⁹	kg/tree	2.8	3.0	3.2	3.4	3.6	3.8	4.0	43%
Icyayi ¹⁶⁰	MT/ha	7.0	7.2	7.3	7.5	7.7	7.8	8.0	14%
Ibikomoka ku bworozi									
Amata		776	855	934	1,013	1,092	1,171	1,250	61%
Inyama z'inka		43	45	47	49	51	54	57	33%
Ihene		12	13	14	16	17	18	19	58%
Intama	1000	3	3	3	3	3	4	4	33%
Inkoko	MT	23	25	27	29	31	35	41	173%
Ingurube		18	22	24	28	37	68	77	328%
Amagi		7	9	10	11	13	15	17	143%
Amafi		27	35	45	65	90	100	112	315%

8.3 IKIGERERANYO KU BUKUNGU BW'IGIHUGU

Dukoresheje uburyo bwa CGE mu kureba impinduka zo ku rwego rw'igihugu ziva mu iteganya ry'imisaruro ikomoka ku buhinzi n'ubworozi, twabonye impinduka itegerejwe ya PSTA 4 mu bipimo by'inyongera y'umusaruro rusange w'ubuhinzi, imirimo izaboneka no kurwanya ubukene.

8.3.1 IKIGERERANYO CY'INYONGERA Y'UMUSARURO RUSANGE W'UBUHINZI

Kugirango upime neza ubushobozi bw'ubukungu rusange buzava ku bipimo bya PSTA 4, twakoresheje uburyo bukoresha mudasobwa bwitwa CGE¹⁶¹. Twakoresheje ibipimo by'ubuhinzi ku bukungu rusange biduha igipimo cya 1 ku ijana y'inyongera iva ku buhinzi mu nzego zitari iz'ubuhinzi kubera ko umusaruro w'ubuhinzi uzaba wiyongereye. Ibyo bipimo byashoboraga no guterwa n'ibiciro byo hasi by'ibiribwa n'ababikenera mu bukungu bitewe n'inyongera nini y'umusaruro w'ubuhinzi; dusanga inyongera y'umusaruro w'ubuhinzi izaba hafi ya 10 ku ijana ku mwaka turamutse dukomeje gukora uko dusanzwe, ubu buryo bwakoreshejwe bwerekana ko ubuhinzi bwakwiyongereho 4,4 ku ijana.

¹⁵⁹ PSTA 4 izaganzura ko abahinzi babona inyungu zivuye mu kugurisha ibitumbwe bya kawa yabo

¹⁶⁰ PSTA 4 izaganzura ko abahinzi babona inyungu zivuye mu kugurisha amababi y'icyayi cyabo

¹⁶¹ Xinshen D., J. Randriamamonjy and J. Thurlow: "Economywide Impact of Agricultural Growth with PSTA4 Targets - Preliminary Results from the Rwanda CGE Model", IFPRI, Nov 2017

8.3.2 IMPINDUKA KU MIRIMO

Uburyo bwavuzwe hejuru buteganya ko izamuka ry'umusaruro w'ubuhinzi muri rusange ryongera imirimo hanze y'ubuhinzi: muri PSTA 4 hateganyijweko imirimo igera kuri 178,000 buri mwaka izaboneka mu nzego z'ubukungu muri rusange. Muri icyo mirimo, 38,000 izaba iri mu buhinzi n'ubworozi, mu gihe isigara 22,000 izaboneka mu ruhererekane nyongeragaciro rushingiye ku buhinzi.

Uburyo buteganya inyongera y'imirimo hagati ya 2017 na 2024, kubera ahanini imirimo izaba isabwa mu gukora ibikorwa byateganyijwe. Kwiyongera k'umusaruro w'ubuhinzi bibyara ihangwa ry'imirimo mu ruhererekane nyongeragaciro. Byongeye kandi, umusaruro w'ubuhinzi utuma ibiciro bigabanuka noneho abakenera ibiribwa mu bukungu rusange bakiyongera, bigatuma imirimo mu zindi nzego nayo yiyongera.

8.4 MPINDUKA KU BUKUNGU BW'INGO NO KURWANYA UBUKENE


Ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 rizatera ubwiyongere bw'ubukungu bw'ingo zo mu cyaro bugera kuri 5,8 ku ijana ku mwaka. Iri zamuka mu bukungu bw'ingo rigabanya ubukene. Izamuka ry'umusaruro w'ubuhinzi rifasha ingo zikennye kwihaza mu biribwa no kugabanya inzara, bigatuma igipimo cy'ubukene kigabanuka ku ngo zo mu cyaro n'izo mu mijyi. Muri rusange, uburyo bw'isesengura bwakoreshejwe burateganya ko ishyirwa mu bikorwa rihamye rizatuma igipimo cy'ubukene muri rusange kigabanuka kikagera kuri 15 ku ijana mu mwaka wa 2024 ugerereranije n'igipimo cya 21,8 ku ijana turamutse dukomeje gukora ibintu uko tubikora ubu.

8.5 IMPINDUKA KU KWIHAZA MU BIRIBWA

Umusaruro w'ubuhinzi ni ingenzi kandi mu kwihaza mu biribwa mu ngo kandi kongera iboneka ry'ibiribwa ni intego nkuru ya MINAGRI mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ubuke bw'ibiribwa, ibonera abaturage ibyo barya. FAO yasobanuye ko igipimo cy'ingufu z'ibiribwa ari kcal 2,100 ku muntu mukuru ku munsu kun go zihagije mu biribwa. Ariko igipimo ku muntu ukuze kigenda gishyirwaho na buri gihugu bitewe n'ibikenerwa by'ibiribwa ku baturage bacyo. Muri EICV 4, U Rwanda rwari rwashyize icyo gipimo kuri kcal 2,500 ku muntu mukuru ku munsu ¹⁶².

Hitawe ku bwiyongere bw'abaturage, inyongera y'umusaruro wa PSTA 4 itegerejwe kuzazamura igipimo cy'ibiribwa kikagera hejuru ya kcal 2,500 ku muntu mukuru ku munsu mu mwaka wa 2024.

Imbonerahamwe 7: Kcal ziteganyijwe/ umuntu / umunsi




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Kcal/person/day (kilokalori/umuntu/umunsi); Target (integon mu mibare)

Amabwiriza ya FAO asaba ko ibyubaka umubiri w'umuntu byakagombye kuba hagati ya 10-12 ku ijana ry'ingufu z'ibiribwa zikenerwa, bigatanga g 76 zikenewe ku muntu ku munsu. Inyongera itegerejwe y'umusaruro iteganyanya kuzana ibyubaka umubiri birenze ibikenewe mu mwaka wa 2021 (Ishusho 11).

¹⁶² NISR, barura rusange ry'abaturage (2012) iteganyanya ry'ubwiyongere bw'abaturage

Ishusho ya 5: Ibyubaka umubiri (proteins) ku muntu ku munsu




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Production per person/day (umugaruro ku muntu/ ku munsu); Daily recommended intake per person (Ibyo umuntu umwe asabwa gufata ku munsu)

Umunyu w'ubutare ni intungamubiri ya ngombwa by'umwihariko ku bagore batwite no mu mikurire y'abana. Umugaruro w'imbere mu Gihugu uteganijwe kuzana ibikenewe ku bagore batwite mu mwaka wa 2022 (ishusho 6).

Ishusho 6: Ubutare bukenewe ku muntu mukuru ku munsu (mg)




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Production per person/day (umugaruro ku muntu/ ku munsu); Daily recommended intake according to WHO (Pregnant women): Ibyo umuntu umwe asabwa gufata ku munsu nk'uko byagenwe n'Umuryango w'Abibumye wita k'Ubuzima (umugore utwite)

Umugaruro w'imbere mu Gihugu w'umunyu wa Kalisiyumu uteganijwe kuzaba urenze ukenewe mu mwaka wa 2021 (ishusho 13).

Ishusho 7: Kalisiyumu ikenewe ku muntu ku munsu (mg)




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Production per person/day (umusaruro ku muntu/ ku munsu); Daily recommended intake per person (Ibyo umuntu umwe asabwa gufata ku munsu)

8.6 ISHUSHO Y'UBUCURUZI BW'IBIRIBWA

Uruhare rw'urwego rw'ubuhinzi ni ukubonera abaturage b'Igihugu ibiribwa bihagije bijyaye n'indyo nkenerwa ya buri munsu. Iyo ibi bidashobotse, igihugu gitumiza ibiribwa hanze. Ku rundi ruhande, iyo umusaruro urenze ibiribwa bikenewe, igihugu kibyohereza hanze. Urwego rw'ubuhinzi ntirwashobora kugenzura ubucuruzi bw'ibiribwa buriho ubu, ariko rushobora gushyiraho ibipimo bizagerwaho kugirango indyo ikenewe ku baturage iboneke, ku buryo kohereza ibiribwa hanze y' igihugu bidateza ibura ry'ibiribwa mu gihugu. Mu gihe U Rwanda rutarashyiraho amabwiriza y'ibiribwa bikenewe, EICV 4 isobanura agaseke k'ibiribwa kagizwe n'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi n'amajanja munsu y'ibyo umuntu mukuru aya bihwaye na kcal 2,500 ku muntu ku munsu (ishusho 14)

Ishusho 8: Agaseke k'ibiribwa bikenewe kugira ngo bizane kcal 2,500 ku muntu ku munsu (EICV 4)




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO YO MU CYONGEREZA:

Cassava products (Ibikomoka mu myumbati), Dry beans (Ibishyombo byumye), others (Ibindi), Fish (Ifi), Sweet potato (Ibijumba), Tarot (amateke), Sorghum products (Ibikomoka ku masaka), Maize products (Ibikomoka mu bigori), Avocado (Avoka), Amarante (Imbwija), Bnanana cooking (Ibitoki bitekwa), Tomato (Inyanya), Irish Potato (Ibirayi), Milk (Amata)

Hakoreshejwe agaseke k'ibiribwa k'U Rwanda no kwiyoungera kw'abaturage, dushobora kwerekana ibiribwa by'imbere mu gihugu kuri buri kiribwa mu bigize agaseke gikenewe kugirango twihaze mu biribwa imbere mu gihugu. Ugereranije umusaruro uteganijwe ushobora kureba ko U Rwanda ruzakenera gukura ibiribwa hanze yarwo cyangwa ruzabyohereza hanze yarwo kuri buri kiribwa kigize agaseke k'ibiribwa. Agaciro k'ubucuruzi kuri buri kiribwa kaboneka hifashishijwe ibiciro byo mu mwaka wa 2014 byatanzwe na NISR. Bityo, dushobora kugereranya agaciro k'ubucuruzi bwa buri kiribwa duhereye ku musaruro w'imbere mu Gihugu mu gihe abanyarwanda bose bafata amafunguro yabo bagendeye ku biribwa bigize ka gaseke. Urugero, umusaruro w'imbere mu Gihugu muri iki gihe w'amata werekana ko U Rwanda rushobora rwose kohereza amata hanze y'igihugu kubera ko umusaruro w'imbere mu Gihugu usumba ukenewe kuribwa urebeye kuri ka gaseke k'ibiribwa. K'urundi ruhande, U Rwanda rushobora kuzakenera gutumiza hanze imyumbati kugirango imyumbati ikenewe ku baturage iboneke. Muri rusange, U Rwanda rushobora ubungubu gukenera gutumiza hanze ibiribwa bifite agairo k'amafaranga y'U Rwanda miliyari 67 ukurikije ibiciro byo muri 2014 kugirango ibiribwa biteganijwe mu gaseke k'ibiribwa nkenerwa ku banyarwanda bose biboneke (Ishusho 14). Ariko ukurikije izamuka ry'umusaruro riteganijwe, by'umwihariko ku bihingwa n'ubworozi bifite agaciro ko hejuru, agaciro k'ibiribwa byabokeye byo kohereza hanze y'igihugu karuta agaciro k'ibikewe gutumizwa hanze y'igihugu mu mwaka wa 2019. Mu mwaka wa 2024, umusaruro w'igihugu uratwemerera kohereza hanze y'igihugu ibiribwa bifite agaciro ka Miliyari 985 z'amafaranga y'U Rwanda, kandi ukazaba utuma buri muturarwanda abona ingufu zituruka ku biribwa zingana na kcal 2,500 ku munsu.

Ishusho 9: Ishusho y'ibiribwa biteganijwe (Ibiciro bya 2014 muri FRW)



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA

Necessary food imports (Ibiribwa by'ingenzi bitumizwa mu mahanga); Available for exports (Ibiboneka byo kohereza mu mahanga)

9. INGENGO Y'IMARI IKENEWE

9.1. UBURYO BWO KUBARA INGENGO Y'IMARI IKENEWE

Kubera uburemere n'intera bya PSTA 4, ishyirwa mu bikorwa ryayo rizashoboka neza mu gihe rikozwe ku gihe, kandi ingengo y'imari ikenewe ikabokera ku gihe. Gahunda y'ishoramari rya PSTA 4 yerekana ishoramari rikenewe kandi rigabanije mu nkingi z'ingenzi 4. Mu gihe urwego rw'abikorera ari rwo ruzagenga nyakuri ubwiyongere bw'umusaruro w'ubuhinzi, ishoramari rya PSTA 4 ryagereranjwe hashingiwe ku rwego rwa Leta. Ibi bizatuma Leta y' U Rwanda igira amakuru ku ishoramari rya ngombwa riteganijwe mu kuvugurura ubuhinzi no gutinyura urwego rw'abikorera. Ibi ni ngombwa ko mu rwego rwo gushakisha ingengo y'imari, iteganyabikorwa no kugena ingengo y'imari ikenewe yo gushyira mu bikorwa ku buryo bushimishije iyi gahunda mu gihe cy'imyaka 6.

Uburyo bwakoreshejwe mu kugena ingengo y'imari ya PSTA 4 bushingiye ku bintu bitatu:

Icya mbere, nk'uko byavuzwe, kugena ingengo y'imari ya PSTA 4 hashingiwe ku rwego rwa Leta, mu kugereranya imitungo ikeneye gushakwa kugira ngo Leta ishyire mu bikorwa PSTA 4. Iryo shoramari rya Leta ryerekana ibya ngombwa Leta igomba guteganya n'uburyo bw'imikorere myiza bukenewe mu kuvugurura urwego rw'ubuhinzi no gushyigikira urwego rw'abikorera muri izo mpinduka zigamijwe. Leta y'U Rwanda, ku bufatanye n'abaterankunga mu iterambere igamije kurushaho gukangurira ipiganwa n'ishoramari ry'abikorera ku giti cyabo. Urugero inkunga ya Leta izashishikariza urwego rw'abikorera gushora imari mu kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, bafatanije n'uruhererekane rwa ba rwiyezamirimo muri iki gikorwa (agro-dealers). Ubwunganizi ku biciro by'inyongeramusaruro buzakorwa ku buryo bwa nkunganire mu guha ubushobozi abahinzi batabasha kwigurira inyongeramusaruro ku biciro byo ku masoko. Mu ngamba zishyizwe imbere muri PSTA 4 mu kongera uruhare rw'abikorera mu gushora imari mu buhinzi harimo ubwisanzure ku masoko y'inyongeramusaruro, inkunga ya tekini mu bijyanye n'ubwunganizi ku biciro, ubufatanye hagati ya Leta n'abikorera (PPPs) mu kugabanya igihombo cyashoboka, imbogamizi n'igishoro fatizo na za nkunganire

Icya kabiri, uburyo bwo kugena ingengo y'imari bwerekanwa hasi burimo ishoramari rihujwe n'ibitegerejwe kugerwaho na MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho. Ku mpamvu zo kugena ingengo y'imari, ibi bibuza kugira ibikorwa bimwe bihuriweho n'izindi nzego mu bizagerwaho bigizwemo uruhare n'inzego zitandukanye nk'imihanda yo mu cyaro n'amakuru ku ihindagurika ry'ikirere. Gahunda y'ishoramari yakozwe ihereye mu nzego zo hasi, kugirango hitabweho guhuza n'izindi gahunda z'inzego n'ingengo y'imari yazo. Kuri buri buryo, ibizagerwaho bini n'ibito bikubiye mu mbonerahamwe yerekana ibizagerwaho byarushijeho gusesengurwa bishyirwa mu dutsinda duto tw'ibikorwa bifite aho bihuriye kugirango kugena ingengo y'imari yabyo byorohe. Aho byashobokaga, buri gatsinda k'ibikorwa kahabwaga igipimo kimwe cy'ikoreshwa ry'ingengo y'imari (iminsi y'akazi n'abazayikora mu bwunganizi bwa tekini, umubare w'amahugurwa mu kubaka ubushobozi, igipimo n'umubare ku bikorwaremezo, n'ibindi), ukoresheje igipimo cy'ingengo y'imari izakoreshwa ukanagenda uhuza ingano n'igihe cy'ishyirwa mu bikorwa. Izo ngano za buri mwaka zihuzwa n'ibipimo biteganijwe ku mwaka mu gihe cy'imyaka 6 mu mbonerahamwe y'ibiteganijwe kugerwaho. Hamwe na hamwe, isesengura ry'ibikorwa ryagiye rikorwa, ahandi hakaba kugereranya imari bizatwara byahurijwe mu matsinda y'ibikorwa cyangwa mu biteganijwe kugerwaho mu gihe cya vuba cyane. Byombi ari amatsinda y'ibikorwa cyangwa ibiteganijwe kugerwaho bito byagiye bihurizwa mu kizagerwaho mu gihe cya vuba cyane, mu gihe cya vuba no mu gihe kirekire muri buri nkingi y'ingenzi.

Gahunda y'ishoramari rya PSTA 4 yateguwe n'amatsinda y'urwego rw'ubuhinzi ya MINAGRI yakusanije amakuru akanayemeza akanareba ko ingengo y'imari ya PSTA 4 yashingiye kuri gahunda n'ingengo y'imari by'amatsinda y'urwego rw'ubuhinzi. Uruhare rw'abandi bafatanyabikorwa b'ingenzi rwabaye ingirakamaro; harimo za minisiteri n'ibigo bizishamikiyeho (harimo MININFRA, Minisiteri y'ubuzima na MINILAF). Gutakaza agaciro k'ifaranga ry'U Rwanda byitaweho bishyirwa ku gipimo gihoraho cya 6 ku ijana ku mwaka mu myaka 6 ya PSTA 4.

PSTA 4 irimo isesengura ry'ibizagerwaho mu gihe cya vuba n'icya vuba cyane ku ishoramari. Imbonerahamwe y'ishyirwa mu bikorwa n'ishoramari rikenewe (umugereka wihariye) ryerekana icukumbura ry'ishoramari n'amafaranga azakenerwa ku bikorwa biri mu bizagerwaho mu gihe cya vuba cyane. Igaragaza ibipimo by'amafaranga azakoreshwa (amahugurwa, ubwunganizi bwa tekini, ingero n'ibindi), ingero z'ingengo y'imari, ibizakoreshwa ku mwaka (bihuje n'ibigamijwe kugerwaho) mu myaka 6, ubwoko bw'ikoreshwa ry'amafaranga


(ishoramari, abakozi n’ibindi bisanzwe), n’ urwego rukuriye ishyingirwa mu bikorwa rya PSTA 4 (MINAGRI n’izindi minisiteri n’ibigo bizishamikiyeho).

Ibikenewe mu ishoramari rya PSTA 4 byerekana icyerekezo mu mitungo icyenewe kugirango izashyirwe neza mu bikorwa. Iteganya bikorwa rya buri mwaka n’ingengo y’imari yaryo bizakenera ubusesenguzi bwimbitse, bushingiye kuri gahunda na twa gahunda duto kugira ngo herekanwe neza amafaranga akenewe ahujwe n’ibikorwa by’ibanze. Iyi myitozo izakorwa ishingiye kuri Gahunda y’ishoramari ya PSTA 4.

9.2 INGENGO Y’IMARI IKENEWE KURI PSTA 4


Ukoresheje uburyo n’inzira byavuzwe haruguru, ingengo y’imari rusange ya PSTA 4 iragera kuri Miliyari 2,776 z’amafaranga y’U Rwanda mu myaka 6 y’ishyirwa mu bikorwa ryayo. Ugereranije impuzandengo zinyuranye, ingengo y’imari y’ubuhinzi yakoreshejwe muri PSTA 3 yageraga kuri Miliyari 763 z’amafaranga y’U Rwanda mu gihe cy’imyaka 5.

Ishusho 10: ingengo y’imari ya PSTA 4 igereranijwe n’iya PSTA 3 (Miliyari z’amafaranga y’U Rwanda)



Uruhererekane rw’impinduka zizanywe na PSTA 4 rugaragarira mu isaranganya ry’ingengo y’imari mu nkingi z’ingenzi zayo. Inkingi y’ingenzi ya 2 (Kongera umusaruro no guhangana n’imihindagurikire y’ikirere) izakenera 53 ku ijana bitewe n’ishoramari mu bikorwa remezo n’ibikorwa byongeraga umusaruro bikenewe. Amasoko meza no kongera agaciro bizakenera 26 ku ijana; Ubushakashatsi n’iyamamazabuhinzi bizakenera 16%. Kunoza imikoranyire y’inzeho bizakenera 5 ku ijana y’ingengo y’imari bitewe n’uko iyi nkingi idakora cyane ku bikorwa remezo na gahunda z’ibikorwa muri rusange.

Ishusho 11: Ingengo y’imari ya PSTA 4 mu nkingi z’ingenzi zayo (Frw)




IBISOBANURO BY’AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

PSTA 4 Budget Distribution by Priority Area (Ingengo y’imari ya PSTA 4 hakurikijwe inkingi zayo z’ingenzi); Innovation & Extension (Ubushakashatsi n’iyamamazabuhinzi); Productivity & Resilience (Kongera umusaruro no guhangana

n'ihindagurika ry'ibihe); Inclusive Markets & Value Addition (Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro); Enabling Environment & Responsive Institutions (Guteza imbere imikoranire n'inzego)

Nyuma yo kuringaniza ibipimo by'ibiteganijwe kugerwaho, ingengo y'imari ya PSTA 4 yaratunganijwe ihita igaragaza ibigereranyo bya buri mwaka, guhera kuri Miliyari 281 Frw mu mwaka wa mbere w'ishyirwa mu bikorwa ryayo ukagera kuri Miliyari 671 Frw mu mwaka wa 2023/2024. Impuzandengo y'ubwiyongere bwa buri mwaka ni 8 ku ijana, bihuye n'ubwiyongere bwari buteganijwe muri PSTA 4. Ikigereranyo rusange hagati y'inkingi z'ingenzi za PSTA 4 kigaragarira mu ngengo y'imari ya buri mwaka ndetse n'ibikorwa bitanga umusaruro bizakorwa uko bigenda byiyongera bikazakenera hejuru gato ya kimwe cya kabiri cy'ingengo y'imari iteganijwe

Ishusho 13: Ingengo y'imari ya PSTA 4 ikenewe buri mwaka *Miliyari za Frw)




IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Innovation & Extension PA1 (Ubushakashatsi n'Iyamamazabuhinzi-Inkingi y'ingenzi 1); Productivity & Resilience (Kongerera umusaruro no guhangana n'ihindagurika ry'ibihe-Inkingi y'ingenzi 2); Inclusive Markets & Value Addition (Amasoko meza no kongerera agaciro umusaruro-Inkingi y'ingenzi 3); Enabling Environment & Responsive Institutions (Guteza imbere imikoranire n'inzego-Inkingi y'ingenzi 4)

Ucukumbuye cyane, bigaragara ko umusaruro uva mu kuhira imyaka-by'umwihariko mu bishanga no kuhira ku buso buciriritse- niwo uzatwara amafaranga menshi agera kuri 25 ku ijana y'ingengo y'imari yose hamwe. Muri ibi bikorwa hakubiyemo n'ibikorwa remezo by'amasoko n'inyongeramusaruro zunganiwe ku biciro byo ku masoko yazo. Icy a kabiri, amasoko meza no kongera agaciro bitwara 16 ku ijana. Icy a gatatu, uburyo bwo kongera ubudahangarwa ku ihindagurika ry'ikirere nabwo buhabwa ingengo y'imari itubutse mu kongera ubushobozi bw'amatsinda afite ubushobozi bucyeye bitwara 15 ku ijana. Icy a kane kubungabunga ubutaka n'ibihingwa bitwara 13 ku ijana cyane cyane ku materasi y'indinganire n'amaterasi yikora buhoro buhoro no kubungabunga ubutaka hakoreshejwe ibindi binyabuzima. Icy a gatanu, iyamamazabuhinzi ritwara 6 ku ijana by'ingengo y'imari yose ya PSTA 4.

Ishusho 14: Ibyiciro by'ingenzi bitwara ingengo y'imari ya PSTA 4



IBISOBANURO BY'AMAGAMBO ARI MU CYONGEREZA:

Irrigation (Kuhira imyaka); Market linkage (Guhuza isoko), (Resilience (Guhangana n'ihindagurika ry'ibihe/Ubudatsimburwa); Land husbandry/ Crops (Gutunganya ubutaka/ ibihingwa); Extension (Iyamamazabuhinzi), Livestock (Ubworozi); Research (Ubushakashatsi); Planning & coordination (Igenamigambi n'ubuhuzabikorwa); Skills (Ubushobozi); (Nutrition (Imirire); Ag Finance & Risk (Ishoramari mu buhinzi n'Imbogamizi zabonekamo); Marketing (Gushaka amasoko); M&E (Ikurikirana n'Isuzumabikorwa); SPS and Quality (Ubuziranenge bw'ibihingwa n'Ireme); Policy/Incentives (Politiki/ Uduhimbazamushyi), Institutions (Inzego).

Nk'uko byavuzwe haruguru mu buryo bwakoreshejwe, iki kigereranyo cy'ingengo y'imari ya PSTA 4 cyakozwe mu rwego rwo kwerekana ibikenewe kugirango izashobore gushyirwa mu bikorwa neza. Iteganyabikorwa rya buri mwaka n'ingengo y'imari izakenerwa bizajya bisaba ko hakora ubusesenguzi bwimbitse kugirango amafaranga akenerwa ahuzwe n'ibikorwa byihutirwa byahiswemo, ariko iyi myitozo ntigomba kujya hanze y'ingengo y'imari rusange yateganirijwe PSTA 4.

10. ISHYIRWA MU BIKORWA RYA PSTA 4

Amabwiriza y'ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 yerekana uruhare n'inshingano z'inzeho z'ubuhinzi n'abafatanyabikorwa bazagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4. Yerekana uko inzego ziteye n'uburyo zizakorana mu ihuzabikorwa rinoze. Ibi bizatuma hirindwa gusesagura imitungo yateganirijwe PSTA 4. Aya mabwiriza y'ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 kandi yita ku masezerano ya Malabo-CAADP akora ubuvugizi kugirango ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'iterambere ry'ubuhinzi ko rigomba kuganisha ku musaruro ugenda wiyongera kandi ugandikira ku masoko no guteza imbere ishoramari ry'abikorera mu buhinzi, gukorana kw'inzeho n'ubuhuzabikorwa bunozwe.

10.1 IMITERERE Y'INZEGO

10.1.1. IMITERERE Y'INZEGO

MINAGRI niyo ishinzwe guhuza abafite uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 bose. Ubu buryo bwo guhuza ibikorwa n'imikorere nibwo shingiro ry'ibizagerwaho byose n'impinduka zitegerejwe. Ibyiciro byabanje bya PSTA byagiye bishyiraho uburyo bunyuranye bwo guhuza ibikorwa buzakomeza no muri PSTA 4. Ubu buryo ni nabwo bukoreshwa mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'Igihugu y'ubuhinzi (NAP) bugizwe n'inzego zikurikira:

- ▶ Itsinda ry'ibikorwa mu buhinzi (ASW) ni Ihuriro ry'ingenzi mu kuganira no guhuza ibikorwa ku bijyanye n'ibibazo bireba iterambere ry'ubuhinzi. Mu barigize harimo abaterankunga mu iterambere, imiryango itari iya Leta, Urwego rw'abikorera, imiryango y'abahinzi, ibigo by'imari n'inzego za Leta.
- ▶ Uburyo bw'itsinda ryaguye mu buhinzi (SWAp) rihuza MINAGRI n'abaterankunga b'ingenzi kugirango baganire ku bibazo bijyanye n'ingengo y'imari n'ubufasha bukenewe mu iterambere ry'urwego rw'ubuhinzi n'uburyo inkunga zarushaho guhurizwa hamwe mu gushyigikira PSTA.
- ▶ Amatsinda y'ibikorwa yihariye (SSWGs) y'ibyiciro by'ingenzi 4 biri mu buhinzi: iterambere ry'ibihingwa, iterambere ry'ubworozi, ubucuruzi bw'umusaruro w'ubuhinzi, amasoko no kohereza ibikomoka ku buhinzi mu mahanga n'iteganyabikorwa n'ingengo y'imari. Amatsinda yihariye agamije kongera uruhare rw'abafatanyabikorwa mu iteganyabikorwa, ikurikiranabikorwa, iyamamazabuhinzi, ubuhuzabikorwa n'ingengo y'imari.
- ▶ Ku rwego rw'Akarere hari Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere (JADF) rigizwe n'abahagarariye Akarere, imiryango itari iya Leta, imiryango y'abahinzi n'indi ishingiyeye ku baturage, abayobozi b'amadini, aho bahura bakaganira ku bibazo biri mu nzego zinyuranye z'iterambere ry'Akarere. Ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'iterambere ry'Akarere rirebererwa na JADF. PSTA 4 izakomeza gukorana n'uru rwego kugirango habeho gusangira amakuru.

N'ubwo hazakomeza gukorana n'inzego zisanzwe ziriho, hari udushya tuzana impinduka twinshi duteganyijwe: (i) Uruhare runini rw'abikorera ku giti cyabo, (ii) Ikoranabuhanga rikoresha itumanaho, ikurikirana n'isuzuma bikorwa n'imirungire ikoresha ubumenyi mu gufana ibyemezo; (iii) guhuza gahunda z'inama n'ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4, (iv) gushyiraho amahuriro y'abahinzi, na (v) Ihuriri rya Leta n'abikorera ku giti cyabo.

10.1.2. INAMA NSUZUMA BIKORWA

MINAGRI iyobora inama nsuzuma bikorwa (JSR) y'urwego rw'ubuhinzi ihuza abagize SWG, harimo inzego za Leta n'abikorera kugirango bakurikirane ishyirwa mu bikorwa rya buri mwaka ry'ibyateganyijwe no kujya impaka bu byihutirwa biteganyijwe mu mwaka ukurikira. Iyi Nama ni uburyo bwo kugeza ku bagenerwabikorwa aho inshingano z'inzego zinyuranye mu buhinzi zigeze zishyirwa mu bikorwa hagamijwe guteza imbere imiyoborere myiza no gutanga serivisi ku buryo bunozwe no gukorana hagati y'abafatanyabikorwa. Iyi nama kandi ishyigikira itegurwa rya raporo y'imyaka 2 y'ishyirwa mu bikorwa rya CAADP yashyizweho n'Abakuru b'Ibihubu ba Afurika i Malabo.

10.2 UBURYO BW'ISHYIRWA MU BIKORWA

MINAGRI ni rwo rwego ruyoboye ishyirwa mu bikorwa ry'inkingi enye za PSTA4 ifatanyije n'ibigo biyishamikiyeho, za minisiteri bireba, uturere ndetse n'abikorera (habariwemo abahinzi ndetse n'amashyirahamwe yabo).

10.2.1 INZEGO Z'UBUYOBOZI

Mu rwego rwo gukomeza ihuzabikorwa rya PSTA4 muri MINAGRI, hatorwa inzego z'ubuyobozi za buri nkingi. Inshingano z'izo nzego z'ubuyobozi za buri nkingi ni ugushyira mu bikorwa no gukurikirana buri rwego rw'imikorere, guhuza no kwubaka isano hagati y'inkingi za PSTA4.

Inzego zatoranyijwe nk'ubuyubozzi kuri buri nkingi ya PSTA4 bashinzwe gukurikirana umusaruro n'ingaruka zayo ni aba bakurikira:

Inkingi ya 1 ni 2: RAB;

Inkingi ya 3 ni NAEB naho ;

Inkingi ya 4 ni MINAGRI.

10.2.2. BIKORWA N'INSHINGANO

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'inshingano
Inkingi ya 1: Guhanga udushya n'iyamamazabuhinzi			
1.1. Guteza imbere ubushakashatsi no guhanga udushya	RAB	<p>-MINAGRI</p> <p>-Uturere, za Kaminuza</p> <p>-Research Institutions Ibigo by'ubushakashatsi</p> <p>-Iby'imbere mu gihugu no hanze yacyo</p> <p>- Urwego rw'abikorera</p>	<p>- MINAGRI itanga ubufasha ikanakurikirana, ikajya inama kuri gahunda z'igihugu z'ubushakashatsi n'uburyo bwo kumenya icyangombwa ndetse no kwubaka ubushobozi, ikurikirana kandi ishyirwa mu bikorwa n'ingaruka.</p> <p>- RAB iyobora ubushakashatsi ikanakurikirana abashakashatsi ndetse ikanakurikirana iterambere ry'ibikorwaremezo no kwubaka ubumenyi bw'abakozi</p> <p>- MoE/RWFA ikorana na RAB kugena no gukurikirana ubushakashatsi ku buhinzi buvanze n'ibiti ndetse no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ku bidukikije</p> <p>-Uturere tugena igikenewe gukorerwa ubushakashatsi ndetse tugakora n'ubwo bushakashatsi, dukorana na RAB mu kwagura ibikorwaremezo by'ubushakashatsi ndetse no guteza imbere ibigo n'ubumenyi bw'abantu ku rwego rw'ibanze</p> <p>- Za Kaminuza zikorana na RAB mu kwagura ubushobozi bw'ubushakashatsi n'amasomo</p> <p>- Ibigo by'ubushakashatsi, za Kaminuza n'inzego z'abikorera bagira akamaro gakomeye cyane mu bushakashatsi bwo guhanga udushya binyujijwe mu nkunga zihataniwa</p>
1.2. Iyamamaza buhinzi na Serivisi z'ubujyanama ku rwego rw'ibanze	RAB	<p>MINAGRI</p> <p>NAEB</p> <p>MINALOC</p> <p>Districts</p>	<p>- MINAGRI itanga icyerekezo n'ubugenzuzi ku bikubiye mu iyamamazabuhinzi n'uko rishyirwa mu bikorwa hakurikijwe ibyihutirwa mu rwego rw'ubuhinzi no kwegereza abaturage ubuyubozzi</p> <p>- RAB ihiza ibikorwa by'iyamamazabuhinzi rya Leta ku bihingwa n'ubworozi ifatanije bya hafi na MINALOC n'uturere</p>

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'ishingano
Inkingi ya 1: Guhanga udushya n'iyamamazabuhinzi			
1.1. Guteza imbere ubushakashatsi no guhanga udushya	RAB	-MINAGRI -Uturere, za Kaminuza -Research Institutions Ibigo by'ubushakashatsi -Iby'imbere mu gihugu no hanze yacyo - Urwego rw'abikorera	- MINAGRI itanga ubufasha ikanakurikirana, ikajya inama kuri gahunda z'Igihugu z'ubushakashatsi n'uburyo bwo kumenya icyangombwa ndetse no kwubaka ubushobozi, ikurikirana kandi ishyirwa mu bikorwa n'ingaruka. - RAB iyobora ubushakashatsi ikanakurikirana abashakashatsi ndetse ikanakurikirana iterambere ry'ibikorwaremezo no kwubaka ubumenyi bw'abakozi - MoE/RWFA ikorana na RAB kugena no gukurikirana ubushakashatsi ku buhinzi buvanze n'ibiti ndetse no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere ku bidukikije -Uturere tugena igikenewe gukorerwa ubushakashatsi ndetse tugakora n'ubwo bushakashatsi, dukorana na RAB mu kwagura ibikorwaremezo by'ubushakashatsi ndetse no guteza imbere ibigo n'ubumenyi bw'abantu ku rwego rw'ibanze - Za Kaminuza zikorana na RAB mu kwagura ubushobozi bw'ubushakashatsi n'amasomo - Ibigo by'ubushakashatsi, za Kaminuza n'inzezo z'abikorera bagira akamaro gakomeye cyane mu bushakashatsi bwo guhanga udushya binyujijwe mu nkunga zihataniye
1.2. Iyamamaza buhinzi na Serivisi z'ubujyanama ku rwego rw'ibanze	RAB	MINAGRI NAEB MINALOC Uturere MYICT Urwego rw'abikorera	-MINAGRI intanga umurongo ikanagenzura ishyirwa mu bikorwa rya serivisi z'iyamamazabuhinzi hashingiye kuri gahunda z'Igihugu zikenewe kandi zikorwa ku rwego rw'ibanze - RAB ishyira mu bikorwa iyamamazabuhinzi ryagutse ku bihingwa ngandururugo n'ubworozi ifatanije n'abakozi ba MINALOC ku rwego rw'uturere -NAEB itanga ndetse igashyira mu bikorwa iyamamazabuhinzi ku ibihingwa ngengabukungu -MYICT ifasha mu gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bwo gutanga ndetse no kwakira amakuru avuye ku bahinzi mu bikorwa bijyanye n'iyamamazabuhinzi na serivisi z'ubujyanama - Uturere muri Gahunda y'Igihugu ikomeje yo kwegereza ubuyobozi abaturage tugira akamaro k'ingenzi cyane mu gukurikirana no guhuza ibikorwa by'iyamamazabuhinzi ku rwego rw'akarere ndetse no gukorana n'abafashamvire - Urwego rw'abikorera ruri kugenda rugira uruhare mu gutanga iyamamazabuhinzi ndetse na serivisi z'ubujyanama hashingiwe ku bikomeye
1.3. Guteza imbere ubumenyi bw'abagira uruhare mu	RAB	MINEDUC MIFOTRA MYICT	RAB ifasha mu kongera ubumenyi n'ubushobozi abagira uruhare mu ruhererekane rw'iyongeragaciro RCA niyo ifite mu nshingano amakoperative

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'ishingano
ruhererkane rw'iyongeragaciro		RYAF RDB PSF Urwego rw'abikorera	y'abahinzi kandi igakorana bya hafi na MINAGRI mu kwongerera ubumenyi n'ubushobozi amashyirahamwe y'abahinzi - MINAGRI ikorana na MINEDUC mu gutanga ibikenewe n'ubundi bufasha mu kwigisha amasomo y'amatungo - MIFOTRA itera inkunga mu gutanga amahugurwa ku rwego rw'ibanze -MYICT ifasha mu ikoresheya ry'ikoranabuhanga n'uburyo bwo guhugura hakoreshejwe murandasi - RYAF ifasha mu guhugura no kumenyereza ibinyujije mu ihuriro ryayo mu guteza imbere kwihangira imirimo mu by'ubuhinzi -RDB na PSF kubufatanye na MINAGRI bashyiraho ikigega cy'imbuta n'uburyo bwo gufasha abagitangira muri Gahunda y'Igihugu yo kwihangira Imirimo detse no guteza imbere Abagore -RDB ifasha mu gutanga ubumenyi bukenewe Ibifashijwemo n'urwego rw'abikorera -Urwego rw'abikorera rufasha mu kwimenyereza umwuga no gutanga inama kuri ba Rwiyemezamirimo bakiri bato
Ikingi 2: Umusaruro n'ubudatsimburwa			
2.1. Ibikorwa bitari bimwe byo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere mu buryo burambye	MINAGRI	RAB NAEB RWFA Uturere Urwego rw'abikorera harimo n'amakoperative n'abacuruzi b'inyongeramusaruro	-MINAGRI itanga icyerekezo mu byangombwa bikenewe kugira ngo haboneke umusaruro mu buryo burambye. RAB itanga ufasha bw'ubumenyi mu buryo bwo gufata neza ubutaka harimo no guca amaterasi. - Uturere tuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo yo gufata neza ubutaka - RWFA ikorana na RAB mu bijyanye n'ubuhinzi buvanze n'ibiti. - RAB na NAEB bafasha imikorere ya CSA bagendeye ku bicuruzwa bihitiyemo. - Amakoperative n'ibindi bigo by'abikorera bafasha mu gukora no gutanga inyongeramusaruro.
2.2. Uburyo bwizewe kandi butanga umusaruro bwo kuvomerera muri Gahunda y'Igihugu ya gufata neza amazi	MINAGRI	MINIRENA RAB NAEB Uturere Abikorera	- MINAGRI ikurikirana ndetse ikayobora igenamigambi rijyanye no gushora mu kuvomerera - RAB itanga ubufasha bw'ubumenyi - Uturere tuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwaremezo bijyanye no kuvomerera - Urwego rw'abikorera ruri kwongera ubushake bwo gushora mu (Guhanga udushya) kuvomerera no gukurikirana ibikorwa byo kuvomerera
2.3. Uburyo bwo kwongera umusaruro ukomoka ku bworozi	MINAGRI	RAB VHS Uturere	- MINAGRI ni yo ifite mu nshingano mu guteza imbere ubworozi - RAB ikoranira byahafi n'uturere, igafasha mu guteza imbere ubushobozi no guhitamo amatungo meza no gushyiraho ibihingwa/amatungo, iyamamazabuhinzi ryungutse no guteza imbere ibiryo by'amatungo - VHS niyo ishinze gutanga ubuvuzi bw'amatungo.

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'inshingano
2.4. Ubuhinzi n'imirire	MINAGRI	RAB NFNCS/MINALOC MINEDUC MINISANTE MIDGEPROF Uturere	-MINAGRI ni yo ishinze gukurikirana uruhare rw'ubuhinzi mu kurandura imirire mibi. -MINAGRI ikorana bya hafi na NFNCS mu igenamigambi no gushyira mu bikorwa gahunda z'Igihugu zose zijyanye n'imirire - MINEDUC, MINISANTE na MIDGEPROF bakorana bya hafi mu bikorwa byose bigamije kwigisha imirire binyujijwe muri gahunda z'Igihugu z'uturima tw'igikoni, kugaburira abana ku ishuri cyangwa n'izindi gahunda z'Igihugu zose - Uturere dukorana na RAB mu kuyobora ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'imirire yo ku rwego rw'umurima
2.5. Kwongera uburyo bwo guhangana n'ibibazo	MINAGRI	RAB MINALOC/LODA Meteo Rwanda, MoE REMA MIDIMAR Uturere	- MINAGRI ihuza ibikorwa ikanubaka ubushobozi bw'ibigo mu guhangana n'ibibazo muri serivisi zo kumenya ibihe n'ikirere - RAB ifatanyije n'uturere bafasha abahinzi kubona no gukoresha amakuru y'iteganyagihe - MINALOC/LODA nibo bashinze gukurikirana gahunda z'Igihugu z'ubwiteganyirize z' abaturage (VUP) naho MINAGRI yo izakurikiranira hafi gahunda z'Igihugu zijyanye n'ubuhinzi bwo kwiteganyiriza - MINAGRI izakorana na MIDIMAR n'uturere mu kwirinda ibiza, kubyitegura no guhangana nabyo
Inkingi 3: isoko ryagutse no kwongera agaciro			
3.1. Ubuhahirane bw' Amasoko	MINAGRI	MINAGRI MINICOM PSF RAB NAEB RCA RDB MINALOC MYICT MININFRA Uturere	-MINAGRI ishyiraho kandi ikavugurura amabwiriza na gahunda z'Igihugu zigamije guteza imbere ubuhahirane bw'amasoko, guteza imbere ibikorwa remezo bijyanye n'isoko, gukorana n'izindi za minisiteri zifitanye isano nabyo n'urwego rw'abikorera bakanakurikirana kandi ishyirwa mu bikorwa, kwegeranya amakuru ndetse no gukurikirana ingaruka bizazana. - MINICOFIN ishyigikira ubuhahirane, amahugurwa no gukorana n'inganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi hamwe na MINAGRI n'ibindi bigo bitandukanye. - PSF ihagarariye inyungu ku bucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi kandi bagakorana na MINAGRI n'ibindi bigo mu guteza imbere ubuhahirane bw'amasoko - RAB igatanga amahugurwa agamije kubaka ubushobozi mu makoperative n'abahinzi ku giti cyabo ifatanyije na RCA - NAEB igatanga amahugurwa agamije kubaka ubumenyi n'ubushobozi ku gihingwa runaka cyatoranyijwe (ibya gakondo n'ibitari ibya gakondo byoherezwa mu mahanga) RCA ifatanyije na NAEB na RAB batanga amahugurwa agamije kubaka ubushobozi no kongerera ubushobozi amakoperative y'abahinzi - RDB ni yo ishinze ibikorwa byose by'abikorera

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'inshingano
			<p>bashora imari mu buhahirane bw'amasoko</p> <ul style="list-style-type: none"> - MININFRA ikorana na MINIGRI, urwego rw'abikorera n'amakoperative mu guteza imbere ibikorwaremezo by'amasoko - MYICT ifasha mu guteza imbere isoko n'ubucuruzi mu buryo bw'ikoranabuhanga - MINALOC ifasha mu gukurikirana no gushyira mu bikorwa ku rwego rw'akarere - Ibikorwa byose bikurikiranwa ndetse bigashyirwa mu bikorwa n'uturere
3.2. Guhangana n'ibibazo byo mu buhinzi na serivisi z'imari	MINAGRI	MINICOM NAEB RAB BRB RCA RDB PSF	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ishyiraho ndetse ikanoza amabwiriza na gahunda z'Igihugu ngenderwaho zijyanye n'ibibazo biboneka mu buhinzi na serivisi zijyanye n'amafaranga mu byerekeye ubuhinzi, gukorana n'izindi za Minisiteri, BRD n'urwego rw'abikorera, igakurikirana ishyirwa mu bikorwa, kwegeranya amakuru no kugenzura ingaruka - MINICOM mu mikoranire ya hafi na MINAGRI, ifasha mu guteza imbere mu guhangana n'ibibazo byo mu buhinzi na serivisi z'amafaranga mu bucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi NAEB ifasha mu gushyiraho uburyo bwo guhangana n'ibibazo byo mu buhinzi ndetse na serivisi z'amafaranga mu ruhererekane nyongeragaciro rwatoranyijwe (ibicuruzwa gakondo n'ibitari ibya gakondo byoherezwa mu mahanga) - RAB ifasha mu gushyiraho uburyo bwo guhangana n'ibibazo by'ubuhinzi na serivisi z'amafaranga mu ruhererekane nyongeragaciro rwatoranyijwe (ibihingwa ngandururugo n'ibikomoka ku matungo) - BRD izagenzura inatange inkunga zikenewe na Gahunda y'Igihugu y'ubwishingizi. - RCA ifatanyije n'ibindi bigo bitanga amahugurwa yo kubaka ubumenyi n'ubushobozi ku makoperative n'abahinzi ku giti cyabo - RDB ni yo ishinze ibikorwa by'ishoramari byose by'inzeho z'abikorera. - PSF ni yo ihagarariye inyungu z'ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi kandi ikorana na MINAGRI n'ibindi bigo bifatanye isano no guhangana n'ibibazo by'ubuhinzi na serivisi z'amafaranga.
3.3. Kugenzura ubuziranenge n'amahame	MINAGRI	NAEB RICA RSB MoH PSF	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ishyiraho ndetse ikanononsora umurongo n'amabwiriza yo kugenzura ubuziranenge n'ibipimo by'urwego rw'ubuhinzi, igakorana n'izindi za Minisiteri n'urwego rw'abikorera, ikanakurikirana ishyirwa mu bikorwa, gukusanya amakuru no kugenzura ingaruka - NAEB ifasha mu kubakamo ubushobozi, kugenzura no kugerageza ubuziranenge mu ruhererekane nyongeragaciro rwatoranyijwe (ibicuruzwa bya gakondo n'ibitari ibya gakondo byoherezwa mu

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'ishingano
			<p>mahanga),</p> <ul style="list-style-type: none"> - RICA mu mikoranire ya hafi cyane na MINAGRI na PSF ifasha ikanagenzura ibipimo by'ubuziranenge igendeye ku rwego rw'abikorera igakurikirana ibikomoka ku buhinzi ndetse n'imire myiza mu Rwanda - RSB ni yo ishinzwe amabwiriza yose agenga ubuziranenge, mu bufatanye na MINAGRI, bashyiraho ibipimo, gukora ubugenzuzi bagendeye ku bipimo ndetse na serivisi zose zo kugena ibipimo - MoH niyo ishinzwe gukurikirana no gushyiramo ingufu mu gukurikirana isuku y'ibiribwa n'ibipimo by'ubuzima ikoranira hafi cyane n'abandi bafatanyabikorwa - PSF niyo ihagarariye inyungu z'ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi ikanakorana na MINAGRI n'ibindi bigo bitandukanye mu gukurikirana ubuziranenge bw'ubucuruzi bukomoka ku buhinzi
Inkingi 4: Kworohereza no kugira ibigo bikora neza			
4.1. Guteza imbere ibigo by'ubuhinzi	MINAGRI	NAEB RAB MINALOC UTURERE	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI iyobora ndetse igakurikirana ibigo n'ishyirwa mu bikorwa byabyo. - Igenamigambi rya MINAGRI, RAB na NAEB rishyirwa mu bikorwa hagamijwe gushyigikira ndetse no gushyira mu bikorwa PSTA 4 - Ubushobozi bw'uturere bwubakirwa mu ishyirwa mu bikorwa rya serivisi zitangirwa ku rwego rw'ibanze mu rwego rwo kwongerera ubushobozi serivisi zitangirwa ku rwego rw'akarere
4.2 Guteza imbere gahunda z'lgihugu zishingiye ku bimenyetso no gushyiraho amabwiriza ngengamikorere	MINAGRI	NAEB RAB MINECOFIN MINICOM MINILAF Segiteri za Minisiteri	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ishyiraho gahunda y'lgihugu n'amabwiriza ngenga mikorere by'urwego rw'ubuhinzi ishingiyeye ku bimenyetso - RAB na NAEB (ku bihingwa byoherezwa hanze) bafatanye na MINAGRI mu gutanga ibikenewe mu gushyiraho amabwiriza na Gahunda y'lgihugu ngenga mikorere ku bijyanye n'ubuhinzi bagendeye ku bifatanye isano n'ibyo bashinzwe - MINAGRI ikoranira hafi na MINICOM muri Gahunda y'lgihugu yo gukangurira urwego rw'abikorera gushora imari mu buhinzi - MINAGRI izakoranira hafi na MINILAF ku bijyanye n'ikoreshwa ry'ubutaka - MINAGRI ikorana na MINECOFIN ku bujyanye n'uburyo bwo gushyira mu ngiro ibiteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari - Minisiteri zitandukanye zigirana ubufatanye mu gushyiraho amahame na gahunda z'lgihugu zitandukanye aho ari ho hose hakenewe ubufatanye hagati y'inzego
4.3. Ubucuruzi mu ruhererekane	MINAGRI	NAEB MINICOM	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI niyo igomba korohereza no gufasha urwego rw'abikorera gushora imari mu buhinzi

Aho kwibanda	Abazabiyobora	Abandi	Ibikorwa n'ishingano
nyongeragaciro		UTURERE PSF RDB	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ikoranira hafi na MINICOM mu kureshya urwego rw'abikorera gushora imari mu buhinzi - RDB ishyigikira uburyo bwa PPD na gahunda z'Igihugu za VC mu bufatanye na PSF mu rwego rwo guhangana n'imbogamizi z'urwego rw'abikorera -Uturere tugira uruhare ku rwego rw'ibanze muri gahunda z'Igihugu za PPD n'imiterere y'uruhererekane nyongeragaciro. - NAEB ifasha MINAGRI muri gahunda z'Igihugu za PPD ku bijyanye n'uruhererekane nyongeramusaruro rw'ibihingwa ngengabukungu byoherezwa mu mahanga
4.4. Igenamigambi, imiyoborere, n'ingengo y'imari	MINAGRI	MINECOFIN, MINALOC Segiteri za Minisiteri n'ibigo n'Uturere Abafatanyabikorwa Abikorera	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ni yo ikurikirana ibikorwa byose bijyanye n'ubuhinzi mu Rwanda ikayobora igenamigambi ikanagena ingengo y'imari izakoresha - MINECOFIN ifasha mu kugena ingengo y'imari n'ubufatanye hagati ya MINAGRI n'izindi nzego - MINAGRI ihuriza hamwe ibikenewe n'inzego zose z'imikoranire - Uturere tugira uruhare cyane mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4, tugendeye ku igenamigambi ryatwo. - MINAGRI ifatanya n'inzego zitandukanye guhiga ndetse no kwesa imihigo mu rwego rwo gushyira mu bikorwa PSTA 4
4.5. Ubugenzuzi, gukurikirana, gusuzuma ndetse no kwiga amakuru no gukusanya imibare	MINAGRI	RAB NAEB NISR UTURERE	<ul style="list-style-type: none"> - MINAGRI ishinzwe gukurikirana no kugenzura ibijyanye n'amakuru atangwa - RAB na NAEB (ku bihingwa ngengabukungu byoherezwa mu mahanaga) bagenzura uko intego zigerwaho ndetse bagafatanya na MINAGRI mu gukoresha amakuru yavuye mu bushakashatsi - NISR ikora ibarurishamibare ry'ubuhinzi n'ababukora naho MINAGRI yo igakorana na NISR mu buryo bukoresha hakusanywa amakuru -Uturere tugira uruhare rukomeye cyane mu bugenzuzi, gukurikirana, gusuzuma no kwiga ndetse no gutanga amakuru ku bakora.

10.2.3 IMIKORANIRE NO GUHUZA KW'INZEGO

Imikoranire hagati y'inzego mu igenamigambi ndetse n'igenamutungo byagiye biba iby'ingenzi cyane uko hagendaga yamenyekana ko inshingano za buri rwego zitaba zigaragaza neza imbibi, ubufatanye n'ubwuzuzanye ni rwo rufunguzo. Kuva mu mwaka wa 2013, kuvugururwa kw'igenamigambi byagiye bitera imbere bitewe n'uburyo buteye imbere bw'igenamigambi n'igenamutungo bwatangijwe na MINECOFIN. icyongeyeho kandi uburyo bwo guhiga imihigo bwongereye ubufatanye n'imikoranire myiza hagati y'ibigo.

Mu by'ukuri, imikoranire y'inzego ni ingenzi mu kugera ku ntego zashyizweho ndetse no kugera ku mpinduka zateganyijwe. Ibi bifatanye isano cyane muri PSTA 4 kuko intego zishingiye kuri Malabo CAAD zirenga imbibi z'ubisobanuro bidahamye by'ubuhinzi na serivisi zabwo. Malabo iteza imbere ubuhinzi bushingiye ku mikoranire myiza hagati y'ibigo byinshi, hagamijwe kugera ku buhinzi bwagutse kandi burambye (no kugera ku ntego za

Malabo) ntabwo (byose) bigengwa na Minisiteri y'ubuhinzi. Muri ubu buryo imikoranire hagati y'ibigo n'inzego byabaye iby'ingenzi cyane.

Hashingiwe ku miterere y'iterambere ry'ubuhinzi mu Rwanda, gushyira hamwe kw'ibigo bifatanye isano n'ubuhinzi hashingiye kandi ku buryo ibikorwa byose by'iterambere bikorerwa ku rwego rw'ibanze, mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4, MINAGRI izakorana n'ibigo bitandukanye bya Leta ibinyujije mu gushyiraho gahunda z'Igihugu z'ubufatanye. Buri bufatanye buzaba bushingiye ku nshingano ndetse n'ibikorwa byose bya buri wese mu kugera ku ntego mu gihe hubakwa umubano ushingiyeye ku guhangana n'imbogamizi. Ah'ingenzi hakenewe kwibandwaho mu mikoranire hagati y'inzego zitandukanye harimo:

Imirire: Minisiteri y'ubuzima (MINISANTE) ni yo mufatanyabikorwa wa mbere mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'imirire. MINAGRI, MINISANTE, MINALOC n'abafatanyabikorwa mu iterambere bafasha mu gushyira mu bikorwa no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu z'imirire n'ihenamigambi ryayo. MINAGRI izakorana bya hafi na MINALOC kuko ni yo ifite mu nshingano gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu zose zifite aho zihuriye n'imirire no kwihaza mu biribwa hiryana no hino mu gihugu ibinyujije muri Gahunda y'Igihugu nshya ya Leta y'ibibwira n'imirire (NFCS). MINAGRI izitabira ndetse ikorane n'amatsinda ashinzwe gukurikirana ibiribwa n'imirire.

Ubucuruzi: ku rwego rubanziriza izindi mu ishyirwaho rya Gahunda y'Igihugu - Amahame ya Gahunda y'Igihugu-ubuhinzi n'ubucuruzi birajyana. Imikoranire cyane cyane iba binyujijwe mu rwego rwisumbuye rw'amatsinda y'ubukungu ndetse n'imihigo ya buri mwaka y'ibizoherezwa hanze y'igihugu. Ubufatanye bw'ibanze cyane cyane mu guteza imbere ndetse no kuzamura ibikomoka ku buhinzi byoherezwa hanze y'igihugu. Nyamara, ubucuruzi burenze cyane kohereza mu mahanga gusa (urugero, bijyanye no gushyiraho ibiciro by'imbuta n'imboga kugira ngo bibashe kuboneka ndetse ku giciro kinogeye buri wese) ibi ni ibyo kuzitondera cyane. Uburyo bwo guhitamo ibiribwa mu ruhererekane rwabyo bizabonera inyungu mu bufatanye hagati ya MINICOM na MINAGRI.

Ibidukikije n'ibiti bivangwa n'imyaka. Minisiteri y'ibidukikije n'umutungo kamere (MoE) na Minisiteri y'ubutaka n'amashyamba(MINILAF)zifite aho zihuriye bya hafi cyane n'ubuhinzi: (i) ibiti bivangwa n'imyaka(ii) imicungire y'ubutaka bwo mu cyaro, (iii) imicungire y'umutungo kamere harimo amazi n'imicungire ikomataniye y'umutungo w'amazi, (iv) amakuru ku iteganyagihe (harimo n'ikigo cy'igihugu cy'iteganyagihe) na (iv) imihindagurikire y'ikirere n'ubuhinzi bujyana nabyo. Imikoranire ya hafi na MoE, MINILAF n'ibigo bizishamikiyeho ni ingenzi. Politiki y'ubuhinzi bujyana n'ibiti irimo gutegurwa ihura n'inshingano za MINAGRI na MINILAF n'ikigo cyayo gishinzwe umutungo kamere w'amazi n'amashyamba. Ishyirwa mu bikorwa nyirizina ry'iyi politiki risaba imikoranire ya hafi y'izi nzego zose.

Gushaka amasoko, imirimo y'ubuhinzi ibyara inyungu no gutunganya umusaruro. Mu guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro ruyobowe n'urwego rw'abikorera, iteganyabikorwa rihuriweho rirateganijwe hagati y'inzego nyinshi: MINICOM iteza imbere ubucuruzi harimo n'ubw'ibikomoka ku buhinzi. Uruhare rwayo rurimo no gushakira amasoko umusaruro w'ibanze w'ubuhinzi, ubushakashatsi bwo kuwutunganya mu nganda, kubaka ubushobozi bw'abuhinzi no gufasha abuhinzi kugera ku nguzanyo. MINICOM irayobora mu bijyanye na politiki n'ingamba bigamije kongera kurushanwa n'ubushobozi bw'abikorera. MININFRA yo ifite uruhare rwo kugeza amashyamba mu cyaro, kubaka no kwita ku mihanda yo mu cyaro, n'ubufahsa bwa tekini mi mirimo ijyanye n'ubuhinzi.

Kwita ku mibereho myiza y'abaturage. MINALOC ibinyujije mukigo cyayo cyongerera ubushobozi inzego z'ibanze (LODA) ishinzwe imirimo ijyanye no kwita ku mibereho myiza y'abaturage kugirango barusheho kongera ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ikirere (harimo n'imibereho y'ingo zikora ubuhinzi bw'amaramuko), by'umwihariko muri gahunda y'umurenge mu cyerekezo cy'u Rwanda 2020 (gahunda yo kuzamura imibereho myiza y'abaturage) inaha ku buryo butaziguye amafaranga n'akazi ku go zikennye cyane. Urwego rw'ubuhinzi ruzakorana bya hafi na gahunda ya VUP mu kunoza uburyo bwo gukora no kugeza ku bagenerwabikorwa gahunda z'ubuhinzi ziteza imbere imibereho myiza y'abuhinzi bafite ubushobozi bucyeye.

10.2.4 ITEGANYABIKORWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RYABYO KU RWEGO RW'AKARERE

U Rwanda rwatangiye politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi guhera mu ntangiro z'imyaka za 2000 rugamije "guteza imbere imiyoborere myiza, itangwa rya serivisi n'iterambere ry'igihugu"163. Igikoresho cy'ingenzi cyo kwimakaza iyi politiki mu buhinzi ni PSTA. Kwegereza abaturage ubushobozi n'ubuyobozi muri iki gihe biha ingufu inzego z'ibanze zo gushyira mu bikorwa politiki z'ubuhinzi zifasha abahinzi, no kubamuri rusange umuvugizi w'ibyo abaturage bakeneye no guhuza ibikorwa binyuranye bigamije kuza ibisubizo bikwiraye. Zikora rero imirimo yahoze mbere ikorwa n'amashyamba ya MINAGRI bityo imikorani y'inezego ku rwego rw'igihugu ni ingenzi.

Uturere dutegura gahunda zatwo z'iterambere (DDPs) zishingiye ku muringo rusange n'ingengabihe by'igenamigambi rusange ry'igihugu (urugero PSTA mu buhinzi). Mu gukora ibi, uturere tugira uruhare runini mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'ubuhinzi. Kui ubu, MINAGRI yumvikana n'uturere ku bipimo bigomba kugerwaho muri gahunda zatwo z'iterambere, ariko ingufu nyinshi zakagombye gushyirwa mu gushyiraho ingamba zigaragara z'uburyo bizashyirwa mu bikorwa mu gutegura ishyirwa mu bikorwa rya PSTA. Ibi bisaba ko MINAGRI yongera ikareba neza uburyo igabana n'uturere uruhare n'inshingano mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA n'izindi politiki z'ubuhinzi mu rwego rwo guha rugari uturere. Urugero nk'uruhare rwo gushyira mu bikorwa gahunda zo kuhira imyaka, gukora amaterasi y'indinganire n'iyamamazabuhinzi bigikorwa ahanini na minisiterye cyangwa ibigo biyishamikiyeho. Ibi byakagombye kuvugururwa mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4.

Mu rwego rw'ubufatanye n'inezego zo hasi nk'uko bisabwa na politiki y'igihugu y'ubuhinzi, MINAGRI n'ibigo biyishamikiyeho bigomba guha uruhare rugaragara uturere mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibyataganijwe, naho zo zikibanda cyane ku buhuzabikorwa, kubukurikirana no kubisuzuma aho uturere tugaragaza ubushobozi n'ubunariribonye. Kugirango uturere dushobore gukora izi nshingano zigenda ziyongera, igenamigambi rya serivisi mu nzego z'ibanze rizahategurwa inkunga (Reba no kuri 4.1.2) harimo kubongerera ubushobozi, gukurikirana ibikorwa, n'uruhare mu gucunga umutungo. Uturere tuzarushaho kwinjizwa mu bijyaye na za kontaro no gutanga amasoko no gucunga umutungo aho bishoboka. Ibikubiye mu iteganyabikorwa rya serivisi z'inezego z'ibanze bizajya bishyirwa mu masezerano y'iteganyabikorwa rihuriweho mu bufatanye bwa hafi n'inezego bireba. Iteganyabikorwa kandi rizajya rigaragaza n'ibikorwa byo kubaka ubushobozi harimo no guha agahimbazamushyi (ibihembo mu kwesa imihigo, guhemba umukozi w'indashyikirwa wa buri mwaka) no gukomeza kubaka ubunyamwuga.

Imbonerahamwe 43: Uburyo bw'ifatwa ry'ibyemezo ku ishoramari rya Leta cg ry'abikorera

	Nta nyungu ku gishoro	Hari inyungu ku gishoro
Hari inyungu ku gishoro	1. Abikorera bashobora gushora imari bakunguka, ariko si byiza urebye imibereho myiza y'abaturage yagabanya yabangamira izo nyungu. Iri shoramari risaba amabwiriza yihariye.	2. Leta n'abikorera bashobora gushoramari imari .
Nta nyungu ku gishoro	3. Ari Leta ari n'abikorera nta n'umwe washoramari imari ye.	4. Umushinga wakorwa ku nyungu z'abaturage, ariko ntuzakorwa n'abikorera kubera nta nyungu ifatika. Leta ishobora gushora imari yonyine, ifatanije n'abikorera cyangwa ikabanyiriza abikorera ibiciro.

10.2.5 URUHARE RW'URWEGO RW'ABIKORERA N'ISHYIRWA MU BIKORWA

Ikindi kandi Inzego za Leta n'uturere, Urwego rw'abikorera harimo n'amashyirahamwe y'abahinzi bagira uruhare mu ishyirwamubikorwa rya PSTA 4. Urwego rw'abikorera ruzafashwa runashshikarizwe gutanga inyongeramusaruro, serivisi z'iyamamazabuhinzi, serivisi z'imari164. Uretse kureshya abikorera, leta izagirana ubufatanye nabo. Ubwo bufatanye ni ingenzi aho:

1) Urwego rw'abikorera rutari gushora imari kubera ibyago byinshi bishoboka kuvuka cyangwa ibiciri biri hejuru cyane. Leta yafataye n'abikorera mu gushora imari cg igatanga ubundi bufasha mu gutinyura abashoramari

bikorera. Mbere yo gushora imari mu mishanga itanga ikizere ku rwunguko n'iterambere ry'ubukungu, leta izajya ibanza gushaka uburyo yazanamo abikorera cg bagafatanyaga gushora imari muri icyo mishanga.

2) Umushinga urifuzwa mu baturage, ariko nta nyungu wazanira abikorera ku giti cyabo, ariko urwego rw'abikorera rwashobora gutanga amafaranga cyangwa ubushobozi bwa tekini kugirango umushinga ukorwe. Ubu bwoko bw'imishinga burasabako haba ubufatanye bwitwa (BOT) aho leta yubaka ubushobozi, igashyira mu bikorwa nyuma ikegurira abikorera umushinga. Ubu buryo buryo ni ubugamije gutinyura abikorera nko mu bikorwa remezo, gutunganya ubutaka no kuhira imyaka.

Uburyo uwbo ari bwo bwose buzahitwamo nyuma y'isesengura ryimbitse ry'umushinga mu bijyanye n'imari n'ubukungu. Mu mushinga uwo ari wose w'umuntu ku giti cyo, mu gufata icyemezo ko leta yatanga ubufasha bw'amafaranga hazajya hashingirwa ku isesengura ry'igishoro n'inyungu hanagendewe ku imbonerahamwe ya 43 yerekanywe haruguru. Ishoramari rya leta rizibanda ku mishanga yo mu kazu ka kane, ni ukuvuga imishinga itagaragaza urwunguko mu mafaranga ariko ifite akamaro mu bukungu (myiza ku baturage) ititabirwa cyane n'abikorera ku giti cyabo. Imishinga yo mu kazu ka kabiri, igaragaza urwunguko kandi yifuzwa n'abaturage izaharirwa abikorera ku giti cyabo igihe bahari naho leta izayishoramari imari gusa mu gihe abikorera bataritegura. Imisoro ikomoka kuri ubu bwoko bw'imishinga izajya yunganira imishinga yo mu kazu ka kane. Imishinga itazana inyungu y'ubukungu (itifuzwa n'abaturage) ari leta ari n'abikorera ntibazayishoramari imari (akazu ka gatatu) cyangwa izajya ibanza ikorerwe amabwiriza yihariye (akazu ka mbere).

10.3. IBIKORWA BYO GUTANGIRA

Hagenwe ibikorwa by'intangiriro bizakorwa biganisha mu ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 cyangwa mu bihe bya mbere by'intangiriro rya PSTA 4. Ibikorwa bitatu byerekeye igenamari, gukurikirana no gusuzuma, ndetse n'inyigo.

10.3.1 INGENGO Y'IMARI

Kugira ngo PSTA 4 ishyirwe mu ngiro, igenamigambi rijyanye no gushora imari rigomba gukorwa rigendeye ku myiteguro myiza y'igenamari kugira ngo PSTA 4 ishyirwe mu bikorwa:

- Gushyira igenamigambi ry'ishoramari muri Gahunda y'Igihugu y'imyaka 3 na Gahunda y'Igihugu ya buri mwaka hagendewe kuri Gahunda y'Igihugu ya MINECOFIN yerekana
- Ibigenewe buri karere muri buri Gahunda y'Igihugu hakurikijwe ibyo akarere gashoboye ndetse n'ibyo gashobora gukora kurusha ibindi.
- Gukora ibishoboka byose kugira ngo hahanywe neza ko ibikorwa bya buri mwaka bya PSTA 4 bishyirwa mu byerekana ko wesheje imihigo.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana umusaruro hashingiwe ku igenamari biherekejwe n'umusaruro werekana igishoro kuko ubuhinzi bwashingiye cyane ku nkunga z'amahanga,
- Hagamijwe gushyiraho igenamigambi ry'igihe kirambye kugira ngo ingengo y'imari ijya mu buhinzi ijye iva imbere mu gihugu.
- Kugira ngo bahuzwe uburyo bw'imari bukoreshwa hagati ya leta n'abafatanyabikorwa bayo mu iterambere kugira ngo ingengo y'imari yagenwe ishyirwe mu bikorwa.

10.3.2 INYIGO

PSTA 4 igamije gushyira mu bikorwa SDG, amasezerano y'intego za Malabo, n'intego za NST. Ku ntego zimwe muri zo habura umurongo ngenderwaho bigatuma nta buryo bwo gushyiraho intego. Ni muri urwo rwego inyigo z'ingenzi zizakorwa mu ntangiriro kugira ngo hashyirweho umurongo ngenderwaho hitegurwa ishyirwa mu bikorwa. Muri PSTA 3 urwego ntabwo rwari rufite abashoramari b'urwego rw'abikorera bahagije.

Urutonde rukurikira ntiruhagije rwerekana ingero z'ahakenewe inyigo mu buryo bwihutirwa:

- Igenamigambi ry'ibikorwa bizakora mu guhitamo intonde z'uruhererekanane nyongeramusaruro n'ibihingwa ngengabukungu by'ingenzi bigamije kujya ku isoko, kubaka uburyo bwo kubungabunga ibiribwa,

- Gukangurira urwego rw'abikorera no gushyiraho ibireshya ba rwiyemezamirimo, guhigira agace runaka cyangwa igice cy'abantu bafite igikorwa runaka, guteganyiriza agace runaka kugaha ubufasha.
- Kwitegura guhangana n'ibibazo runaka (imirire, inyungu ziva mu buhinzi, n'ibindi.)
- Kwiga ndetse no gutunganya Gahunda y'Igihugu yo gukoresha ikoranabuhanga ry'amakarita mu gutanga inyongeramusaruro
- Kwandika abahinzi, kwandika amatungo,
- ALIS 1
- ALIS 2
- Igishushanyo mbonera cyo kuvomerera
- Igenamigambi ry'ikoreshwa ry'ubutaka
- Gushyira mu igazeti ubutaka bwagenewe ubuhinzi

10.4 IGENAMIGAMBI RYEREKEYE GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA IBIKORWA

Gukurikirana ni igikorwa gikomeza kuko ni ho abafatanyabikorwa ba PSTA 4 babonera amakuru yerekana urugero rugezweho mu kugera ku ntego zashyizweho. Gusuzuma bigamije kumenya uruhare rwa PSTA 4. Gukurikirana no gusuzuma byombi bigamije gufasha mu gushyira mu ngiro PSTA 4 kandi bigafasha no mu isubirwamo n'ivugururwa ryayo.

PSTA 4 itangariza urwego rw'iterambere uburyo bwumvikana kandi bwakurikiranywe aribwo buba bushingiye ku bihamya bugashyirwa mu bikorwa n'ibigo bitandukanye ibya Leta n'ibitari ibya Leta bagendeye ku birango byemejwe biranga intambwe igezweho bishingiye ku murongo ngenderwaho. Kugira ngo bigerweho hazakenerwa ubufatanye hagati y'abafite uruhare mu buhinzi kimwe no guhuza uburyo bwo gukusanya no gukoresha amakuru.

PSTA 4 izongera ubushobozi mu gukurikirana no gusuzuma mu nkingi ya 4, cyane cyane hatezwa imbere uburyo bwo gushyiraho gahunda z'Igihugu zishingiye ku bihamya (Reba 4.2.1), guteza imbere uburyo bwo gukurikirana, gusuzuma no kwiga (Reba 4.5.1), kuvugurura no kwongera ubushobozi n'uburyo bwo guhanahana amakuru y'ubuhinzi (reba 4.5.2).

Igihe PSTA 4 izaba igiye gushyirwa mu bikorwa, Gahunda y'Igihugu nshya yumvikana yo gukurikirana no gusuzuma izaba yaragenwe ishingiyeye ku miterere ya PSTA 4. Aho umurongo ngenderwaho uzabura inyigo zizakorwa kugira ngo hazibwe icyuho.

10.4.1 GUKURIKIRANA IBIPIMO

Ibiranga umusaruro bizakurikiranwa hakoreshejwe uburyo bwa MINAGRI kuko ni yo ifatwa nk'isoko ikomeye y'ubugenzuzi. Indi mibare y'ingenzi itangwa na NSIR, harimo ubushakashatsi bw'ibihembwe by'ubuhinzi n'ubushakashatsi bwagutse bwerekana imibereho y'ingo (EIVC). MINECOFIN itanga imibare yagutse y'ingenzi.

Gahunda z'Igihugu zerekana ibigamijwe no gukurikirana zarangije gukorwa mu igihe PSTA yubakwaga ariko bikenewe gukorwaho n'ibi bikurikira:

- Ni iby'ingenzi gushyiraho ibipimo bishya no kugena imiterere y'ibisobanuro byabyo n'amategeko yo kubara niba ibyo birango byaragezweho.
 - Ikigero cyo kunguka ku buhinzi nyongeragaciro hagendewe ku gipimo cy'amadorari y'amanyamerika kuri hegitari y'ubuhinzi bw'ubutaka budatuwe
 - Urusobe rw'ibiribwa byera ku mirima (umugereka wa Shannon)
 - ikigereranyo cy'amafi ahari mazima mu buryo burambye.
 - Ijanisha ry'ibiribwa byakoreshejwe muri Gahunda y'Igihugu yo kugaburira abana ku mashuri byaguriwe hafi n'ibyasaruwe mu turima tw'ishuri.
- Gukora ubushakashatsi bufite umurongo ngenderwaho.
- Gushyiraho uburyo bwo kunonosora amakuru no gukora ubugenzuzi bukenewe no gutanga amakuru akenewe.

Kurema igenamigambo rirambuye ryo gukurikirana no kugenzura ndetse no kongerera ingufu ikurikirana n'igenzura.

10.4.2 IMITERERE YO GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA

Imiterere y'ikurikirana n'isuzuma muri PSTA 4 rifite intego zo gukora gahunda y'Igihugu y'impinduka no kugaragaza imisaruro yo ku rwego rwo hasi ndetse ikanagaragaza ibyakorwa. Kugira ngo bikorwe, Gahunda y'Igihugu ya PSTA 4 ijyanye no gukurikirana ndetse no kugenzura yerekana uburyo bubiri gukurikirana bizakorwamo:

- Gahunda y'Igihugu yerekana umusaruro n'uko uzagerwaho yibanda ku misaruro yibanze n'ibirango bijyanye n'impinduka.
- Gahunda y'Igihugu y'imikorere yerekana inzego z'ibanze z'umusaruro n'ibirango yibanda ku bikorwa bifitanye isano ndetse n'igishoro bizatwara.


Gahunda y'Igihugu yerekana uko umusaruro uzagerwaho byerekana impinduka n'iyerekana ibikorwa ziruzuzanya mu gushakisha ibikorwa bizakorwa n' ibizakoresha. Gahunda y'Igihugu yerekana uko umusaruro uzagerwaho. Gahunda y'Igihugu yerekana yerekana igenamigambi ry'uko ibintu byose bizakorwa by'urwego rw'ubuhinzi rwose (atari umushinga cyangwa Gahunda y'Igihugu). Ibizagerwaho (byungirije) bya Gahunda y'Igihugu y'ibikorwa bifitanye isano n'umusaruro (ibigamijwe) byo ku rwego rwo hejuru ikanakora nk'urufatiro rwo gukurikirana Gahunda y'Igihugu/umushinga.

Gahunda y'Igihugu yerekana uko umusaruro uzagerwaho n'uko bizakorwa yubatswe hagamijwe kwerekana ibirango bigaragaza ubushake n'umuhati by'urwego rw'ubuhinzi kuri gahunda z'ibihugu z'isi yose, umugabane, ndetse n'iz'igihugu cyane cyane SDGs, Malabo na NST. Imbaraga zashyizwemo kugira ngo ibirango bigerweho nk'uko byateganyijwe no kwirinda ko byagerwaho muri huti huti mu rwego rw'ubuhinzi. Muri Gahunda y'Igihugu yerekana uko ibintu bizakorwa ahazagirwa ingaruka haratoranijwe hagendewe ku hibandwaho n'impinduka 4 za CAADP: i) kwongera uruhare mu kurema ubukungu, ii) amahirwe mu by'ubukungu no gutera imbere- guhanga imirimo no kurandura ubukene, iii) guteza imbere kwihaza mu biribwa n'imirire, no iv) guhangana n'ibibazo no kuramba. Ibiranga ingaruka bikoreshwa bijyanye cyane kandi bigendera ku bushake no kwiyemeza ikintu.

Ibiranga umusaruro byatoranyijwe kugira ngo bipime impinduka zaturutse ku musaruro nk'uko byari biteganyijwe.

Kwirinda ingaruka zitewe n'uko umusaruro (ubanziriza) (mu by'ukuri imisaruro itandukanye izafatanye kugira ngo ibirangamusaruro bigerweho) ibikorwa by'umusaruro (ubanziriza) n'ibirango bigaragazwa muri Gahunda y'Igihugu y'ibikorwa. Ibirango n'itego bihuye cyane n'ibikorwa bizashorwamo muri Gahunda y'Igihugu y'ishoramari rya PSTA 4. Muri Gahunda y'Igihugu yerekana ibikorwa n'iyerekana uko bizakorwa, ibiranga intego bigenda byiyongera keretse aho byagaragajwe. Intego zimwe zigaragazwa na "0" nk'umurongo ngenderwaho, bagendeye ku bisubizo by'ibikorwa byabanjirije bitakozwe bigomba gukorwa muri PSTA 4 cyangwa ibisubizo bishingiye ku ishyirwa mu bikorwa muri PSTA 4 (Urugero: umubare w'abahinzi bahuguwe). Ku birango bimwe, umurongo ngenderwaho n'ibigamijwe bikenewe kubanza kujyaho cyangwa se bitunganywe neza, ibi bizibandwaho mu igihe cy'itangira.

Ishusho ya 2: Urwego rw'ukurikirana n'isuzuma bikorwa



10.4.3 AKAMARO N'INSHINGANO ZEREKEYE GUKURIKIRANA NO KUGENZURA

Inshingano zose zerekeye gukurikirana no kugenzura bya PSTA 4 ni ibya MINAGRI ni nayo ishinze gukurikira ishira mu bikorwa ryayo. Muri Minisiteri, ubuyobozi bushinze igenamigambi muri MINAGRI ni bwo bufite inshingano z'ibanze zo gukurikirana no kugenzura buzafatanyaga kandi n'ubundi buyobozi bwa MINAGRI, NISR n'izindi Minisiteri zifite aho zihuriye. Uturere dufite uruhare mu gukurikirana no kugenzura no gutanga ibikenewe kugira ngo habe ikurikirana no kugenzura bikomeze.

Hagendewe ku bunini bw'amakuru aturutse impande zitandukanye no mu bafatanyabikorwa bashyira mu bikorwa. Ni byiza ko inshingano zijya ku murongo hakamenyekana abashinze gukusanya amakuru n'uburyo bwo kuyamenyekanisha hagendewe ku miterere y'ishyirwamubikorwa. Ku rwego rwa buri musaruro, abayobozi b'umusaruro (reba 8.2.1) ni bo bashinze gukusanya amakuru agashyikirizwa urwego rw'ibiranga umusaruro. Imiterere ya Gahunda y'Igihugu y'ibikorwa bya PSTA 4 iteye nk'uru rwego rwerekana inshingano. MINAGRI izegeranya amakuru y'imisaruro iyashyikirize abashinze, ibiranga ingaruka no kureba niba icyari kigamijwe cyaragezweho. ASGW ni bo bazakurikirana ndetse bashyireho n'ibigomba gukorwa binyujijwe muri JSR. Amatsinda y'abakozi b'urwego bashobora gufasha izindi nzego mu gukusanya amakuru aho bibaye ngombwa.

10.4.4 GUTANGA RAPORO

Gutanga raporo ni ikintu cy'ingenzi cyane mu gukurikirana no kugenzura. MINAGRI ni yo ishinze gutanga raporo ijyanye na gahunda z'Igihugu z'imikorere ifashijwe n'abayobozi bashinze umusaruro ndetse n'abashyira mu bikorwa. Igihe cyo gutanga raporo kuri Gahunda y'Igihugu y'imikorere kizagenwa mu buryo izakoreshwa ikurikiye cyangwa ibanjirije inama ya JSR.

Kwiyemeza gutanga raporo	Ubishinzwe	Inshuro
Ingaruka	Ubuyobozi bwa MINAGRI bushinzwe igenamigambi bufatanyije na MINECOFIN	Imyaka 3 n'imyaka 6
Umusaruro n'ibyavuye mu mikorere	Umusaruro uvuye mu bayobozi (Ubuyobozi bwa MINAGRI, RAB, NAEB)	Buri mwaka
Umusaruro uva ku bikorwa	Umusaruro uvuye mu bayobozi babifashijwemo n'abashyira mu bikorwa.	Kabiri mu mwaka

Icyongeyeho MINAGRI izatunganya raporo ya nyuma uko ibikorwa byakozwe ugereranyije na Gahunda y'Igihugu y'imikorere. Igenzura riturutse hanze rizakorwamo hagati h'igihe PSTA izamara aho umugenzuzi uturutse hanze azazamo.

Uretse gutanga raporo kuri PSTA 4, MINAGRI niyo izatanga raporo ku ntego z'iterambere zijyanye n'ubuhinzi ndetse no kubisubiramo kabiri mu mwaka muri Malabo. Ku rwego rw'Igihugu, MINAGRI iha raporo MINECOFIN ku byo yagezeho igendeye ku ntego za NST.

10.5 GUSUZUMA INGARUKA MBI ZISHOBOKA

Iyi mbonerahamwe ikurikira irekana ingaruka mbi zishoboka zijyanye n'ishyirwa mu bikorwa rya PSTA 4 ndetse n'ibipimo bibyerekana.

Ingaruka mbi z'ingezi zishoboka	Urugero rw'ingaruka mbi	Ibikorwa byo guhagana nabyo
Ishoramari ry'urwego rwigenga ntirihagije	Ruringaniye	Inkingi ya 3 n'ya 4 byibanda ku kureshya urwego rw'abikorera gushora imari ndetse no gutanga serivisi. Ibikorwa n'ibipimo byatanze harimo: kworohereza no gushyiraho gahunda y'Igihugu nziza, kongera imikoranire no kubona amakuru, ibigo bya Leta ndetse no kworoherezwa. Gahunda z'Igihugu zo gukurikirana no kugenzura mu gihe runaka uko urwego rw'abikorera rushora imari ndetse rukanatanga serivisi.
Kurwanira ubutaka hagati y'ubuhinzi, kwaguka k'umujyi no gushyiraho ahantu harinzwe	Ruringaniye	Uburyo bwo gukurikirana ubutaka igomba kujyaho ikagena uduce twagenewe ubuhinzi. Imikoranire y'inzezo ituma habaho gukoresha ndetse no kubungabunga ubutaka cyane cyane mu bice bitaratera imbere cyane.
Ibiza bigira ingaruka ku musaruro	Ruringaniye	Inkingo ya 2 iteganya uburyo bwo guhangana no kugendera ku mihindagurikire y'ikirere ndetse no gushyiraho uburyo burambye bwo kurinda abahinzi ibiza.
Inkunga zibaye nkeya	Hasi	Aho inkunga zituruka hateganyijwe ko zizaboneka ariko nanone hari imbogamizi. Urwego rw'abikorera hateganyijwe ko ruzongera igishoro ndetse n'amafaranga ava imbere mu gihugu akiyongera.

Ingaruka mbi z'ingezi	Urugero w'ingaruka mbi	Ibikorwa byo guhangana nabyo
Ubushobozi bw'akarere bwo gushyira mu bikorwa	Hasi	PTSA 4 yashyizeho igenamigambi ryo gukoresha ubushobozi ku rwego rw'ibanze mu rwego rwo gutegura uturere no kwagura imikorere yatwo mu gushyira mu bikorwa imirimo yerekeye ubuhinzi, nk'uko PSTA 3 yagezweho neza ari uko uturere twongerewe ubushobozi mu miyoborere yatwo
Ibikorwa by'ingenzi bidashyirirwa mu bikorwa rimwe	Hasi	Kugirana isano ry'ibikorwa by'ingenzi nk'ibigo bihinduka n'uburyo bwo gukora ubucuruzi buhinduka no kwagura uruhererekane nyongeramusaruro rwakwifashishwa mu gushyira mu bikorwa no guhitamo igikwiye
Kuva mu kazi kw'abakozi	Ruringaniye	Abakozi bashobora guterwa imbaraga no kubashyiriraho uburyo bishimiye bwo gukoramo ndetse n'inyungu ziva mu kazi bakoze neza bagashimwa n'urwego rwisumbuye, kwitekerereza, guhamba umuntu witwaye neza na Gahunda y'Igihugu yo guteza imbere umwuga. Gufasha umukozi kugabanya amafaranga akoresha (amafaranga akoresha na we bwite) ibi bikorwa mu rwego rwo kugira abakozi beza

UMUGEREKA 1: IMBONERAHAMWE Y'IBIZAGERWAHO

URWEGO RW'IMPINDUKA

Urwego rw'impinduka nirwo ruri hejuru y'izindi mu bipimo by'ibizagerwaho, kandi bihurizwa hamwe hakurikijwe Ibyemezo bya Malabo by'Abakuru b'Ibihugu b'Afurika, hakanitabwaho Gahunda y'Igihugu y'Iterambere Ryihuse (NST) n'intumbero ya EAC mu mwaka wa 2050. Ibizagerwaho kuri uru rwego ntibishobora kwitirirwa nyirizina ibikorwa, umusaruro w'igihe cya vuba n'uw'igihe kirekire by'urwego rw'ubuhinzi, n'ubwo uru rwego rw'ubuhinzi rubigiramo uruhare rukomeye.

Ibipimo biteganijwe by'urwego rw'impinduka

No	Igipimwa	Igipimo	Ikizagerwaho (2016/17)	Ikizagerwaho 2018/19	Ikizagerwaho 2019/20	Ikizagerwaho 2020/21	Ikizagerwaho 2021/22	Ikizagerwaho 2022/23	Ikizagerwaho 2023/24	Ikizagerwaho	Ikizabyerekana	Icyitonderwa
urwego rw'impinduka												
Uruhare mu bukungu												
NST: 39	A1	Ijanisha ry'inyongera y'umusaruro ku ngano y'umusaruro n'ibiciro bidahinduka byo muri 2014	Ijanisha ry'inyongera	Bizabarwaha bahereye kuri SAS 2017	10%	10%	10%	10%	10%	10%	Anketi isesengura Ibihembwe by'Ihinga	Abahinzi bashyira mu bikorwa ibyangombwa bituma beza ibiribwa kandi n'imiterere y'ubukungu muri rusange izaba myiza
	A2	Agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga: USD Miliyoni 356 (Miliyoni USD)	USD Miliyoni	378	403	432	461	501	537	RRA/BNR	Imibare itangwanye na BNR	Ibiciro ku masoko mpuzamahanga ntibizahinduka cyane
Amahirwe mu bukungu yiyongereye												
CAADP: 4.1ii	B1	Ingo zo mu cyaro ziba munsu y'umuringo w'ubukene (abagabo n'abagore)	Ijanisha	43.3% (Rural HH in EICV, IFPRI)	39.0% (from CGE model)	34.7%	30.3%	25.9%	21.6%	17.0% (from CGE model)	EICV. Imibare fatizo ya IFPRI SAM ishingiyeye kuri EICV.	Bizaterwa n'umusaruro w'ubuhinzi uzaba wariyongereye cyane

No	Igipimwa	Igipimo	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizagerwaho	Ikizabyerekana	Icyitonderwa
			(2016/17)	2018/19	2019/20	2020/21	2021/22	2022/23	2023/24			
B2	Umubare w'imirimo yerekeranye n'ubuhinzi ugereranije n'uko biri ubu (abagabo n'abagore)	Umubare	Bizabarwaha hagende we kuri anketi itaha ku murimo mu Rwanda	60,000 (from CGE model)	120,000	180,000	240,000	300,000	360,000 (from CGE model)	Anketi murimo izerekana n'imirimo y'abatanga serivisi n'inyongeramusaruro, abacuruzi n'inganda	Bizaterwa no kwiyongera k'umusaruro n'iterambere ry'uruhererekane nyongeragaciro	
SDG 2.3.2 CAADP: 3.2.i; SDG: 2.3.1	B3 Impuzandengo y'amafaranga yinjizwa n'umuhinzi muto (abagabo n'abagore)	Ubwiyongere bw'amafaranga yinjira ku mwaka ku bahinzi bato (Frw)	3.7% (from CGE model)	3.7% (from CGE model)	3.7%	3.7%	3.7%	3.7%	3.7% (from CGE model)	EICV izerekana ubukungu bw'ingo	Bizaterwa no kwiyongera k'ubumenyi mu buhinzi buzatuma umusaruro wiyongera n'uruhererekane nyongeragaciro	
Kwihaza mu biribwa n'imirire myiza												
SDG 2.2.2	C1 Ijanisha ry'ingo zitihaza mu biribwa	Ijanisha	20%	19%	18%	16%	14%	12%	10%	Imibare itangwanye na CARI muri CFSVA	Amafaranga yinjira mu ngo yariyongereye, ibiciro by'ibiribwa byaraganutse, ingamba z'ubudahangwarwa ku ibura ry'ibiribwa zarafashwe	
	C2 kcal zibineka ku muntu	kcal zibineka ku muntu	1,934	2,180	2,340	2,525	2,764	2,919	3,094	SAS, Iteganya ry'ubwiyongere bw'abaturage	Umusaruro w'ubuhinzi wabaye mwiza	
Kongerera ubudahangwarwa												
NST: cc1; CAADP 6.1; SDG 2.4.1	D1 Ingano y'ubutaka bubungabunzwe neza ku buryo burambye	Ijanisha	56%	60%	64%	68%	73%	78%	83%	Kubungabunga ubutaka noz'ubuhinzi kuhira imyaka	Ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere zaragabanijwe	

URWEGO RW'IBIZAGERWAHO MU GIHE CYA VUBA N'IGIHE KIREKIRE

